


Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu
mu mashuri nderabarezi





Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu

mu mashuri nderabarezi

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda,
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu
Rwanda (REB).

Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha lyigayigisha ry'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi (TTCs). Cyanditswe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo gikubiyemo imbenezamasomo ziha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye. Kizafasha umwarimu uzagikoresha gutegura no kwigisha amasomo y'lyigayigisha ry'Ikinyarwanda. Iyi nyoborabarezi yanditswe hagendewe ku nteganyanyigisho y'lyigayigisha ry'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri wimenyereza umuwuga wo kwigisha. Twizeye ko izunganira umwarimu mu gutegura no gutanga amasomo ye neza adahuzagurika kubera ko igaragaza intambwe yakurikiza mu isomo ku buryo bunoze.

Mu gutegura iki gitabo, impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'indimi cyanecyane ururimi rw'Ikinyarwanda zabigizemo uruhare, kugira ngo kinogere umwarimu kandi kimufashe kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri bukenewe.

Turashima abanditse, abatunganyije, abakosoye, abatanze inama n'abandi bagize uruhare mu kwandika iki gitabo. By'umwihariko, turashimira Umushinga USAID Soma Umenye uruhare ugira mu guteza imbere uburezi bufite ireme mu Rwanda.

Turasaba abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Gushimira

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugararije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiranaye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iki gitabo.

Ndashimira kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri nderabarezi, ayisumbuye na kaminuza bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kujya ahagaragara. Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

Ibimenyetso n'impine byakoreshejwe

REB: Rwanda Education Board

TTC: Teacher Training College

DDC: Dewey Decimal Classification

WWW: World Wide Web

rw: Rwanda

USAID: United States Agency for International Development

Ishakiro

INTANGIRIRO RUSANGE	xi
IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE.....	1
IGICE CYA II: URUGERO RW'UMUTEGURO W'ISOMO	8
IGICE CYA III: IBYIGWA BIRI MU MITWE	11
UMUTWE WA 1: IMIKOREHEREZE Y'INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA MU MASHURI	
ABANZA.....	11
Isuzuma risoza umutwe wa mbere.....	24
UMUTWE WA 2: IMFASHANYIGISHO ZIKENEWE MU KWIGISHA IKINYARWANDA	26
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	45
UMUTWE WA 3: INAMA, AMAHAME N'AMAHANGE BYO KWIGISHA URURIMI KAVUKIRE.....	47
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu	62
IMBUMBANYIGISHO YA KABIRI: IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE Y'IKINYARWANDA MU MASHURI	
ABANZA.....	64
UMUTWE WA 4: IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA NO KWANDIKA INYAJWI	64
Isuzuma risoza umutwe wa kane.....	88
UMUTWE WA 5: IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA NO KWANDIKA INGOMBAJWI N'IBIHEKANE.....	92
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	107
UMUTWE WA 6: IMYIGISHIRIZE Y'IMYANDIKO	110
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	131
UMUTWE WA 7: IMYIGISHIRIZE Y'ICYANDIKWA	134
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi	140
UMUTWE WA 8: IMYIGISHIRIZE Y'IKIBONEZAMVUGO	141
Isuzuma risoza umutwe wa munani	147
UMUTWE WA 9: IMYIGISHIRIZE Y'UTURINGUSHYO, IMIVUGO, AMAGORANE, IBISAKUZO N'IMIGANI	
MIGUFI.....	148
Isuzuma risoza umutwe wa kenda.....	156
UMUTWE WA 10: IMYIGISHIRIZE Y' INDIRIMBO N'IKINAMICO.....	157
Isuzuma risoza umutwe wa cumi	164
UMUTWE WA 11: IMYIGISHIRIZE Y'INYANDIKO ZITANDUKANYE	165

Isuzuma risoza umutwe wa cumi na rimwe	170
UMUTWE WA 12: IMYIGISHIRIZE Y' IKIGANIRO MPAKA N'AMASOMO YO KUNGURANA	
IBITEKEREZO	171
Isuzuma risoza umutwe wa cumi na kabiri.....	175
UMUTWE WA 13: IMYIGISHIRIZE Y'IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO.....	179
Isuzuma risoza umutwe wa cumi na gatatu	187
UMUTWE WA 14: KWITEGEREZA AMASOMO NO KWIGANA KWIGISHA.....	188
Isuzuma risoza umutwe wa cumin a kane	194
IMBUMBANYIGISHO YA GATATU: IYIMENYEREZAMWUGA	195
UMUTWE WA 15: AMASOMO MENYEREZAMWUGA KU MASHURI ABANZA.....	195
Isuzuma risoza umutwe wa cumin na gatanu.....	199
UMUTWE WA 16: AMASOMO MENYEREZAMWUGA MU MASHURI ABANZA Y'AHO ABANYESHURI	
BATURUKA	200
Isuzuma risoza umutwe wa cumin na gatandatu	203
IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE	204
IMIGEREKA.....	206

IGICE CYA I: INTANGIRIRO

I. Iriburiro

Iki gitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda kigenewe umwarimu wigisha uko bigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza. Ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohera gutegura neza abazigisha isomo ry'Ikinyarwanda muri ayo mashuri. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha cyonyine ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi mu mashuri nderabarezi, yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bitatu. Igice cya mbere kijyane n'imbenezamasomo rusange y'imyigishirize y'Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire. Igice cya kabiri, kijyanye n'imbenezamasomo ikurikizwa mu kwigisha ibyigwa binyuranye byo mu myaka inyuranye yo mu mashuri abanza, biri mu mitwe itandukanye n'igice cya gatatu kijyanye n'iyimenyerezamwuga. Muri iki gitabo kandi, buri mutwe ufite izina. Ayo mazina y'imitwe ni **Imikoreshereze y'Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza; Imfashanyigisho zikenewe mu kwigisha Ikinyarwanda; Amahame n'amahange byo kwigisha ururimi kavukire; Imyigishirize yo gusoma no kwandika; Imyigishirize yo gusoma no kwandika (Itahuramajwi n'ihuzamajwi) ; Imyigishirize yo gusoma udategwa, kumva umwandiko n'inyunguramagambo; Imyigishirize y'icyandikwa; Imyigishirize ikibonezamvugo; Imyigishirize y'uturingushyo, imivugo n'amagorane; Imyigishirize y'indirimbony'ikinamico; Imyigishirize y'inyandiko zitandukanye; Imyigishirize y'ikiganiro mpaka n'amasomo yo kungurana ibitekerezo; Imyigishirize y'ihina n'ihangamwandiko; Gukurikirana amasomo no gutanga ubujyanama ngarukirane. Umutwe wa cumi na gatanu "Amasomo y'iyimenyerezamwuga ku mashuri abanza" wigishwa mu mwaka wa kabiri naho umutwe wa cumi na gatandatu "Imenyerezamwuga mu mashuri abanza y'aho abanyeshuri baturuka", uteganyirijwe umwaka wa gatatu. Muri buri gice, kandi nyuma ya buri mutwe hakorwa, imyitoto y'ubushobozingiro bw'umunyeshuri, isuzumabushobozi ndetse n'imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi. Iri suzuma rizafasha umwarimu kumenya ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ubushobozi yari agamije kugezaho abanyeshuri barabugezeho mbere y'uko atangira undi mutwe, haba hari ibitarumvikanye neza akaba ashobora kubanza kubisubiramo cyangwa agakoresha indi myitoto irushaho kubicegeza neza.**

Buri mutwe ugiye ugabanywamo ibyigwa binyuranye. Buri kigwa kikagenerwa umubare w'amasomo bitewe n'uburerebure bw'ibyigwamo cyangwa ubwinshi bw'ibikorwa bizakorwamo. Muri iki gitabo umwarimu yateganyirijwe urugero rw'umuteguro urambuye w'isomo yakwifashisha mu gihe ategura amasomo ye. Naho amasomo uko agaragara mu mitwe, agaragaza imbenezamasomo umwarimu yakurikiza yigisha cyangwa ategura.

Muri iki gitabo harimo imyitoto inyuranye yo mu gitabo cy'umunyeshuri n'ibisubizo byayo bituma umwarimu adatakaza umwanya munini abishakisha ndetse n'indi myitoto. icyakora imyitoto iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiharaho agashaka indi akurikije ibyo abanyeshuri bakeneye n'aho ishuri rye rihereye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imbenezamasomo igaragariza umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego zihaye zagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bugenda bugerwaho. Harimo kandi ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza iyigayigisha ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza hagenewe ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu isomo. Umunyeshuri yagenewe umwanya wo gukora imyitoto n'imikoro ngiro inyuranye, imyinsi itangirira mu ishuri ikanakomeza nyuma y'amasomo abanyeshuri bari bonyine kandi bakazahabwa n'umwanya wo kumurika ibyo bakorera mu matsinda.

Uburyo bwo kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri

Ubushobozi bugenda bugerwaho buhorobuhoro hagendewe ku bikorwa binyuranye abanyeshuri bakora. Ntibishoboka ko ubushobozi bwubakwa hatari ibyifashishijwe cyangwa ibigenderwaho. Ubushobozi buruzuzanya kandi bukajyana.

Gushishikarira no gukunda isomo ni kimwe mu bigaragaza ko abanyeshuri bashobora kuzamura ubushobozi bwabo. Abanyeshuri bimenyereza umwuga wo kwigisha, bagomba guhabwa imyitoto inyuranye, ibashishikariza guhora biga no kwiyungura ubumenyi. Iyo myitoto irimo, imikoro ngiro yo gutegura amasomo no kuyigishanya n'iyi gukora no gushaka imfashanyigisho zinyuranye zifashishwa bigisha; imyitoto ijyanye n'ibibera ku mashuri bazigishamo, isukiranyabitekerezo, kungurana ibitekerezo, udukino, udukuru tunganisha ku kwikemurira ibibazo, ubushakashatsi, kumvikanisha neza amabwiriza, ubufatanye n'ibindi.

Urugero rw'uko umwarimu yazamura ubushobozi bw'abanyeshuri:

- a) Nk'igihe umwarimu yigisha isuzuma rikorwa mu mashuri abanza hanyuma agashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha impapuro z'isuzuma ryakozwe n'abanyeshuri bo mu mwaka w'amashuri abanza akababazaho ibibazo.
- b) Buri tsinda rikihitiramo umuyobozi w'itsinda n'umwanditsi wandika ibitekerezo by'abagize itsinda mu gihe bungurana ibitekerezo.
- c) Nyuma y'igihe cyagenwe, buri tsinda rikamurika ibyo ryaganiriyeho.

Muri ibi bikorwa binyuranye, hazamuwe ubushobozi burimo: ubufatanye, ubusabane, gutekereza byimbitse, ubumenyi ngiro mu miyoborere, ubushakashatsi, ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo ndetse no kwiga no guhora biyungura ubumenyi.

2. Intangiriro rusange

2.1. Imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi

Mu ivugururwa ry'integanyanyigisho zo mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye ryo mu mwaka wa 2015, u Rwanda rwazereye imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi. Ni imyigire n'imyigishirize iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini. Iyi myigire iha umunyeshuri ubumenyi bukenewe, hanyuma agahabwa umwanya wo kubushira mu bikorwa kandi agatanzwa kandi bikagira icyo bihindura mu buryo bw'imibereho n'imikorere ye n'iy'abandi ya buri muni hagamijwe kurushaho kubaho neza.

Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi, umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo hagati yabo. Abanyeshuri batanzwe gukorera mu matsinda, umwarimu akagenda abayobora atanga ubufasha aho bukenewe. Abanyeshuri bahabwa kandi umwanya wo kumurika ibyo baba bagezeho mu matsinda yabo no mu bushakashatsi baba bakoze, hanyuma bagafatanyaga n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Nta bwo rero abanyeshuri bafatwa nk'aho nta cyo bazi kandi umwarimu ntagomba kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo ahubwo yitwara nk'umufasha, umujyanama n'umuyobozi.

2.2. Ubushobozi nsanganyamasomo

Iki gitabo cy'umwarimu giteguye ku buryo ibikorwa n'imyitoto abanyeshuri bakora bibubakamo ubushobozi butandukanye.

Ibibazo byinshi babazwa bibasaba gusesengura, bakagereranya, bagatekereza byimbitse ku buryo bigenda bibaremamo ubushobozi bwo gushishoza no gushakira ibibazo ibisubizo. Ubu bushobozi kandi bugaragarira mu myanzuro y'imyitoto yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Bikabafasha rero gutekereza ku buryo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri muni.

Imyitoto yo guhanga imfashanyigisho, gushakisha ibikorwa bitandukanye byafasha nk'induhura mu gihe bigisha, biha abanyeshuri urubuga rwo guhanga no kuvugura ibyari bisanzwe bityo bikabubakamo ubushobozi bwo guhanga udushya.

Mu myitoto yo gutegura amasomo atandukanye, abanyeshuri basabwa kwifasha ibitabo bitandukanye byo mu mashuri abanza, inkoranyamagambo n'ibindi bitabo ndetse hari n'aho bakenera amakuru bahawe n'inzobere n'inararibonye ku nsanganyamatsiko bateguraho. Ibi bikorwa byose bibubakamo umuco wo gukora ubushakashatsi.

Ibikorwa bitandukanye byo mu matsinda no kumurika ibyayakorewemo, byubaka mu munyeshuri ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni byaba mu gihe baja impaka cyangwa bungurana ibitekerezo hagati yabo. Umwarimu rero agomba kubatoza kuvugira mu ruhamu no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akora nyuma y'amasomo ikamufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ni yo mpamvu iyo umwarimu yigisha agomba guhora yita ku myitoto iteza imbere ubu bushobozi nsanganyamasomo bunyuranye kugira ngo umunyeshuri azagere koko kubushobozi yifuzwaho.

2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwigira, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira.

Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye, intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko; abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake. Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho n'imfashanyigisho zigaragara, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa; mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifatanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo baja impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi akabikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo, imfashanyigisho zifashishwa n'igihe isomo rimara; agahera kandi ku buryo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa n'ibyo yiga.

2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye mu myigire yabo kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Nk'iyi hari abafite ikibazo cyo kutumva cyangwa abumva neza, umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitoto ikorwa kugira ngo bayisome kandi yasoma akarangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza nanone abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza na bo abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite byaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite ikibazo k'imbonahafi abicaza hafi naho abafite ikibazo k'imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo ku buryo batambuka nta mbogamizi.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagera agamije kubageza ku bushobozi bwo kubasha kwifasha. Umwarimu agomba kandi kubatoza gukorana na bagenzi babo kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo na bo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza kabone n'iyi baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kuzamura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yageze hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri muni bituma umunyeshuri ashira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'isomo, asuzuma ko intego z'isomo rye zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi. Iyi myitozo ikorwa nyuma yo gukora iri suzuma risoza imitwe. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho. Umwarimu kandi azaha abanyeshuri imyitozo y'ubushobozi ngiro mbere yo kubakoresha isuzuma risoza umutwe. Iyi myitozo izafasha abanyeshuri kurushaho gushyira mu bikorwa ibyo bize.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe nk'uko biba bigaragara mu nteganyanyigisho. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize. Cyakora hagenda hagaragara n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibanze mu byo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

Ni ngombwa ko umwarimu yibuka gukoresha abanyeshuri amasuzuma ajyanye n'imyitozo nyigana somo mu matsinda matomato mu mwaka wa mbere ndetse no mu mashuri bimenyererereza mu mwaka wa kabiri no mu mwaka wa gatatu.

Isuzuma kandi rishobora kuba irikomatanya mu gihe hasozwa igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro cyangwa rikaba irinze imyigire n'imyigishirize mu gihe umwarimu agamije gufata ingamba zo kunoza uburyo abanyeshuri bigamo ndetse n'ubwo akoresha yigisha.

Ibirebana n'aho isomo ribera mu gihe cyo kwigisha

Hari uburyo binyuranye umwarimu yakwifashisha kugira ngo abanyeshuri be bumve neza ibyo babwirwa. Mu gutegura gutanga isomo rero, umwarimu areba imyigire inogeye buri munyeshuri ndetse yita no kureba aho isomo ryabera hamufasha kumvikanisha ibyigwa byose. Ni muri urwo rwego isomo ry'iyigayigisha rishobora kubera hanze y'ishuri cyangwa mu ishuri imbere, rishobora kandi no kubera mu cyumba k'ikoranabuhanga bitewe n'ibikoresho bikenewe kwifashishwa. Umwarimu kandi ategura amasomo agendeye no ku mfashanyigisho zisabwa kugira ngo isomo ritangwe neza. Muri izi mfashanyigisho harimo n'ibitabo binyuranye bikoreshwa mu mashuri abanza.

Ibirebana n’imyigishirize ishishikariza umunyeshuri kugira uruhare mu myigire ye kandi bumuha uburyo bwo kugira uruhare mu isomo.

Ni uburyo buha umunyeshuri umwanya mu nini mu bikorwa by’imyigire n’imyigishirize. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi, akubaka ubushobozi bwabo buhorobuhoro.

Ni muri urwo rwego umwarimu ashishikarizwa:

- Gukoresha amatsinda kenshi, agaha abanyeshuri umwanya wo kungurana ibitekerezo kugeza igihe baboneye igisubizo,
- Guhora agaragaza ubushake bwo kuzamura ubushobozi bwa buri mu nyeshuri abaha kandi akurikirana ibikorwa mu matsinda, ibikorwa n’umunyeshuri ku giti ke mu isuzuma cyangwa mu bikorwa binyuranye.
- Agomba gutanga imikoro yumvikana kandi agasobanurira abanyeshuri neza uko igomba gukorwa
- Agashakisha uko yanyuza ubutumwa bukubiye mu byigwa mu mikino, mu ndirimbo ndetse n’ubundi buryo bwose bwatuma abanyeshuri bakunda kandi bagashishikarira ibyo biga.

Ibirebana n’uruhare rw’umunyeshuri mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi kandi ahabwa umwanya mu myigire ye bimusaba:

- Kumva, kumvira no gukurikiza amabwiriza ahabwa n’umwarimu mu bikorwa binyuranye
- Gukora imikoro ngiro inyuranye
- Gutanga ibitekerezo biganisha ku bushobozi bwifuzwa muri buri kigwa
- Kugaragaza ubushake bwo gufatanya n’abandi
- Gukora ubushakashatsi ku byo yiga
- Kubahiriza igihe mu bikorwa binyuranye ahabwa n’umwarimu byaba ibyo mu matsinda cyangwa ibya buri wese ku giti ke.

Ibice by’ingenzi mu gutanga isomo

Ibyavuzwe mu ngingo zavuzweho haruguru, byose biganisha ku mitegurire n’imyigishirize y’isomo ry’iyigayigisha rinoze. Nk’uko bisanzwe, isomo rigira ibice bitatu by’ibanze. Buri gice kandi gishobora kubonekamo intambwe zinyuranye.

1. Intangiriro

Mu ntangiriro, atangira areba ko abanyeshuri bakoze umukoro, hanyuma agakomeza ahuza isomo rishya n’isomo riheruka kwigwa. Muri iki gice kandi, umwarimu afungura ikiganiro mu banyeshuri abashishikariza gutekereza ku isomo ryizwe kugira ngo barihuze n’irishya. Ashobora gukoresha uburyo byo kubaza ibibazo ku byo bibuka baheruka kwiga bikitwa isubiramo. Iki gice ni umusingi w’ubumenyi bushya abanyeshuri bagiye kunguka.

2. Isomo nyirizina/isomo rishya

Muri iki gice, umwarimu afasha abanyeshuri kwivumburira icyo bagiye kwiga. Umwarimu atanga ibikorwa bikorerwa mu matsinda cyagwa buri wese ku giti ke, agasobanura amabwiriza neza ku buryo bwumvikana kugira ngo ayobore abanyeshuri mu kugera ku nshoza y’ibyigwa cyangwa se bakabonera igisubizo ikibazo cyabajijwe. Abanyeshuri batangira ibiganiro biganisha ku gisubizo ari na ko umwarimu agenda agenzura ibyo bakora. Iyo bamaze kungurana ibitekerezo, umwarimu akomeza ayobora abanyeshuri mu gusobanukirwa neza iby’ingenzi bikwiye kwitabwaho. Iyo abanyeshuri bamaze kumva neza ibyitabwaho ndetse n’amabwiriza, akomeza aha abanyeshuri imyitozo itsindagira ubumenyi ku banyeshuri. Iyo myitozo kandi igenda igaruka no ku gukemura ibibazo by’ubuzima busanzwe bigendanye n’insanganyamatsiko y’inyigisho.

3. Umwitozo

Muri iki gice, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo binyuranye bibafasha kwiyibutsa iby'ingenzi bikubiye mu isomo bamaze kwiga bikitwa ikomatanya, hanyuma akababaza ibindi bibazo bimufasha gusuzuma ko intego ngenamukoro z'isomo zagezweho ari byo byitwa isuzuma. Muri iki gice buri munyeshuri agaragaza ubushobozi yagezeho muri iryo somo hagendewe ku bikorwa yahawe. Ibivuye muri iri suzuma, bifasha umwarimu kumenya uko azategura isomo rizakurikiraho ndetse agafata n'ingamba ahereye ku bivuye mu isuzuma. Umwarimu arangiza atanga umukoro ufasha kurushaho gucengeza ibyizwe cyangwa se utegurira inyigisho izakurikiraho.

IMBONERAHAMWE Y'IMITWE N'IGIHE YIGISHWA

Umwaka wa mbere

Umutwe	Izina ry'umutwe	Umubare w'amasomo
1	Imikoreshereze y'Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza	4
2	Imfashanyigisho zikenewe mu kwigisha Ikinyarwanda	9
3	Amahame n'amahange yo kwigisha ururimi kavukire	5
4	Imyigishirize yo gusoma no kwandika	4
5	Imyigishirize yo gusoma no kwandika (itahuramajwi n'ihuzamajwi)	8
6	Imyigishirize yo kumyandiko n'inyunguramagambo.	8
7	Imyigishirize y'icyandikwa	4
8	Imyigishirize ikibonezamvugo	4
9	Imyigishirize y'uturingushyo, imivugo n'amagorane.	5
10	Imyigishirize y'indirimbony'ikinamico	5
11	Imyigishirize y'inyandiko zitandukanye	4
12	Imyigishirize y'ikiganiro mpaka n'amasomo yo kungurana ibitekerezo	4
13	Imyigishirize y'ihina n'ihangamwandiko	5
14	Gukurikirana amasomo no gutanga ubujyanama ngarukirane	3
Amasomo yose		72

Umwaka wa kabiri

Umutwe	Izina ry'umutwe	Umubare w'amasomo
15	Amasomo menyerezamwuga ku mashuri abanza	72

Umwaka wa gatatu

Umutwe	Izina ry'umutwe	Umubare w'amasomo
16	Amasomo menyerezamwuga mu mashuri abanza y'aho abanyeshuri baturuka	72

Isomo ry'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda rizigishwa amasaha abiri mu cyumweru. Ni ngombwa kwita ku gihe gi-koreshwa no gushishikariza abanyeshuri gukoresha igihe neza kugira ngo ibyigwa byose biteganyijwe birangire. Bityo umunyeshuri abone ubumenyi buhagije bwo kujya kwimenyereza kwigisha mu mashuri abanza.

Mu mwaka wa kabiri, umunyeshuri azimenyereza kwigisha umwaka wose bikazajya bikorwa amasaha ane mu cyumweru ariko yimenyereza Ikinyarwanda, icyongereza n'igifaransa. Ibi ariko ntibikuraho ko umwarimu akomeza gukurikirana iterambere ry'umunyeshuri mu kwimenyereza umuga afatanyije n'amabrimu bo mu mashuri abanza umunyeshuri yimenyerezaho.

Mu mwaka wa gatatu naho umunyeshuri ateganyirijwe igihe k'igihembwe cyose cyo gukora iyimenyerezamwuga ku buryo burambuye yuzuzwa ibidanago byose bisabwa umwarimu kandi akorera mu mashuri y'aho aturuka. Ariko no mu bindi bihembwe azaba ari ku ishuri azakomeza kwujya kwigisha mu mashuri abanza buri cyumweru. By'umwihariko akaba agomba gutegura no kwigisha isomo ryanyuma rigaragaza ubushobozi asohokanye mu mashuri nderabarezi.

IV. Imikoreshereze y'ibindi bitabo bijyana n'iki gitabo cy'umwarimu

1. Igitabo cy'umunyeshuri

Igitabo cy'umunyeshuri kirimo ibikorwa binyuranye byo gukora ubushakashatsi bagatahura ibyo bagiye kwiga, gusesengura imbenezamasomo y'ibyigwa by'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, gutegura no kwigisha amasomo anyuranye mu matsinda mato cyangwa amagari, kwitegereza amasomo anyuranye no kwigana kuyigisha. Kirimo kandi imyitoto inyuranye y'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri, imufasha gucengerwa no gushyira mu bikorwa ibyo yize byose.

Ku mpera ya buri mutwe ukigize, hari imyitoto y'isuzuma risoza umutwe ifasha abanyeshuri kongera kwiyungura no gukomatanya ubumenyi n'ubushobozi bwo gusoma no kwandika yungukiye mu masomo agize umutwe wose. Ni ngombwa ko umwarimu ayobora abanyeshuri muri buri gikorwa, akabaha n'umwanya ukwiye wo gukora ibikorwa n'imyitoto biteganyijwe.

2. Ibitabo byo mu mashuri abanza

Mu rwego rwo gukora imyitoto inyuranye iteganyijwe muri iki gitabo, ni ngombwa ko abanyeshuri bifashisha integanyanyigisho n'imfashanyigisho zose zifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza. Ibitabo byose n'imfashanyigisho umwarimu yifashisha yigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza ndetse n'imfashanyigisho z'inyongera, umunyeshuri wimenyereza kwigisha azabikenera cyanecyane mu gihe cyo kwigishanya mu matsinda. Birumvikana ko umunyeshuri wimenyereza umwiga agomba kuba ashobora gusobanura neza ibiri muri buri gitabo. Umwarimu wigisha mu mashuri nderabarezi, agomba gushishikariza abanyeshuri bimenyereza umwuga gukoresha igihe cyabo neza bitabira gusoma no gusobanukirwa ibyigwa biri mu bitabo byose byo mu mashuri abanza.

3. Ibindi bitabo byo mu mashuri nderabarezi

Isomo ry'iyigayigisha rifitanye isano n'isomo ry'imisingi y'uburezi ndetse n'andi masomi y'indimi zigishwa mu Rwanda nk'icyongereza n'igifaransa. Mu mutwe wa cumi na gatanu n'uwa cumi na gatandatu, hari aho umwarimu azakenera gukorana n'abandi bigisha ayo masomo. Ni ngombwa rero ko mu myitoto y'iyimenyerezamwuga, abarimu bafatanyaga kugira ngo bageze umunyeshuri ku bushobozi bugamijwe ndetse bakanahuriza hamwe ibyanditse mu bitabo by'iyigayigisha batahiriza umugozi umwe.

IGICE CYA II: URUGERO RW'UMUTEGURO W'ISOMO

Izina ry'ishuri: Ishuri nderabarezi Imena Amazina y'umwarimu: SEBATWARE

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka Wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
1	.../....	Iyigayigisha	Mbere	4	3 muri 6	40	35
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo				Umunyeshuri umwe ufite ubumuga bwo kutabona ibiri kure.			
Umutwe		Imyigishirize yo gusoma no kwandika					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Gutegura amasomo yo kwigisha gusoma no kwandika inyajwi,ingombajwi n'ibihokane.					
Isomo		Ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo					
Intego ngenamukoro		Hifashishijwe umuteguro w'isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi, impapuro z'ibikorwa n'integanya nyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, umunyeshuri araba ashobora:Kurondora no gusobanura atajijinganya ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo byibandwaho n'integanyanyigisho zo mu Rwanda.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Mu ishuri, abanyeshuri bari mu matsinda arindwi ya batanubatanu					
Imfashanyigisho		Umuteguro w'isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi i, integanyanyigisho y'Ikinyarwanda n'impapuro z'ibikorwa ziriho ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		<ul style="list-style-type: none"> - REB, 2018, Ikinyarwanda igitabo cy'umwarimu umwaka wa mbere, urupapuro rwa 23-24. - REB, 2018, Ikinyarwanda igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 5. - REB, 2018, Ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6. - REB, 2018, Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza - REB,2019, Igitabo cy'umwarimu, Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, urupapuro rwa xxx - REB,2019, Igitabo cy'Umunyeshuri, Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, urupapuro rwa xxx 					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri nasabwa gukora		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (andika ubushobozi + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho)
	Hifashishijwe umuteguro w'isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi i n'integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri bari mu matsinda bararondora kandi basobanure ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo byakoreshejwe mu muteguro n'uko byakoreshejwe, hanyuma bahereho batahure n'izindi ngingo n'ubushobozi nsanganyamasomo biteganywa kwibandwaho mu mashuri yo mu Rwanda.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	

<p>Intangiriro: Iminota 5</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kureba ko abanyeshuri bakoze umukoro no kuwukosora. - Kubaza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa. - Urugero rw'ibibazo: - Garagaza ukoamasomo y'icyumweru akurikirana mu mwaka wa mbere mu gihe higishwa inyajwi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana umukoro no kuwukosora. - Gusubiza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa. - Urugero rw'ibibazo: - Gusoma no kumva inkuru - Gusesengura inkuru - Gutahura no gusoma inyajwi - Gusoma inyajwi (nto n'inkuru) - Kwandika inyajwi - Gusoma no kwandika inyajwi - Imyitozo yo gusoma no kwandika - Imyitozo isoza icyumweru 	<p>Ingingo nsanganya masomo</p> <p>Uburezi budaheza : gufasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>Gusabana mu kinyarwanda: barabazwa mu kinyarwanda bagasubiza mu kinyarwanda.</p>
<p>Isomo nyirizina: Iminota 25</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubaha umuteguro w'isoma ryo gutahura no gusoma inyajwi i n'integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza. - Gusaba abanyeshuri gusoma no gutahura ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bigaragamo n'uburyo byakoreshejwe. - Gusaba abanyeshuri gusha igisobanuro cy'ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo bahereye byo batahuye mu muteguro no mu ntegenyanyigisho bahawe. - Gusaba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho no kubafasha kubigorora no ku byuzuza. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kujya mu matsinda no kwitegereza imfashanyigisho. - Gusoma imfashanyigisho no gutahura ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo no gusobanura uburyo byakoreshejwe. - Gutanga igisobanuro cy'ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo. - Kumurika ibyo bagezeho. <p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>Kwiga no guhora wiyungura ubumenyi: Ubu bushobozi bugaragarira mu mikoro umunyeshuri agenda ahabwa n'uburyo ashishikarizwa gukunda ishuri.</p> <p>Ubushakatshatsi: Ubu bushobozi bugaragarira mu mikoro umunyeshuri ahabwa imusaba kujya mu isomero...</p> <p>Guhanga udushya: Ubu bushobozi umunyeshuri abugaragaza nk'igihe asabwa guhanga udukuru, kugaragaza irindi herezo ry'agakuru yahawe...</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <p>Uburunganire n'ubwuzuzanye: Amatsinda agizwe n'abahungu nabakobwa.</p> <p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: mu gihe bahuza umuteguro, integanyanyigisho n'ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo byakoreshejwe.</p> <p>Guhanga agashya: Igihe batanga igisobanuro cyabo k'ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.</p> <p>Gusabana mu kinyarwanda: mu gihe bakorana bavuga basubiza ikibazo babajijwe mu kinyarwanda.</p>

		<p>Ubufatanye, imibanire ikwiye n’abandi n’ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni: Ubu bushobozi bugaragazwa igihe abanyeshuri bakorera hamwe mu matsinda.</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Ubu bushobozi umunyeshuri abugaragaza igihe asubiza ibibazo binyuranye; ibibazo byo kumva umwandiko, ibibazo byo gusesengura umwandiko, kugaragaza uko abona ibitekerezo bya bagenzi be...</p>	
		<p>Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n’abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n’amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.</p>	
		<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <p>Uburanganire n’ubwuzuzanye: iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu mwandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsinabyombi. Kubungabunga ibidukikije: iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p> <p>Ubuziranenge: iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p> <p>Uburezi budaheza: Iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu mwandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese.</p> <p>Jenoside: Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p> <p>Umuco wo kuzigama: Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p>	

		<p>Umuco w'amahoro n'indangagaciro: Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p> <p>Ubuzima bw'imyorokere: Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko.</p>	
<p>Inshamake y'isomo: Iminota 5</p> <p>Isuzuma iminota 5</p> <p>Umukoro</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kubaza ibibazo bifasha gukora inshamake y'isomo rimaze kwigwa - Kubaza ibibazo bibasaba kurondora no gusobanura ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo. - Gutanga umukoro wo kwitegereza indi miteguro y'amasomo yo gusoma no kwandika inyajwi maze bagatahura ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bya tejwe imbere cyangwa byavuzweho. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusubiza ibibazo babajijwe bagakora inshamake y'isomo. - Kurondora no gusobanura ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo. - Kwandika umukoro bahawe bakazawukora. 	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo: Gusabana mu kinyarwanda: Igihe basubiza ibibazo babajijwe mu Kinyarwanda.</p> <p>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: igihe basubiza neza ibibazo babajijwe.</p> <p>Ingingo nsanganyamasomo Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Kubashishkariza gukora umukoro mwisomo ry'ubutaha bakaba bawurangije.</p>
Kwisuzuma (umurezi)	Kugaragaza uburyo abanyeshuri bumvisemo isomo cyangwa imbogamizi baba bahuye nazo.		

IGICE CYA III: IBYIGWA BIRI MU MITWE

Imbumbanyigisho ya mbere: Gusobanukirwa n'integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mashuri abanza n'ibikenewe mu kwigisha.

UMUTWE WA MBERE: Imikoreshereze y'integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mashuri abanza

I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Kugaragaza akamaro ko kwiga ururimi rw'ikinyarwanda ku mwenerurimi.
- Gutahura ibigize integanyanyigisho y'ikinyarwanda n'uko bikurikirana.

I.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba avuye mu kiciro rusange yarize isomo ry'ikinyarwanda. Ibindi bijyanye n'ibyo agiye kwiga muri uyu mutwe aba yarabyigiyeye mu mashuri abanza. Bimwe muri byo biboneka aha hakurikira:

I.2.1 Isomo ry'ikinyarwanda mu mashuri abanza

Muri iri somo umunyeshuri yize inyajwi, ingombajwi zose n'ibihokane bimwe byigishwa mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Mu mwaka wa kabiri, yahigiyeye ibihokane bigenewe kwigishwa muri uwo mwaka. Mu mwaka wa gatatu yiga ibihokane byari biteganyijwe muri uwo mwaka.

Kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu, uyu munyeshuri yigaga kandi agasesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko zitandukanye. Ibijyanye n'ubumenyi bw'ururimi (ikibonezamvugo n'ubuvanganzo) yatangiye kubyiga mu mwaka wa gatatu kugeza arangije amashuri abanza.

I.2.2 Isomo ry'ikinyarwanda mu kiciro rusange

Mu kiciro rusange umunyeshuri yize ikinyarwanda. Ibi byamwongereye ubushobozi bituma kandi asobanukirwa akamaro k'ururimi.

I.2.3 Imisingi y'Uburezi¹

Mu isomo ry'Imisingi y'Uburezi, mu mutwe wa mbere witwa "Ubumenyi bw'ibanze ku burezi"²; Ubumenyi umunyeshuri yahakuye ni "Kuvuga inshoza y'integanyanyigisho"³.

Mu mutwe wa munani witwa gutegura amasomo⁴, bungukiramo ubumenyi ngiro bwo gutegura isomo bifashishije integanyanyigisho bagendeye ku mbata y'isomo itangwa na REB⁵.

I.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa mbere maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

1 Foundations of Education

2 General introduction to education

3 Define the concepts of education

4 Unit 8: Lesson planning

5 Make a detailed lesson plan using REB format

Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Kuki abanyeshuri bagomba kwiga Ikinyarwanda?

Abanyeshuri bagomba kwiga Ikinyarwanda kuko bagikoresha mu buzima bwabo bwa buri muni kugira ngo babashe gushyikirana n'abandi mu mvugo no munyandiko kwiga ikinyarwanda kandi ni umusingi wo kunguka ubundi bumenyi kuko mu mashuri y'inshuke no mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza andi masomo bayiga mu Kinyarwanda.

b) Ni ibihe bitabo umwarimu Sebataware yagombaga kwifashisha mu gutegura ibyo yigisha? Byari kumufasha iki?

- Ibitabo umwarimu Sebataware yagombaga kwifashisha ni integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri mu mashuri abanza, igitabo cy'umwarimu muri buri mwaka yigishamo n'igitabo cy'umunyeshuri muri buri mwaka yigishamo.
- Byamufasha gutegura neza amasomo mu buryo bunoze, akanayakurikiranya mu buryo buboneye.

c) Ni ikihe gitabo ibyo bitabo byose bishingiraho?

- Ibyo bitabo byose bishingira ku gitabo kitwa integanyanyigisho y'Ikinyarwanda.

d) Usesenguye neza ibyo Sebataware yigishije muri buri mwaka, wavuga ko ari iki cyatumye Sebataware atagera ku ntego ze? Ni ibiki Sebataware yigishije atagombaga kwigisha?

- Icyatumye Sebataware atagera ku ntego ze ni uko yigishaga ibyigwa byinshi icyarimwe, yigishaga abanyeshuri ibitari ku kigero cyabo kandi ntiyifashishaga ibitabo byabugenewe.
- Mu mwaka wa mbere Sebataware ntiyagombaga kwigisha inyajwi zose mu isomo rya kabiri mu cyumweru cya kabiri, yagombaga kubigisha isomo ryo gusesengura umwandiko "Dutizanye ibikoresho". Mu mwaka wa kabiri ntiyagombaga kubigisha abigisha kwandika igihekanze "mf, ndw na hw" kuko bagombaga kuba bari gusubiramo ibyizwe mu mwaka wa mbere. Mu mwaka wa kane ntiyagombaga kubigisha ntera, izina ntera n'igisantera, kuko byigwa mu mwaka wa gatanu.

I.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa mbere

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Akamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda	<ul style="list-style-type: none">- Kugaragaza akamaro ko kwiga Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire- Kugaragaza umuco wo gusoma Ikinyarwanda.	Iminota 40
2	Inshamake ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda: <ul style="list-style-type: none">- Ibice by'ingenzi by'Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda- Akamaro k'integanyanyigisho	<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura impamvu ari ngombwa gukoresha integanyanyigisho.- Gusoma no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu integanyanyigisho.- Gushishikarira no gushishikariza abandi gusoma integanyanyigisho y'Ikinyarwanda.- Kurondora iby'ingenzi biri mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.	Iminota 40
3	Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho y'ikiciro cya mbere: <ul style="list-style-type: none">- Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa mbere- Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa kabiri- Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatatu	<ul style="list-style-type: none">- Kurondora ibyigwa biri muri buri mwaka w'amashuri abanza.- Kwerekana ibiteganyijwe kwigwa muri buri mwaka n'igihe byigishwamo.	Iminota 40

4	Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho y'ikiciro cya kabiri: - Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa kane - Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatanu - Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatandatu	- Kurondora ibyigwa biri muri buri mwaka w'amashuri abanza. - Kwerekana ibiteganyijwe kwigwa muri buri mwaka n'igihe byigishwamo.	Iminota 40
---	---	--	------------

I.5. Imbonezamasomo

I.5.1 Isomo rya mbere: Akamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda

Intego zihariye
- Kugaragaza akamaro ko kwiga Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire - Kugaragaza umuco wo gusoma Ikinyarwanda.
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho z'ibyiciro byombi by'amashuri abanza. - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

Uhereye ku bumenyi usanze abanyeshuri bafite ku bizigwa mu mutwe wose, babwire ko bazagenda barushaho gusobanukirwa ibijyane n'imikoreshereze y'integanyanyigisho mu masomo anyuranye bagiye kwiga.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo kiri mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri umutwe wa mbere.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo kiri mu gikorwa cya 1

Sobanura akamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda ku mwenerurimi, ku Gihugu no mu burezi.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Akamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire ruhuza Abanyarwanda bose. Gifite umwanya ukomeye mu mibereho yabo ya buri muni, kuko kibumbatiye umuco wabo. Gikoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsu n'iz'imirimu. Kigishwa nk'isomo, kikanigishwamo andi masomo mu mashuri y'inshuke n'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ni ururimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bwo gutekereza no kuranga isi; rubafasha kugaragaza imbamutima zabo, bagashyikirana, bakanungurana ibitekerezo.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ikibazo cy'umwitozo n'urugero rw'ibisubizo

Nk'umwenerurimi w'Ikinyarwanda, wanakize mu byiciro bitandukanye by'amashuri, sobanura uko wakifashisha mu kwiteza imbere.

Nk'umwenerurimi w'Ikinyarwanda nagikoresha niteza imbere mu buryo bukurikira:

- Nakora ubwanditsi bw'ibitabo binyuranye, indirimbo, imbyino, imivugo, ibihozo n'ibindi.
- Ikinyarwanda kandi cyamfasha kwiteza imbere mu kuyobora imisango y'ubukwe, mu biganiro, mu kuvuga amazina y'inka mu birori n'ibindi.
- Ikinyarwanda kandi cyamfasha mu gusemura izindi ndimi, mu mirimo y'ubunyamwuga irimo kukigisha mu mashuri, mu gukora mu nzu ndangamurage, gukora ubushakashatsi n'ibindi.

4) Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ibibazo cy'umukoro

Andika mu mirongo itarenze cumi n'itanu inyandiko ishishikariza abanyeshuri bo mu mashuri abanza gukunda Ikinyarwanda kandi ubereka uburyo cyazabagira akamaro mu buzima bwabo.

Umwarimu areba niba abanyeshuri bashyize mu myandiko yabo ingingo zijyanye no kwiteza imbere, gusigasira umuco no kumvana n'abandi

I.5.2 Isomo rya kabiri: Inshamake ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura impamvu ari ngombwa gukoresha integanyanyigisho.- Gusoma no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu nteganyanyigisho.- Gushishikarira no gushishikariza abandi gusoma integanyanyigisho y'Ikinyarwanda.- Kurondora iby'ingenzi biri mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho z'ibyiciro byombi by'amashuri abanza.- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Isubiramo

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo

- **Ni akahe kamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda ku mwenerurimi?**

Ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha umwenerurimi gusangira amakuru n'abagenzi be. Rwamufasha kandi kwiteza imbere ndetse no gukora ubushakashatsi.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo kiri mu gikorwa cya 2 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri mu mutwe wa mbere.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo kiri mu gikorwa cya 2

Itegereze integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza maze uvuge ibice by'ingenzi biyigize unabisobanure. Ukurikije uko ubonye integanyanyigisho, vuga akamaro kayo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibice by'ingenzi by'Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda

Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, mu kiciro cya mbere n'icya kabiri zigaragaza ibice bibiri by'ingenzi:

Igice gisobanura integanyanyigisho	Igice kigaragaza imitwe yigwa mu nteganyanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Intangiriro- Imbonezamasomo- Uburyo bwo gukora isuzuma- Ibizakenerwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho- Imiterere y'umutwe muri iyi nteganyanyigisho- Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe- Imigereka	<ul style="list-style-type: none">- Imbumbanyigisho- Inyigisho- Numero y'umutwe (umutwe wa) n'izina ry'umutwe.- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe- Intego- Ibyigwa- Ibikorwa by'umunyeshuri- Ihuriro n'andi masomo :- Ibigenderwaho mu isuzuma- Imfashanyigisho

b) Akamaro k'integanyanyigisho

- Iyobora umwarimu kumenya neza ibyo agomba kwigisha.
- Ifasha umwarimu kumenya imbonezamasomo yakurikiza igihe yigisha.
- Ifasha umwarimu kumenya uko azakoresha isuzuma.
- Ifasha umwarimu kumenya imfashanyigisho akwiye kwifashisha yigisha amasomo anyuranye.
- Ifasha umwarimu gusobanukirwa uko amasomo akurikirana mu byigwa binyuranye agendeye ku ntego za buri mwaka.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ikibazo cy'umwitozo n'urugero rw'igisubizo

Ushingiye ku kamaro k'integanyanyigisho, huza umubare n'inyuguti bijyanye

A		B	
1	Iyobora umwarimu	a	yakurikiza igihe yigisha.
2	Ifasha umwarimu kumenya imbonezamasomo	b	azakoresha isuzuma.
3	Ifasha umwarimu kumenya uko	c	akamenya neza ibyo agomba kwigisha.
4	Ifasha umwarimu kumenya imfashanyigisho	d	uko amasomo akurikirana mu byigwa binyuranye agendeye ku ntego za buri mwaka.
5	Ifasha umwarimu gusobanukirwa	e	akwiye kwifashisha yigisha amasomo anyuranye.

4) Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ibibazo cy'umukoro

Ushingiye ku nteganyanyigisho y'ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, soma intego (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) biri muri mu mutwe wa mbere, umwaka wa mbere n'umwaka wa kane uzabibwire bagenzi bawe mu ishuri.

I.5.3 Isomo rya gatatu: Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho y'ikicro cya mbere

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Kurondora ibyigwa biri muri buri mwaka w'amashuri abanza.- Kwerekana ibiteganyijwe kwigwa muri buri mwaka n'igihe byigishwamo.
Imfashanyigisho Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere cy'amashuri abanza; Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu; Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri by'umwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu w'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.
- Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni akahe kamaro k'integanyanyigisho?

- Iyobora umwarimu akamenya neza ibyo agomba kwigisha.
- Ifasha umwarimu kumenya imbonezamasomo yakurikiza igihe yigisha.
- Ifasha umwarimu kumenya uko azakoresha isuzuma.

b) Vuga ibice bibiri by'ingenzi bigize integanyanyigisho y'Ikinyarwanda?

- Igice gisobanura integanyanyigisho
- Igice kigaragaza imitwe yigwa mu nteganyanyigisho

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo kiri mu gikorwa cya 3 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa mbere.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumwise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo kiri mu gikorwa cya 3

Itegereze integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere cy'amashuri abanza maze ugaragaze imitwe, insanganyamatsiko, ibyigwa n'umubare w'amasomo byigishwa muri buri mwaka.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Imitwe n'ibyigwa mu mwaka wa mbere

Umutwe	Insanganyamatsiko	Inyajwi/ingombajwi/ibihekane byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco n'indangagaciro	i, u	40
2	Isuku	o, a, e, r, k, b	56
3	Umuryango	n, m	24
4	Ibidukikije	g, y, t, z	40
5	Uburenganzira bw'umwana	h, s, v	32
6	Kwirinda no gukumira ihohoterwa	w, c, d	24

7	Inyamaswa zo mu rugo	f, j, p, l	24
8	Indyo yuzuye	nd, ng, ny, sh	24
9	Kuzigama	kw, mb	24
Igiteranyo	Imitwe 9	Inyuguti n'ibihokane 30	Amasomo 288

b) Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa kabiri

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibihokane byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco w'amahoro	Ibihokane: ts, nz, rw, by, nt, mw	48
2	Inshingano z'abana	Ibihokane: tw, bw, cy, ry	24
3	Uburenganzira bw'umwana	Ibihokane: my, nk, nj, mv	24
4	Imiyoborere myiza	Ibihokane: mp, jy, pf, zw, nw	24
5	Isuku	Ibihokane: ns, mby, shy, nsh, gw, jw	24
6	Ikoranabuhanga n'itumanaho	Ibihokane: nny, nyw, njy, ngw, shw, mbw, mf, ndw	48
7	Iterambere	Ibihokane: nzw, sw, hw, nsw, tsw, ntw, ty, nk, py	48
8	Ubuzima	Ibihokane: njw, dw, sy, fw, ndy, cw, nshy, nty	48
Igiteranyo	Imitwe 8	Ibihokane 50	288

c) Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatatu

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ibihokane/ Ikibonezamvugo/ Ubumenyi bw'ururimi	Umubare w'amasomo
1	Imyuga gakondo	mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw	48
2	Kubungabunga ubuzima	ncy, shyw, nshw, myw, nshyw, mbyw	24
3	Uburenganzira n'inshingano by'umwana	mfw, mvv, mvvw, pfw, pfy, vw, vy, ryw	24
4	Inyamaswa zo mu gasozi	- Utwatuzo: akabago, akitso, akabazo n'agatangaro. - Interuro mbonezamvugo n' interuro nyobyamvugo.	56
5	Umuco w'amahoro	- Ingingo z'ingenzi - Kubara inkuru - Inyuguti nkuru	40
6	Siporo n'imyidagaduro	- Uturingushyo - Utwatuzo: utwuguruzo n'utwugarizo - Ibisakuzo - Umugani muremure - Umuvugo - Amagorane	32
7	Gukunda umurimo	- Ibaruwa isanzwe - Agakinamico	24

8	Gukunda igihugu	<ul style="list-style-type: none"> - Imigani migufi - Umwirondoro w'umuntu - Inyuguti nkuru - Inshamake - Indirimbo - Impuzanyito - Imvugwakimwe - Imbusane 	40
Igiteranyo	8	Ibihekane 20 , ikibonezamvugo n'ubumenyi rusange bw'ururimi.	288

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo.

Ibibazo by'umwitozo n'ingero z'ibisubizo

a) Vuga umubare w'imitwe yigishwa muri buri mwaka mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Mu mwaka wa mbere bigamo imitwe 9

Mu mwaka wa kabiri bigamo imitwe 8

Mu mwaka wa gatatu bigamo imitwe 8

b) Ni izihe nyuguti zigishwa imwimwe mu cyumweru, mu mwaka wa mbere?

i, u, o, a, e, r, k, b, n, m, g, y, t, z, h, s, v, w

c) Vuga ibihekane byigishwa mu mwaka wa mbere?

nd, ng, ny, sh, kw, mb

d) Ni irihe tandukaniro riri hagati y'ibyigwa mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri y'amashuri abanza?

Bitandukaniye ku mubare w'imitwe, ku nsanganyamatsiko, ku ngombajwi n'ibihekane byigishwa ndetse no ku myandiko yigishwa muri buri mwaka.

e) Ni irihe tandukaniro riri hagati y'amasomo ari mu mitwe itatu ya mbere mu mwaka wa gatatu n'indi ikurikiyeho?

Mu mitwe itatu ya mbere yahariwe kwigishwamo ibihekane naho mu mitwe ikurikiyeho harimo umwihariko wo kwigisha ubumenyi rusange bw'ururimi.

f) Vuga umubare w'amasomo y'Ikinyarwanda yigishwa umwaka wose muri buri mwaka w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ni amasomo 288

1	→	c
2	→	a
3	→	b
4	→	e
5	→	d

4) Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ikibazo cy'umukoro

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, soma igice kigaragaza ibikorwa by'abanyeshuri ku byigwa byo mu mutwe wa kabiri wa buri mwaka, uzabibwire bagenzi bawe mu ishuri.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bagarutse ku bikorwa byo gusoma, gusesengura, gutahura mu matsinda, kuganira mu matsinda...

I.5.4 Isomo rya kane: Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho y'ikiciro cya kabiri

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Kurondora ibyigwa biri biri muri buri mwaka w'amashuri abanza.- Kwerekana ibiteganyijwe kwigwa muri buri mwaka n'igihe byigishwamo.
Imfashanyigisho Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza; Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu; Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa xxx, Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri by'umwaka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu w'amashuri abanza.

1. Isubiramo

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

a) Vuga ibihokane bitanu byigishwa mu mwaka wa gatatu.

mpy, pw, mpw, nsy, mvw, byw, ncy, shyw, nshw, myw, nshyw, mbyw, mfw, mvy, mvyw, pfw, pfy, vw, vy, ryw

b) Ni izihe nsanganyamatsiko zibandwaho mu mwaka wa kabiri?

Ni umuco w'amahoro; inshingano z'abana; uburenganzira bw'abana; imiyoborere myiza; isuku; ikoranabuhanga n'itumanaho; iterambere n'ubuzima.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa mbere.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Itegereze integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza maze ugaragaze imitwe, insanganyamatsiko, ibyigwa n'umubare w'amasomo byigishwa muri buri mwaka.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Imitwe n'ibyigwa mu mwaka wa kane

Mu mwaka wa kane higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganya-matsiko	Ubumenyi bw'ururimi byigwa	Umubare w'amasomo
1	Umuco n'indangagaciro nyarwanda	<ul style="list-style-type: none"> - Iyiganteruro: imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro. - Utwatuzo dusoza interuro. - Inyunguramagambo: Impuzanyito, imbusane. - Umugani muremure n'uturango twawo. 	24
2	Iterambere	<ul style="list-style-type: none"> - Imigani migufi, ibisakuzo, ibyvugo by'amahomvu. - Utwatuzo dukoresha hagati mu nteruro 	24
3	SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina	<ul style="list-style-type: none"> - Amagambo adahinduka (indangahantu n'impakanyi) - Urwenya na byenda gusetsa. - Amasano yo mu muryango. 	24
4	Imikino n'imyidagaduro	<ul style="list-style-type: none"> - Utwatuzo: uturegeka n'akanyerezo. - Impuzashusho n'imvugwakimwe - Indirimbo n'imivugo. 	24
5	Kubana neza n'abandi	<ul style="list-style-type: none"> - Ihinamwandiko - Izina bwite n'izina rusange 	24
6	Gukunda no kwitabira umurimo	<ul style="list-style-type: none"> - Izina: uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi. - Ikinamico - Utwatuzo: udukubo n'udusodeko 	24
Igiteranyo	Imitwe 6		144

b) Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatanu

Mu mwaka wa gatanu higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganyamatsiko	Ubumenyi bw'ururimi	Umubare w'amasomo
1	Kwimakaza indangagaciro nyarwanda	<ul style="list-style-type: none"> - Ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo. - Ihinamwandiko. - Igitekerezo cyo muri rubanda. 	24
2	Kwimakaza uburenganzira bwa muntu	<ul style="list-style-type: none"> - Indango ihakana n'indango yemeza. - Amagambo akatwa (na, nka) - Amarangamutima n'inyigana. - Inkuru ishushanyije. 	24
3	Gufata neza ibidukikije	Ingiro nkora n'ingiro ntega	24
4	Ubuzima bw'imyorokere	<ul style="list-style-type: none"> - Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi - Ntera - Izina ntera - Igisantero - Imyandikire y'amagambo aranga ahantu 	24
5	Kwimakaza imiyoborere myiza	<ul style="list-style-type: none"> - Ibinyazina ngenga n'ibinyazina nyereka. - Ibihe bya mezi bya kinyarwanda. - Ubutumwa bugufi. 	24

6	Umuco w'amahoro	<ul style="list-style-type: none"> - Ikinyazina ngenera - Ikinyazina ngenga (uvuga, ubwirwa, ikivugwa). - Ikinyazina ndafutura, - Ibaruwa isanzwe (ya gicuti) - Imyandikire y'amagambo aranga igihe. 	24
Igiteranyo	Imitwe 6		144

c) Imitwe n'ibigwa mu mwaka wa gatandatu

Mu mwaka wa gatandatu higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo.

Umutwe	Insanganya-matsiko	Ubumenyi bw'ururimi	Umubare w'amasomo
1	Umuco nyarwanda	<ul style="list-style-type: none"> - Ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo. - Imikoreshereze y'inyuguti nkuru - Imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru. - Ikinyazina ngenera - Ikinyazina ngenga - Ikinyazina mpamagazi 	24
2	Ibidukikije	<ul style="list-style-type: none"> - Ikinyazina nyamubaro - Inshoberamahanga - Itondaguranshinga (imbundo) 	24
3	Ubuzima bw'imyoro-rokore	<ul style="list-style-type: none"> - Itondaguranshinga (ibihe bikuru by'inshinga (impitakera, impitakare, indagihe, inzagihe) - Ikinyazina mbaza - Ikinyazina mboneranteko - Insigamigani -Indirimbo. 	24
4	Uburanga-nire n'ubwuzuzanye	<ul style="list-style-type: none"> - Ihimbamwandiko: (Inshoza, imbata y'umwandiko, amabwiriza y'ihangamwandiko) - Ibiganiro mpaka: (Inshoza, amabwiriza). - Amagambo afatana n'atandukana (nuko, ni uko, n'uko, ...) 	24
5	Gukorera mu mucyo	<ul style="list-style-type: none"> - Umwirondoro (amazina ye, ay'ababyeyi, aho atuye, igihe yavukiye, ...) - Amatangazo (aranga, arangisha, amenyesha, ...) - Umuvugo (kuvuga umuvugo, imiterere y'umuvugo) 	24
6	Ubukerarugendo	<ul style="list-style-type: none"> - Ikeshamvugo ku mwami, ku ngoma, ku rusaku rw'ibintu, ku ntaho no ku matsinda y'ibintu. - Ubwoko bw'amagambo adahinduka: icyungo n'umugereka/ingera. 	24
Igiteranyo	Imitwe 6		144

3. Umwitozo

Ibibazo n'ingero z'ibisubizo

a) Vuga umubare w'imitwe yigishwa muri buri mwaka mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

Ni imitwe 6 buri mutwe.

b) Vuga mu mirongo itarenze ine ibyigwa mu Kinyarwanda muri rusange mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza?

Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza higwamo gusoma no gusesengura imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zitegenyijwe muri buri mwaka, ubumenyi rusange bw'ururimi, kwandika no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ziba zategenyijwe.

c) Vangura izi nsanganyamatsiko ushyire hamwe izigishwa mu mwaka umwe uvuga n'uwu ari wo: Ubukerarugendo, Kwimakaza imiyoborere myiza, Iterambere, Imikino n'imyidagaduro, Kwimakaza uburenganzira bwa muntu, Gukorera mu mucyo.

Mu mwaka wakane: Iterambere, Imikino n'imyidagaduro

Mu mwaka wa gatanu: Kwimakaza imiyoborere myiza, Kwimakaza uburenganzira bwa muntu

Mu mwaka wa gatandatu: Ubukerarugendo, Gukorera mu mucyo.

d) Garagaza ubumenyi bw'ururimi bwigishwa muri buri mwaka mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza?

Mu mwaka wa kane: utwatuzo dukoresha hagati mu nteruro; amagambo adahinduka (indagahantu n'impakany); impuzashusho n'imvugwakimwe; ngingo zigize umwandiko; ihinamwandiko; igitekerezo cyo muri rubanda; izina bwite n'izina rusange.

Mu mwaka wa gatanu: amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo; indango ihakana n'indango yemeza; amagambo akatwa (na, nka); amarangamutima n'inyigana; ingiro nkora n'ingiro ntega; uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi; ntera, izina ntera n'igisantera; imyandikire y'amagambo aranga ahantu; ibinyazina nyereka, ngenera, ngenga na ndafutura; ibaruwa isanzwe; imyandikire y'amagambo aranga igihe.

Mu mwaka wa gatandatu: ikeshamvugo ku isekuru, ku ngobyi no ku rusyo ku mwami, ku ngoma, ku rusaku rw'ibintu, ku ntaho no ku matsinda y'ibintu; imikoreshereze y'inyuguti nkuru; ibinyazina nyamubaro, mbaza, mboneranteko; inshoberamahanga, tondaguranshinga (imbundo, ibihe bikuru by'inshinga); insigamigani; ihimbamwandiko; ibiganiro mpaka; amagambo afatana n'atandukana; umwirondoro; amatangazo; umuvugo; amagambo adahinduka (icyungo n'umugereka).

e) Vuga umubare w'amasomo y'Ikinyarwanda yigishwa umwaka wose muri buri mwaka w'ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

Ni amasomo 144 muri mwaka.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ikibazo cy'umukoro n'igishyamba cyacyo

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mu mashuri abanza, garagaza uruhererekane rw'ibyiciro bitandukanye by'ubushobozi bugaragara.

Igishushanyo gikurikira kerekana uruhererekane rw'ubushobozi bushingiye ku isomo

Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ikinyarwanda nyuma y'ikiciro



Ubushobozi bugamijwe nyuma ya buri mwaka



Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma ya buri mutwe



Intego zijyanye n'ibyigwa bya buri mutwe: ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya (izi ntego ni zo umwarimu aheraho akora intego ngenamukoro)

I.5.5 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa mbere, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, Ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, 2015

n'Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, 2015 garagaza ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mwaka na buri mutwe.

Imbonerahamwe y'imitwe n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mwaka biri ku mugereka.

I.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye akamaro k'ururimi rw'Ikinyarwanda, tubona ibice by'ingenzi bigize integanyanyigisho n'ibygwa bikubiye mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ya buri kiciro cy'amashuri abanza.

I.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere

Ubushobozi bwo:

- Gutahura ibigize integanyanyigisho y'Ikinyarwanda n'uko bikurikirana.
- Kugaragaza akamaro ko kwiga ururimi rw'Ikinyarwanda nk'umwenerurimi.

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ibi bibazo ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Kosora isuzuma ureba ko abanyeshuri basubije ibibazo neza bakurikije ibyo bize cyangwa ubumenyi rusange bafite.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ibibazo bikurika maze ubisubize.

a) Ni akahe kamaro k'ururimi rw'ikinyarwanda?

Ikinyarwanda gihuza Abanyarwanda bose, gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda ya buri munsu, kibumbatiye umuco w'Abanyarwanda, gikoreshwa mu nzego zose z'ubutegetsu, n'iz'imirimu, kikigishwa mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye. Ikinyarwanda giha Abanyarwanda ubushobozi bwo gutekereza no kuranga isi; kibafasha kugaragaza imbamutima zabo, kibafasha gushyikirana no kungurana ibitekerezo.

b) Ni iki integanyanyigisho ishobora kugufasha mu myigishirize yawe?

- Izamfasha kumenya ibigomba kwigishwa mburi buri mwaka
- Kumenya igihe n’amasomo bigenewe buri mutwe.
- Kumenya ibikorwa bitandukanye nakoresha abanyeshuri mu byigwa ibin’ibi.
- Kunya ubumenyi, ubumenyi ngiro n’ubukeshya bikenewe ku masomo aya n’aya.
- Kumenya imfashanyigisho nakwifashisha nigisha.
- Kumenya ibyo nzagenderaho nkoresha isuzuma.

c) Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho z’Ikinyarwanda zo mu mashuri abanza bishingiye ku ki?

Ibyigwa biri mu nteganyanyigisho z’Ikinyarwanda zo mu mashuri abanza bishingiye ku nsanganyamatsiko z’imitwe.

I.8. Ibindi bikorwa by’ingenzi

I.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

- a) Wifashishije integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy’amashuri abanza, soma igice kigaragaza ibikorwa by’abanyeshuri ku byigwa byo mu mutwe wa kabiri wa buri mwaka, uzabibwire bagenzi bawe mu ishuri.
- b) Vuga ibintu bitatu biri mu gice gisobanura integanyanyigisho n’ibindi bitatu biri mu gice kigaragaza imitwe yigwa mu nteganyanyigisho y’Ikinyarwanda mu mashuri abanza.

I.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Andika mu mironko itarenze cumi n’itanu inyandiko ishishikariza abanyeshuri bo mu mashuri abanza gukunda Ikinyarwanda kandi ubereka uburyo cyazabagirira akamaro mu buzima bwabo.

I.8.3. Imyitozo y’inyongera

1. Wifashishije integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy’amashuri abanza, andika insanganyamatsiko ivugwa muri buri mutwe.
2. Wifashishije integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy’amashuri abanza, soma ibyigwa biri muri buri mutwe maze uvangure ibijyanye n’ubuvanganzo n’ibijyanye n’ikibonezamvugo.

I.9. Amakuru y’inyongera

Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi yavuguruwe mu mwaka wa 2015. Nyuma y’iri vugurura, hagiye haba amahugurwa y’abarimu n’abandi bafatanyabikorwa mu burezi mu byiciro binyuranye hagamijwe kunoza imyigire n’imyigishirize. Habayeho n’ibikorwa byo kwandika ibitabo bishya bigendanye n’iyi nteganyanyigisho. Bimwe muri ibi bitabo, bigaragara ku rubuga rwa www.reb.rw. Ni muri urwo rwego umwarimu ashishikarizwa gukoresha ikoranabuhanga, gusoma ibitabo binyuranye bivuga ku myigire n’imyigishirize inoze agakora ubushakashatsi ndetse agakomeza kwiyungura ubumenyi binyuze muri gahunda zinyuranye z’uburezi mu Rwanda.

Ku bindi bisobanuro byimbitse ku miterere y’integanyanyigisho, umwarimu n’abanyeshuri bakwifashisha ibitabo binyuranye by’amahugurwa bivuga ku nteganyanyigisho birimo ibyateguwe n’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n’Umushinga USAID Soma Umenye ku bufatanye n’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n’ibindi.

II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutahura imiterere y'ibitabo n'izindi mfashanyigisho byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza.

II.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, azi amazina menshi y'ibikoresho bitandukanye. Mu masomo anyuranye y'inyunguramagambo, abarimu bamwigishije yagiye yunguka ubumenyi butandukanye ku mikoreshereze y'imfashanyigisho. Yagendaga ahabwa ibitabo by'Ikinyarwanda agasoma imyandiko inyuranye. Muri icyo myandiko, hari myinshi azagenda yibuka akanibuka amashusho ajyanye na yo. Hari kandi n'amasomo y'Imisingi y'Uburezi azabisangamo. Ibyo byose bivuzwe haruguru biboneka mu masomo akurikira:

II.2.1 Isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

Muri iri somo umunyeshuri yize imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko zinyuranye zivuga ku muco nyarwanda, umuco w'amahoro, ibidukikije, isuku, uburinganire n'ubwuzuzanye n'ibindi.

Kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu, uyu munyeshuri yigaga icyo myandiko, akayumva akanayisesengura. Muri ibi bikorwa yagiye asobanukira amagambo yitegereza amashusho anyuranye ari mu bitabo. Bimwe mu bitabo binyuranye rero azifashisha yigisha birimo imyandiko ifatiye ku nsanganayamatsiko ndetse n'amashusho asa n'ayo yagiye abona.

II.2.2 Imisingi y'Uburezi

Mu isomo ry'Imisingi y'Uburezi, mu mutwe wa karindwi witwa "Gukora no gukoresha imfashanyigisho"¹; Ubumenyi umunyeshuri azahakura ni "Ukugaragaza ubushake bwo gukora no gukoresha imfashanyigisho"².

II.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cyabo mu mutwe wa kabiri maze bashingira ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo**a) Utekereza ko ari irihe somo abanyeshuri bumvise neza?**

Isomo abanyeshuri bumvise neza ni isomo rya kabiri.

b) Ni ibiki byafashije abanyeshuri kumva neza iryo somo?

Ibyafashije abanyeshuri kumva neza isomo ni agafuka kariho amashusho, kwigana ijwi ry'inyamaswa no kwerekana ibimenyetso by'umubiri ibikorwa bitandukanye.

c) Ese utekereza ko muri aya masomo yombi hari iryakomereye abanyeshuri? Sobanura impamvu niba uvuga ko ari yego cyagwa oya.

Yego. Isomo rya mbere ryakomereye abanyeshuri kuko nta mfashanyigisho zakoreshejwe. Ntekereza ko abanyeshuri batahise bamenya ibisubizo by'ibibazo.

1 Unit 7: Making and using educational materials

2 Demonstrate creativity and commitment when making and using teaching and learning resources

II.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa kabiri

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imfashanyigisho zikorwa cyangwa zishakwa: <ul style="list-style-type: none"> - Imfashanyigisho. zifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda. - Ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho. - Imfashanyigisho zimanikwa mu ishuri. - Gukora imfashanyigisho. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibyiciro by'imfashanyigisho zikoreshwa mu kwigisha Ikinyarwanda. - Gusobanura uburyo habungabungwa ibidukikije mu gihe cyo gukora imfashanyigisho. - Gushima no kunenga imfashanyigisho zakozwe n'abandi. - Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha neza imfashanyigisho mu masomo. 	Iminota 40
2	Ibitabo byifashishwa mu gutegura no kwigisha <ul style="list-style-type: none"> - Ubwoko bw'ibitabo - Ibyiciro by'ibitabo hakurikijwe ikigero cy'umunyeshuri - Itegeko ry'intoki eshanu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora amoko y'ibitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza. - Kugaragaza uko ibitabo bikoreshwa n'isano bifitanye. - Gusobanura imikoreshereze y'ibitabo. - Gutandukanya ibyiciro by'ibitabo byifashishwa. - Guhuza ibyiciro by'ibitabo n'ikigero cy'abanyeshuri. - Guhuza abanyeshuri n' ibyiciro by'ibitabo byo gusoma bifashishije itegeko ry'intoki eshanu. - Gukoresha neza imfashanyigisho ziberanye n'isomo n'ikigero cy'abanyeshuri. - Gushishikarira no gushishikariza abandi kugira umuco wo gusoma no gufata neza ibitabo. 	Iminota 40
3	Isomero <ul style="list-style-type: none"> - Isomero ry'lkigo - Isomero ry'icyumba k'ishuri. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura amabwiriza agenga isomero. - Gushyira ibitabo kuri gahunda hakurikijwe ubwoko bwabyo - Gusobanura akamaro k'isomero ryo mu ishuri n'uko rikoreshwa. 	Iminota 40
4	Ingingo nsanganyamasomo ziboneka mu mfashanyigisho <ul style="list-style-type: none"> - Urutonde rw'uturango 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ingingo nsanganyamasomo ziboneka mu mfashanyigisho zinyuranye. - Gushaka no gukora imfashanyigisho zigaragaza ingingo nsanganyamasomo. 	Iminota 40

II.5. Imbonezamasomo

II.5.1 Isomo rya mbere: Imfashanyigisho zikorwa cyangwa zishakwa n'umwarimu n'abanyeshuri

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ibyiciro by'imfashanyigisho zikoreshwa mu kwigisha Ikinyarwanda. - Kurondora amoko y'ibitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza. - Kugaragaza uko ibitabo bikoreshwa n'isano bifitanye. - Gushima no kunenga imfashanyigisho zakozwe n'abandi. - Gushishikarira no gushishikariza abandi gukoresha neza imfashanyigisho mu masomo.

Imfashanyigisho

- Integanyanyigisho z'ibyiciro byombi by'amashuri abanza.
- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.
- Imfashanyigisho zitegwa amatwi, iz'iyumvabona: mudasobwa, porojegiteri, sede, dividi, furashi disiki,...
- Ibitabo bijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri: ibitabo bitandukanye byo mu mashuri abanza harimo iby'umwarimu n'iby'umunyeshuri, iby'inkuru zisomerwa abanyeshuri ndetse n'iby'inyongera bijyanye n'isomo ry'ikinyarwanda;
- Imfashanyigisho zishushanyije n'izifatika: amakarita, udukarita tw'amashusho, amashusho ajyanye n'isomo, zifatika zijyanye n'inyuguti zigwa,
- Ibikoresho byo gukoresha imfashanyigisho zinyuranye: impapuro zabugenewe zifashishwa mu gushushanya, marikeri, amakaramu y'ibara, amakaramu y'ibiti, uduti, utubuye, udufuniko tw'amacupa, imifuka...

1. Intangiriro

- Koresha igikorwa cy'umwinjizo.
- Uhereye ku bumenyi usanze abanyeshuri bafite ku bizigwa mu mutwe wose, babwire ko bazagenda barushaho gusobanukirwa ibijyane n'imikoreshereze y'integanyanyigisho mu masomo anyuranye mugiyeye kwiga.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri mu mutwe wa kabiri.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikitonderwa: Muri iri somo, umwarimu ashobora gukoresha imfashanyigisho zinyuranye ziboneka ku ishuri n'aho abanyeshuri batuye akaziheraho asaba abanyeshuri kuzitegereza no gusubiza ibibazo byazibajijweho.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Itegereze amashusho amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri maze uvuge igisobanuro k'imfashanyigisho, usobanure akamaro kazo mu kwigisha; unavuge niba zifashishwa mu kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda; uvuge niba zamanikwa mu ishuri, igisobanuro k'ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho n'uko zakorwa zikanakoreshwa n'umwarimu cyangwa umunyeshuri.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Igisobanuro n'akamaro by'imfashanyigisho

Imfashanyigisho ni ibintu bitandukanye umwarimu yifashisha kugira ngo isomo yigisha rirusheho kumvikana no gusobanuka neza, bigafasha umunyeshuri gusobanukirwa no gucengerwa n'ibyo yigishwa. Zimwe muri izo mfashanyigisho zakwifashishwa mu kwigisha kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Urugero, imfashanyigisho yo mu kazu (b) ka kabiri umwarimu yayifashishwa ayereka abanyeshuri bakandika amazina y'amashusho babona.

b) Imfashanyigisho zifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda

Mu kwigisha Ikinyarwanda, umwarimu azakenera imfashanyigisho zo gusoma, kwandika, kumva no kuvuga. Zimwe mu mfashanyigisho azifashishwa mu kwigisha gusoma kwandika, kumva no kuvuga ni amashusho n'inyandiko bigenewe abanyeshuri kugira ngo basome kandi babyigireho. Amashusho

n'inyandiko biba byerekeye insanganyamatsiko abanyeshuri biga ziyanye n'ubuzima bwabo bwa buri muni. Izi mfashanyigisho zo gusoma kwandika, kumva no kuvuga zizafasha abanyeshuri mu buryo butandukanye bwo kwitoza gusoma zinabashishikarize gukora neza ibikorwa byo kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Imfashanyigisho zo gusoma zishobora kuba zandikishijwe intoki cyangwa imashini kandi zigaragara neza. Imfashanyigisho zo kwandika, akenshi abanyeshuri bazihabwa n'ababyeyi muri zo harimo amakeye n'amakaramu. Ku bijyanye n'imfashanyigisho z'iyumva bona, umwarimu yakoresha mudasobwa, indangururamajwi, radiyo n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga byamufasha kwigisha neza Ikinyarwanda. Mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda, harondorwa zimwe muri izi mfashanyigisho n'aho umwarimu yazikenera.

c) Ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho

Ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho ni ishuri rigaragaramo imfashanyigisho nyinshi zitandukanye ziri ku kigero cy'abanyeshuri zikabafasha kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Ni ishuri rifite ibitabo byo gusoma bihagije bijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Riba kandi rifite ibitabo binyuranye ku buryo buri kiciro cy'abanyeshuri kibasha kubona ibitabo bibafasha kwiga gusoma hakurikijwe intambwe buri munyeshuri agezeho mu gusoma.

d) Imfashanyigisho zimanikwa mu ishuri

Zishobora kuba zarakozwe n'umwarimu ubwe cyangwa afatanyije n'abanyeshuri. Zimwe muri zo ni itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda, amagambo, interuro, inkuru n'ibishushanyo byakozwe n'abanyeshuri. Igishushanyo cyose kigomba kuba kiriho ijamba cyangwa interuro igisobanura. Iyo abanyeshuri bataramenya kwandika, bashobora kubwira umwarimu ibyo bashatse kuvuga akabibandikira. Hamanikwa ibyo abanyeshuri bakoze bihuye koko n'ibyo basabwe gukora cyangwa ibyo bize. Ntihanikwa ibyiza kurusha ibindi gusa, iby'abafite ibibazo byihariye ariko bihuye n'ibyo bize na byo biramanikwa. Imfashanyigisho zo gusoma zimanikwa mu ishuri kugeza abanyeshuri banditse cyangwa bashushanyije izindi. Si byiza ko zimara igihe kirekire cyane ku rukuta kuko uretse no kutagaragara zishobora kuba zitakibashishikaje. Izo mfashanyigisho zigomba kumanikwa aho abanyeshuri bashyikira ku buryo bashobora no kuzikoraho.

e) Gukora no gukoresha imfashanyigisho

Umwarimu n'abanyeshuri bashobora kwandika ku makarita inyuguti zizwe bakazimanika ku rukuta mu ishuri. Izi mfashanyigisho zafasha umunyeshuri gukomeza kwiyibutsa ibyo yize igihe cyose azibona hafi ye.

Umwarimu n'abanyeshuri bashobora gukora amashusho akamanikwa ku rukuta mu ishuri. Buri shusho igomba kuba iriho ijamba cyangwa interuro biyisobanura.

Iyo abanyeshuri batari bamenya kwandika, bashobora kubwira umwarimu ibyo bashatse kuvuga akabibandikira.

Mu gihe umwarimu n'abanyeshuri bakora imfashanyigisho, hakenerwa ibikoresho binyuranye birimo ibyo tubona mu bidukikije. Ni ngombwa ko umwarimu ashishikariza abanyeshuri gukora imfashanyigisho ariko kandi akanabungabunga ibidukikije. Zimwe muri izi mfashanyigisho ni amakarita y'inyuguti, amashusho n'inyandiko itandukanye.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ibibazo n'ingero z'ibisubizo

a) Hitamo igisubizo kiri cyo.

Imfashanyigisho zikurikira zishobora kuzamura ubushobozi bwo kuvuga:

- imbonerahamwe
- igitabo
- mudasobwa
- ifoto
- Imfashanyigisho ishobora kuzamura ubushobozi bwo kuvuga ni **mudasobwa** (c)

b) Tanga ingero z'imfashanyigisho zinoze umwarimu n'abanyeshuri bashobora gukora

batangije ibidukikije bifashishije ibikoresho biboneka aho ishuri riri, usobanure uko zakorwa, ibikoresho wakwifashisha uzikora n'isomo wakwigisha uzifashishije?

- Ingero z'imfashanyigisho zinoze ni amakarita y'inyuguti anogeye ijisho kandi yanditseho neza ku rugero rutunganye. Udufuka turiho amashusho y'ibintu binyuranye ku buryo amazina yayo ahura n'inyuguri zigwa.
- Mu gukora imfashanyigisho y'amakarita y'inyututi, umwarimu n'abanyeshuri bashobora gushaka impapuro zabugenewe, bakazikatamo udupapuro duto twa santimetero cumi n'eshanu ku munani. Bakagenda bandikisha marikeri ku buryo bagaragaza neza izo nyuguti nyuma bagaca imirongo igororotse izengurutse impera z'impapuro. No mu gihe bakora udufuka turiho amashusho y'ibintu binyuranye nabwo bakenera buji n'umukasi. Bamara gutunganya neza agafuka bakagashushanyaho ikintu bashaka bifashishije ikaramu y'igiti bwa mbere. Nyuma bagakoresha marikeri z'amabara ijambo ririmo inyuguti biga.
- Izi mfashanyigisho zakwifashishwa mu kwigisha isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi, ingombajwi cyangwa ibihokane mu mwaka wa mbere, uwa kabiri, uwa gatatu no mu yindi myaka wigisha isomo ry'inyunguramagambo.

c) Tekereza ubonye umwarimu yigisha isomo ryo kumva no gusesengura inkuru cyangwa iryo gusoma no kumva umwandiko mu mashuri abanza yifashisha iradiyo, uvuge ibyo washima mu gihe yaba ari kuyikoresha neza n'ibyo wanenga mu gihe yaba ari kuyikoresha yonyine isomo rikarangira atavuze.

- Mbonye umwarimu yigisha yifashisha iradiyo namushimira ko yitabira gukoresha ikoranabuhanga mu burezi, ko atuma abanyeshuri bashishikarira isomo kandi ko atuma abanyeshuri bagira umuco wo gutega amatwi.
- Nsanze ayikoresha yonyine isomo rikarangira atavuze namugira inama yo kubahiriza imbenezamasomo yo kwigisha aya masomo. Namubwira kandi ko agomba kugaragaza uruhare rwe mu isomo kuko imfashanyigisho idasimbura umwarimu mu myigire n'imyigishirize.

II.5.2 Isomo rya kabiri: Ibitabo byifashishwa mu gutegura no kwigisha

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Kurondora amoko y'ibitabo byifashishwa mu kwigisha ikinyarwanda mu mashuri abanza.- Kugaragaza uko ibitabo bikoreshwa n'isano bifitanye.- Gusobanura imikoreshereze y'ibitabo.- Gutandukanya ibyiciro by'ibitabo byifashishwa.- Guhuza ibyiciro by'ibitabo n'ikigero cy'abanyeshuri.- Guhuza abanyeshuri n' ibyiciro by'ibitabo byo gusoma bifashishije itegeko ry'intoki eshanu.- Gukoresha neza imfashanyigisho ziberanye n'isomo n'ikigero cy'abanyeshuri.- Gushishikarira no gushishikariza abandi kugira umuco wo gusoma no gufata neza ibitabo.
Imfashanyigisho:
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho z'ibyiciro byombi by'amashuri abanza- Iyigayigisha ry'ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.- Imfashanyigisho zitegwa amatwi, iz'iyumvabona: mudasobwa, porojegiteri, sede, dividi, furashi disiki,...- Ibitabo bijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri: ibitabo bitandukanye byo mu mashuri abanza harimo iby'umwarimu n'iby'umunyeshuri, iby'inkuru zisomerwa abanyeshuri ndetse n'iby'inyongera bijyanye n'isomo ry'ikinyarwanda.

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Imfashanyigisho ni iki?

Imfashanyigisho ni ibikoresho bitandukanye umwarimu yifashisha kugira ngo isomo yigisha rirusheho kumvikana neza, bigafasha umunyeshuri gusobanukirwa no gucengerwa n'ibyo yigishwa.

Ni akahe kamaro k'imfashanyigisho ?

Imfashanyigisho zituma umwarimu yumvikanisha neza isomo rye kandi zituma abanyeshuri bagira uruhare mu isomo bakandarishishikarira.

Tanga urugero rw'imfashanyigisho wazifashisha usobanure n'uko uzayifashisha mu gihe uzaba ugiye kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda.

Urugero rw'imfashanyigisho nazifashisha ni amashusho ajyane n'inyuguti. Nayifashisha nigisha abanyeshuri gutahura amajwi anyuranye aho najya mbereka ishusho bakambwira niba bumva ijambo ririmo ijwi mbabwiye.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo cy'igikorwa cya 2 kiri mu cy'umunyeshuri, mu mutwe wa kabiri.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 2

Itegereze amafoto ari mu gikorwa cya kabiri maze usubize ibibazo bikurikira:

- a) Ni ubuhe bwoko bw'ibitabo ubona ku mafoto? Ibyo bitabo bikoreshwa he?*
- b) Ibyiciro by'ibitabo ni bingahe?*
- c) Ni rihe tegeko umwarimu akoresha kugira ngo amenye ikigiro k'igitabo umunyeshuri ashobora gusoma?*
- d) Umwarimu akoresha ate iryo tegeko?*

Ikitonderwa: Muri iri somo umwarimu ashobora gukoresha ibitabo binyuranye akabyereka abanyeshuri. Ashobora no kwifashisha porojegiteri akabereka amashusho y'ibyo bitabo binyuranye. Ibyinshi muri byo yanabikura ku mbuga zinyuranye akoresheje murandasi.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ubwoko bw'ibitabo

Igitabo cy'umwarimu

Gikoreshwa n'umwarimu gusa. Gikubiyemo amasomo ateguye amufasha kwigisha ku buryo bumworoheye. Harimo kandi ingero z'ibisubizo by'imyitozo yo mu gitabo cy'umunyeshuri, amasuzuma n'ibisubizo byayo. Ni ngombwa ko umwarimu akifashisha mu gihe yigisha.

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

Kigenewe umwarimu gusa. Akaba agomba kugikoresha mu isomo ry'inkuru isomerwa abanyeshuri. Gikubiyemo inkuru zifatye ku nsanganyamatsiko zagenwe mu ntegananyigisho y'isomo ry'Ikinyarwanda. Kigakoreshwa mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatanu.

Izi nkuru zigamije kongera ubushobozi bw'abanyeshuri mu gutega amatwi ndetse no gusobanukirwa n'ibyo bumwise. Zibafasha kandi kunguka amagambo n'imvugo bishya. Bityo bikabakungahaza mu nyunguramagambo zizabafasha kumva ku buryo bworoshye ibyo basoma. Inkuru za buri cyumweru ni zo na none umwarimu akuramo amagambo n'interuro yifashisha yigisha inyuguti nshya cyangwa ibihokane by'icyo cyumweru. Ashobora rero kongera gusoma agace cyangwa igika runaka agasaba abanyeshuri gushakamo amagambo arimo inyuguti cyangwa igihokane kigwa muri icyo cyumweru.

Igitabo cy'umunyeshuri

Kigenewe umwarimu n'umunyeshuri. Gikubiyemo ibyigwa n'imyitozo bigenewe umunyeshuri. Abanyeshuri bagikoresha bari mu isomo ndetse no mu rugo iwabo. Umwarimu na we agomba kugikoresha mu gihe yigisha kuko agomba kukijyanisha n'igitabo cy'umwarimu.

Ibitabo by'inyongera

Agatabo k'udukuru umunyeshuri yisomera nyuma y'inyuguti runaka

Kagenewe umunyeshuri, akaba agomba kugasoma nyuma y'inyuguti runaka bamaze kwiga. Agatabo kamwe gakubiyemo udukuru tubiri turimo inyuguti bize. Umwarimu akaba agomba kuyobora umunyeshuri uko agakoresha. Amuha umukoro wo gusoma agakuru akazasangiza bagenzi be ibyo yasomyemo cyangwa se akagasomera abandi mu ishuri. Bene utu dutabo twagenewe abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere gusa.

Udutabo tw'inkuru abanyeshuri bisomera tujyanye n'ikigero cyabo

Tugenewe abanyeshuri tukaba dukubiyemo udukuru dutandukanye, buri munyeshuri akaba agomba gusoma utwo yihitiyemo ariko two mu kiciro umwarimu yamweretse akurikije ikigero ke cyo gusoma. Tubikwa mu isomero ryo mu ishuri, ariko abanyeshuri bagashishikarizwa kudutira bakajya kudasomera no mu rugo, bakazatugarura nyuma y'igihe bahawe n'umwarimu. Umunyeshuri kandi asabwa gusangiza bagenzi be ibyo yasomyemo. Utu dutabo tuzaba turi mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

b) Ibyiciro by'ibitabo hakurikijwe ikigero cy'umunyeshuri cyo gusoma

Ibitabo by'inkuru abanyeshuri bisomera bijyanye n'ikigero cyabo byashyizwe mu byiciro kugira ngo bagenere ibitabo byiciro bashingiye ku bushobozi bwo gusoma bw'abanyeshuri; bashishikarize abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ibitabo biri ku kigero cyabo hagamijwe guteza imbere umuco wo gusoma no kuzamura ubushobozi bwo gusoma.

Iyo ibitabo bishyizwe mu byiciro, byorohera umunyeshuri kumva ubutumwa buri muri icyo gitabo bityo bikamutera ishyamba ryo gukunda gusoma; iyo ibitabo bishyizwe mu byiciro bifasha abanyeshuri kubona ibitabo bisomera bijyanye n'urwego bagezeho rwo gusoma. Gusa ibyiciro by'ibitabo ntibijyana n'imyaka umunyeshuri afite cyangwa umwaka yigamo ahubwo bijyana n'ikigero agezeho cyo gusoma. Kuko n'ubwo abanyeshuri baba biga mu mwaka umwe nta bwo baba bafite ubushobozi bungana mu gusoma. Ni yo mpamvu bashobora gusoma ibitabo biri mu byiciro bitandukanye. Ni byiza rero ko umwarimu aha umunyeshuri ibitabo bijyanye n'urwego rwe rwo gusoma.

Ikitonderwa: Ibyiciro by'ibitabo byo gusoma ni bitandatu. Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza hataganyijwe ibyiciro bitanu. Mu mwaka wa mbere, basoma ibitabo byo mu kiciro cya 1,2 n'icya 3, mu mwaka wa kabiri, basoma ibitabo byo mu kiciro cya 2,3 n'icya 4 naho mu mwaka wa gatatu gasoma ibitabo byo mu kiciro cya 3, 4 n'icya 5. Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza basoma ibitabo byo mu kiciro cya 6 bitabujijeko basoma n'ibitabo byo mu byiciro bibanza.

Ibitabo si abarimu babishyira mu byiciro kuko biza biri mu byiciro. Umwarimu yirinda kubwira abanyeshuri ko abatazi gusoma, basoma ibitabo biri mu kiciro cyo hasi naho abazi gusoma basoma ibitabo byo mu kiciro cyo hejuru. Abanyeshuri bashobora kubona ubwabo, mu buryo bwihuse ko hari ibitabo byoroshye n'ibikomere gusoma mu byiciro bitandukanye kandi ntibagomba gucibwa intege iyo batari babasha gusoma ibitabo byo mu kiciro gikomereye.

c) Itegeko ry'intoki eshanu n'intambwe zikurikizwa mu kurikoresha

Itegeko ry'intoki eshanu ni uburyo umwarimu akoresha ashya abanyeshuri mu byiciro byo gusoma akurikije ubushobozi bwabo.

Intambwe zikoreshwa mu itegeko ry'intoki eshanu ni izi zikurikira ni ikosa icyo aricyo:

- Umunyeshuri yihitiramo igitabo cyo gusoma kiri mu kiciro ashatse.
- Umwarimu asaba umunyeshuri gusoma igitabo yihitiyemo.
- Umwarimu abara amakosa umunyeshuri agenda akora akoresheje intoki.
- Umwarimu asaba umunyeshuri guhagarika gusoma igihe agejeje ku makosa atanu.
- Umwarimu ashimira umunyeshuri uko yabikoze neza.
- Umwarimu asaba umunyeshuri guhitamo gitabo cyo mu kindi kiciro.

Ikitonderwa: Umwarimu ahera ku mubare w'amakosa umunyeshuri usoma yakoze, akamugenera ibitabo bihuye n'urwego rwe rwo gusoma.

- Iyo umunyeshuri akoze amakosa atarenze rimwe mu byo yasomye, icyo gitabo kiba kimworoheye cyane, umwarimu ahita amuha igitabo kisumbuyeho.
- Hagati y'amakosa 2 n'amakosa 3, icyo gitabo kiba kiri ku rwego rwo gusoma rw'uwo munyeshuri.
- Iyo umunyeshuri akoze amakosa 4, aba ashobora gusoma icyo gitabo ariko aba akeneye ubufasha bw'umwarimu.
- Kuva ku makosa atanu gusubira hejuru, icyo gitabo kiba kirenze urwego rw'umunyeshuri, ni yo mpamvu umwarimu agomba guhitamo amushyira ku kiciro k'ibitabo kiri hasi y'icyo.

d) Ikosa icyo ari cyo.

Habarwa ikosa icyo:

- Umunyeshuri adashobora gusoma ijambo;
- Umunyeshuri asoma ijambo uko ritavugwa cyangwa avuga ijambo ritari ryo;
- Umunyeshuri asimbutse ijambo.
- Iyo umunyeshuri akoze ikosa ariko agahita yikosora, icyo gihe ntiharwa ikosa.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ingero z'ibibazo n'ingero z'ibisubizo

a) Vuga ubwoko bw'ibitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda muri buri kiciro cy'amashuri abanza.

Mu kiciro cya mbere hakoresha, ibitabo by'umwarimu, iby'umunyeshuri, iby'umwarimu birimo inkuru zisomerwa abanyeshuri n'ibyinyongera birimo udutabo tw'udukuru turi ku kigero cy'abanyeshuri n'utwo basoma nyuma yo kwiga inyuguti runaka.

b) Sobanura uko wakoresha itegeko ry'intoki eshanu.

Itegeko ry'intoki eshanu rikoresha n'umwarimu agira ngo amenye ko igitabo umunyeshuri ashoboye kiri ku kigero ke kandi gihwanye n'ubushobozi afite mu gusoma. Nafata igitabo nkagiha umunyeshuri nkareba niba ashobora kugisoma ngafata umwanzuro mpereye ku makosa mbonye akoze.

c) Vuga ibyiciro by'ibitabo byo gusoma byifashishwa muri buri mwaka w'amashuri abanza.

Ibyiciro by'ibitabo byo gusoma ni bitandatu. Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza hataganyijwe ibyiciro bitanu. Mu mwaka wa mbere, basoma ibitabo byo mu kiciro cya 1,2 n'icya 3, mu mwaka wa kabiri, basoma ibitabo byo mu kiciro cya 2,3 n'icya 4 naho mu mwaka wa gatatu gasoma ibitabo byo mu kiciro cya 3,4 n'icya 5. Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza basoma ibitabo byo mu kiciro cya 6 bitabujijeko basoma n'ibitabo byo mu byiciro bibanza.

d) Ni iki umwarimu atagomba kubwira abanyeshuri mu gihe akoresha itegeko ry'intoki eshanu n'ibyiciro byabo by'ibitabo?

Umwarimu ntagomba kubwira umunyeshuri ikosa akoze kandi ntagomba no kumubwira ikiciro arimo.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo cy'umukoro

Wifashishije ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshe mu kiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, garagaza imitere ya buri gitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri uzagereranye n'iyi mugenzi wawe yabonye.

II.5.3 Isomo rya gatatu: Isomero

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gutandukanya isomero ry'ikigo k'ishuri n'isomero ry'icyumba k'ishuri.- Gusobanura amabwiriza agenga isomero.- Gushyira ibitabo kuri gahunda hakurikijwe ubwoko bwabyo.- Gusobanura akamaro k'isomero ryo mu ishuri n'uko rikoreshwa.
Imfashanyigisho:
<ul style="list-style-type: none">- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.- Ibitabo ibitabo binyuranye byo mu isomero.

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Ibitabo byo gusoma by'inkuru biri mu byiciro bingaha? Bigabanyije bite mu myaka y'amashuri abanza?

Ibyiciro by'ibitabo byo gusoma ni bitandatu.

Mu mwaka wa mbere basoma ibitabo byo mu kiciro cya 1,2,3

Mu mwaka wa kabiri basoma ibitabo byo mu kiciro cya 2,3,4

Mu mwaka wa gatatu basoma ibitabo byo mu kiciro cya 3,4,5

Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza basoma ibitabo byo mu kiciro cya 6 ndetse n'udutabo two mu byiciro bibanza.

b) Ni ibiki umwarimu agomba kwirinda igihe akoresha itegeko ry'intoki eshanu?

Umwarimu agomba kwirinda ko umunyeshuri amenya ko ari kumubarira amakosa.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda atanu, hanyuma uhe buri tsinda ingingo imwe baganiraho mu ziri mu gikorwa cya 3 cyo mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa kabiri.

Igikorwa cya 3

Uhereye ku mashusho akurikira,

a) Sobanura icyo isomero ari cyo n'amabwiriza arigenga,

b) Tandukanya isomero ry'ikigo k'ishuri n'isomero ry'icyumba k'ishuri,

c) Vuga uburyo bubonye bwo guha ibitabo inomero n'ubwo kubitondeka,

d) Garagaza uburyo bwo gutiza ibitabo n'ubwo kubifata neza,

e) Usobanure imyitozo inyuranye yo gusoma, umwarimu yakoresha yifashishije ibitabo byo mu isomero ry'ishuri, n'uko yakurikirana imyitozo ikorwa n'abanyeshuri.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Hanyuma akagendagenda mu ishuri areba ko bakora neza ibyo basabwe, anafasha abafite ibibazo byihariye. Iyo igihe cyagenewe amatsinda kirangiye, umwarimu asaba buri tsinda kumurikira abandi ibyo ryakoze bagafatikanya kubinoza no kubyuzuzwa. Iyo bamaze kubinoza, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Ibisobanuro byanogejwe

a) Isomero ry'ikigo cy'amashuri

Igisobanuro k'isomero ry'ikigo cy'amashuri

Isomero ry'ikigo cy'amashuri ni ahantu hari ibikoresho, bishobora kubonwa n'abanyeshuri, abarimu, abayobozi b'ikigo cy'amashuri ndetse n'abaturage kugira ngo babyifashishe, babitire cyangwa bibafashe mu kongera ubushobozi bwa kinyamwuga. Riba ririmo ibitabo, ibinyamakuru, inyandiko, videwo, ibyumvishwa amatwi, amakarita, ibimanikwa, ibishushanyo, udukarita duto, ibikinisho, ibijyanye n'ikorabuhanga, ndetse n'ibindi. Isomero ry'ikigo cy'amashuri rigomba kuba ryujuje ibisabwa cyangwa se riri ku rwego ruciriritse.

Amwe mu mabwiriza rusange agenga isomero ry'ikigo k'ishuri

Ntamunyeshuri wemerewe kujya mu isomero atambaye impuzankano y'ikigo k'ishuri kugira ngo ushinzwe isomero amumenye ku buryo bworoshye.

Abanyeshuri bagomba kwinjira mu isomero bafite intoki zisukuye kandi zumutse.

Ntibyemewe kurira cyangwa kunywera mu isomero.

Birabujijwe guhungabanya umuteguro w'ibikoresho byo mu isomero.

Abashyitsi ntibemerewe kujya mu isomero badafite uruhusa rw'abayobozi b'ikigo k'ishuri.

Ibitabo byifashishwa mu buryo bwihariye (Inkoranyamagambo zinyuranye, amakarita y'isi, amakarita, n'ibindi) ntibigomba gusohorwa mu isomero.

Nta tabiryemerewe kugezwa mu isomero.

Ikitonderwa: Umwarimu/umukozi ushinzwe isomero/umukorerabushake afite inshingano yo gukora amatangazo agaragaza neza amabwiriza maze akayamanika imbere mu isomero ry'ikigo k'ishuri.

Gushyira ibitabo mu byiciro hakurikijwe ubwoko bwabyo

Nyuma yo gukora urutonde rw'ibitabo, ni ngombwa na none ko hakoreshwa uburyo bwemewe bwo gushyira ibitabo mu byiciro no kubiha inomeru kuko bifasha kubishyira mu tubati twabugenewe, kubikurikirana, no kubibona ku buryo bworoshye.

Uburyo bw'ingenzi bushobora kwifashishwa mu masomero y'ibigo by'amashuri ni ubwitwa DDC (Dewey Decimal Classification System). DDC ni uburyo bwo gushyira ibitabo mu byiciro aho ibiba bibikubiyemo bishyirwa mu bice icumi (aho bihabwa imibare kuva kuri 000 kugeza kuri 999) kandi n'utundi duce turi muri buri gice birangwa n'imibare y'ibice. Uburyo bwa DDC bukoreshwa mu masomero bashyira ku bitabo n'izindi nyandiko imibare ibiranga (kugira ngo byorohe kubikorera urutonde ndetse no kubishyira mu tubati twabugenewe). Ubu buryo bwahimwe n'umunyamerika wakoraga mu isomero witwaga Melville Dewey (1851-1931) mu kinyejana cya 19.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko uburyo bwa DDC bushobora gukoreshwa mu gushyira mu byiciro ibitabo byo mu isomero:

Umubare ndanga wa Dewey	Ibice 10 by'ingenzi	Ubwoko bw'ibitabo
000-099	Inyandiko rusange	Ansikolopedi, alumanaki, ibitabo bya byanditswemo ibyagezweho, n'ibindi
100-199	Filozofiya n'imatekerereze y'abantu n'imyifatire yabo	Ibintu birenze ibisanzwe
200-299	Iyobokamana	Amadini yok u isi, Inkuru za Bibiriya, Korowani, imigani ya kera
300-399	ubumenyamuntu	Guverinoma, ibiruhuko, umuco karande, imigani irimo amakabyankuru, uburezi, imibereho y'abantu
400-499	Indimi	Inkoranyamagambo, ibitabo by'izindi ndimi (Icyongereza, Igifaransa, igiswahili, n'Ikinyarwanda); Ikibonezamvugo, amarenga, imfashanyigisho z'indimi ...
500-599	Siyansi kamere n'imibare	Imibare, ubutabire, ubugenge, ibinyabuzima, ikirere, ibitare, ibimera, inyamaswa mu isanzure
600-699	Ubumenyi-ngiro	Ibihangano, ubuzima, ubwikorezi, ubutetsi, amatungo magufi
700-799	Ubukorikori n'imyidagaduro	Ubukorikori, ubugeni, gushushanya, gusiga amarangi, gucuranga, imikino, amafilimi, siporo/igororangingo
800-899	Ubuvinganzo	Imigani migufi, ubusizi, imikino, inzenya, ibisakuzo, udutabo tw'inkuru, imivugo, amakinamico,...
900-999	Amateka n'ubumenyi bw'isi	Ibihugu, amabendera, ibihe by'amateka, inkuru ku bantu ku giti cyabo (92 cyangwa 920)

Uko ibitabo by'indimi n'ubuvanganzo byashyirwa mu byiciro

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe tumaze kubona, indimi ziri mu kiciro cyo hagati ya 400-499 naho ubuvanganzo bukaba mu kiciro cyo hagati ya 800-899.

400: ibitabo by'indimi

Umubare ndanga wa Dewey	Ubwoko bw'ibitabo byashyirwa hamwe
407	Ibitabo by'imfashanyigisho zo mu mshuri.
410	Iyigandimi (Ikinyarwanda)
413	Inkoranya z'Ikinyarwanda
415	Ikibonezamvugo
419	Ururimi rw'amarenga
420	Icyongereza muri rusange
423	Inkoranya z'Icyongereza
425	Ikibonezamvugo k'Icyongereza
440	Igifaransa muri rusange
443	Inkoranya z'Igifaransa
445	Ikibonezamvugo k'Igifaransa
496	Indimi nyafurika (Igiswayire)

800: Ibitabo by'ubuvanganzo

Umubare ndanga wa Dewey	Ubwoko bw'ibitabo byashyirwa hamwe
810	Ubuvanganzo nyarwanda
811	Ubusizi
812	Ikinamico
813	Imigani miremire
814	Inkuru
815	Imbwirwaruhame
816	Amabaruwa
817	Ubuse na byendaguzetsa
818	Insigamigani, ibisakuzo, imigani migufi n'ubundi buvanganzo
820	Ubuvanganzo bw'Icyongereza
821	Ubusizi
822	Ikinamico
823	Imigani miremire
824	Inkuru
825	Imbwirwaruhame
826	Amabaruwa
827	Ubuse na byendaguzetsa
828	Insigamigani, ibisakuzo n'ubundi buvanganzo
840	Ubuvanganzo bw'Igifaransa
841	Ubusizi
842	Ikinamico
843	Imigani miremire
844	Inkuru
845	Imbwirwaruhame
846	Amabaruwa
847	Ubuse na byendaguzetsa
848	Insigamigani, ibisakuzo n'ubundi buvanganzo
890	Ubuvanganzo bw'izindi ndimi
896	Indimi nyafurika (Igiswayire)

Urugero rw'uko ibitabo byo mu kiciro kimwe byahabwa inomero

Nk'uko bigaragara, ibitabo by'imfashanyigisho zo mu mashuri bitangirwa na numero 407, igitabo cya mbere niba hari ibitabo byinshi byo muri ubu bwoko, byahabwa inomero mu buryo bukurikira: 407-001, 407-002, 407-003...

Gutondeka ibitabo mu kabati

Gutondeka inyandiko n'ibitabo by'imyandiko by'isomero hakurikijwe uburyo bwagenwe ni inshingano z'umukozi ushinze isomero. Ibitabo bivuga ku kintu kimwe bishyirwa mu gice kimwe hagendewe ku buryo bwo gutondeka ibitabo bwa DDC.

Hari uburyo butatu bwo gutondeka ibitabo mu tubati twabugenewe:

- Gushingira ku cyo ibitabo bivugaho (hashingiwe ku kiciro igitabo gihereyemo)
- Gukurikiza itonde ry'inyuguti (Hakoreshejwe inyuguti ya mbere y'izina ry'umwanditsi)
- Kugendera ku mubare ndanga (hashingiwe ku mubare wihariye uranga igitabo).

- Nyamara ariko, muri iki gitabo hatangwa inama y'uko hakoreshwa uburyo bugendeye ku bikubiye mu gitabo,

Gutiza no gutirura ibitabo

Ushinzwe isomero agomba gutiza ibitabo abagana isomero, ariko bakumvikana uburyo bwo kubikoresha n'igihe bazabigarurira. Umukozi w'isomero ushinzwe gutiza no gutirura afasha abagana isomero kubona amakuru y'ibinze ku bitabo biri mu isomero n'aho babishakira, akusanya ibitabo byagaruwe kandi agafasha mu kubahiriza amabwiriza y'itira n'itirura.

Gusana no gusimbuza ibitabo

Umukozi ushinzwe isomero agomba kugenzura ibitabo by'isomero, akamenya ibyangiritse akabisana, ibishaje bigakurwamo bigasimbuzwa, ibishya bigahabwa ibirango, ibitari mu myanya yabyo akabihashyira. Agomba gukuramo ibitagikenewe n'ibitajyanye n'igihe. Bitewe n'uburyo igikoresho cyangiritsemo, umukozi w'isomero agomba gufata umwanzuro niba bashobora kugisana cyangwa kugisimbuza.

Ibikoresho by'ibanze byo gusanisha ibitabo, umukozi wo mu isomero agomba kuba afite harimo: ubujeni (kore), Sikoci (scotch tape) ya santimetero 2.5 z'ubugari iyo ari ugusana ibifuniko by'ibitabo na santimetero 1 y'ubugari iyo ari ugusana impapuro zacitse, ibikoresho byifashishwa mu gukuraho imicucu, imikasi, inshinge zo kudoda n'indodo nini n'ibikoresho byifashishwa mu gusunika indodo mu mpapuro nyinshi.

b) Isomero ry'icyumba k'ishuri

Igisobanuro k'isomero ry'ishuri

Isomero ry'ishuri ni ikusanyirizo ry'ibitabo n'izindi nyandiko zahurijwe hamwe mu cyumba k'ishuri kugira ngo byegerezwe abanyeshuri. Isomero ry'ishuri ni ishami ry'isomero ry'ikigo k'ishuri. Uburyo bwo kubona imfashanyigisho zo gusoma hafi bugirira akamaro kanini abanyeshuri mu guteza imbere ubushobozi bwabo bwo gusoma no kwandika. Gahunda zo gusoma zirusha izindi umusaruro mu gusoma akenshi ni iziterwa inkunga n'amasomero y'ibyumba by'amashuri. Umwarimu w'ishuri agomba kumenya ibijyanye n'imicungire y'isomero ry'ishuri n'imikoreshereze yaryo kugira ngo yoroshye ibikorwa bitandukanye byo gusoma bibera mu cyumba k'ishuri.


Akamaro k'isomero ry'icyumba k'ishuri

Ibitabo byo kwigishirizamo bifite ireme ryo ku rwego rwo hejuru ni byo zingiro ry'amasomero y'ibyumba by'amashuri. Mu isomero hagomba kubamo ibitabo byiza bizabafasha mu kunoza imyigire yabo. Buri gitabo gifite intego kandi kigomba kuba cyujuje bimwe mu bigenderwaho mbere yo gushyirwa ku rutonde rw'ibyongerwa mu masomero y'ibyumba by'amashuri. Buri gitabo kigomba kuba kijyanye n'ikigero k'imyaka n'intera y'umwaka w'ishuri cyagenewe, gikubiyemo inyingisho z'uburezi kandi budaheza. Imfashanyigisho nyinshi kandi zishimishije zo gusoma zijyanye n'ikigero k'imyaka ndetse n'intera umunyeshuri agezeho bigomba gushyirwa ahagaragara mu tubati tw'ibitabo two mu byumba by'amashuri byagenewe abanyeshuri mu bushobozi bwabo bwo gusoma. Abanyeshuri bateganyirizwa igihe cyo gusoma no gusuzuma imfashanyigisho zo gusoma bavana mu isomero ry'ishuri kandi bagakurikiranwa mu bikorwa byo gusoma, mu masaha yagenewe isomero. Isomero ry'ishuri rigamije guha abanyeshuri amahirwe yo kwisanzura igihe batoranya ibitabo basoma.

Gushyira ibitabo mu kabati

Uko isomero ry'ishuri ryaba ringana kose, ni ngombwa ko hashyirwamo utubati twabugenewe dushobora kwimurwa mu buryo bworoshye, twaba dukoze mu mbaho cyangwa mu byuma. Utubati tugomba gushyirwa aho abanyeshuri bashyikira kugira ngo bagere ku bitabo mu buryo buboroheye. Hari utubati (etajeri) twabugenewe dushyirwa mu isomero ry'ikigo k'ishuri hari n'utubati twabugenewe dushyirwa mu isomero ry'icyumba k'ishuri.

Urugero rw'akabati ko mu isomero ry'icyumba k'ishuri rugaragara ku ishusho ikurikira(kagaragaza aho gutegura ibitabo n'aho kubibika):



Gutondeka ibitabo hakurikijwe ibyiciro byo gusoma:

Ku bitabo by'ikicro kimwe, ushobora gufata umwanzuro wo kubitondeka ushyira ibitabo birimo inkuru zitari impimbano mu nguni imwe cyangwa ukabitondeka ukurikije ibivuga ku bantu ukwabyo n'ibivuga ku nyamaswa ukwabyo. Ushobora kandi gutondeka ibitabo ukurikije intera usoma agezeho cyangwa ukabitondeka ukurikije inimeru iranga igitabo cyangwa se ugakurikiza itonde ry'inyuguti. Isomero ry'icyumba k'ishuri ritegurwa ku buryo ryorohereza abanyeshuri kubona vuba ibitabo bakeneye, bagashobora no kubisubiza mu myanya yabyo.

Imicungire y'isomero ry'icyumba k'ishuri

Umwarimu ni we ushinzwe isomero ry' icyumba k'ishuri.

Agomba:

- Gukorana n'ushinzwe isomero ry'ikigo k'ishuri bakagaragaza/bagatoranya ibitabo byo gusoma bikwiriye kuri buri cyumba k'ishuri.
- Kwandika umwirondoro w'ibitabo bishya biri muri rogisitiri yanditse ibitabo byakiriwe
- Gutegura/gutondeka rogisitiri y'igenzura ry'ibitabo byo mu cyumba k'ishuri.
- Gutegura impapuro ziriho amabwiriza agenga isomero ry'icyumba k'ishuri n'imbonerahamwe y'uburyo bwo gufata neza ibitabo akabimanika ahagaragara.
- Gukora ingengabihe yo gusomera mu cyumba k'ishuri.
- Gufasha abanyeshuri gushakisha ibitabo byo gusoma biri ku kigero cyabo.
- Gutanga urugero rw'imisomere myiza.
- Kwandika imyirondoro y'ibitabo bitirwe no gukurikirana ibitabo byarengeje igihe bitaratirurwa.
- Gusuzuma uko ibitabo bimeze, kubisana igihe bikenewe no gushyiraho ingamba zo kugaruza ibitabo byatijwe kugira ngo byongere bishyirwe mu cyumba k'ishuri.
- Gukurikirana no gushyigikira abanyeshuri b'abakorera bushake mu gushyira mu bikorwa inshingano zumvikanyweho z'isomero ry'icyumba k'ishuri.
- Kugenzura ko ibitabo byose n'imfashanyigisho bishyirwa mu gikarito cy'ububiko cyangwa mu kabati mbere y'impera z'icyumweru, no kugenzura ko agasanduka cyangwa akabati bifungishwa ingufuri ku mpamvu z'umutekano.
- Gufata iya mbere mu gushishikariza no gushyigikira abanyeshuri kugira ngo basome, hatitawe ku kuba ari abahungu cyangwa abakobwa cyangwa ku bushobozi bafite.
- Gushyira imbere ibitabo mfashanyigisho bitagira abo biheza mu cyumba k'ishuri.
- Gukorana n'ushinzwe isomero ry'ikigo k'ishuri mu myitozo yo kwandika no gusoma ndetse n'ibindi bikorwa bitegurwa ku rwego rw'icyumba k'ishuri.
- Umwarimu kandi afashwa n'abanyeshuri b'abakorera bushake mu micungire y'isomero ry'ishuri.

Umunyeshuri atanga umusanzu w'ingirakamaro mu iterambere ry'isomero ry'icyumba k'ishuri. Uruhare rwe rukubiyemo ibikorwa bikurikira:

- Gushishikarira gukoresha neza ibitabo by'isomero ry'ishuri.
- Kugaragariza bagenzi be imyumvire y'uko isomero ry'icyumba k'ishuri arifata nk'umutungo we ashinzwe kubungabunga.
- Kwigisha bagenzi be uburyo bwo gukora nk'itsinda.
- Gufasha ushinzwe isomero ry'icyumba k'ishuri mu micungire no mu mikoreshereze y'isomero ry'icyumba k'ishuri.

Gukoresha imyitozo yo gusoma

Kugira ngo abanyeshuri basome, hakorwa ingengabihe yo gusoma kandi bakagendera ku mabwiriza ahamye yo gukora imyitozo.

Imyitozo yo gusoma mu isomero ry'icyumba k'ishuri

Imyitozo yo gusomera mu isomero ifasha abanyeshuri gutyaza ubumenyingiro mu gusoma no guteza imbere umuco wo gusoma. Urugero, iyo baguteze amatwi usoma, abanyeshuri bashobora kongera ubumenyi mu rurimi no kwiyungura ubumenyi bw'amagambo mashya, naho iyo basubiza ibibazo babajijwe ku nkuru basomye, abanyeshuri bashobora kongera ubumenyi bwo kurushaho gusobanukirwa ibyo basoma. Imyitozo yo gusoma mu isomero ikubiyemo ibi bikurikira:

Gusoma mu ijwi riranguruye

Mu gihe cyo gusoma mu ijwi riranguruye, mwarimu agomba gusomera abanyeshuri ibitabo birimo inkuru zifite ireme ryo ku rwego rwo hejuru. Mu gihe arimo asoma mu ijwi riranguruye, mwarimu ashishikariza abanyeshuri kwerekana ku buryo bugaragara uruhare rwabo anabasaba kuvumbura, gusubiza ibibazo no gusubiramo ndetse no kongera kubara inkuru basomewe.

Gusomera hamwe

Mu gihe bakora imyitozo yo gusomera hamwe, abanyeshuri bashobora kwitoza bakoresheje ubumenyingiro bwo gusoma no kwandika bayobowe kandi babifashisjwemo na mwarimu. Nyuma yo gusoma inkuru inshuro imwe, mwarimu asoma bwa kabiri ya nkuru, ashishikariza abanyeshuri gusoma bajyana na we no kugira uruhare mu gusoma niba babikunze. Mwarimu kandi ashishikariza abanyeshuri kongera gusoma amagambo/interuro zabashimishije no kugira uruhare mu mwandiko usomwa bakora imyitozo banavuga amajwi ajyanye n'iyi nkuru.

Gusoma babiri babiri

Mu mwitozo wo gusoma babiri babiri, abanyeshuri baboneraho umwanya wo kwitoza gusomera icyarimwe na bagenzi babo. Iyo abanyeshuri babiri babiri bamaze gutoranya umwandiko, bashakisha aho bicara bucece bakitoza gusomera hamwe. Uko abanyeshuri basoma, mwarimu agenda abakurikirana, abunganira kandi agashyira imbaranga mu gusoma.

Gusoma buri wese ukwe

Iyo basoma buri wese ukwe, abanyeshuri batoranya umwandiko uri ku kigero cyabo bagashaka umwanya bicaramo maze bagasoma bucece. Uko abanyeshuri bagenda basoma, mwarimu ni ko agenda abakurikirana, abafasha akanabashishikariza kongera imbaraga mu byo basoma.

Imyitozo y'ingenzi

Soma witonze ukora utumenyetso unanyeganyeza bimwe mu bice by'umubiri.

Irinde gusomera abanyeshuri buri gihe ibitabo by'ubwoko bumwe. Abanyeshuri bagomba guteza amatwi inkuru z'ubwoko butandukanye

- Kurikirana abanyeshuri umwanya wose bamara mu mwitozo wo gusoma

- Shishikariza kandi ushimire abanyeshuri umuhate bagaragaje basoma
- Ha abanyeshuri umwanya wo gutoranya ibitabo batahana imuhira umwitozo wo gusoma nurangira.
- Abarimu bakorera imyitozo yo gusoma mu byumba by'amashuri bigishirizamo mu isaha yateganyirijwe isomero.

Amafishi yo gukurikirana imyitozo yo gusoma

Hari ubwoko bunyuranye bw'amafishi yifashishwa mu migcungire y'isomero: amwe muriyo murayasanga ku mugereka w'iki gitabo:

- Ifishi yo gukurikirana imicungire y'isomero
- Ifishi yo gukurikirana ibikorwa byo gusoma mu isomero
- Ifishi yifashishwa mu gusoma mu ijwi riranguruye no gusomera hamwe
- Ifishi yo gukurikirana iyo abana basoma babiri babiri n'iyi basoma buri wese ukwe
- Ikayi yabugenewe yo gutira no gutiruriramo ibitabo.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ingero z'ibibazo n'ingero z'ibisubizo

a) Garagaza uruhare rw'isomero mu kwimakaza umuco wo gusoma no kwandika.

Iyo isomero rifite ibyo gusoma bihagije, abanyeshuri bakaryitabira, ribafasha ribafasha kuzamura ubushobozi bwabo bwo gusoma, bagakunda gusoma, bityo gusoma bikinjira mu buzima bwabo kuo baba babona ibyo basoma bitabagoye.

b) Isomero ryo mu ishuri ritondeka ibitabo rikurikije iki?

Isomero ryo mu ishuri ritondeka ibitabo rikurikije ikigero cy'abanyeshuri byo gusoma.

c) Ni ayahemabwiriza y'ingenzi yakurikizwa mu isomero?

Amabwiriza y'ingenzi yakurikizwa mu isomero ni aya akurikira:

Ntamunyeshuri wemerewe kujya mu isomero atambaye impuzankano y'ikigo k'ishuri kugira ngo ushinzwe isomero amumenye ku buryo bworoshye.

Abanyeshuri bagomba kwinjira mu isomero bafite intoki zisukuye kandi zumutse.

Ntibyemewe kurira cyangwa kunywera mu isomero.

Birabujijwe guhungabanya umuteguro w'ibikoresho byo mu isomero.

Abashyitsi ntibemerewe kujya mu isomero badafite uruhusa rw'abayobozi b'ikigo k'ishuri.

Ibitabo byifashishwa mu buryo bwihariye (Inkoranyamagambo zinyuranye, amakarita y'isi, amakarita, n'ibindi) ntibigomba gusohorwa mu isomero.

Nta tabiryemerewe kugezwa mu isomero.

d) Kuki ibitabo by'uko bumwe bigomba gushyirwa hamwe kandi bigahabwa inomero?

Ibitabo by'ubwoko bumwe bigomba gushyirwa hamwe kandi bigahabwa inomero kugira ngo byorohere ababishaka kubibona kandi bifashe ushinzwe isomero kugenzura ko nta bitabo byazimiye.

e) Isomero ryo mu ishuri ritandukaniyehe n'isomero ry'ikigo k'ishuri?

Isomero ryo mu ishuri ricungwa n'umwarimu ushinzwe ishuri cyangwa isomero naho isomero ry'ikigo rigira umukozi urishinzwe.

Isomero ry'icyumba k'ishuri rigizwe n'akabati kaba mu ishuri abanyeshuri bigiramo naho isomero ry'ikigo rigizwe n'utubati twinshi kandi rifite icyumba cyaryo kihariye.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo cy'umukoro

Shyira ibitabo bikurikira mu byiciro byabyo wifashishije uburyo bwa DDC:

- a) BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
- b) HAMELINE, D., 1983, *Les objectifs pédagogiques (4ème édition)*, Editions ESF, Paris.
- c) IGIRANEZA T, 1991, *Ikibonezamvugo cy'ikinyarwanda*, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3, BPS, Kigali.
- d) MINISITERI Y'UBUREZI, *Integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mashuri ikinyarwanda gitegetswe kwigishwamo nk'isomo*, Kigali, 2015.
- e) BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga*, Diocèse de Nyundo, icapwa rya kabiri.
- f) BIGIRUMWAMI, A., 2004; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.
- g) Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani*, icapisho rya gatatu, Printer Set.

400-499: Indimi

- a) BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **413-001**
- b) HAMELINE, D., 1983, *Les objectifs pédagogiques (4ème édition)*, Editions ESF, Paris.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **407-001**
- c) IGIRANEZA T, 1991, *Ikibonezamvugo cy'ikinyarwanda*, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3, BPS, Kigali.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **415-001**
- d) MINISITERI Y'UBUREZI, *Integanyanyigisho y'ikinyarwanda mu mashuri ikinyarwanda gitegetswe kwigishwamo nk'isomo*, Kigali, 2015.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **407-002**

800-899: Ubuvanganzo

- e) BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga*, Diocèse de Nyundo, icapwa rya kabiri.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **818-001**
- f) BIGIRUMWAMI, A., 2004; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **810-001**
- g) Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani*, icapisho rya gatatu, Printer Set.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **818-002**

II.5.4 Isomo rya kane: Ingingo nsanganyamasomo ziboneka mu mfashanyigisho

Intego zihariye

- Kugaragaza imfashanyigisho zishimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n'iry'uburezi budaheza.
- Gusobanura uburyo habungabungwa ibidukikije mu gihe cyo gukora imfashanyigisho.
- Gushaka no gukora imfashanyigisho zigaragaza ingingo nsanganyamasomo.

Imfashanyigisho:

- Iyigayigisha ry'ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.
- Imfashanyigisho: amashusho, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho ntegwamatwi, imfashanyigisho z'iyumvabona.

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Ni iyihe myitozo yo gusoma umwarimu yakoresha mu isomero ryo mu cyumba k'ishuri?

Gusoma mu ijwi riranguruye

Gusomera hamwe

Gusoma babiri babiri

Gusoma buri wese ukwe

Ni ayahe mafisi yifashishwa mu gukurikirana imyitozo yo gusoma

Ifishi yo gukurikirana imicungire y'isomero

Ifishi yo gukurikirana ibikorwa byo gusoma mu isomero

Ifishi yifashishwa mu gusoma mu ijwi riranguruye no gusomera hamwe

Ifishi yo gukurikirana iyo abana basoma babiri babiri n'iyi basoma buri wese ukwe

Ikayi yabugenewe yo gutira no gutiruriramo ibitabo.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo cy'igikorwa cya 4 kiri mu cy'umunyeshuri, mu mutwe wa kabiri.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Iyo igihe cyagenewe amatsinda kirangiye, umwarimu asaba buri tsinda kumurikira abandi ibyo ryakoze bagafatikanya kubinoza no kubyuzuzanya. Iyo bamaze kubinoza, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Wifashishije ifashishije urutonde rw'uturango tw'ingingo nsanganyamasomo, garagaza amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri agaragaramo:

- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye
- Ihame ry'uburezi budaheza
- Umuco w'ubuziranenge
- Kubungabunga ibidukikije

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Ingingo nsanganyamasomo ziboneka mu mfashanyigisho

Hari ingingo nsanganyamasomo zishobora kugaragarira mu mfashanyigisho zitandukanye, ku buryo mu gihe zitegurwa cyangwa zikorwa hari ibigomba kwitabwaho. Izo ingingo ni ihame ry'uburinganire n'ubuzuzanye, uburezi budaheza, umuco w'ubuziranenge no kubungabunga ibidukikije. Mu rwego rwo kugenzura niba ingingo nsanganyamasomo igaragara mu mfashanyigisho iyi n'iyi hari amafishi y'urutonde rw'uturango twa buri ingingo nsanganyamasomo rushobora kwifashishwa. *Amafishi ari ku mugereka agaragaza utwo turango.*

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Ingero z'ibibazo n'ingero z'ibisubizo

1. Itegereze amashusho ari mu gitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri umwaka wa gatatu uvuge ingingo nsanganyamasomo zigagariramo.

Urugero: ishusho ya mbere ku rupapuro rwa 2: haragaragaramo **ihame ry'uburinganire n'ubwuzanyeye:** umugabo n'umugore barafatanyaga imirimo.

2. Shushanya imfashanyigisho yakwifashishwa mu gusoma no kwandika hanyuma uvuge ingingo nsanganyamasomo igaragaza.

Ishusho ikurikira iragaragaraho **umuco wo kubungabunga ibidukikije**. Umwana uri kugaburira inuma.



4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

II.5.5 Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa xxx)

Mbere yo gufatanyaga n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma rizoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Garagaza ibikoreshe bitandukanye biboneka mu bidukikije n'ibindi bishobora kugurwa umwarimu n'abanyeshuri bashobora gukenera bari gukora imfashanyigisho.

II. 6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonyemo imfashanyigisho umwarimu n'abanyeshuri bashobora gushaka no kwikorera; tubonamo ibitabo byifashishwa mu gutegura amasomo y'Ikinyarwanda; twabonyemo kandi isomero ry'ikigo k'ishuri n'isomero ry'icyumba k'ishuri; ndetse tunabonamo ingingo nsanganyamasomo zishobora kugaragarira mu mfashanyigisho.

II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Ubushobozi bwo:

Gutahura imiterere y' ibitabo n'izindi mfashanyigisho byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri abanza n'uburyo bwo gukoresha isomero.

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa xxx)

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ibi bibazo ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Kosora isuzuma ureba ko abanyeshuri basubije ibibazo neza bakurikije ibyo bize cyangwa ubumenyi rusange bafite.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Ni akahe kamaro imfashanyigisho igira ku wigisha no ku wigishwa?

Imfashanyigisho zifasha uwigisha kumvikanisha neza ibyo yigisha ku buryo butagoye kandi igafasha uwiga kwiyumvisha vuba ibyo yiga no guhora abyibuka.

2. Igitabo cy'umunyeshuri cyo mu mwaka wa mbere giteye giteye?

Igitabocya umunyeshuri cyo mu mwaka wa mbere kigizwe n'imitwe 9. Gifite amabara atandukanye: ubururu bwerekena ibyigwa bishya, idoma ryerekana imyitozo, icyatsi kibisi kerekana isuzuma risoza umutwe n'icyatsikibisi gitsindagiye kigaragaza intangiriro y'umutwe.

3. Vuga amoko y'ibitabo by'inkuru bikorehwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Hari Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, Inkuru abanyeshuri bisomera ziri ku kigero cyabo n'inkuru abanyeshuri bisomera nyuma yo kwiga ingombajwi cyangwa igihekanerunaka.

4. Wifashishije imbonerahamwe, tandukanya isomero ry'ikigo k'ishuri n'isomero ryo mu ishuri.

Isomero ry'ikigo k'ishuri	Isomero ryo mu ishuri
Isomero ry'ikigo cy'amashuri ni ahantu hari ibikoresho, bishobora kubonwa n'abanyeshuri, abarimu, abayobozi b'ikigo cy'amashuri ndetse n'abaturage kugira ngo babyifashishe, babitire cyangwa bibafashe mu kongera ubushobozi bwa kinyamwuga. Riba ririmo ibitabo, ibinyamakuru, inyandiko, videwo, ibyumvishwa amatwi, amakarita, ibimanikwa, ibishushanyo, udukarita duto, ibikinisho, ibijyanye n'ikorabuhanga, ndetse n'ibindi. Isomero ry'ikigo cy'amashuri rigomba kuba ryujuje ibisabwa cyangwa se riri ku rwego ruciriritse.	Isomero ry'ishuri rishobora gusobanurwa ko ari ikusanyirizo ry'ibitabo n'indi myandiko yahurijwe hamwe kugira ngo bibashe kwegereza abanyeshuri bitagoranye mu byumba by'amashuri. Isomero ry'ishuri ni ishami ry'isomero ry'ikigo k'ishuri. Ubu buryo bwo kubona imfashanyigisho zo gusoma bugirira akamaro kanini abanyeshuri mu guteza imbere ubushobozi bwabo mu kumenya gusoma no kwandika. Gahunda zo gusoma zirusha izindi umusaruro mu gusoma akenshi ni iziterwa inkunga n'amasomero y'ibyumba by'amashuri. Umwarimu w'ishuri utegerejwe guhugurwa ku micungire y'isomero ry'ishuri no ku mikoreshereze yaryo kandi akaba ategerejweho koroshya ibikorwa bitandukanye byo gusoma bibera mu cyumba k'ishuri. Uko byuvikana muri iyi ngingo, uwo mwarimu azitwa ushinzwe isomero ry'ishuri.

5. Sobanura inshingano z'abanyeshuri muri rusange n'iz'abanyeshuri b'abakorerabushake mu isomero ry'ishuri.

Umunyeshuri atanga umusanzu w'ingirakamaro mu iterambere ry'isomero ry'icyumba k'ishuri. Uruhare rw'abanyeshuri rukubiyemo ibikorwa bikurikira:

- Gushishikarira gukoresha neza ibitabo by'isomero ry'ishuri.
- Kugaragariza bagenzi be imyumvire y'uko isomero ry'icyumba k'ishuri arifata nk'umutungo we ashinzwe kubungabunga.
- Kwigisha bagenzi be uburyo bwo gukora nk'itsinda.
- Gufasha ushinzwe isomero ry'icyumba k'ishuri mu micungire no mu mikoreshereze y'isomero ry'icyumba k'ishuri.

6. Shyira ibitabo bikurikira mu byiciro byabyo wifashishije uburyo bwa DDC:

- BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
- HAMELINE, D., 1983, *Les objectifs pédagogiques (4ème édition)*, Editions ESF, Paris.
- IGIRANEZA T, 1991, *Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali.
- MINISITERI Y'UBUREZI, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri Ikinyarwanda gitegetswe kwigishwamo nk'isomo*, Kigali, 2015.
- BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga, Diocèse de Nyundo, icapwa rya kabiri.*
- BIGIRUMWAMI, A., 2004; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda, Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.*
- Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani, icapisho rya gatatu*, Printer Set.

400-499: Indimi

- BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **413-001**
- HAMELINE, D., 1983, *Les objectifs pédagogiques (4ème édition)*, Editions ESF, Paris.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **407-001**
- IGIRANEZA T, 1991, *Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **415-001**
- MINISITERI Y'UBUREZI, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri Ikinyarwanda gitegetswe kwigishwamo nk'isomo*, Kigali, 2015.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **407-002**

800-899: ubuvanganzo

- BIGIRUMWAMI, A, 2004; *Imigani migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga, Diocèse de Nyundo, icapwa rya kabiri.*
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **818-001**
- BIGIRUMWAMI, A., 2004; *Imihango, Imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda, Diocèse de Nyundo, Icapwa rya kane.*
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **810-001**
- Ingoro y'Umurage w'u Rwanda, 2005; *Ibirari by'insigamigani, icapisho rya gatatu*, Printer Set.
Mu buryo bwa Dewey, iki gitabo cyafata numero **818-002**

II.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

II.8.1. Urugero rw'imyitoto nizamurabushobozi

1. Sobanura akamaro ko gukoresha itegeko ry'intoki eshanu.
2. Sobanura ibitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda muri buri kiciro cy'amashuri abanza.
3. Wifashishije ibitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu kiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, garagaza imitere ya buri gitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

II.8.2. Urugero rw'imyitoto nyagurabushobozi

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda n'ibitabo binyuranye bivuga ku mfashanyigisho, andika ibaruwa isaba ababyeyi n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi mu mirongo itarenze cumi n'itanu kuza kwifatanya namwe mu gikorwa muteganya cyo gukora imfashanyigisho z'Ikinyarwanda kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Ku mugereka w'iyi baruwa ushyireho imbonerahamwe igaragaza urutonde rw'imfashanyigisho icumi, ibikoresho muzifashisha akamaro ka buri mfashanyigisho, inshamake y'uko yakorwa n'uko umwarimu azayifashisha yigisha, n'amasomo azayifashishamo.

II.8.3. Urugero rw'imyitoto y'inyongera

1. Ni izihe mfashanyigisho umwarimu ashobora kwikorera?
2. Ni iki umwarimu agomba kwitaho mu gihe akora imfashanyigisho?

II.9. Amakuru y'inyongera

Ku bindi bisobanuro byimbitse ku miterere y'ibitabo, umwarimu yakwifashisha ibitabo binyuranye by'amahugurwa bivuga ku miterere yabyo byateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n'ibindi byateguwe n'Umushinga USAID Soma Umenye ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n'ibindi.

Ku bijyanye n'imfashanyigisho, umwarimu yakoresha igitabo *Enhancing the Quality of Early Childhood Education in Rwanda, 2015, VSO ECE Handbook Guidance for Making and Using Teaching and Learning Materials, Kigali- Rwanda*.

Amabwiriza y'isomero ry'ikigo k'ishuri.

UMUTWE WA GATATU: INAMA, AMAHAME N'AMAHANGE BYO KWIGISHA URURIMI KAVUKIRE

III.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutahura inama, amahame n'amahange yo kwigisha ururimi kavukire n'imbogamizi zishobora kuboneka mu myigire yarwo.

III.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri utangiyeye mu mwaka wa mbere w'ishuri nderabarezi, aba asobanukiye n'ururimi kavukire, azi ko umwana arwigira mbere na mbere ku bo babana bitabaye ngombwa ko barumwigisha nk'uko bigisha mu ishuri. Umunyeshuri kandi azabigiraho ubumenyi buhagije mu isomo ry'Imisingi y'Uburezi mu mutwe witwa "Iby'ibanze mu mikurire y'umuntu"¹ no mu mutwe witwa "Ingingo z'ingenzi mu mikurire."²

1 Introduction to human development

2 Developmental milestones

III.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatatu maze basubize ikibazo gihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

Ikibazo n'urugero rw'igisubizo

Ni ibiki umwarimu uvugwa mu nkuru iri mu gikorwa cy'umwinjizo yagombye kuba yarakoze byari gutuma abanyeshuri be batsinda neza?

Umwarimu uvugwa mu nkuru iri mu gikorwa cy'umwinjizo yagombye kuba yarigishe Ikiyarwanda mu Kinyarwanda aho kukigisha akivanga n'izindi ndimi, yagombye gukosora abanyeshuri bakora amakosa aho kubihorera kandi akita kuri buri munyeshuri aho kubafata bose mu kivunge.

III.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Inama, amahame n'amahange byo kwigisha ururimi kavukire	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura iby'ibanze mu kwigisha ururimi kavukire. - Gusesengura amahame n'amahange yo kwiga no kwigisha ururimi rw'Ikiyarwanda. - Gushishikariza abanyeshuri gukunda kwiga no gukoresha neza ururimi rw'Ikiyarwanda. 	Iminota 40
2	Umunyeshuri utangiye amashuri abanza n'ururimi kavukire.	Gusobanura urwego rw'ururimi umwana atangirana amashuri abanza.	Iminota 40
3	Uburyo bwo kwigisha ururimi n'uburyo bwo kwigisha bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura uburyo bunyuranye bwifashishwa mu kwigisha gusoma no kwandika. - Guhitamo uburyo burusha ubundi gufasha abanyeshuri kwiga Ikiyarwanda - Kugaragaza uko buri buri buryo bwifashishwa mu kwigisha Ikiyarwanda. - Gusobanura uko uburyo bwa "Ndatanga urugero-Dukorane twese-Buri wese akore" bukoreshwa mu kwigisha gusoma no kwandika. 	Iminota 40
4	Inkingi zo kwigisha gusoma no kwandika.	<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora no gusobanura inkingi zo kwigisha gusoma no kwandika. - Gusesengura inkingi eshanu zo kwigisha gusoma no kwandika. 	Iminota 40
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu Imyitozo nyagurabushobozi Imyitozo nzamurabushobozi			Iminota 40

III.5. Imbonezamasomo

III.5.1 Isomo rya mbere: Inama, amahame n'amahange byo kwigisha ururimi kavukire

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura iby'ibanze mu kwigisha ururimi kavukire- Gusesengura amahame n'amahange yo kwiga no kwigisha ururimi rw'Ikinyarwanda- Gushishikariza abanyeshuri gukunda kwiga no gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umwarimu- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri

1. Intangiriro:

Uhereye ku bumenyi usanze abanyeshuri bafite ku bizigwa mu mutwe wose, babwire ko bazagenda barushaho gusobanukirwa ibijyane n'imikoreshereze y'integanyanyigisho mu masomo anyuranye mugiyeye kwiga.

2. Isomo rishya:

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Tekereza itandukanirwo riri hagati y'inama, ihame n'ihange hanyuma ushake inama wagira umwarimu w'ururimi kavukire, amahame yakwitaho ndetse n'amahange yamuyobora kugira ngo abashe kurwigisha uko bikwiye.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Mu buzima busanzwe abantu bagira inama abandi bakazigenderaho mu mibereho yabo; abandi ugasanga bafite amahame bubakiyeho abayobora mu gukora imishinga inyuranye; hakaba n'abandi bagendera ku mahange yahanze n'abahanga, bagakora ubushakashatsi bubafasha kwiteza imbere. *Cambridge University Press, 2012, Inkoranywa y'umunyeshuri Kamburiji, Icapwa rya kane*³ isobanura inama, amahame n'amahange mu buryo bukurikira:

Inama ni umurongo ngenderwaho uhabwa n'undi muntu ukagufasha gukora igikorwa neza no kwirinda ingaruka zaterwa n'imikorere idahwitse.

Ihame ni itegeko cyangwa imyemerere igufasha guhindura imyitwarire uhereye ku byiza uyibonamo kandi wemera ko ari ukuri.

Ihange ni igitekerezo cyangwa urwunge rw'ibitekerezo bigamije gusobanura ikintu runaka.

Mu kwigisha ururimi kavukire urwo ari rwo rwose, hari inama zagirwa umwarimu, hari amahame agomba kumenya ndetse hari n'amahange agomba gukurikiza kugira ngo abashe kurwigisha uko bikwiye

a) Inama zo kwigisha ururimi kavukire

Umwarimu wigisha ururimi kavukire yakurikiza inama zikurikira:

- **Kwigisha ururimi muri urwo rurimi:** umwarimu yirinda gukoresha urundi rurimi igihe yigisha ururimi kavukire.

- **Gukoresha uburyo ntegwamatwi:** umwarimu ashaka imfashanyigisho ntegwamatwi yatoranyije akazigishirizaho abanyeshuri.
- **Guha abiga umwanya wo kuvuga :** umwarimu akoresha ibimenyetso n’imfashanyigisho zitandukanye acecetse, abanyeshuri akaba ari bo batahura ibyo bavuga kandi akajya abagera umwanya uhagije wo kuvugira mu ruhame.
- **Abanyeshuri bagomba kugira uruhare rufatika:** abanyeshuri banoza ururimi igihe bahabwa umwanya wo kurukoresha mu bikorwa bitandukanye.
- **Kwifashisha ikoranabuhanga:** umwarimu yifashisha ibikoresho bitandukanye by’ikoranabuhanga mu bikorwa bifasha abanyeshuri kunoza ururimi.

b) Amahame yo kwigisha ururimi kavukire

- **Ururimi rwigwa buhorobuhoro:** kwigisha ururimi bisaba ko utangirira ku byoroshye ujya ku bikomeye, ku bizwi ujya ku bitazwi. Buri kigwa kigahabwa umwanya ukwiye ku buryo cyuzuzanya n’ibindi kandi bibaba intangiriro y’ibindi bizakuriraho.
- **Gukosora umunyeshuri bishingiye ku igereranya:** iyo umunyeshuri akoze ikosa umwarimu amukosora ashingiyeye ku itandukaniro cyangwa se ku isano biri hagati y’inshoza yifuzwa n’iyo umunyeshuri yatanze. **Urugero: sh/shy.** Mwarimu asobanura ashingiyeye ku itandukaniro ry’inshoza zatanze.
- **Kwita kuri buri munyeshuri ku giti ke:** umwarimu ntagomba gufata abiga muri rusange kuko n’ubwo abantu bafite byinshi bahuriyeho ariko bagira n’ibyo batandukaniyeho mu myigire yabo. Buri wese abafite uburyo bwe bwo kwiga kandi akagira n’ingorane ze zitandukanye n’iz’abandi zituma yitabwaho ku buryo bwihariye.
- **Isubiramo rihoraho:** umwarimu agomba guhora akoresha isubiramo riteguye, rihamye kandi riboneye kuko kwiga ari uguhozaho.
- **Gukoresha imyigishirize n’imyigire igamije kubaka ikizere n’ubushobozi:** umwarimu agomba gufasha umunyeshuri gutinyuka, akigirira ikizere, ntiyisuzugure yumva ko adashoboye, kuko ari byo bimugeza ku bushobozi bukenewe.
- **Ikosa rikozwe rigomba kuba imvano y’irindi somo:** umwarimu agomba gukosora umunyeshuri atamuhutaje kandi bikamubera imvano yo kunguka ubumenyi bushya atari kuri we wenyine ahubwo ku ishuri ryose.

c) Amahange yo kwiga ururimi

Amahange yo kwigisha ururimi kavukire agizwe n’ingingo zikurikira:

- **Abana bavukana ubushobozi bwo kuvuga ururimi:** iri hange rivuga ko mu bwonko bw’umwana habamo ubushobozi karemano bumufasha gukora amagambo n’interuro. Ni yo mpamvu rero umwana ashobora kuvuga amagambo mashya n’interuro bishya atagombye kugira aho abyumva cyangwa abyiga. Mu ishuri, ubu bushobozi umwana avukana bwiyongera binyuze mu bikorwa bitandukanye umurezi amuha.
- **Abana biga ururimi bigana:** iri hange rivuguruza irivuga ko umwana adategereza kwigana ibyo umuntu mukuru avuze. Bityo rero ku bw’iri hange urugero rw’umurezi ni ngombwa cyane kugira ngo umwana anoze ururimi. Iri hange kandi rinavuga ko gushimira umwana ukoze neza bigira akamaro mu kunoza ururimi kuko bituma ahorana ishyamba ryo gukora neza kurushaho kugira ngo akomeze ashimwe.
- **Amagambo n’interuro abana bavuga biva mu ntekerezo zabo:** nta bwo abana bavuga ibintu ku buryo bubatunguye, ubwonko bwabo buba bwabanje gutekereza. Iri hange riragaragaza ko abantu batekereza mu rurimi kavukire ku buryo bwihuse. Uyu mwitoto w’ubwonko ni wo utuma umwana ashobora gutekereza no kwibuka iyo akoresha ururimi.
- **Abana biga ururimi basabana n’abandi bantu:** kuganira n’abana cyangwa kubaha umwanya wo kuganira bituma banoza ururimi. Umurezi ashingiyeye kuri iri hame aha abanyeshuri imyitoto ituma baganira mu matsinda n’ibiganiro mpaka hagamijwe kunoza ururimi. Kuganira n’abantu bakuru bifasha umwana kunoza ururimi uko ruvugwa ndetse bakanakungahaza inyunguramagambo zabo. Bituma kandi umwana asobanukirwa kandi agatera imbere mu bijyanye n’umuco.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

- a) Kamari yajyanye n'umuryango we muri Kanada. Agezeyo umwana we yari akiri muto cyane, yafashe ururimi rw'Icyongereza yibagirwa amagambo make yari amaze kumenya y'Ikinyarwanda. Nyuma y'imyaka icumi Kamari yagarutse mu Rwanda n'umuryango we maze ashaka umwarimu wo kwigisha umwana we Ikinyarwanda.

Umwarimu uzigisha umwana wa Kamari wamugira izihe nama?

Inama nagira uyu mwarimu yakwigisha uyu mwana mu Kinyarwanda atamuvangiramo icyongereza, agakoresha uburyo ntegwamatwi kugira ngo uyu mwana arushaho kumva neza uburyo amajwi y'Ikinyarwanda avugwa, akajya amuha umwana uhagije wo kuvuga kandi akamureka akajya agira uruhare rufatika mu bikorwa by'imyigire.

Ushingiye ku mahame n'amahange wize, uyu mwarimu azigisha umwana wa Kamari Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire? Kubera iki?

Nta bwo azamwigisha Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire, kuko uriya mwana ururimi rwe kavukire ni icyongereza n'ubwo yari amaze kumenya amagambo make y'Ikinyarwanda ntibihita bimugira umwenerurimi kavukire kuko ntiyigeze avuga Ikinyarwanda ku buryo bwuzuye.

b) Semana yabonye hari ibintu byinshi inguge ihuza n'umuntu ariko asanga ntibasha kuvuga. Semana arashaka kwigisha inguge kuvuga ururimi rw'Ikinyarwanda.

Ese Semana azabasha kugera ku kifuzo ke?

Oya.

Sobanura igisubizo cyawe wifashishije amwe mu mahame n'amahange yo kwigisha ururimi kavukire.

Ntazabigeraho kubera ubushozi bwo kuvuga bwihariwe n'umuntu kandi arabuvukana.

III.5.2 Isomo rya kabiri: Umunyeshuri utangiye amashuri abanza n'ururimi kavukire

Intego zihariye
Gusobanura urwego rw'ururimi umwana atangirana amashuri abanza
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza
- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri
- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umwarimu

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Garagaza itandukaniro riri hagati y'itahuramajwi n'ihuzamajwi.

Itandukaniro riri hagati y'itahuramajwi n'ihuzamajwi ni uko itahuramajwi rikorwa mu mvugo gusa naho ihuzamajwi rigakorwa hahuzwa imvugo n'inyandiko.

b) Vuga ibikorwa nibura bitatu umwarimu yafasha umunyeshuri amutoza kwandika.

Yamufasha kumenya uko bafata ikaramu, gukoresha akaboko kamubangukira, kumenya uko inyuguti zandikwa n'amerekezo yazo ...

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 2 kiri mu gitabo cyabo mu mutwe wa gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 2

Kuvuga ururimi kavukire birizana nyamara gusoma no kwandika birigwa. Tekereza umwana ugeze igihe cyo gutangira amashuri abanza mu Rwanda, uvuge ubushobozi aba afite mu rurimi rw'Ikinyarwanda, uvuge n'ubushobozi akeneye guhabwa muri urwo rurimi.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Umunyeshuri utangiye amashuri abanza n'ururimi kavukire

Umunyeshuri w'Umunyarwanda utangiye amashuri abanza, aba asanzwe yumva kandi avuga Ikinyarwanda nk'ururimi rwe kavukire yigiyeho kuvuga, ibi bikamufasha mu gihe atangiye kwiga gusoma no kwandika. Kuba rero aba azi amagambo menshi, akayumva ndetse akanayavuga, ntibibujije ko aba atazi ko amajwi ashobora guhagararirwa n'ibimenyetso, ntaba azi ko ururimi rugira imiterere yarwo, ntaba azi ko amagambo akoresha ashobora gusesengurwamo inyajwi n'ingombajwi. Kuri we ijambo ni ikinyabumwe yifashisha avuga. Ikindi kandi abana bamwe na bamwe baba bagifite ingorane mu kuvuga amwe mu amajwi cyanecyane ay'ibihekane. Umwarimu rero afite inshingano yo kumutoza kuyavuga neza no kumufasha kunguka andi magambo mashya agenda ahura na yo ndetse akagenda amufasha guhishura buhorobuhoro ubwo bumenyi bwose bukubiye mu rurimi rwe.

Kwigisha umwana w'Umunyarwanda ururimi rw'Ikinyarwanda ni ukumufasha kuzaba Umunyarwanda udafite isoni n'ubwoba byo guhamya umuco nyarwanda mu ruhande rw'amahanga bityo umuco nyarwanda ntuzamirwe n'imico y'amahanga. Kwigisha Ikinyarwanda rero ni uguhamya ubunyarwanda, ni ugukundisha umwana w'Umunyarwanda ibyo abakurambere be bahanze bakabisigira buri Munyarwanda wese ho umurage.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Ikibazo n'urugero rw'ibisubizo

Garagaza ingorane umwenerurimi w'Ikinyarwanda utangiye kukiga mu mashuri abanza yahura nazo n'uko wazikemura nk'umwarimu we.

- Umwenerurimi w'Ikinyarwanda utangiye kukiga mu mashuri abanza ashobora kugira ingorane zo kuvuga amajwi amwe n'amwe yaba ay'ingombajwi ndetse n'ibihekane. Ashobora kugira ingorane zo kudasobanukirwa n'amagambo amwe n'amwe. Ashobora kandi kugira ingorane zo kwandika nabi ntatandukanye amerekezo y'inyuguti runaka.
- Umwarimu yamufasha amubiriramo ku buryo bwumvikana kandi amubirishamo inshuro nyinshi amajwi afiteho ibibazo. Amagambo adasobanukiye, umwarimu agomba kuyamusobanurira kandi akifashisha n'imfashanyigisho mu kuyasobanura. Mbere yo gutangira kwandika inyuguti, umwarimu agomba kumutoza kwandika imirongo itandukanye n'amerekezo yayo, kandi akamuha amahirwe yo kuyitegereza no kuyitandukanya.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ikibazo cy'umukoro

Shakisha amajwi y'Ikinyarwanda akunze kunanira abana cyangwa bakayitiranya n'andi kugeza nibura ku myaka irindwi.

III.5.3 Isomo rya gatatu: Uburyo bwo kwigisha ururimi n'uburyo bwo kwigisha bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura uburyo bunyuranye bwifashishwa mu kwigisha gusoma no kwandika.- Kugaragaza uko buri nzira yifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda.- Gusobanura uburyo bwa "Ndatanga urugero- Dukorane twese- Buri wese akore"
Imfashanyigisho:
<ul style="list-style-type: none">- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri.- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubakosore, ufashe abafite ibibazo byihariye.
- Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Tanga ibisobanuro by'inama, amahame n'amahange bikurikira:

Guha abiga umwanya wo kuvuga

Bivuze ko umwarimu akoresha ibimenyetso n'imfashanyigisho zitandukanye acecetse, abanyeshuri akaba ari bo batahura ibyo bavuga kandi akajya abagera umwanya uhagije wo kuvugira mu ruhamwe batanga ibitekerezo byabo.

Kwita kuri buri munyeshuri ku giti ke

Bivuze ko umwarimu atagomba gufata abiga muri rusange kuko n'ubwo abantu bafite byinshi bahuriyeho ariko bagira n'ibyo batandukanyeho cyanecyane mu myigire yabo. Buri wese rero aba afite uburyo bwe bwo kwiga kandi akajya n'ingorane ze yihariye zitandukanye n'iza bagenzi be, bigatuma aba agomba kwitabwaho ku buryo bwihariye.

Abana biga ururimi bigana

Bivugaga ko urugero rw'umurezi ari ngombwa cyane kugira ngo umwana anoze ibyo yiga.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ibibazo cyo mu gikorwa cya 3 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 3

- Urashaka kwigisha umunyeshuri uko bakora imigemo y'igihekane "by", cyangwa se amategeko y'igenamajwi mu mazina mbonera. Tekereza inzira wanyuzamo inyigisho zawe kugira ngo wizere ko umunyeshuri abyumvise kandi abimenye. (Wahera ku ki? Wakurikizaho iki? Warangiriza ku ki?)*
- Tekereza uburyo wakoresha ushaka kwigisha umuntu indirimbo. Wamufasha ute kugira ngo ayifate vuba? Ni iki cyakwerekaga ko yayifashe? Ubwo buryo wabwita ngo iki? Sobanura uko bukoreshwa.*

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Uburyo bwo kwigisha

Mu kwigisha ururimi ndetse n'andi masomo hari uburyo butandukanye umwarimu ashobora kunyuzamo igikorwa k'imyigire n'imyigishirize, bigafasha uwiga kubyumva vuba. Ashobora gukoresha uburyo ubu n'ubu cyangwa uruhurirane rw'uburyo butandukanye. Uburyo bukunze gukoreshwa cyane mu kwigisha indimi ni ubu:

Uburyo nsesenguzi

Umunyeshuri ahera ku kintu kiri rusange akaza kugera ku kintu kihariye. Ahereye ku mwandiko cyangwa ku nteruro ashobora kubisesenguramo amagambo, amagambo agasesengurwamo imigemo, imigemo na yo igasesengurwamo ibihokane, ingombajwi n'inyajwi ku buryo ashobora kwitegereza ikimenyetso ukwacyo. Iyo umwarimu yigisha ahera ku mwandiko, ku nkuru, ku magambo bifite icyo bisobanura mu buzima bwa buri muni bw'uwiga bagana ku bimenyetso byihariye cyangwa ku itegeko.

Uburyo buterateranya

Ubu buryo buhera ku kihariye bujya ku kiri rusange. bushobora guhera ku nyuguti cyangwa ku gihokane bujya ku mugemo, bugahera ku mugemo bujya ku ijambo, ku ijambo bujya ku nteruro cyangwa se ku nteruro bujya ku mwandiko.

Ikitonderwa: Abashyigikiye uburyo buterateranya bavuga ko buhera ku byoroshye (inyajwi, ingombajwi) bujya kubikomeye (ijambo, interuro) ariko abashyigikiye uburyo nsesenguzi na bo bakavugaga ko budakurikiza imizamukire mu bwenge y'umunyeshuri, ko ahubwo agomba guhera ku bigaragara, yumva, bifatika, ahura na byo mu buzima bwa burimuni agana ku bitagaragara, bitifitemo igisobanuro (inyajwi, ingombajwi, ibihokane n'imigemo).

Uburyo nkubirahamwe cyangwa uburyo mberabyombi


Ubu buryo bufatanyaga uburyo bwombi burasesengura hanyuma gugaterateranya. Bushobora gusengura bukagera ku kimenyetso cyangwa ku itegeko hanyuma bugahera kuri cya kimenyetso cyangwa kuri rya tegeko bigakoreshwa mu magambo no mu nteruro.

Ubu buryo bwose burakenewe kandi buruzuzanya.

b) Uburyo bwo kwigisha bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"

Mu buzima busanzwe, abantu benshi biga iyo babanje kubona umuntu akora ibyo bagiye kwiga. Noneho bakabigerageza hamwe n'urimo kubigisha, nyuma yaho bakabikora bonyine. Ni muri uru rwego hakoreshe ubu buryo mu kwigisha gusoma no kwandika.

Imbonerahamwe y'uburyo bukoreshwa mu kwigisha gusoma no kwandika bugamije guha umunyeshuri ubushobozi.



Iyi mbonerahamwe iragaragaza ibintu bitatu by'ingenzi bikenewe kugira ngo umunyeshuri agire ubushobozi bwo gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

Mu gutangira kwiga isomo rishya, umunyeshuri akeneye cyane urugero rw'umwarimu. Muri iki gihe, urugero rwiza rw'umwarimu rurakenewe cyane. Amabwiriza agomba kumvikana neza muri iki gice. Nyuma yo kwitegereza neza urugero, umwarimu n'abanyeshuri bakorana ibikorwa bisa n'ibyatanzweho urugero. Muri iki gice, abanyeshuri bunguka ubumenyigiro bwinshi bubategurira kwinjira mu gice gikurikiraho. Mu gice cya gatatu, abanyeshuri bakora bonyine, bashobora gukora mu matsinda mato ku buryo ku iherezo buri wese aba yakora neza igikorwa kiri mu rwego rumwe n'icyatanzweho urugero.

Hifashishijwe ubu buryo, umwarimu yubaka buhorobuhoro ubushobozi bw'abanyeshuri bwo gukora ibyo batari bazi, abashyigikira mu gikorwa cyo kwiga kugeza igihe babashirije kubikora bonyine.

“Ndatanga urugero”: Umwarimu atanga amabwiriza asobanura uko igikorwa kiri bukorwe kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza hanyuma agatanga urugero rw'igikorwa cyangwa umwitozo abanyeshuri baza gukora ku giti cyabo.

“Dukorane twese”: Umwarimu n'abanyeshuri bakorera hamwe igikorwa cyangwa umwitozo bisa n'ibyatanzweho urugero. Agasuzuma niba abanyeshuri bose bumvise uko umwitozo ugomba gukorwa.

“Buri wese akore”: Abanyeshuri bakora igikorwa cyangwa imyitoto biteye kimwe n'ibyatanzweho urugero ku giti cyabo. Bahabwa umwanya uhagije wo gukora imyitoto bakurikiza amabwiriza n'urugero bahawe n'umwarimu. Aha ni ho umwarimu amenya niba abanyeshuri bumvise koko cyangwa batumvise ibisobanuro n'ingero bahawe. Umwarimu kandi abona umwanya wo kugenzura no gufasha abanyeshuri gushyira mu bikorwa amabwiriza n'ingero yabahaye. Umwarimu azenguruka mu ishuri agenzura uko abanyeshuri barimo gukora kandi anafasha abanyeshuri bakeneye ubufasha cyangwa ibisobanuro bw'umwihariko. Iki ni igice k'ingenzi gifasha umunyeshuri kugera ku bushobozi bwifuzwa. Hatangwamo imyitoto bakorera icyarimwe, iyo bakora mu matsinda mato ndetse n'iyi buri wese yakora ku giti ke.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero z'ibisubizo

a) Wifashishije ibitabo by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, tahura ibikorwa binyuranye byakoreshejwemo uburyo bwo kwigisha ururimi bwizwe.

Mu bikorwa byo gukora imigemo mu masomo yo “Gusoma no gutahura ingombajwi cyangwa igihekane” hakoreshejwe uburyo buterateranya. Mu itahuramajwi mu gikorwa cyo gushaka ijwi ryigwa mu ijamba hakoreshejwe uburyo busesengura ndetse no mu ihuzamajwi bagaragaza ingombajwi zigize igihekane. Mu myitoto yo guhuza amagambo bagakora interuro hakoreshejwemo uburyo buterateranya nyamara mu bikorwa byo gushakisha utwatumuzo twakoreshejwe mu nteruro hakoreshejwe uburyo busesengura.

b) Garagaza ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri muri buri ntambwe y'uburyo bwa “Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore”

- Ndatanga urugero: umwarimu atanga amabwiriza, agatanga n'urugero. Abanyeshuri bumva amabwiriza, bagakurikira n'urugero bahabwa n'umwarimu.
- Dukorane twese: abanyeshuri bafatanyaga n'umwarimu gukora umwitozo usa cyangwa wenda gusa n'uwakozwe muri Ndatanga urugero.
- Buri wese akore: abanyeshuri bakora imyitoto ku giti cyabo, umwarimu akagenzura uko bakora kandi agatanga ubufasha ku babukeneye.

c) Wifashishije igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu by'amashuri abanza, garagaza ibikorwa binyuranye by'imyigire n'imyigishirize byakoreshejwemo uburyo bwa “Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore”.

Mu bitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ubu buryo bwakoreshejwe ku bikorwabyinshi bitandukanye: kwigisha inyunguramagambo; gusoma umwandiko, gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko; mu itahuramajwi; mu ihuzamajwi; gusoma imigemo amagambo n'interuro; ibikorwa bitandukanye byo kwandika n'ahandi.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo cy'umukoro

Tekereza ikintu wakwigisha mu Kinyarwanda ukoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", ushake ibikorwa byakorwa muri buri gice hanyuma uzakibwire bagenzibawe mu ishuri.

III.5.4 Isomo rya kane: Inkingi zo kwigisha gusoma no kwandika

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Kurondora no gusobanura inkingi zo kwigisha gusoma no kwandika. - Gusesengura inkingi eshanu zo kwigisha gusoma no kwandika.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none"> - Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umwarimu - Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri

1. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, babwire bagenzi babo ibikorwa batekereje n'uko babikoreshamo uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Baza abanyeshuri ibibazoku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ni akahe kamaro k'uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"

Bufasha abanyeshuri kubaka buhoro buhoro ubushobozi bwabo bwo gusoma no kwandika; bufasha umwarimu gukoresha abanyeshuri benshi, bufasha umwarimu kubona umwanya wo kwita ku bafite ibibazo byihariye n'ibindi.

2. Isomo rishya:

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe ibisubizo by'ibibazo byo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ibibazo byo mu gikorwa cya 4

Itegereze ishusho y' inzu iri mu gikorwa cya 4 maze usubize ibibazo bikurikira byayibajijweho:

- a) Iyi nzu igizwe n'ibihe bice?
- b) Ese urabona ari ibihe bice bidashobora kubaho ibindi bidahari?
- c) Igice kihagije muri byose ni ikihe?


Uherye ku byo umaze gusubiza, tekereza ku bushobozi bwo gusoma no kwandika. Ni ibiki bikwiye kwitabwaho kugira ngo ubwo bushobozi bwubakwe ku buryo bukwiye? Ni ibiki bitashoboka ibindi bidakozwe? Garagaza kandi usobanure inkingi zo gusoma no kwandika.

Ibisubizo byanogejwe byubakiye kuri ibi bikurikira

a) Inkingi zigize umurunga wo gusoma

Ubushobozi bwo gusoma ni nk'umurunga uboshywe n'ubudodo bwinshi bwizingazinze bugakora amashami y'ibizungu bibiri by'ingenzi.

Iyi mbonerahamwe iragereranya imigozi ibiri iboshywe mu ndodo n'ubushobozi bwo gusoma no kwandika.



Ishami ryo hejuru rishushanya ubumenye bwo gusobanukirwa ururimi. Rikaba rikozwe n'indodo z'ubumenyi umunyeshuri asanzwe azi mu rurimi, iz'inyunguramagambo, iz'ikibonezamvugo, iz'inyito y'amagambo, iz'ubushobozi bwo kuvuga ibyo wabanje gutekereza ndetse n'iz'ubumenyi bwo gusoma no kwandika by'umwihariko.

Ishami ryo hasi rishushanya ubushobozi bwo gutahura ijambo. Iri shami rikozwe n'indodo zo gutahura no gusoma amajwi agize ijambo, kumenya ko inyuguti z'igize itonde ry'Ikinyarwanda zihagarariye amajwi runaka, kumenya inyuguti /urwunge rw'inyuguti n'amajwi zihagarariye, no kumenya amagambo akunze gukorehwa mu Kinyarwanda.

Uko abanyeshuri bagenda bakora imyitozo, ubushobozi bwabo bwo gutahura amagambo bugenda burushaho kwiyoungera. Ibi bituma bashobora gusoma badategwa ku buryo basoma bitabagoye. Ibyo byose, bijyana kandi no kuzamura ubushobozi bw'ururimi. Imyitozo bagenda bakora n'ibyo bahura na byo mu buzima bwa buri munsu bituma bakoresha ubumenyi butandukanye bw'ururimi mu buryo bwihariye bubafasha gukoresha ubushobozi bwo gusoma amagambo. Iyo ubudodo bumwe budakomenye cyangwa budahambiye neza, bigira ingaruka ku migozi wose.

Nk'uko bimeze ku murunga, icyo bumwe mu bushobozi bw'imwe mu nkigi zo gusoma no kwandika butagezweho, usoma ntashobora kumva ibyo asoma.

Kwiga kuvuga birizana. Ariko kwiga gusoma no kwandika ni ubumenyi bwigishwa. Iyo abanyeshuri bashobora gusoma, bashobora no kwiga ibintu byinshi bitandukanye. Iyo abanyeshuri badashobora gusoma, ntibashobora gukurikirana andi masomo biga haba mu mashuri abanza ndetse no mu bindi byiciro bikurikiraho. Umuntu uzi gusoma ashobora gutahura amagambo, kabone n'icyo yaba ari amagambo abonye bwa mbere. Hari inkingi rero zo kwigisha gusoma no kwandika zigomba kwitabwaho kugira ngo umwana abashe kubigeraho uko bikwiye.

b) Ibisobanuro by'inkingi zo gusoma

Itahuramajwi

Itahuramajwi ni ubushobozi bwo kumva, kuvuga, gutahura no guhinduranya amajwi. Itahuramajwi rikorwa mu buryo bwo kuvuga gusa, ntihakoreshe inyandiko. Bigaragara ko abanyeshuri benshi bananirwa gusoma kuko baba batarize kumva amajwi n'imigemo bigize amagambo. Itahuramajwi ni intambwe y'ingenzi mu kwiga gusoma no kwandika. Iyo umunyeshuri azi gutahura no gutandukanya amajwi agize ijambo, abasha guhuza amajwi n'ibimenyetso byayo bityo akabasha gusoma. Itahuramajwi rishobora kwigishwa mu gihe gito cyane mu ntangiriro ya buri somo ryo gusoma. Hakorwamo imyitoto itandukanye yo kumva no gutandukanya amajwi agize ijambo, gucamo amagambo imigemo, guhuza amajwi bagakora ijambo, gutahura amajwi agize ijambo n'ibindi.

Akamaro k'itahuramajwi

- Itahuramajwi ni intambwe y'ingenzi iganisha ku kumenya gusoma no kwandika. Ni ngombwa kwigisha itahuramajwi kubera ko uko abanyeshuri bakora imyitoto myinshi yo gutahura amajwi no kuyavuga ari na ko bagenda borohereza no guhuza amajwi n'inyandiko. Ibi bikaba bifasha abanyeshuri kumenya gusoma vuba.
- Gusoma bishingira ku bushobozi bw'abanyeshuri bwo guhuza amajwi bagakora amagambo. Kwandika no kuvuga inyuguti zigize ijambo bishingira ku bushobozi bw'abanyeshuri bwo kugabanya amagambo mu imigemo.

Ihuzamajwi

Ihuzamajwi ni ubushobozi bwo guhuza amajwi avugwa n'inyuguti zikoreshe mu kuyandika. Ni ubumenyi bw'ingenzi abanyeshuri bakeneye kugira ngo babashe gusoma no gusobanukirwa ibyo basoma. Iyo higishwa ihuzamajwi, abanyeshuri bigishwa ko buri nyuguti runaka itanga ijwi runaka. Kugira ngo babashe kwiga gusoma no kwandika, abanyeshuri bagomba kumva ko urukurikirane rw'amajwi mu ijambo rivuzwe ruhwaye n'urukurikirane rw'inyuguti mu ijambo ryanditse.

Gusoma ni uguhindura inyuguti n'amagambo byanditse mu amajwi. Kwandika byo ni uguhindura amajwi mu inyuguti n'amagambo mu nyandiko. Guhuza amajwi n'inyandiko rero ni umusingi wo gutangira gusoma no kwandika. Uko hagenda hakorwa imyitoto myinshi, gusoma no kwandika bigenda biba akamenyero, noneho abanyeshuri bagasigara bita ku bisobanuro by'amagambo gusa. Bakora imyitoto yo gutahura no kuvuga inyuguti, gusoma imigemo, gucurukura imigemo bagakora ijambo, kumva amajwi bakayandika n'ibindi.

Inyunguramagambo

Inyunguramagambo ni urwunge rw'amagambo umuntu akenera kugira ngo abashe gushyikirana n'abandi mu mvugo(kumva no kuvuga) no munyandiko(gusoma no kwandika).. Abana biga amagambo mashya menshi iyo bakiri bato. N'abantu bakuru na bo bashobora kwiga amagambo mashya. Kugira ngo umunyeshuri yunguke igisobanuro k'ijambo rishya, akwiye guhura na ryo kenshi gashoboka. Byagaragaye ko iyo abanyeshuri basoma nibura iminota 20 ku munsu, bashobora kwiyungura amagambo agera ku 1000 mu mwaka.

Amagambo menshi akwiye kwigishwa mu buryo buziguye, binyuze mu gusoma inyandiko nyinshi no mu gukoresha ibiganiro byinshi, mu kumva no kuganira n'abandi no kwisomera ku giti cyabo ibitabo bitandukanye. Akenshi mu byo abanyeshuri basoma haba harimo amagambo badakunda kumva cyane mu biganirwa bya buri munsu; ayo magambo mashya aba agomba kwigishwa bikabafasha gusobanukirwa n'ibyo basoma kandi bagatangira kuyakoresha mubuzima bwa buri munsu. Iyo higishwa inyunguramagambo rero, haba hagamijwe kwigisha amagambo abanyeshuri badakunda guhura na yo bakamenya kuyakoresha.

Abanyeshuri batangiye amashuri abanza, baba bafite ubumenyi butandukanye ndetse butangana bw'inyunguramagambo. Hakurikijwe uko umunyeshuri agenda yunguka amagambo mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika, inyunguramagambo zirimo amoko akurikira:


Inyunguramagambo yumviswe: ni amagambo yose umunyeshuri abasha kumva igisobanuro cyayo iyo ayumvise avuzwe.

Inyunguramagambo ivuzwe: ni amagambo yose umunyeshuri akoresha atanga ubutumwa iyo arimo kuganira n’abandi.

Inyunguramagambo isomwe: ni amagambo yose umunyeshuri asoma akayasobanukirwa iyo abonye aho yanditse.

Inyunguramagambo yanditswe: ni amagambo yose umunyeshuri abasha gukoresha iyo yandika.

Uruhererekane rw’amoko y’inyunguramagambo



Inyunguramagambo rero ziruzuzanya zigafasha umuntu kwakira ubutumwa no kubutanga. Mu kwakira ubutumwa hakenerwa inyunguramagambo zivuzwe tukazumva cyangwa izanditse tukazisoma. Naho mu gutanga ubutumwa dukenera inyuguramagambo zivuzwe abandi bakazumva n’inyunguramagambo twandika abandi bakazisoma.

Gusoma udategwa

Gusoma udategwa ni ubushobozi bwo gusoma amagambo neza kandi vuba, hakoreshejwe isesekaza rikwiye. Gusoma vuba si ko gusoma udategwa. Gusoma udategwa bisaba gusoma neza ukoresheje isesekaza kandi ukumva ibyo usoma. Hari abanyeshuri basoma vuba amagambo ariko ntibabashe gusobanukirwa n’igisobanuro cy’amagambo bityo ntibumve ibyo basomye.

Itandukaniro ry’umusomyi udategwa n’umusomyi utegwa

Ibiranga umuntu usoma adategwa	Ibiranga umuntu usoma ategwa
<ul style="list-style-type: none"> - Atahura inyuguti vuba - Asoma ku muvuduko mwiza - Yubahiriza utwatuzo - Asoma asesekaza - Iyo asoma yikosora aho akoze ikosa - Ntatinda atekereza ku gisobanuro cya buri jambo - Bigaragara ko yumva ibyo asoma - Ntagaragara nk’unaniwe iyo asoma 	<ul style="list-style-type: none"> - Atahura inyuguti buhorobuhoro; - Asoma agemura, ijambo ku ijambo. - Ntiyikosora. - Asoma adasesekaza, mu ijwi ridahinduka. - Agaragara nk’utumva ibyo asoma. - Yihuta mu kumva igisobanuro cyuzuye k’ibyo asoma. - Ntiyita ku twatuzo. - Iyo asoma arananirwa.

Akamaro ko gusoma udategwa

Gusoma udategwa bituma usoma yumva neza ibyo asoma, agakoresha igihe gito n’imbaraga nke, bituma usoma yibuka ibyo yasomye bitagoranye, akagenda yikosora aho asomye nabi. Bityo rero umwarimu usomera abanyeshuri adategwa aba abaha urugero rwiza rwo gusoma badategwa.

Kumva umwandiko: ni ugusobanukirwa ubutumwa bukubiye mu byo usoma cyangwa usomerwa. Kumva ubutumwa bukubiye mu nyandiko ni yo mpamvu nyamukuru ituma dusoma kuko dusoma kugira ngo dusobanukirwe n’ibyo dusoma. Abanyeshuri bagomba gutozwa gutahura ibivugwa mu mwandiko igihe bari gusoma cyangwa bateze amatwi umwandiko basomerwa.

Ikitonderwa

Kwandika

Gusoma no kwandika ni ubumenyi bwuzuzanya kandi bw’indatana. Abanyeshuri bagenda batera intambwe mu byiciro bitandukanye byo kwandika. Abarimu bakwiye guhora bahuza ibyandikwa n’ibisomwa. Kugira ngo abanyeshuri babe abanditsi beza, bakeneye kubanza kwimenyereza gufata ikaramu neza, guca imisharabiko, guca imirongo y’amoko anyuranye, kwandika inyuguti nto n’inkuru mu cyapa no mu mukono, kubahiriza ibyerekezo by’inyuguti, kumenya inyuguti ngufi zandikwa mu murongo muto, indende zandikwa mu murongo muto n’umunini wo hejuru, indende zandikwa mu murongo muto n’umunini wo hasi ndetse n’inyuguti zandikwa mu mirongo yose; bakeneye kandi kwimenyereza kwandika ku murongo, gusiga umwanya hagati y’amagambo no kumenya aho berekeza bandika (kuva ibumoso bagana iburyo).

Kwandika bifasha abasomyi b’abatangizi guhuza amajwi n’ibimenyetso byayo, bakitoza itahuramajwi n’ihuzamajwi zo nkingi z’ibanze zo gusoma no kwandika.

Iyo witegereje ibyiciro byo kwandika umwana anyuramo kuva atangiye kwandika kugeza abaye umwanditsi, usanga hari ibyiciro by’ingenzi anyuramo birimo ikiciro kibanziriza kwandika, ikiciro k’ibanze cyo kwandika, ikiciro kisumbuye cyo kwandika n’ikiciro cyo hejuru cyo kwandika buri wese ku giti ke. Muri uyu iki gice, haribandwa gusa ku kiciro kibanziriza kwandika n’ikiciro k’ibanze cyo kwandika.

Ikiciro kibanziriza kwandika

Muri iki kiciro, abanyeshuri babanza kumva no kuvuga amagambo avuzwe mu rurimi kavukire rwabo, nyuma bagatangira kwitegereza no kubona ibimenyetso, inyuguti n’ibyapa byanditse aho baherereye, bamwe bakamenya n’inyuguti zigize amazina yabo. Abanyeshuri batangira gusa n’abandika bashushanya imisharabiko, kandi bakayaha igisobanuro batekereza (Ushobora kumubaza igisobanuro k’imisharabiko yacye akakubwira ko yashushanyije umugati cyangwa imodoka.). Abanyeshuri bato bagera aho bagatangira gutahura zimwe mu nyuguti zanditse bize, bagatangira kumva ko inyuguti zanditse zifite igisobanuro n’icyo zivuga.

Ikiciro k’ibanze cyo kwandika

Muri iki kiciro imisharabiko abanyeshuri bacaga itangira kuba imirongo ishobora kwifashishwa bandika inyuguti, abanyeshuri biga inyuguti n’imigemo, amagambo n’interuro, bakiga kwandika bava ibumoso bajya iburyo, bava hejuru bananuka hasi.

Abanyeshuri biga itahuramajwi n’ihuzamajwi, bakumva, bagatahura, bagatandukanya amajwi, bakayasimburanya hanyuma bakayahuza n’ibimenyetso biyahagarariye. Abanyeshuri bakomeza kwiga amagambo binyuze mu nyandiko bumva cyangwa basomerwa, bityo bakongera inyunguramagambo izabafasha mu kwandika. Abanyeshuri bakora imyitoto yo kuvuga ibafasha no mu kwandika. Uko bakora imyitoto yo kuvuga, gusubiza ibibazo ku byo bumvise, gutanga ibitekerezo, kuvuga muri make, ni ko bitegura gukurikiranya neza no kwandika mu magambo arambuye ibitekerezo batanze. Abanyeshuri bakora imyitoto yo gutondeka imigemo bagakora amagambo cyangwa bagatondeka amagambo bagakora interuro. Bashobora kwandukura inyuguti, imigemo n’amagambo, bagatahura umugemo ubura kugirango bakore ijambo; bashobora kwandika amagambo n’interuro babwiwe; bashobora kandi gushushanya amashusho ajyanye n’inkuru basomewe cyangwa ajyanye n’ibyababayeho cyangwa se bakandika amagambo asobanura igishushanyo bahawe.

4. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo wa mbere uri mu gitabo byabo.

i) Sobanura inkingi zo gusoma no kwandika uvuge n’uko zagereranywa n’umurunga w’ubudodo.

- a) **Itahuramajwi:** ni ubushobozi bwo kumva, kuvuga, gutahura no guhinduranya amajwi. Rikorwa mu mvugo gusa. Nta nyandiko ikoreshwa.
- b) **Ihuzamajwi:** ni ubushobozi bwo guhuza amajwi n’ibimenyetso byifashishwa mu kuyandika.
- c) **Inyunguramagambo:** ni urwunge rw’amagambo umuntu akenera kugira ngo abashe gusobanukirwa no gushyikirana n’abandi mu mvugo no mu nyandiko.
- d) **Gusoma udategwa:** ubushobozi bwo gusoma neza, asesekaza.
- e) **Kumva umwandiko:** ubushobozi bwo gusobanukirwa n’ibyo umuntu asoma cyangwa asomerwa.
- f) **Kwandika:** ubushobozi bwo gushushanya ibimenyetso by’amajwi byumvikanyweho n’abenerurimi kugira ngo hatangwe ubutumwa runaka.
Nk’uko bimeze ku murunga, iyo bumwe mu bushobozi bw’imwe mu nkigi zo gusoma no kwandika butagezweho, usoma ntashobora kumva ibyo asoma.

ii) Wifashishije igitabo cy’umwarimu k’Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy’amashuri abanza, tanga ingero z’amasomo runaka y’icyumweru n’inkingi zigaragamo.

Urugero mu gitabo cy’umwaka wa kabiri

Isomo rya mbere ry’icyumweru: Gusoma no gusesengura inkuru hagaragamo inkingi yo inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko.

Isomo rya kabiri ry’icyumweru: Gutahura no gusoma hagaragamo inkingi y’itahuramajwi n’ihuzamajwi

Isomo rya gatatu: Gusoma inkuru irimo igihekanze hagaragamo inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko.

III. 5.5. Umwitozo w’ubushobozi ngiro bw’umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n’abanyeshuri gukora inshamake y’umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatatu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk’umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw’umwitozo

Kora imfashanyigisho zo gusoma no kwandika ukoresheje ibikoresho biboneka ku ishuri no hafi yaryo usobanure nibura ingingo nsanganyamasomo imwe yakwimakazwa bitewe no gukoresha iyo mfashanyigisho.

Uko umwitozo uzakorwa n’uko uzakosorwa:

Abanyeshuri bazakora uyu mukoro mu matsinda y’amasomo hanyuma bazerekane mu ishuri imfashanyigisho bakoze bavuga n’ingingo nsanganyamasomo yakwimakazwa mu gukoresha imfashanyigisho bakoze.

III. 6. Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby’ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatatu, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw’inshamake yakorwa:

- Muri uyu mutwe, twabonye inama, amahame n’amahange byo kwigisha ururimi kavukire; tubona ubushobozi umwana utangiye kwiga amashuri abanza aba afite mu rurimi kavukire; tubona n’uburyo bwo kwigisha ururimi.

III.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro, babwirane amajwi akunze kunanira abana cyangwa abana bakunze kwitiranya n'andi kugeza ku myaka irindwi.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ibi bibazo ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Kosora isuzuma ureba ko abanyeshuri basubije ibibazo neza bakurikije ibyo bize cyangwa ubumenyi rusange bafite.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Mu bintu bikurikira vangura inama, amahame n'amahange byo kwigisha ururimi kavukire.

- Abana biga ururimi basabana n'abandi bantu
- Kwita kuri buri munyeshuri ku giti ke
- Guha abiga umwanya wo kuvuga
- Ururimi rwigwa buhoro buhoro
- Abana biga ururimi bigana
- Abanyeshuri bagomba kugira uruhare rufatika

Inama	Amahame	Amahange
<ul style="list-style-type: none"> - Guha abiga umwanya wo kuvuga. - Kwita kuri buri munyeshuri ku giti ke. - Abanyeshuri bagomba kugira uruhare rufatika. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ururimi rwigwa buhoro buhoro. - Abana biga ururimi bigana. 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana biga ururimi basabana n'abandi bantu.

2. Tandukanya uburyo nsesenguzi n'uburyo buterateranya bukoreshwa mu kwigisha indimi.

Uburyo busesengura buhera ku kinini bujya ku gito naho uburyo buterateranya bugahera ku gito bujya ku kinini.

3. Uzuzura imbonerahamwe ikurikira wifashishije uburyo bwa « Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore »

Uburyo	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ndatanga urugero	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga amabwiriza. - Gukora umwitozo ntangarugero. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kumva amabwiriza kwitegereza cyangwa kumva urugero rw'umwarimu.
Dukorane twese	<ul style="list-style-type: none"> - Gufatanya n'abanyeshuri gukora umwitozo usa cyangwa ujya gusa nk'uwo yari amaze gutangaho urugero. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufatanya n'umwarimu gukora umwitozo usa cyangwa ujya gusa nk'uwo yari amaze gutangaho urugero.
Buri wese akore	<ul style="list-style-type: none"> - Guha abanyeshuri imyitozo bakora ku giti cyabo. - Kugenzura ko bakora no gutanga ubufasha ku babukeneye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora imyitozo ku giti cyabo.

4. Sobanura buri nkingi yo gusoma no kwandika uvuge n'akamaro kayo.

Reba ibisobanuro by'inkingi eshanu zo gusoma no kwandika.

5. Vuga nibura ibintu bitatu umwana w'umunyarwanda utangiye amashuri abanza aba azi mu Kinyarwanda n'ibindi bitatu akeneye gufashwamo.

Umwana w'umunyarwanda utangiye amashuri abanza aba azi kuvuga Ikiyariwanda, aracyumva akeneye gufashwamo kumenya gusoma Ikiyariwanda, kucyandika no kumenya imiterere yacyo.

6. Ni izihe mbogamizi imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza bihura na zo?

Umunyeshuri utangiye amashuri abanza ashobora kugira imbogamizi mu Kinyarwanda zishingiye ku mvugo, bakananirwa kuvuga amajwi amwe n'amwe akabananira cyangwa se bakananirwa kwandika. Umwarimu na we ashobora no guhura n'imbogamizi y'uko na we hari amajwi yamunaniye bityo kuyigisha abanyeshuri bikamunanira.

III.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

III.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, tanga ingero z'amasomo runaka y'icyumweru n'inkingi zo kwigisha gusoma zigaragaramo.

III.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Mu mirongo itarenze icumi garagaza ingorane mu mivugire, umwana utarabonye umwanya uhangije wo gusabana n'abandi (abakuru n'abato) azahura na zo.

III.8.3. Imyitozo y'inyongera

Wifashishije ibitabo by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, tahura ibikorwa binyuranye uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwemo ururimi bwizwe.

III.9. Amakuru y'inyongera

Kwandikira hamwe

Guha abanyeshuri urugero rwo kwandika ni uburyo bwiza bwo gutoya abanyeshuri bagitangira kwandika. Umwarimu ashobora gutoya abanyeshuri kwandika akoresheje uburyo bwinshi bubonye maze abanyeshuri bakamufatiraho urugero bakamwigana. (Urugero: Kwandika bava ibumoso bajya iburyo, kwandika amagambo n'interuro.) Iyo bateguwe neza mu kwandika amagambo n'interuro ngufi, kwandika interuro ndende n'inkuru ngufi biraborohera. Imbonerahamwe ikurikira irerekana uburyo umwarimu ashobora gutanga urugero atoya abanyeshuri kwandika.

Uburyo	Kwandika by'intangarugero k'umwarimu	Kwandika k'umwarimu afatanyije n'abanyeshuri	Kwandikira hamwe, umwarimu n'abanyeshuri	Kwandika kw'abanyeshuri bayobowe n'umwarimu	Kwandika buri munyeshuri ku giti ke
Bikorwa gute?	Umwarimu yandika yandika ku kibaho abanyeshuri bitegereza uko yandika.	- Umwarimu n'abanyeshuri bafatanyaga gushaka cyangwa guhimba igikwiye kwandikwa. - Umwarimu atondeka neza amagambo, interuro cyangwa agakuru akabyandika ku kibaho neza ibitekerezo akabyandika.	- Umwarimu n'abanyeshuri bafatanyaga gushaka amagambo, interuro cyangwa agakuru bagafatanyaga kubyandika. - Abanyeshuri bagenda babwira umwarimu ibyo yandika, hanyuma abanyeshuri na bo umwarimu akagira ibyo areka bakandika ku kibaho.	- Umwarimu aha abanyeshuri insanganyamatsiko bandikaho kandi akabaha amabwiriza ku cyo bagomba kwandika. Urugero: Kwandika interuro ijyanye n'inkuru basomye cyangwa basomewe. - Umwarimu agenzura kandi akayobora abanyeshuri kwandika ku mpapuro cyangwa mu makayi yabo.	Abanyeshuri bahitamo ibyo bandika kandi bakaba aribo babyiyandikira ku giti cyabo.

Ni nde wandika?	Umwarimu	Umwarimu	Umwarimu n'abanyeshuri	Abanyeshuri	Abanyeshuri
Ni nde utekereza ibyo yandika?	Umwarimu	Cyanecyane umwarimu afashijwe n'abanyeshuri	Umwarimu n'abanyeshuri bafatanyije	Cyane cyane abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu	Abanyeshuri
Ni uruhe ruhare rw'abanyeshuri?	Umwarimu aratekereza, akavuga aranguruye ijwi ibyo agiye kwandika hanyuma akabyandika	Umwarimu afatany n'abanyeshuri gutekereza no gutegura ibigomba kwandika, umwarimu akabyandika.	Umwarimu afatany n'abanyeshuri gutekereza no gutegura ibigomba kwandikwa hanyuma umwarimu akajya yandika, abanyeshuri na bo bakajya bakomerezaho bandika.	Umwarimu atanga amabwiriza n'inzira bikurikizwa ariko abanyeshuri bakaba aribo bashaka ibitekereo bigomba kwandikwa kandi bakabyandika.	Abanyeshuri bo ubwabo batekereza ibigomba kwandikwa, bakabitegura kandi bakabyandika ku giti cyabo.

Ibijyanye n'ibisobanuro n'imyigishirize y'inkingi zo gusoma no kwandika ndetse hakoreshejwe uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", byaba byiza umwarimu ashatse akanya akereka abanyeshuri imfashanyigisho z'iyumvabona za teguwe n'umushinga USAID Soma Umenye. Ashobora kandi no kwifashisha imfashanyigisho z'ibitabo by'amahugurwa ku myigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza byateguwe n'uyu mushinga ku bufatanye n'Ikigo k'Igihugu Gishizwe Uburezi(REB) akavanamo andi makuru anyuranye.

Imbumbanyigisho ya kabiri: Imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

UMUTWE WA KANE: IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA NO KWANDIKA INYAJWI

IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura amasomo yo gusoma no kwandika inyajwi.

IV.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga wo kwigisha mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba azi gusoma no kwandika Ikinyarwanda ku buryo ashobora gutanga igisobanuro cyabyo, azi ingingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho. Aba yarize kandi yandika inyajwi zose z'Ikinyarwanda ku buryo kwiga kuzigisha bitazamugora. Ubu bumenyi yabukuye mu masomo akurikira:

IV.2.1 Isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza n'ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye

Muri iri somo umunyeshuri yize kumva, kuvuga, gusoma no kwandika Ikinyarwanda.

IV.2.2 Isomo ry'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi

Umunyeshuri yize ingingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mfashanyigisho. Mu mutwe wa kabiri yanasesenguye integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mutwe wa mbere azi uko inyajwi zikurikirana mu kuzigisha.

IV.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa kane maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

Ikibazo n'urugero rw'igisubizo

Uhereye ku bumenyi ufite, sobanure icyo gusoma no kwandika ari cyo, uvuge ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo biri mu nteganyanyigisho zo mu Rwanda, icyo myitozo nyiganasomo ari cyo n'uko ikorwa, ibice by'imbata y'isomo, uko bigisha gusoma no kwandika inyajwi, unasobanure icyo isuzuma ari cyo, amoko yaryo n'uko rikorwa mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.

Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga amasomo ari muri uyu mutwe.

IV.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa kane

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Gusoma no kwandika - Inshoza - Ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika	- Kugaragaza no gusobanura ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika.	Iminota 40
2	Ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo - Ingingo nsanganyamasomo - Ubushobozi nsanganyamasomo	- Kugaragaza uturango tw' ingingo n'ubushobobozi nsanganyamasomo biboneka mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi	Iminota 40
3	Uburyo bwo gukora imyitozo nyiganasomo - Igisobanuro k'imyitozo nyiganasomo - Intambwe zikurikizwa mu gukora imyitozo nyiganasomo - Ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo - Ubujyanama ngarukirane	- Gusobanura intambwe zo gukora imyitozo nyiganasomo. - Gusobanura imikoreshereze y'ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo. - Kugaragaza intambwe zikurikizwa mu gutanga ubujyanama ngarukirane	Iminota 80
4	Imbata y'isomo - Igisobanuro n'akamaro by'imbata y'isomo - Ibice by'ingenzi byuzuzwa mu mbata y'isomo n'aho biva. - Uburyo bwo kuzaza imbata y'isomo	- Gusobanura ibice by'ingenzi bigize imbata y'isomo n'uburyo byuzuzwa.	Iminota 40
5	Isuzuma Icyo suzuma ari cyo Ubwoko bw'isuzuma Itandukaniro hagati y'isuzuma riteguye n'iry'ako kanya Inzego z'ibibazo	- Gutandukanya ubwoko bw'isuzuma - Gutandukanya isuzuma riteguye n'isuzuma ry'ako kanya. - Kubaza ibibazo bitandukanye agendeye ku rwego rw'intego rwa Bulumu.	Iminota 40
6	Uko bigisha gusoma no kwandika inyajwi	- Kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha inyajwi.	Iminota 40
7	Umwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri		Iminota 40
8	Isuzuma risoza umutwe wa kane		Iminota 40

IV.5. Imbonezamasomo

IV.5.1 Isomo rya mbere: Gusoma no kwandika

Intego zihariye
- Kugaragaza no gusobanura ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika.
- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu.
- Ibitabo by'Ikinyarwanda mu kicio cya mbere cy'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa igikorwa cy'umwinjizo cyo kuri IV.3.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cya mbere cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, umutwe wa kane.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba buri tsinda gusoma ikibazo n'igisubizo batanze.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ibibazo byo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku bumenyi ufite, sobanura icyo gusoma no kwandika ari cyo, ugaragaze n'ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika bukenewe mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza yo gusoma no kwandika

Hashize imyaka makumyabiri, ubumenyi bwo gusoma no kwandika bureberwa ku byo umuntu ashobora gusoma no kwandika gusa. Muri iki gihe turi mu isi yihuta kandi ihindagurika cyane, igisobanuro cy'ubumenyi bwo gusoma no kwandika cyarahindutse. Abanyeshuri bagomba kwiga ibyo bakeneye ejo hazaza. Mu rego rwo gutegura neza abanyeshuri bo mu kinyejana cya makumyabiri na kimwe, byatumye igisobanuro cyo gusoma no kwandika cyaguka. Abanyeshuri bagomba kugira ubushobozi bwo gushyikirana n'abandi mu mvugo, mu nyandiko, gutega amatwi no gusobanukirwa, gushungura ibitekerezo by'abandi, gutekereza byimbitse no gusubiza neza ibyo babajijwe cyangwa basomye. Kugera kuri ubu bushobozi, bisaba ko abanyeshuri bakoresha neza ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga. Ubumenyi bwo gusoma no kwandika rero ni ihuriro ry'ubushobozi bwo gusoma, kwandika, kumva no gusobanukirwa, kuvuga no gukoresha uko bikwiye itumanaho n'ikoranabuhanga bwigwa mu gihe kirekire¹.

Nti wakwigisha gusoma no kwandika udahereye ku bumenyi bwo kumva no kuvuga. Ni muri urwo rwego ubushobozi bwo kumva, kuvuga, gusoma no kwandika ururimi ari ingenzi mu buzima bwa buri muni.

Igisobanuro cyo gusoma

Gusoma ni ugutahura amagambo yanditse ugasobanukirwa ubutumwa buyakubiyemo. Umuntu uzi gusoma aba ashobora gutahura amagambo kabone n'ubwo yaba ari ayo abonye bwa mbere. Ashobora kandi kumva no gusobanukirwa ubutumwa bukubiyemo mu magambo yatahuye. Gusoma bidufasha kugera ku bumenyi bwanditse, ni umusingi ubundi bumenyi bwubakiyeho, bifasha umusomyi kumenya amakuru atandukanye, kandi bigira uruhare rukomeye mu iterambere ry'igihugu.

Igisobanuro cyo kwandika

1

Byakozwe na Organization for Economic Co-operation and Development. (2006). *Education for all global monitoring report*. PARIS: OECD.

Kwandika ni ubushobozi bwo gushushanya ibimenyetso by'amajwi byumvikanyweho n'abenerurimi kugira ngo hatangwe ubutumwa runaka.

Isano iri hagati yo gusoma no kwandika

Gusoma no kwandika bifatanye isano kuko uwandika yandika kugira ngo ibyo yandika bisomwe kandi n'ibyo yandika aba abisoma mu bwenge bwe. Umusomyi mwiza kandi avamo n'umwanditsi mwiza kuko iyo akora imyitoto yo gusoma agenda yunguka uburyo bwo kwandika. Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri zigaragaza ko umunyeshuri urangije amashuri abanza agomba kuba abafite ubushobozi bwo kumva, kuvuga, gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda. Umunyeshuri wiga Ikinyarwanda, aba asanzwe avuga kandi yumva neza Ikinyarwanda. Ni yo mpamvu umwarimu agomba kwita ku bushobozi bwa buri munyeshuri mu gusoma adatewa no kwandika neza Ikinyarwanda.

b) Ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika

Mu kwigisha ubumenyi bw'ibanze bwo gusoma no kwandika mu mashuri abanza, babanza kwiga imisharabiko, bakitoza kuririmba itonde ry'inyuguti, nyuma bakiga inyajwi, bakarangiriza ku ngombajwi n'ibihekane.

Imisarabiko

Mu byumweru bya mbere abanyeshuri bitoza gufata ikaramu baca imisharabiko, bakiga amoko anyuranye y'imirongo, buri wese akimenyereza gukoresha akaboko kamubangukiye.

Itonde ry'inyuguti

Iyo abanyeshuri bitoza gufata ibikoresho no guca imisharabiko baniga kuririmba itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda hagamijwe guhuza inyuguti n'amajwi yazo.

Inyajwi: Inyajwi zigwa bamaze kwiga itonde ry'inyuguti n'imirongo inyuranye. gusoma Abanyeshuri barazitahura, bakiga kuzisoma no kuzandika mu cyapa inkuru n'intoya.

Igombajwi n'ibihekane: nyuma yo kwiga inyajwi hakurikiraho ingombajwi, zarangira bagatangira kwiga ibihekane bitangirira mu mwaka wa mbere bikarangirira mumwaka wa gatatu. Abanyeshuri batahura ingombajwi n'ibihekane, bakabisoma kandi bakanabyandika. Basoma imigemo, amagambo, interuro ndetse n'udukuru tugizwe n'inyuguti baba bamaze kwiga.

Ikitonderwa: Mu mwaka wa kabiri abanyeshuri bitoza kwandika inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda mu mukono.

Ukurikije uko amasomo yatanze muri iyi mbonerahamwe, gusoma no kwandika bitangira kare. Umunyeshuri atangira umwaka wa mbere w'amashuri abanza afite ubushobozi bwo gusoma inyuguti zose (inyajwi n'ingombajwi) n'ibihekane.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo byabo.

Ikibazo n'ingero z'ibisubizo

Ubumenyi bw'ibanze mbwo gusoma no kwandika umunyeshuri akeneye mu kinyarwanda ni:

Imisharabiko

Mu byumweru bya mbere abanyeshuri bitoza gufata ikaramu baca imisharabiko, bakiga amoko anyuranye y'imirongo, buri wese akimenyereza gukoresha akaboko kamubangukiye.

Itonde ry'inyuguti

Iyo abanyeshuri bitoza gufata ibikoresho no guca imisharabiko baniga kuririmba itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda hagamijwe guhuza inyuguti n'amajwi yazo.

Inyajwi: Inyajwi zigwa bamaze kwiga itonde ry'inyuguti n'imirongo inyuranye. gusoma Abanyeshuri barazitahura, bakiga kuzisoma no kuzandika mu cyapa inkuru n'intoya.

Igombajwi n'ibihokane: nyuma yo kwiga injyaji hakurikiraho ingombajwi, zarangira bagatangira kwiga ibihokane bitangirira mu mwaka wa mbere bikarangirira mumwaka wa gatatu. Abanyeshuri batahura ingombajwi n'ibihokane, bakabisoma kandi bakanabyandika. Basoma imigemo, amagambo, interuro ndetse n'udukuru tugizwe n'inyuguti baba bamaze kwiga.

d) Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu isomo bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

IV.5.2 Isomo rya kabiri: Ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo

Intego zihariye
Kugaragaza uturango tw' ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo biboneka mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi
Ibitabo by'Umwarimu by'Ikinyarwandamu mashuri abanza, Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu mashuri abanza.

1. Isubiramo

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro.
- Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

a) Ni iyihe sano iri hagati yo gusoma no kwandika.

Ibyandikwa, byandikwa kugira ngo bizasomwe, kandi kugira ngo dusome ni uko haba hari ibyanditswe ni magirirane biruzuzanya.

b) Kwigisha imisharabiko bifasha iki umunyeshuri?

Kwigisha imisharabiko bifasha umunyeshuri kwimenyereza gufata ibikoresho, kumenya amerekezo bikamutegurira kwandika nta mbogamizi.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe ibisubizo by'ibibazo byo mu gikorwa cya 2 kiri mu gitabo cyabo mu mutwe wa kane.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ibibazo byo mu gikorwa cya 2

Soma inkuru ikurikira maze usubize ibibazo byayibajijweho

Gatsinzi na Gasaro ni abanyeshuri bize ku kigo kimwe cy'amashuri abanza. Bose bitabiraga ishuri kandi bagatsinda neza indimi mu ishuri. Gasaro yakundaga kwitabira cyane imyitozo y'ibiganiro mpaka naho Gatsinzi we agakunda gukora imyitozo umwarimu yabahaga yanditse. Barangije amashuri abanza bose basohotse bari mu kiciro cya mbere. Gatsinzi yari afite igipimo cya gatanu (5), naho Gasaro yari afite igipimo

cya karindwi (7). Umunsi umwe, umunyamahanga yaje mu mudugudu wabo avuga icyongereza gusa ashaka gusobanura ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye. Umukuru w'umudugudu asaba Gatsinzi ku musemurira mu Kinyarwanda. Gatsinzi yahise amubwira ko atabishobora arigendera. Yahise abwira Gasaro ngo ngo naze agerageze gusemura ibyo uwo munyamahanga yavugagaga.

Gasaro yabikoze yumva bimworoheye kandi yishimye kuko yumvaga bimeze nk'umwitozo bigeze gukora ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.

- a) Ni iki cyatumye Gasaro bimworohera gusemura kandi Gatsinzi biganye byamunaniye?
- b) Ni iki wakora mu rwego rwo kwirinda ko ibyabaye kuri Gatsinzi bitaba ku banyeshuri bawe?
- c) Ku bwawe umuntu ushoboye arangwa n'iki?
- d) Rondora ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo bivugwa mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi.
- e) Sobanura uko umwarimu yakwinjiza izo ngingo n'ubwo bushobozi mu isomo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Integanyanyigisho yo mu Rwanda ishingiyeye ku bushobozi igaragaza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo umwarimu akwiye kwitaho mu gihe ategura cyangwa yigisha isomo iryo ari ryo ryose.

a) Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo ni ibyigwa umunyeshuri agomba kumenya kuko ari ibibazo byugarije isi, akarere n'u Rwanda by'umwihariko, ariko bidafite isomo iri n'iri bishingiyeho ryonyine, ahubwo bikaba bigomba kunyuzwa mu masomo yose, abarimu bakabiganiriza abanyeshuri.

Ingingo nsanganyamasomo n'ibiziranga:

Uburinganire n'ubwuzuzanye

Iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko umwarimu akabiheraho atanga ubutumwa ku burunganire n'ubwuzuzanye, bushobora kugaragarira kandi ku mashusho abantu b'ibitsina byombi bahabwamo uruhare rungana, cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi.

Kubungabunga ibidukikije

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko, batoza abanyeshuri kwita ku bidukikije, ariko ishobora no kugaragarira mu mashusho agaragaza ibikorwa byo kwita ku bidukikije.

Umuco w'ubuziranenge

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge, igaragarira kandi mu mashusho agaragaza ibikoresho biboneye abantu bakoresha, imyifatire yabo mu bikorwa binyuranye bireba ubuzima bwabo...

Uburezi budaheza

Iyi ngingo nsanganyamasomo ishobora kugaragarira mu bivugwa mu myandiko, ku mashusho cyangwa igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese.

Ubumenyi kuri Jenoside

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko basobanurira abanyeshuri ububi bwa Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

Umuco wo kuzigama

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko bashishikariza abanyeshuri kwizigamira.

Umuco w'amahoro n'indangagaciro

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri kubana neza mu mahoro no kurangwa n'indangagaciro nyarwanda.

Ubuzima bw'imyororokere

Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu myandiko batoza abanyeshuri impinduka z'imibiri yabo n'imyifatire igomba kubaranga.

b) Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu myitozo inyuranye. Ibikorwa bitandukanye umunyeshuri akora ni byo bimwubakamo ubushobozi butandukanye.

Ubushobozi nsanganyamasomo bw'ingenzi n'ibiburanga abarimu bagomba kwitaho mu myigire n'imyigishirize busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo

Ubu bushobozi bufasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Bugaragara cyane mu bibazo byo gusesengura inkuru ku buryo bwimbitse no guhuza inkuru n'ubuzima bwe bwa buri muni. Ibi bibazo biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo akemure ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize.

Guhanga udushya

Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya. Bugaragara mu myitozo inyuranye nk'aho dusaba umunyeshuri gushushanya igice k' inkuru runaka.

Ubushakashatsi

Ubu bushobozi bufasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Bugaragara cyane mu mikoro duha abanyeshuri aho tubasaba gukomereza imyitozo mu rugo no kubaza abo babana kugira ibindi babungura bijyanye n'isomo.

Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu

Ubu bushobozi bufasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

Bugaragara mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umutwe. bugaragara mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umutwe.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni

Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bifasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanyana na bagenzi be. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi igihe akoresha iyo myitozo.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi

Kunguka ubu bushobozi bifasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Bibafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

Bugaragara cyane mu mikoro duha abanyeshuri aho tubasaba gukomereza imyitoto mu rugo no kubaza abo babana kugira ibindi babungura bijyanye n'isomo. Mwarimu rero agomba gukora uko ashoboye agaha abanyeshuri imyitoto n'imikoro itandukanye ituma abanyeshuri bagera kuri ubu bushobozi.

3. Umwitozo

- Shyira abanyeshuri ku nziga ebyiri, uruziga rumwe ruge imbere y'urundi. Ha abanyeshuri bo ku ruziga rw'imbere amakarita atanu yanditseho inyajwi zitandukanye. Saba buri munyeshuri wo ku ruziga rw'inyuma kuvuga izina ry'isomo avuge n'intambwe z'ingenzi muri iryo somo.
- Nyuma y'umwanya muto, hindura itsinda ubwire abari ku ruziga rw'imbere kubaza ab'inyuma.

Ibibazo n'ingero z'ibisubizo

1. Sobanura uko ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwa mu masomo y'Ikinyarwanda.

Ingingo nsanganyamasomo zakwinjizwa mu masomo y'Ikinyarwanda bihereye ku bivugwa mu mwandiko umwarimu akabiheraho aha abanyeshuri ubutumwa kuri icyo ngingo. Zishobora kwinjizwa mu isomo kandi bihereye ku bikorwa by'imyigira n'imyigishirize bifasha abanyeshuri bose ariko zishobora no kwinjizwa mu isomo hafatiwe ku bibaye umwarimu akabiheraho atanga ubutumwa ku ngingo nsanganyamasomo iyi n'iyi.

2. Uhereye ku rugero rw'isomo runaka ukuye mu gitabo cy'umwarimu, garagaza ibikorwa bitandukanye bijyanye na ryo uvuge n'ubushobozi nsanganyamasomo biteza imbere.

Urugero: Isomo ryo gusoma inkuru abanyeshuri bisomera

Mu gikorwa cyo gutahura icyo inkuru iza kuvugaho, abanyeshuri berekwa amashusho ajyanye n'inkuru, bakavuga ibyo babona hanyuma bakavuga icyo batekereza ko inkuru iza kuvugaho. Igikorwa nk'iki cyubaka mu munyeshuri ubushobozi bw'ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.

Mu gikorwa k'inyunguramagambo, abanyeshuri bazikoresha mu nteruro, buri wese abwira mugenzi we interuro yakoze byubaka mu munyeshuri ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda ...

IV.5.3 Isomo rya gatatu: Uburyo bwo gukora imyitoto nyiganasomo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura intambwe zo gukora imyitoto nyiganasomo.- Gusobanura imikoreshereze y'ifishi yo gukurikirana imyitoto nyiganasomo.- Kugaragaza intambwe zikurikizwa mu gutanga ubujyanama ngarukirane
Imfashanyigisho
Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

Imfashanyigisho

Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

- Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Tanga urugero rw'igikorwa umunyeshuri ashobora gukora mu ishuri, umwarimu akacyuririraho atanga ubutumwa ku ngingo nsanganyamasomo iyi n'iyi.

Urugero: Abanyeshuri bashobora kurwana agaheraho abigisha umuco w'amahoro. Umunyeshuri ashobora guta imyanda mu ishuri umwarimu agaheraho abaganiriza ku ngingo yo gufataneza ibidukikije.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 3 mu gitabo cy'umunyeshuri, umutwe wa kane.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 3

Umwarimu yagiye kwigisha Ikinyarwanda bwa mbere mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza, yumvaga byoroshye kuko yari azi inyajwi n'ingombajwi zose zigishwamo. Atangiye kwigisha abura aho yatangirira n'aho yarangiriza isomo rye bituma ahitamo kuririmbisha abanyeshuri gusa. Amaze kwigisha, uwakurikiranaga imigendekere y'isomo yayumugiriye inama. Yamusabye ko agomba kongera kwigisha isomo rye kuko yabonaga intego zaryo zitangezweho.

- a) Ari wowe wari gukora iki ngo utabura aho utangirira n'aho urangiriza isomo?*
- b) Ese ni ngombwa ko umwarimu yigisha yabanje gutegura isomo? Kubera iki?*

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Igisobanuro k'imyitozo nyiganasomo


Imyitozo nyiganasomo ni imyitozo ifasha abanyeshuri biga uburezi kwitwaza kwigisha mbere y'uko bajya kwigisha abanyeshuri bo mu mashuri abanza. Muri icyo myitozo abanyeshuri bitwaza uburezi bategura amasomo bakayigishanya mu matsinda mato bakurikije intambwe z'imyigishirize ifasha abanyeshuri kumenya gusoma no kwandika. Muri icyo myitozo isomo rirambuye ntiriyigishirizwa icyarimwe, ahubwo rigabanywamo uduce bityo abanyeshuri biga uburezi bakigishanya agace ku kandi.

Mu gihe bigishanya bamwe bishyira mu kigwi cy'abanyeshuri biga mu mashuri abanza abandi bakaba nk'abarimu. Uburyo bufasha abanyeshuri biga uburezi kugerageza uburyo bushya bw'imyigishirize no kwijora bo ubwabo bahana ubujyanama ngarukirane. Byongeye kandi, umwarimu ubigisha abaha ubugororangingo butuma barushaho kunoza imyigishirize yabo mbere y'uko bigisha isomo nyirizina mu mashuri abanza.

Mbere y'uko abanyeshuri biga uburezi batangira imyitozo nyiganasomo, babanza kwitegereza uko umwarimu wabo abaha isomo ntangarugero cyangwa se bakitegereza imfashanyigisho z'iyumvabona zigaragaza uko umwarimu yigisha utwo duce tw'isomo rirambuye.

b) Intambwe zikurikizwa mu gukora imyitozo nyiganasomo

Imbonerahamwe igaragaza uko imyitozo nyiganasomo ikorwa



Umwarimu amaze kuguha isomo ntangarugero, uriheraho utegura iryo uzigisha bagenzi bawe. Ukurikije urwo rugero uhawe n’umwarimu, wigisha bagenzi bawe isomo wateguye wubahiriza intambwe zose. Bagenzi bawe bararyitegereza bakaguha ubujyanama ngarukirane. Iyo umaze guhabwa ubujyanama, urongera ugategura ryasomo ukongera ukabigisha wita ku byo bakugiriyeho inama. Na none, bagenzi bawe barongera bakitegereza iryo somo, bakongera bakanaguha ubujyanama ngarukirane. Ibi bikorwa birakomeza kugeza ugaragaje ko ushoboye kwigisha neza isomo nk’uko bikwiye.

Ibisobanuro kuri buri ntambwe zikurikizwa mu myitozo nyiganasomo

Intambwe ya 1

Gusobanukirwa no gutega amatwi amabwiriza agenga imyitozo nyiganasomo.

Intambwe ya 2

Gukurikira no kwitegereza neza urugero rwo kwigisha wagenderaho utegura kandi wigisha.

Intambwe ya 3

Gutegura agace k’isomo ugiye kwigisha ukurikije intambwe zako nk’uko wabibonye mu rugero wahawe.

Intambwe ya 4

Kwigishanya mu matsinda mato no kwitegereza uko bagenzi bawe babikorwa.

Intambwe ya 5

Kwakira ubugororangingo bw’ibyo wakoze neza n’ibyi ukwiye kunoza.

Intambwe ya 6

Bitewe n’ubugororangingo bwatanzwe ushobora kongera gutegura ka gace k’isomo wigishije kugira ngo wongera ugerageze kunoza imyigishirize yako.

Intambwe ya 7

Isomo rigomba gusubirwamo ntiryigishwa muri rya tsinda rya mbere, ahubwo ryigishwa irindi tsinda ry’abanyeshuri.

Intambwe ya 8

Nyuma yo kugenzurwa uko wigisha isomo, wongera guhabwa ubugororangingo bujyanye n'ibyo wakosoye mu gihe wasubiragamo isomo.

Intambwe ya 9

Ushobora kongera gusabwa gukomeza gusubiramo agace k'isomo wigishije kugeza igihe ukigishije ku buryo bunoze. icyo gihe wongera gukurikiza intambwe ya mbere kugeza ku ya gatanu.

c) Ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo

Iyi fishi iri ku mugereka, umunyeshuri ayifashisha areba ibikenewe mu gihe ari kwimenyereza kwigisha bagenzi be mu matsinda mato. Iyi fishi igaragaza izi ngingo z'ingenzi:

- Imyiteguro
- Uburyo bw'imyigishirize
- Uko isomo ritangwa
- Ibijyanye n'isuzuma

d) Ubujyanama ngarukirane

Iyo umwarimu yigishije hari ukurikirana ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize nyuma yo kwigisha bagirana ikiganiro kugira ngo umwarimu arusheho kunoza ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize. Ibyo ni byo byitwa ubujyanama ngarukirane.

Uburyo bwo gutanga ubujyanama

Kuvuga ibyo umwarimu yakoze neza: kurondora bitatu cyangwa bine umwarimu yakoze neza.

Urugero: Kuvuga uburyo yakoresheje yigisha, uko yubahirije intambwe n'uko yatanze amabwiriza y'ibikorwa akanabikurikirana.

Kubwira umwarimu ibikwiye kongerwamo imbaraga.

Gusoreza ku kintu nanone umwarimu yakoze neza.

Akamaro ko gutanga ubujyanama ngarukirane

Gutanga ubujyanama ngarukirane bituma intambwe zo kwigisha isomo zirushaho kumvikana neza kandi n'uwigishije akazarushaho kwikosora ubutaha.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Isomo nyiganasomo ni iki?

Imyitozo nyiganasomo ni imyitozo ifasha abanyeshuri biga uburezi kwitwaza kwigisha mbere y'uko binjira mu ishuri kwigisha abanyeshuri bo mu mashuri abanza. Bategura amasomo bakayigishanya mu matsinda mato bakurikije intambwe z'imyigishirize, isomo ntiryigishirizwe icyarimwe ahubwo rikagabanywamo uduce biakabafasha kumenyera uko buri gace kigishwa.

b) Ubujyanama ngarukirane ni iki?

Ni ikiganiro uwigishije agirana n'uwakurikiye isomo rye kugira ngo arusheho kunoza ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize.

c) Sobanura ibikorwa mu gihe cyo gutegura no kwigisha amasomo nyiganasomo.

Gusobanukirwa no gutega amatwi amabwiriza agenga imyitozo nyiganasomo.
Gukurikira no kwitegereza neza urugero rwo kwigisha wagenderaho utegura kandi wigisha.
Gutegura agace k'isomo ugiye kwigisha ukurikije intambwe zako nk'uko wabibonye mu rugero wahawe.
Kwigishanya mu matsinda mato no kwitegereza uko bagenzi bawe babikorwa.
Kwakira ubugororangingo bw'ibyo wakoze neza n'ibyi ukwiye kunoza.
Bitewe n'ubugororangingo bwatanzwe ushobora kongera gutegura ka gace k'isomo wigishije kugira ngo wongera ugerageze kunoza imyigishirize yako.
Isomo rigomba gusubirwamo ntiriyigishwa muri rya tsinda rya mbere, ahubwo ryigishwa irindi tsinda ry'abanyeshuri.
Nyuma yo kugenzurwa uko wigisha isomo, wongera guhabwa ubugororangingo bujyanye n'ibyo wakosoye mu gihe wasubiragamo isomo.
Ushobora kongera gusabwa gukomeza gusubiramo agace k'isomo wigishije kugeza igihe ukigishije ku buryo bunoze. icyo gihe wongera gukurikiza intambwe ya mbere kugeza ku ya gatanu.

Sobanura ibikorwa mu gihe cyo gutanga ubujyanama ngarukirane.

Guha ijambo uwigishije akavuga uko yabonye isomorye, ibyagenze neza n'imbogamizi yahuye na zo
Kuvuga ibyo umwarimu yakoze neza
Kubwira umwarimu ibikwiye kongerwamo imbaraga.
Gusoreza ku kintu nanone umwarimu yakoze neza.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ikibazo cy'umukoro n'igisubizo cyacyo

a) Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'umunyeshuri mu mashuri abanza, itegereze uko masomo ateguye urebe imfashanyigisho zikenewe, ugaragaze agace k'isomo wakwigisha bagenzi bawe mu myitozo nyiganasomo, usobanure n'uko wakabigisha.

Mu isomo ryo kwandika ingombajwi nabigisha agace ko kwitoza kwandika ingombajwi: twabanza kwandika ingombajwi nto dukoresheje uburyo bwa ndatanga urugero- Dukorane twese-Buri wese akore; hanyuma tukandika ingombajwi nkuru na bwo dukoresheje ubwo buryo.

b) Wifashishije igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri, itegereze amasomo yo kwigisha inyajwi maze usobanure impamvu inyajwi zigwa mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri? Garagaza itandukaniro riri hagati y'inyajwi zigishwa mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri?

Inyajwizigwa mu mwaka wa mbere abanyeshuri ni bwo baba bakizibona kandi zandikwa mu cyapa naho izigwa mu mwaka wa kabiri babanza kuziga bari mu isubiramo hanyuma bakongera kuziga bazandika mu mukono.

IV.5.4 Isomo rya kane: Imbata y'isomo

Intego zihariye
- Gusobanura ibice by'ingenzi bigize imbata y'isomo n'uburyo byuzuzwa.
- Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda igitabo cy'umunyeshuri n'icyumwarimu.
- Ibitabo by'Ikinyarwanda by'umwarimu n'ibyumunyeshuri mu mashuri abanza

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Iyo bavuze imyitozo nyiganasomo wumva iki?

Imyitozo nyiganasomo ni imyitozo ikorwa n'abanyeshuri bimenyereza umwuga wo kwigisha bagategura uduce tw'isomo bakatwigishanya hagati yabo.

Mu bujyanama ngarukirane ni nde ubanza guhabwa ijambo?

Mu bujyanama ngarukirane uwigishije ni we ubanza guhabwa ijambo akavuga uko yabonye isomo rye.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 4 mu gitabo cyabo mu mutwe wa kane.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ibibazo byo mu gikorwa cya 4

Integereze unasome ibiri muri iyi mbonerahamwe maze usubize ibi bibazo biyikurikira.

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
					..muri...		
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo							
Umutwe							
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe							
Isomo							
Intego ngenamukoro							
Imiterere y'aho isomo ribera							
Imfashanyigisho							
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe							
Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora					Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (andika ubushobozi + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho)	
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri					

Intangiriro: Iminota ...			
Isomo nyirizina: Iminota ...			
Umusozo w'isomo: Iminota ... - Ikomatanya - Isuzuma			
Kwisuzuma (umurezi)			

- a) Sobanura muri make iyi mbonerahamwe uvuge n'akamaro kayo.
- b) Ni ayahe makuru asabwa muri iyi mbonerahamwe umwarimu akura mu nteganyanyigisho? Ni ayahe akura mu gitabo cy'umwarimu?
- c) Kora intego ngenamukoro ku isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi.
- d) Ni izihe mfashanyigisho zifatika zakorashwa muri iryo somo?
- e) Sobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri mu isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi.
- f) Kubera iki umwarimu agomba gutegura akanuzuzwa ibijyanye na buri gice muri iyi mbonerahamwe?

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Igisobanuro n'akamaro by'imbata y'isomo

Imbata y'isomo ni imbonerahamwe yateguwe na REB yuzuzwamo intambwe z'ingenzi z'isomo, ingingo nsanganyamasomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu isomo.

Imbata y'isomo ifasha umwarimu gukurikiranya neza intambwe z'isomo, kugaragaza ubushobozi nsanganyamasomo n'ingingo nsanganyamasomo biri mu isomo yigisha.

b) Ibice by'ingenzi byuzuzwa mu mbata y'isomo n'aho biva

Igice cya mbere

Iki ni igice kigaragaza amakuru atandukanye:

Ikigo k'ishuri iryo somo ryigishwaho, amazina y'umwarimu wigisha iryo somo, igihembwe, itariki y'uwo munsu, inyigisho nk'ikinyarwanda cyangwa imibare, umwaka iryo somo ryigishwamo, inomeru y'umutwe, inomeru y'isomo, igihe isomo rimara, umubare w'abanyeshuri biga muri iryo shuri, abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo n'inzego babarizwamo, insanganyamatsiko y'umutwe, ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe, umutwe w'isomo, intego ngenamukoro, imiterere y'aho isomo ribera, imfashanyigisho ziri bwifashishwe mu isomo, inyandiko n'ibitabo byifashishijwe mu isomo.

Amakuru amwe n'amwe umwarimu ayakura mu nteganyanyigisho nk'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe, insanganyamatsiko y'umutwe n'umubare w'amasomo. Amakuru ajyanye n'umutwe w'isomo, imfashanyigisho, inomeru y'isomo n'ibitabo byifashishwa, biva mu gitabo cy'umwarimu. Hari n'ibindi umwarimu agomba kuzuzwa akurikije uko isomo riteye cyangwa ishui rye riteye.

Igice cya kabiri

Iki gice kigaragaza ibice by'isomo n'igihe bimara, inshamake igaragaza ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, urukurikirane rw'ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo. Mu bice by'isomo n'ighe bimara, harimo uduce dutatu tw'ingenzi aritwo intangiriro,

isomo rishya n’umusozo. Mu gace k’intangiriro hagarazwamo ibijyanye n’isubiramo ry’ibyzwe ndetse n’ivumburamatsiko. Mu gace k’isomo rishya, hagaragazwamo intambwe z’ingenzi zijyanye n’ibikorwa by’umwarimu n’iby’umunyeshuri. Mu musozo havugwamo ibikorwa by’inshamake, isuzuma n’umukoro. Ibyo bice byose bisozwa no kwisuzuma k’umwarimu.

c) Uburyo bwo kuzuzanya imbata y’isomo

Ibyitabwaho mu gihe umwarimu ategura isomo

Mu gihe umwarimu ategura isomo ibintu bikurikira bigomba kwitabwaho:

Gushaka imfashanyigisho zijyanye n’isomo.

Gukora ubushakashatsi ku isomo hasomwa ibitabo binyuranye birivugaho.

Gukora intego ngenamukoro igaragaza ibice bitanu (uwiga, imyitwarire cyangwa ubushobozi, ikigwa, uburyo cyangwa inzira igikorwa kiri bukorwemo, urwego cyangwa igipimo cy’imikorere)

Gukurikiranya neza ibikorwa mu isomo agendeye ku ntambwe za Bulumu no kubaza ibibazo bifatiye kuri izo ntambwe.

Gushyira mu isomo ubushobozi n’ingingo nsanganyamasomo.

Kuzuzanya imbata y’umuteguro w’isomo yita ku makuru yose y’ingenzi akenewe mbere yo kwinjira mu ishuri.

Gukoresha uburyo buha abanyeshuri uruhare runini mu isomo.

Uburyo bwo kwinjiza ingingo n’ubushobozi nsanganyamasomo mu masomo

Dufashe nk’urugero, ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe mu mutwe wa kabiri, umwaka wa mbere ni “gusoma no kwandika inyajwi o, a, e, birimo ingombajwi r, k na b no kuzitahura mu magambo no mu nteruro ndetse no mu twandiko tuvuga ku isuku”.

Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo bugenda bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri.

Urugero rw’ubushobozi nsanganyamasomo:

Gushakira ibibazo ibisubizo: Iyo umwarimu asomeye umwandiko abanyeshuri ababazah ibibazo binyuranye maze na bo bakabishakira ibisubizo.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi n’ubushakashatsi: Umwarimu atanga imikoro ifasha abanyeshuri gukora ubushakashatsi akanabashishikariza guhora biga, haba ku ishuri cyangwa no mu rugo.

Ingingo nsanganyamasomo

Mu gitabo cy’umwarimu cya buri mwaka w’amashuri abanza, buri mutwe utangira ugaragaza ingingo nsanganyamasomo zizavugwaho muri uwo mutwe.

Urugero

Ingingo nsanganyamasomo umwarimu ashobora kuvugaho mu mwaka wa mbere, umutwe wa mbere wigishwamo inyajwi:

Umuco w’ubuziranenge: umwarimu ashobora guhera ku mwandiko “Twite ku isuku y’umubiri wacu”, agasobanurira abanyeshuri ibijyanye n’isuku y’umubiri bita ku buziranenge bw’isabune n’amavuta bakoresha basukura umubiri wabo.

Umuco w’amahoro: umwarimu ashobora guhera ku mwandiko “Tugire ikinyabupfura”, agasobanurira abanyeshuri ibijyanye n’umuco w’amahoro.

Gukora no gukoresha imfashanyigisho mu kwigisha gusoma no kwandika

Nyuma ya buri mutwe w'integanyanyigisho, hateganyijwe imfashanyigisho zakwifashishwa mu kwigisha bidakuraho ko mu gihe umwarimu ategura amasomo ye areba izindi mfashanyigisho zatumye isomo rye ryumvikana neza.

Urugero

Inyajwi uko ari eshanu zigishwa mu mutwe wa mbere n'uwa kabiri mu mwaka wa mbere.

Mu mutwe wa mbere hateganyijwe imfashanyigisho zikurikira: amakarita y'inyuguti, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, ibitabo byo gusoma biri ku kigero cy'abanyeshuri, amakayi y'imirongo irati n'ibindi.

Mu mutwe wa kabiri na ho hateganyijwe imfashanyigisho zikurikira:

Amakarita y'inyajwi, imfashanyigisho zifatika, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho zitegwa amatwi, imfashanyigisho zifatika zijyanye n'inyuguti zigwa, ibikoresho by'iyumvabona, ibitabo byo gusoma biri ku kigero cy'abana, amakayi y'imirongo irati n'ibindi.

Mu mitwe ikurikiraho, uko umwarimu agenda yigisha ingombajwi n'ibihekane, agenda akoresha imfashanyigisho zinyuranye. Umwarimu agomba kwibuka gutegura, gukora no gushaka imfashanyigisho zikenewe mbere yo kwigisha isomo. Izo mfashanyigisho zose zigomba kwandikwa ahabugenewe mu mbata y'isomo.

e) Igice k'isuzuma mu mbata y'isomo

Uko umwarimu yigisha isomo ni ko asuzuma abanyeshuri. By'umwihariko buri somo rigira igice k'isuzuma aho umwarimu asuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri agendeye ku ntego ngenamukoro yihaye.

Urugero

Iyo umwarimu amaze kwigisha isomo ryo gutahura no gusoma injajwi runaka, ashobora gutanga isuzuma ryo gutahura injajwi mu ijambo, mu nteruro, mu mwandiko no gusoma iyo nyajwi.

f) Urugero rw'umuteguro w'isomo

Reba ku umugereka.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo.

a) Wifashishije igitabo cy'umwarimu mu mashuri abanza, hitamo isomo rimwe uritangeho urugero maze wuzuze ibice bikurikira by'imbata y'isomo:

- Umwaka wa:
- Umutwe wa:
- Isomo rya:
- Umutwe:
- Isomo:
- Intego ngenamukoro:
- Imfashanyigisho:
- Imyandiko n'ibitabo:
- Iminota

Urugero,

- Umwaka wa:6
- Umutwe wa: mbere
- Isomo rya: 1 kuri 24
- Umutwe: Umuco nyarwanda.
- Isomo: Gusoma no gusobanura umwandiko “**Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze**”
- Intego ngenamukoro: Hifashishijwe umwandiko “**Utaganiye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze**”, umunyeshuri araba ashobora gusobanura neza amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.
- Imfashanyigisho: amashusho ajyanye n’umwandiko, igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu.
- Imyandiko n’ibitabo:Inkoranyamagambo, Iminota: 40

b) Uhereye ku rimwe mu masomo yo kwigisha inyajwi, wifashishije igitabo cy’umwarimu, sobanura uko umwarimu yakwinjiza ingingo n’ubushobozi nsanganyamasomo muri iryo somo.

Isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi **o/O**

Mu gice k’itahuramajwi umwarimu yakwinjizamo ingingo nsanganyamasomo y’umuco w’ubuziranenge mu gihe asomera abanyeshuri igika cya mbere n’icya kabiri by’inkuru “**Twite ku isuku y’umubiri wacu.**”

Mu bikorwa byo gutahura ijwi rishya umunyeshuri ateza imbere ubushobozi bw’ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.

Mu bikorwa byo kuvugira hamwe n’abanyeshuri cyangwa abanyeshuri bafatanyaga gusubiramo bizamura ubushobozi bwababw’ubufatanye n’imibanire ikwiye.

IV.5.5 Isomo rya gatanu: Imyigishirize y’inyajwi

Intego zihariye
Kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa inyajwi
Imfashanyigisho Integanyanyigisho y’Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy’amashuri abanza; Igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri k’iyigayigisha ry’Ikinyarwanda, igitabo cy’umwarimu n’icy’umunyeshuri mu mwaka wa mbere w’amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo

Rondora ibice bigomba kuzuzwa mu gice cya mbere cy’imbata y’umuteguro w’isomo.

Ibice bigomba kuzuzwa mu gice cya mbere k’imbata y’isomo ni ibi bikurikira:

- Ikigo k’ishuri iryo somo ryigishwaho
- Amazina y’umwarimu wigisha iryo somo
- Igihembwe bagezemo biga
- Itariki y’umunsi isomo rizatangwaho
- Inyigisho nk’Ikinyarwanda cyangwa imibare
- Umwaka (ishuri) iryo somo ryigishwamo,
- Inomero y’umutwe iryo somo ririmo
- Inomero y’isomo ririmo kwigishwa
- Igihe isomo rimara

Umubare w'abanyeshuri biga muri iryo shuri bose
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo n'inzeho babarizwamo
Insanganyamatsiko y'umutwe igaragara mu nteganyanyigisho
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe
Umutwe w'isomo,
Intego ngenamukoro,
Imiterere y'aho isomo ribera,
Imfashanyigisho ziri bwifashishwe mu isomo
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe mu isomo.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 5 mu gitabo cy'umunyeshuri, umutwe wa kane.
- Baza abanyeshuri niba hari ibindi bitabo cyangwa imfashanyigisho bakenera kugirango barusheho gusobanukirwa neza iyo mbonerahamwe ubibahe.
- Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bumvise neza ibyo wabasabye gukora ufasha abafite ibibazo.
- Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo ibyo baganiriyeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 5

Itegereze umuteguro w'isomo ryo kwigisha inyajwi "i/l" riri ku mugereka usobanure icyo inyajwi ari cyo, uguragaze intambwe zo kwigisha nyajwi, unavuge aho inyajwi zigishwa mu mashuri abanza ushingiyeho ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe zigishwamo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) icyo inyajwi ari cyo

Inyajwi ni rimwe mu majwi y'Ikinyarwanda bongera ku ngombajwi ngo azihe imivugirwe. Inyajwi kandi ni ikimenyetso cyandika iryo jwi. Inyajwi z'Ikinyarwanda ni eshanu: i/l, u/U, o/O a/A, e/E.

b) Intambwe zo kwigisha inyajwi

- Gutahura no kwitoza kuvuga ijwi rishya
- Gutahura ijwi rishya bahereye ku mashusho
- Kwerekana ikimenyetso k'inyajwi yigwa n'uko isomwa, into n'inkuru
- Kwerekana ikimenyetso k'inyajwi yigwa
- Kwerekana aho inyajwi yanditse mu ijambo
- Kwimenyereza gusoma inyajwi nto
- Kwimenyereza gusoma inyajwi inkuru
- Kwimenyereza kwandika inyajwi nto
- Kwimenyereza kwandika inyajwi nkuru
- Gusoma inyajwi nto n'inkuru
- Kwandika inyajwi nto n'inkuru

Izi ntambwe zose zivuzwe haruguru, si ko zigishwa mu isomo rimwe. Hari isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi, gusoma inyajwi nto n'inkuru, kwandika inyajwi nto n'inkuru ndetse n'imyitozo yo gusoma no

kwandika n'isoza icyumweru. Isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi, ribanzirizwa n'amasomo abiri yo gusoma, kumwa no gusesengura inkuru itahurwamo iyo nyajwi. Imbonerahamwe igaragaza uko ayo masomo umunani y'icyumweru akurikirana iri ku mugereka.

c) Aho inyajwi zigishwa mu mashuri abanza

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu gusoma no kandika ku umunyeshuri urangije umwaka wa mbere w'amashuri abanza bugaragaza ko aba ashobora kwandika mu cyapa (inyuguti ntoya n'inyuguti nkuru), amagambo n'interuro y'Ikinyarwanda bigizwe n'inyuguti zigize itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda (inyajwi eshanu n'ingombajwi cumi n'ikenda) ndetse n'ibihekane bitandatu byigwa mu mwaka wa mbere. Kugira ngo ubu bushobozi umunyeshuri abugereho, ningombwa ko umwarimu amukoresha ibikorwa binyuranye byo gusoma no kwandika. Muri ibyo bikorwa harimo kumwigisha amasomo yo gutahura, gusoma no kwandika inyajwi. Amasomo y'inyajwi ateganyijwe muri uyu mutwe wa mbere mu mwaka wa mbere, ni umusingi wo kugera kuri ubwo bushobozi bw'ingenzi.

3. Umwitozo

Saba abanyeshuri gusubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo.

Itegereze amagambo abirabiri ari mu itsinda rimwe maze usubize ibibazo biyakurikira.

(ifi, ifu)

(uruvi, uruvu)

(undi, andi)

(umutuzo, umutozo)

(amazi, amezi)

a) Inyuguti zitandukanya amagambo abiri ari mu itsinda rimwe zitwa ngo iki?

Amagambo yo mu itsinda rya mbere n'irya kabiri atandukanyijwe n'inyajwi **i** na **u**.

Mu itsinda rya gatatu, amagambo atandukanyijwe n'inyajwi **u** na **a**.

Mu itsinda rya kane, amagambo atandukanyijwe n'inyajwi **u** na **o**.

Mu itsinda rya kane, amagambo atandukanyijwe n'inyajwi **a** na **e**.

b) Ese buri nyuguti yakwigishwa mu gihe kingana iki?

Buri nyuguti yakwigishwa icyumweru cyose.

c) Ni izihe nyuguti zikwiye kwigishwa mbere y'izindi?

Izikwiye kwigishwa mbere ni izoroheye abana kurusha izindi: i, u, o, a, e

d) Umwarimu yazigisha akurikije izihe ntambwe?

Mu kwigisha inyajwi bikuriza intambwe zikurikira:

- Gutahura no kwitoza kuvuga ijwi ry'inyajwi yigwa
- Gutahura ijwi ry'inyajwi yigwa bahereye ku mashusho
- Kwerekana ikimenyetso k'inyajwi yigwa into n'inkuru n'uko isomwa.
- Kwerekana aho inyajwi yanditse mu ijambo
- Kwimenyereza gusoma inyajwi nto
- Kwimenyereza gusoma inyajwi inkuru
- Kwimenyereza kwandika inyajwi nto
- Kwimenyereza kwandika inyajwi nkuru
- Gusoma inyajwi nto n'inkuru
- Kwandika inyajwi nto n'inkuru

e) Kubera iki umwarimu ari zo akwiye kwigisha mbere y'izindi?

Ni zo umwarimu akwiye kwigisha mbere y'izindi kuko ari zo ziha ingombajwi n'ibihekane amajwi. Ni zo zituma bivugika bikumvikana.

f) Umwarimu yakora iki kugira ngo azamure ubushobozi bwa gusoma no kwandika ku banyeshuri?

Kugira ngo umwarimu azamure ubushobozi bwa gusoma no kwandika ku banyeshuri agomba kubahiriza intambwe zose inyuguti zigishwamo.

4. Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka bakoze umukoro uri mu bitabo byabo.

Ibibazo by'umukoro

- a) Wifashishije igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri, itegereze amasomo yo kwigisha inyajwi maze usobanure impamvu inyajwi zigwa mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri?
- b) Garagaza itandukaniro riri hagati y'inyajwi zigishwa mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri?

IV.5.6 Isomo rya gatandatu: Isuzuma

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ubwoko bw'isuzuma - Gutandukanya isuzuma riteguye n'isuzuma ry'ako kanya. - Kubaza ibibazo bitandukanye agendeye ku rwego rw'intego rwa Bulumu.
Imfashanyigisho Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza;lyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu; lyigayigisha ry'Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri Igitabo cy'umwarimu: umwaka wa 1, 2, 3, 4,5 n'uwa 6

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ni ibiki bishyirwa mu gice cya kabiri cy'umuteguro w'isomo?

Hagaragaramo ibice by'isomo ari byo intangiriro, isomo rishya n'umusozo, hagaragaramo igihe buri gice kimara, inshamake igaragaza ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, urukurikirane rw'ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri, ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 6 mu gitabo cy'umunyeshuri, umutwe wa kane.
- Baza abanyeshuri niba hari ibindi bitabo cyangwa imfashanyigisho bakenera kugirango barusheho gusobanukirwa neza iyo mbonerahamwe ubibahe.
- Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri bumvise neza ibyo wabasabye gukora ufasha abafite ibibazo.
- Saba abanyeshuri gusangiza bagenzi babo ibyo baganiriyeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 6

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri byo mu mashuri abanza, reba amasuzuma (imyitozo) asoza icyumweru maze urebe icyo ibibazo n'imyitozo byibanzeho. Muri ibyo bitabo kandi reba amasuzuma

asoza umutwe ugereranye ibyabajijwe n'ibigenderwaho mu isuzuma biri mu nteganyanyigisho hanyuma urebe n'inzego z'ibibazo n'imyitozo biri muri ayo masuzuma.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) icyo suzuma ari cyo

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho, hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma.

Isuzuma ni igice k'ikigenzi mu myigire n'imyigishirize by'umunyeshuri.

b) Amoko y'isuzuma

- Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Rifasha kumenya aho abanyeshuri bafite ubushobozi buke kugira ngo hafatwe ingamba zo kubafasha mu myigire yabo. Riba rigamije gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye, uko bagaragaza ubushobozi mu byigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Rifasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri be. Umwarimu akoresha bumwe cyanga impurirane z'uburyo bukurikira: kwitegereza abanyeshuri mu byo bakora cyangwa bavuga, kubaza ibibazo basubiza bavuga cyangwa se ku babaza ibibazo basubiza bandika. Ingero z'ibibazo by'isubiramo umwarimu abaza atangiye isomo, ibibazo by'ikomatanya umwarimu abaza yigisha n'ibindi bibazo agenda abaza arabako abanyeshuri bumvise.

Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize rifite akamaro nko mu bibazo by'isubiramo ku ntangiriro ya buri somu rituma umwarimu amenya ingorane abanyeshuri bagize mu isomo riheruka bityo mu isomo ry'umunsi akagenda yibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isomo riheruka, nko mu myitozo isoza buri cyumweru cyangwa imyitozo isuzuma risoza umutwe rituma umwarimu abasha kumenya aho abanyeshuri bafite ubushobozi buke maze akabafasha naho mu isuzumabushobozi ryo gusoma kuri buri munyeshuri rituma umwarimu abasha gusesengura no kubika ibyavuye mu isuzuma bityo bigasangizwa ababafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize.

- Isuzuma rikomatanya

Rikorwa hagamijwe gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikicro no gufata ikemezo cyo gukomeza intera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri.

Rikorwa hagamijwe gutanga impamyabushobozi

Rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu nk'ibizamini bya Leta.

c) Itandukaniro hagati y'isuzuma riteguye n'iry'ako kanya

Isuzuma riteguwe	Isuzuma ry'ako kanya
<ul style="list-style-type: none"> - Abanyeshuri bose bakorerwa - Isuzuma hashingiwe ku bikoreho bimwe. - Amanota atangwa ku buryo bwemewe. - Uburyo bwo gukoresha isuzuma butandukanye n'ubusanzwe bukoreshwa buri gihe. - Rikorwa n'umwarimu cyangwa umuntu umufasha ubifitiye ubushobozi iyo bishoboka. 	<ul style="list-style-type: none"> - Abanyeshuri bakurikiranwa hakoreshejwe ibikoreho binyuranye kandi bitanateguwe. - Abanyeshuri bashyirwa mu byiciro hashingiwe ku buryo umwarimu abona ibintu. - Rikorwa mu gihe umwarimu arimo kwigisha bisanzwe kandi nta gikorwa kihariye gikenerwa. - Rikorwa n'umwarimu ku giti ke.

Ingero z'isuzuma ry'ako kanya

Umwarimu akora isuzuma buri gihe uko yigisha kugira ngo abashe gukurikira intambwe ku yindi uko abanyeshuri bakurikira isomo.

Ingero z'isuzuma riteguye

Isuzuma risoza isomo

Iyo umwarimu ategura isomo, arangiza ategura ibibazo by'isuzuma bimufasha kureba ko intego yihaye zagezweho. Abanyeshuri bashobora gusubiza bavuga cyangwa bandika.

Isuzuma ku mpera y'icyumweru:

Umwarimu akoresha imyitoto y'isubiramo yo gusoma no kwandika mu isomo rya nyuma rya buri cyumweru mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Iyo myitoto ikorwa ku byo abanyeshuri bize muri icyo cyumweru. Iri suzuma rishobora kuba isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize igihe umwarimu afite intego yo kugenzura ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri kugira ngo afate ingamba zikwiye mu rwego rwo kuziba icyuho.

Isuzuma risoza umutwe

Umwarimu akoresha isuzuma mu cyumweru cya nyuma cya buri mutwe. Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza mu mitwe myinshi rimara icyumweru ariko mu kiciro cya kabiri isuzuma risoza umutwe rigenerwa amasaha abiri cyangwa atatu. Iryo isuzuma ryibanda ku byo abanyeshuri bize muri uwo mutwe. Iri suzuma kunoza imyigire n'imyigishirize, kuko umwarimu ariheraho atanga imyitoto nzamurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke n'imyitoto nyagurabushobozi ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buhagije.

Isuzuma bushobozi ryo gusoma no kwandika

Ni isuzuma rigamije kureba ikigero abanyeshuri bageze mu gusoma no kwandika. Rikorwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kandi rigakorwa n'abanyeshuri bo mu gihugu bose. Mu mwaka wa mbere rikorwa ku mpera y'umutwe wa 2 n'umutwe wa 5, mu mwaka wa kabiri rikorwa ku mpera y'umutwe wa 2, uwa 6 n'uwa 8 naho mu mwaka wa gatatu rigakorwa nyuma y'umutwe wa 4 n'uwa 6.

Muri iri suzuma, umwarimu atanga imyitoto yateganyijwe yo gusoma no kwandika ndetse n'iyo kumva inkuru kuri buri munyeshuri hagamijwe gusuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukubiye mu byigwa n'ubushobozi nsanganyamasomo. Muri iri suzuma umwarimu akurikiza intambwe zose ziteganywa. Nyuma y'iri suzuma hakorwa inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma kuri buri munyeshuri, bikabikwa neza ku buryo bugaragaza intambwe igenda iterwa mu myigire kandi bigangizwa abafatanyabikorwa mu burezi. Ibibifasha mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye zizatuma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye muri iri suzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri no ku babyeyi.

Amabwiriza agenga iri suzuma n'amafishi yifashishwa, mu mwaka wa kabiri n'uwa gatatu agaragara ku mugereka w'igitabo cy'umwarimu, naho mu mwaka wa mbere bitewe n'uko ibitabo byaho byasohotse igitekerezo cyo gukoresha iri suzuma kibaho, amabwiriza n'amafishi biboneka mu nyandiko z'inyongera kandi rigakorwa mu masaha amwe y'isuzuma risoza umutwe. (amasaha 3 akorwamo isuzuma risoza umutwe atanu asigaye agakorwamo isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika)

Amafishi ku mugereka

Isuzuma risoza igihembwe

Ku mpera y'igihembwe umwarimu akoresha isuzuma rikomatanya ibyo abanyeshuri bize mu gihembwe. Iryo suzuma rikorwa hagamijwe kureba intera umunyeshuri agezeho kugira ngo bizaherweho bafata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri.

Isuzuma risoza ikiciro /ibizamini bya Leta

Ibivuye muri iri suzuma byifashishwa mu gufata ibyemezo byo gukomeza ku kiciro gikurikiyeho cyangwa gutanga impamyabushobozi.

d) Abanyeshuri bagaragaza ubushobozi buke

Ibiranga umunyeshuri ugaragaza ubushobozi buke mu ishuri

Umunyeshuri uhorana agahinda cyangwa umujinya

Umunyeshuri uba udashaka kurebana n'umwarimu

Umunyeshuri udakurikira amabwiriza y'umwarimu
 Umunyeshuri w'umunabwwe udashaka gufatanya n'abandi
 Umunyeshuri ushaka gukopera iby'abandi bakoze ntakore ibye
 Umunyeshuri uvuga yongorera ntasohore ijwi mu gihe bamubajije
 Umunyeshuri uhora arangara akirebera hanze y'ishuri, ahengerereza mu madirishya ...
 Umunyeshuri ukubaganya abandi banyeshuri.

Ikitonderwa

Umwarimu agomba kwibuka ko umunyeshuri ukubagana bitavuze ko afite ubushobozi buke, ahubwo ashobora no gukubagana kubera ko atumva ibyo yigisha.

Gufasha abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe

Abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke bahabwa imyitozo nzamurabushobozi, ariko no mu gihe umwarimu yigisha agomba kubafasha, afata ingamba zituma bamukurikira.

Ingero:

Umwarimu agomba gutanga amabwiriza ishuri ryose rituje kandi agatanga amabwiriza yumvikana neza ku banyeshuri bose ndetse akayasubiramo igihe ari ngombwa.

Iyo umwarimu agomba gufatanya n'abanyeshuri agomba kugenzura ko abanyeshuri bose bari kugendana, kubashishikariza gukurikira igihe barangaye no kubashimira igihe bakurikije amabwiriza.

Mu gihe bari gukora bonyine, umwarimu agomba kubashimira no kubatera akanyabugabo, mu gihe bari mu matsinda, umwarimu agomba kubakurikirana akamenya niba bagira uruhare mu bikorwa bibera mu matsinda.

Umwarimu aba agomba kwita kuri buri munyeshuri ku giti ke akurikije ingorane afite

d) Inzego z'ibibazo

Mu isuzuma umwarimu agomba kumenya kubaza ibibazo bitandukanye, kandi biri ku nzego zitandukanye. Urwego rw'itegeko rwa Bloom ni rwo rugenderwaho mu kubaza ibibazo bitandukanye. Hagendewe kuri uru rwego rw'itegeko, ibibazo bishyirwa ku nzego esheshatu zigaragazwa n'inshinga ziba zakoreshejwe.

- Guhanga, guhimba, guhindura, kuvanga, kujya impaka, gutekereza, guteganya,...
- Kwemeranywa, gushima, kunenga, gutanga umwanzuro, kujora, gufata ikemezo, kwemeza, gucishiriza, gushishikariza, gushyira mu gaciro, guha agaciro, gushyigikira.
- Gusesengungura, gushyira mu nzego, kwanzura, gutahura, gutandukanya, kugabanya, gusuzuma, kugaragaza umumaro, kugaragaza isano, kugaragaza insanganyamatsiko,
- Gutondekanya, gukora, kubaka, kugaragaza, gutanga urugero, gushyira kuri gahunda, gutegura gahunda, gukemura ibibazo, gukoresha, gukemura....
- Gutandukanya, kugereranya, kuvuguruza, garagaza, gusobanura, kongera, kuvuga mu yandi magambo, kuvuga muri make,
- Guhitamo, gutanga inyito, gushaka, gutondeka, guhuza, kuvuga izina, gukuramo, kwerekana, kurondora, kugemura, ni hehe, ni ryari, ni iki, kubera iki...



Ibibazo byo ku rwego rwa mbere ni ibibazo byibutsa ubwonko ibyo umuntu yize, yabonye, yasomye, yavuze, yumvise n'ibindi. Ibibazo byo ku rwego rwa kabiri ni ibibazo bigaragaza ko umuntu yasobanukiwe n'ibikorwa, n'ibitekerezo ashira kuri gahunda, agereranya, asobanura, asemura... ibyo ku rwego rwa

gatatu 3, ni ibibazo bisaba gukemura ibibazo hakoreshejwe ubumenyi, ubuhamya, uburyo n'amategeko byizwe mbere. Ibibazo byo ku rwego rwa kane ni ibisaba gusesengura amakuru, ugashakisha impamvu cyangwa ibimenyetso byagufasha gushyigikira cyangwa kudashyigira uruhande runaka. Ibibazo byo ku rwego rwa gatanu ni ibisaba kwitegereza no gutekereza ku bikorwa cyangwa ibitekerezo ukabijora, ugashima cyangwa ukanenga. Naho ibibazo byo ku rwego rwa gatandatu ni ibisaba guhuza amakuru cyangwa ingingo mu buryo bushya cyangwa se gutanga imyanzuro mishya.

3. Umwitozo

a) Ushingiye ku byo agamije, tandukanya isuzuma rikomatanya n'isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize.

Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize rigamije gusuzuma ubushobozi abanyeshuri bagezeho, no gufata ingamba zo gufasha abataragera ku bushobozi bwifuzwa. Naho isuzuma rikomatanya rigamije guta ibyemezo byo gukomeza ku ntera zisumbuyeho cyangwa gutanga impamyabushobozi.

b) Wifashishije igitabo cy'umunyeshuri mu mashuri abanza, shaka umwandiko uwubazeho ibibazo biri ku nzego zitandukanye, ukurikije urwego rw'intego rwa Bloom.

Urugero : Umwandiko: "Dusobanukirwe n'ingagi mu birunga"

(Ikinyarwanda-Amashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 6, 2019 : urup. 184)

Urwego rwa 1. Kwibuka:

Ingero:

Pariki y'ibirunga iherereye he?

Ni ibihe binyabuzima biba muri iyi pariki?

Urwego rwa 2: Gusobanukirwa

Ingero:

Ifite uwuhe mwihariko ku isi no muri Afurika?

Nyiramacibiri ni muntu ki?

Vuga amateka ya Pariki y'ibirunga mu mirongo itarenze itanu.

Urwego rwa 3: Gushyira mu ngiro

Urugero:

Koresha aya magambo mu nteruro zawe: *ibirori, ubutaka, amadovize*

Urwego rwa 4: Gusesengura

Ingero:

Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko?

Urwego rwa 5: Gusuzuma

Urugero:

Muri Pariki y'ibirunga harimo inyamaswa nyinshi, ubona ari ukubera iki ingagi ari zo zitaweho kurusha izindi nyamaswa?

Urwego rwa 6: Guhanga

Urugero:

Hanga umwandiko utarengeje imirongo 15 urata indi pariki yo mu Rwanda itari Pariki y'ibirunga.

IV.8. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kane, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije igitabo cy'umwarimu mu mu mwaka wa kabiri n'uwagatatu mu mashuri abanza, ndetse n'inyandiko z'inyongera garagaza imyitozo iteganyijwe mu isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika rya mbere n'irya kabiri kuva mu mwaka wa mbere kugera mu mwaka wa gatatu.

Uko wakosorwa

Umwaka wa	Imyitozo	
	Isuzuma rya mbere	Isuzuma rya kabiri
Mbere	Nyuma y'umutwe wa kabiri - Gusoma imigemo, gusoma amagambo, gusoma interuro - Kwandika imigemo n'amagambo	Nyuma y'umutwe wa gatanu - Gusoma umwandiko no kumva umwandiko - Kwandika amagambo
Kabiri	Nyuma y'umutwe wa kabiri - Umwitozo wo gusoma interuro - Umwitozo wo kwandika amagambo n'interuro	Nyuma y'umutwe wa gatandatu - Umwitozo wo gusoma amagambo - Gusoma agakuru no kumva agakuru - Icyandikwa
Gatatu	Nyuma y'umutwe wa kane - Gusoma amagambo - Icyandikwa: amagambo n'interuro - Gusoma udategwa inkuru no kumva umwandiko	Nyuma y'umutwe wa gatandatu - Gusoma udategwa inkuru no kumva umwandiko - Icyandikwa: interuro n'agakuru

IV. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe twabonye icyo gusoma no kwandika ari cyo, tubona ubumenyi bw'ibanze mu gusoma no kwandika; twabonye ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo; tubona uburyo bwo gukora imyitozo nyiganasomo no gutanga ubujyanama ngarukirane; twabonye ibice by'ingenzi byuzuzwa mu mbata y'isomo n'uburyo bwo yuzuzwa hanyuma tubona icyo suzuma ari cyo, ubwoko bw'isuzuma, itandukaniro hagati y'isuzuma riteguye n'iry'ako kanya, n'inzeho z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'intego rwa Bloom.

IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa kane

- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere n'icya kabiri ku giti ke kandi mu nyandiko. Ikibazo cya gatatu baragikorera mu matsinda kandi bagitahane nk'umukoro.
- Kosora isuzuma ureba ko abanyeshuri bakoze neza ibyo basabwe.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Sobanura intambwe umunyeshuri yakurikiza mu myitozo nyiganasomo.

- Gusobanukirwa no gutega amatwi amabwiriza agenga imyitozo nyiganasomo.
- Gukurikira no kwitegereza neza urugero rwo kwigisha wagenderaho utegura kandi wigisha.
- Gutegura agace k'isomo ugiye kwigisha ukurikije intambwe zako nk'uko wabibonye mu rugero wahawe.
- Kwigishanya mu matsinda mato no kwitegereza uko bagenzi bawe babikorwa.
- Kwakira ubugororangingo bw'ibyo wakoze neza n'ibyi ukwiye kunoza.
- Bitewe n'ubugororangingo bwatanzwe ushobora kongera gutegura ka gace k'isomo wigishije kugira ngo wongera ugerageze kunoza imyigishirize yako.
- Isomo rigomba gusubirwamo ntiriyigishwa muri rya tsinda rya mbere, ahubwo ryigishwa irindi tsinda ry'abanyeshuri.
- Nyuma yo kugenzurwa uko wigisha isomo, wongera guhabwa ubugororangingo bujyanye n'ibyo wakosoye mu gihe wasubiragamo isomo.
- Ushobora kongera gusabwa gukomeza gusubiramo agace k'isomo wigishije kugeza igihe ukigishije ku buryo bunoze. icyo gihe wongera gukurikiza intambwe ya mbere kugeza ku ya gatanu.

2. Sobanura muri make ibyuzuzwa mu bice byombi by'imbata y'isomo.

Igice cya mbere: Iki ni igice kigaragaza amakuru atandukanye:

- Ikigo k'ishuri iryo somo ryigishwaho
- Amazina y'umwarimu wigisha iryo somo
- Igihembwe bagezemo biga
- Itariki y'umunsi isomo rizatangwaho
- Inyigisho nk'Ikinyarwanda cyangwa imibare
- Umwaka (ishuri) iryo somo ryigishwamo,
- Inomero y'umutwe iryo somo ririmo
- Inomero y'isomo ririmo kwigishwa
- Igihe isomo rimara
- Umubare w'abanyeshuri biga muri iryo shuri bose
- Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo n'inzego babarizwamo
- Insanganyamatsiko y'umutwe igaragara mu nteganyanyigisho
- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mutwe
- Umutwe w'isomo,
- Intego ngenamukoro,
- Imiterere y'aho isomo ribera,
- Imfashanyigisho ziri bwifashishwe mu isomo
- Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe mu isomo.

Igice cya kabiri: ni igice kigaragaza

- Ibice by'isomo n'igihe bimara: intangiriro, isomo rishya n'umusozo
- Inshamake igaragaza ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri,
- Urukurikirane rw'ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri,
- Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo.

3. Baza ibibazo bitatu biri ku nzego zitandukanye ku mwandiko ukurikira uvuge n'inzego inzego biriho.

Tumenye inyamaswa zo mu gasozi

Inyamaswa zo mu gasozi ni nyinshi kandi ziratandukanye. Muri zo twavuga intare, ingwe, impyisi, imbogo, impongo n'izindi. Zimwe ni indyanyama zitunzwe no guhiga, izindi ni indyabyatsi.

Mu ndyanyama twavugamo intare, ingwe, imbwebwe, impyisi n'izindi. Izo nyamaswa n'ibyana byazo zitungwa no kurya izindi. Impongo n'utwana twazo ni indyabyatsi ntizirya inyama.

Imbogo n'inyana zazo kimwe n'imparage n'ibyana byazo zirisha ibyatsi. Imisambi n'inyoni byo byibera mu byari hamwe n'udushwi twabyo. Ibyana by'imbeba biba mu miheno iby'inzoka bikaba mu myobo. Impyisi n'ibibwana byazo bitungwa akenshi n'ibyasigajwe n'intare n'ingwe. Isatura ni indyabyatsi zishobora kubwagura ibibwana birenze bitanu.

Muri make, inyamaswa zo mu gasozi zitandukanira kuri byinshi.

Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri: Umwaka wa gatatu (2019): urupapuro 134

Ibibazo n'inzego

1. Subiza yego cyangwa oya (kwibuka)
 - a) intare n'ingwe ni inyamaswa zo mu gasozi.
 - b) Inyamaswa z'indyanyama zitunzwe no kurya ibyatsi.
2. Iyo bavuze kubwagura wumva iki? (Gusobanukirwa)
3. Koresha mu nteruro yawe ijamba "indyabyatsi" (gushyira mu ngiro)

IV.9. Ibindi bikorwa by'ingenzi

IV.9.1. Imyitozo nzamurabushobozi

1. Vuga uturango tw'umunyeshuri ufite ubushobozi buke.
2. Rondora ingingo nsanganyamasomo uvuge n'uturango twazo.
3. Ubushobozi nsanganyamasomo butandukaniye he n'ingingo nsanganyamasomo mu kubyinjiza mu isomo?

IV.9.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Hanga umwandiko hanyuma uwubazeho ibibazo ugendeye ku nzego z'intego za Bloom.

IV.9.3. Imyitozo y'inyongera

1. Wifashishije igitabo cy'umwarimu, Ikinyarwanda mwaka wa mbere w'amashuri abanza, soma igice kigaragaza isomo nyirizina, wuzuze neza mu mbata y'isomo ibikorwa by'umwarimu n'iby'abanyeshuri kandi ugaragaze ubushobozi nsanganyamasomo ibyo bikorwa biteza imbere.
2. Wifashishije igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, fata inkuru imwe uyibazeho ibibazo ugendeye ku rwego rw'intego rwa Bloom kandi ugaragaze urwego buri kibazo kiriho.

IV.9. Amakuru y'inyongera

Ku bindi bisobanuro byimbitse ku isuzuma, umwarimu n'abanyeshuri bakwifashisha ibitabo binyuranye by'amahugurwa bivuga ku nteganyanyigisho birimo ibyateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, Umushinga USAID Soma Umenye ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda n'ibindi.

Amabwiriza agaragaza uko umwarimu akoresha isuzumabushobozi ryo gusoma

Bitewe n'uko hakenerwa kumenya amagambo umunyeshuri ashobora gusoma mu munota ni ngombwa ko umwarimu aba afite isaha cyangwa terefone yo gukoresha abipima.

Kwereka abanyeshuri ibyo baza gusoma.

Igihe ntarengwa buri munyeshuri agomba gukoresha asoma ni iminota itatu.

Iyo umunota umwe urangiye, umwarimu ashyira akamenyetso ku ijamba umunyeshuri yari amazegusoma.

Kubara amagambo umunyeshuri yashoboye gusoma neza mu gihe cy'umunota umwe no kuyandika ku rupapuro rwandikwaho amanota y'isuzuma ryo gusoma.

Ibyo umwarimu abwira umunyeshuri mbere yo gusoma

Hano hari umwandiko ugiye gusoma. Ugiye kuwusoma neza mu gihe kitarenze iminota itatu. Nurangiza gusoma ndaza kukubaza ibibazo ku mwandiko umaze gusoma. Ninkubwira ngo tangira urahera ku ijamba rya mbere ry'umwandiko maze ugerageze gusoma neza kandi wihuta kugeza igihe urangirije cyangwa kugeza igihe nguhagaritse. Usobanukiwe n'ibyo ugiye gukora? Ngaho tangira usome.

V.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura amasomo yo kwigisha gusoma no kwandika ingombajwi n'ibihokane.

V.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yararangije amashuri abanza ndetse n'ikiciro rusange; ingombajwi n'ibihokane by'Ikinyarwanda aba yarabyize byose azi kubisoma no kubyandika kuko byose byigirwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Gusa aba agomba kongera kubiyibutsa cyanecyane ibihokane bidakoreshwa cyane, ndetse akongera kwimenyereza kwandika atandukanya icyapa n'umukono, inyuguti no n'inkuru.

Ubumenyi afite kandi buzakomeza gushimangirwa n'isomo ry'Ikinyarwanda mu ishuri nderabarezi mu iyigamajwi n'iyigamvugo kuko yongera kwiga amajwi yose y'Ikinyarwanda, akitoza kuyavuga, kuyasoma ndetse no kuyandika.

Ku bijyanye no gutegura amasomo, mu mitwe yabanje yize umuteguro w'isomo, azi gushaka imfashanyigisho, kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamaso. Umunyeshuri kandi mu mitwe yabanje yize uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore, buzakenerwa mu myitozo yo gitegura no kwigishanya, azi ibikorwa muri buri gice cy'ubu buryo.

V.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Uhereye ku bumenyi ufite, sobanura itahuramajwi n'ihuzamajwi nk'inkingi zo gusoma no kwandika n'intambwe zikurikizwa mu kwigisha buri nkingi unasobanure uko kwigisha kwandika bikorwa mu mashuri abanza.

- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

V.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatanu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Kwigisha itahuramajwi - Ibibazo bijyanye na videwo - Kwiyibutsa igisobanuro k'itahuramajwi - Intambwe zo kwigisha inkingi itahuramajwi - Aho itahuramajwi ryigishwa	- Kurondora no gusobanura intambwe zo kwigisha itahuramajwi - Kugaragaza amasomo yigishwamo itahuramajwi	Iminota 80
2	Gutegura igice k'isomo k'itahuramajwi	- Gutegura igice k'isomo k'itahuramajwi - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.	Iminota 40
3	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha itahuramajwi	Iminota 80

4	Kwigisha ihuzamajwi - Ibibazo bijyanye na videwo - Kwiibutsa inshoza y'ihuzamajwi - Intambwe zo kwigisha ihuzamajwi - Aho ihuzamajwi ryigishwa	Gutahura intambwe zo kwigisha ihuzamajwi no kugaragaza amasomo yigishwamo ihuzamajwi.	Iminota 40
5	Gutegura igice k'isomo k'ihuzamajwi	Gutegura igice k'isomo k'ihuzamajwi.	Iminota 80
6	Imyitoto nyiganaso	Kwigisha ihuzamajwi	Iminota 40
7	Kwigisha kwandika	- Kugaragaza ibikorwa bibanziriza kwandika - Gutahura intambwe zo kwigisha imisharabiko - Gutahura intambwe zo kwigisha kwandika inyajwi, ingombajwi n'ibihokane.	Iminota 40
8	Imyitoto nyiganasomo	Kwisha imisharabiko no kwandika.	Iminota 40
9	Umwitoto w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		
10	Isuzuma risoza umutwe wa cumi		Iminota 40

V.5. Imbonezamasomo

V.5.1 Isomo rya mbere: Kwigisha itahuramajwi

Intego zihariye
- Kurondora no gusobanura intambwe zo kwigisha itahuramajwi - Kugaragaza amasomo yigishwamo
Imfashanyigisho
- Videwo y'itahuramajwi - Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza - Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo y'itahuramajwi, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Itegereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'itahuramajwi, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure igisobanuro k'itahuramajwi, intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha itahuramajwi, amasomo y'icyumweru itahuramajwi ryigishwamo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Ibibazo bijyanye na videwo

a) Itahuramajwi ryigishijwe hifashishijwe iki?

Itahuramajwi ryigishijwe hifashishijwe amashusho n'imfashanyigisho zifatika.

b) Ni iki cyakozwe bwa mbere mu gutangira kwigisha?

Umwarimu yatanze amabwiriza, hanyuma aha abanyeshuri urugero.

c) Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni Ndatanga urugero

d) Nyuma yo kuvuga izina ry'ishusho ya mbere hakozwe iki?

Umwarimu yafatanyije n'abanyeshuri kuvuga ishusho ya gatatu.

e) Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni Dukorane tsese.

f) Nyuma yo kuvuga izina ry'ishusho ya kabiri hakozwe iki?

Abanyeshuri bavuze ishusho ikurikiyeho bonyine

g) Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni Buri wese akore

b) Kwiyibutsa igisobanuro k'itahuramajwi

Nk'uko bigaragara mu mutwe wa gatatu, itahuramajwi ni ubushobozi bwo kumva, gutahura, kuvuga no guhinduranya amajwi. Itahuramajwi rikorwa mu mvugo gusa. Nta nyandiko ikoreshejwe.

Bigaragara ko abanyeshuri benshi bananirwa gusoma kuko baba batarize kumva amajwi n'imigemo bigize amagambo. Itahuramajwi ni intambwe y'ingenzi mu kwiga gusoma no kwandika.

Itahuramajwi ni intambwe y'ingenzi iganisha ku kumenya gusoma no kwandika. Ni ngombwa kwigisha itahuramajwi kubera ko uko abanyeshuri bakora imyitozo myinshi yo gutahura amajwi no kuyavuga ari na ko bagenda boroherwa no guhuza amajwi n'inyandiko. Ibi bikaba bifasha abanyeshuri kumenya gusoma vuba.

Itahuramajwi rishobora kwigishwa mu gihe gito cyane mu ntangiriro ya buri somo ryo gutahura no gusoma. Gukoresha imfashanyigisho zigaragara wigisha itahuramajwi, bishobora gufasha abanyeshuri benshi bafite ibibazo mu myigire.

Urugero:

Umwarimu ashobora gukoresha umukino w'imipfundikizo y'amacupa itanditseho n'ikinyatuzu gifite imyanya ingana n'imigemo y'ijambo abanyeshuri batahura. Buri wese ashobora gukora uyu mwitozo ku giti ke cyangwa ugakorerwa mu matsinda.

c) Intambwe zo kwigisha inkingi itahuramajwi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu, umwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu ubona uko umwarimu akwiye kwigisha itahuramajwi. Mbere na mbere, abanyeshuri bakeneye kumenya ko amagambo agizwe n'amajwi. Bakeneye kwiga gutahura amajwi agize ijambo kandi ibi bibageza ku bushobozi bwo gusoma no kwandika.

Intambwe zo kwigisha itahuramajwi zikurikiza uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore"

- Umwarimu asomera abanyeshuri igika k'inkuru isomerwa abanyeshuri baheruka kwiga akabaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku magambo y'ifatizo arimo ijwi ryigishwa, cyangwa akifashisha amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, akavuga izina ry'ishusho ya mbere, yaba ririmo ijwi ryigishwa, akazamura ibikumwe abirebesha hejuru. Iyo izina ry'ishusho ritarimo ijwi ryigishwa, arebesha ibikumwe hasi.

- Umwarimu n'abanyeshuri bavugira hamwe izina ry'ishusho ya kabiri, ryaba ririmo ijwi ryigishwa bakarebesha ibikumwe hejuru, ryaba ritarimo bakabirebesha hasi.

- Abanyeshuri bavuga izina ry'ishusho ya gatatu ku giti cyabo bigana urugero bahawe n'umwarimu. Iyo izina ry'ishusho ririmo ijwi ryigishwa, bazamura ibikumwe babirebesha hejuru ryaba ritarimo bakabirebesha hasi. Umwarimu abaza abanyeshuri andi magambo yumvikanamo ijwi ryigishwa.

Ikitonderwa:

Niba abanyeshuri bananiwe kuvuga neza ijambo, kubara imigemo cyangwa gutahura amajwi agize ijambo, umwarimu asubira inyuma, agakosora akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore" mu gusubiramo ijwi no kurivuga neza mu buryo bwumvikana.

Imwe mu myitozo yo gusuzuma ubumenyi bw'abanyeshuri mu itahuramajwi:

- Bara kandi ugaragaze amajwi agize ijambo runaka.
- Tanga izindi ngero z'amagambo atangirwa n'ijwi ryigishijwe.
- Ni irihe jwi ryumvikana ku ntangiriro y'ijambo?
- Ni irihe jwi ryumvikana hagati mu ijambo?
- Ni irihe jwi ryumvikana ku mpera y'ijambo?

d) Aho itahuramajwi ryigishwa

Itahuramajwi ryigishwa kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa gatatu w'amashuri abanza higishwa inyajwi, ingombajwi n'ibihekane.

Mu gihe umwarimu yigisha inyajwi, ingombajwi n'ibihekane, akoresha abanyeshuri ibikorwa binyuranye byo gutahura amajwi anyuranye, mu magambo no mu nteruro zinyuranye kandi bigakorwa mu mvugo gusa.

Amasomo y'icyumweru itahuramajwi ryigishwamo

Umwaka wa mbere	Umwaka wa kabiri	Umwaka wa gatatu
Isomo rya 3 mu gihe ingombajwi yigishwa ari imwe mu cyumweru.	Isomo rya 2 n'irya 5 kuko higwa ibihekane bibiri mu cyumweru.	Isomo rya 3 n'irya 5 kuko higwa ibihekane bibiri mu cyumweru mu mutwe wa 1 n'uwa 2.
Isomo rya 3 no mu isomo rya 5 mu gihe mu gihe higishwa ingombajwi cyangwa ibihekane bibiri mu cyumweru.	Itahuramajwi ryigishwa mu isomo rya 2 gusa, kuko igihekane "nw" n'igihekane "py" byigishwa ari kimwe mu cyumweru.	Itahuramajwi ryigishwa mu isomo rya 2, 4, 6 guhera ku mutwe wa 3 kuko ibihekane byigishwa ari bitatu mu cyumweru.

3. Umwitozo

a) Ni izihe ntambwe zikurikizwa mhigishwa itahuramajwi?

- Umwarimu aha abanyeshuri urugero avuga izina ry'ishusho rya mbere
- Umwarimu afatanya n'abanyeshuri bakavugira hamwe izina ry'ishusho ya kabiri
- Abanyeshuri bakora bonyine ku ishusho ya gatatu.

b) Itahuramajwi ryigishwa mu yahe masomo?

- Mu mwaka wa mbere ryigishwa mu isomo rya 3 ry'icyumweru iyo higwa inyuguti imwe mu cyumweru no mu isomo rya 3 n'irya 5 iyo higwa inyuguti ebyiri mu cyumweru.
- Mu mwaka wa kabiri itahuramajwi ryigishwa mu isomo rya 2 n'irya 5.
- Mu mwaka wa gatatu itahuramajwi mu mitwe imwe ryigisha mu isomo rya 2 n'irya 5 mu yindi mitwe rikigishwa mu isomo rya 2, irya4 n'irya 6.

V.5.2. Isomo rya kabiri: Gutegura igice k'isomo k'itahuramajwi

Intego zihariye
- Gutegura imyitoto y'itahuramajwi - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
- Igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

- Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni ubuhe buryo bukoreshe mu kwigisha itahuramajwi?

Ni uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Ni izihe mfashanyigisho zishobora kwifashishwa mu kwigisha itahuramajwi?

Imfashanyigisho zakwifashishwa ni amashusho n'ibindi bintu bifatika.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bategure agace k'isomo k'itahuramajwi bakurikiza amabwiriza ari mu gikorwa cya 2, umutwe wa gatanu mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Basabe gukoresha imbonerahamwe y'inkingi eshatu zihagarariye buri gice cy'uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Ndatanga urugero	Dukorane twese	Buri wese akore

Igikorwa cya 2

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, utegure igice k'isomo ry'itahuramajwi ugendeye ku ntambwe zikurikizwa. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo.

- Gendagenda mu matsinda ugenzurako abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

Ikitonderwa

- Mbere yo gutandukana n'abanyeshuri babwire ko mu isomo rizakurikiraho bazigishanya

Bakaba rero bagomba gukomeza kwitegura na nyuma y'amasomo, bagashaka imfashanyigisho kandi bakitoza mu matsinda yabo bigishanya isomo bateguye banahana ubujyanama ngarukirane.

V.5.3. Isomo rya gatatu: Imyitoto nyiganasomo

Intego zihariye
- Gutegura imyitoto y'itahuramajwi - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri n'iby'umwarimu by'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, imfashanyigisho zateguwe n'abanyeshuri.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya **3** cyo mu mutwe wa gatanu.

Igikorwa cya 3

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'igice k'isomo ry'itahuramajwi, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko igice k'isomo k'itahuramajwi kigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

V.5.4 Isomo rya kane: Imyigishirize y'ihuzamajwi

Intego zihariye
Gutahura intambwe zo kwigisha ihuzamajwi no kugaragaza amasomo yigishwamo ihuzamajwi.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu by'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda.- Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda n'iby'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Vuga ibikorwa muri buri gice cy'uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore mu kwigisha itahuramajwi.

- Muri Ndatanga urugero: umwarimu aha abanyeshuri amabwiriza akabasobanurira uko umwitozo urakorwa, hanyuma akabaha urugero abareka ishusho ya mbere akayivuga akanakora n'ibimenyetso bagomba gukora.
- Dukorane twese umwarimu: afatanya n'abanyeshuri bagakora umwitozo ukurikiyeho bakavuga ishusho ya kabiri bagakora n'ibimenyetso bagomba gukora. Umwarimu yirinda kuza mbere y'abanyeshuri.
- Buri wese akore: abanyeshuri bakora umwitozo ukurikiyeho ku giti cyabo bakavuga ishusho ya gatatu bakora n'ibimenyetso bikwiye; umwarimu akagenzura ko babikora neza kandi agafasha abafite ibibazo byihariye.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo y'itahuramajwi, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Itegereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'ihuzamajwi, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure igisobanuro k'ihuzamajwi, intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha ihuzamajwi n'amasomo y'icyumweru ihuzamajwi ryigishwamo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibibazo bijyanye na videwo

Kugira ngo abanyeshuri bamenye ikimenyetso k'ingombakwi "t" nto n'ikimenyetso k'ingombajwi "t/T" nkuru n'uko bisomwa byagenze bite?

Kugira ngo babimenye, umwarimu yakiberetse hanyuma arakibasomera, bagisomera hamwe, hanyuma bagisoma bonyine.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Kugira ngo umwarimu akore imigemo irimo ingombajwi "t" banayisome yabigenje ate?

Yanditse ingombajwi ku kibahu agenda ayihuza n'inyajwi akora imigemo kandi ayibwira abanyeshuri, hanyuma arayisoma by'intangarugero, ayisomera hamwe n'abanyeshuri, hanyuma abanyeshuri bayisoma bonyine.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Kugira ngo abanyeshuri bamenye gusoma amagambo arimo ingombajwi "t/T" yabigenje ate?

Kugira ngo basome amagambo umwarimu yanditse ijamba ku kibaho, abereka ko babanza gusoma bagemuara, hanyuma bagahuzira imigemo bagasoma ijamba nk'uko rivugwa, ijamba yabahayeho urugero arngerera akarisomera hamwe n'abanyeshuri na bo bagasoma bonyine amagambo akurikiyeho.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwa koreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Kugira ngo abanyeshuri bamenye gusoma interuro irimo ingombajwi "t/T" yabigenje nte?

Umwarimu yanditse interuro ku kibaho, aha abanyeshuri urugero rw'uko bayisoma, ijamba ku ijamba hanyuma bakanyereza urutoki bayisoma nk'uko ivugwa. Iyo arangije ayisomera hamwe n'abanyeshuri, interuro ikurikiyeho abanyeshuri bakayisoma bonyine bubahiriza uburyobwo gusoma umwarimu yaberetse.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwa koreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Kwiyibutsa inshoza y'ihuzamajwi

Ihuzamajwi ni iki?

Ihuzamajwi ni ubushobozi bwo guhuza amajwi n'ibimenyetso bikoreshwa mu kuyandika. Kwigisha ihuzamajwi bifite akamaro ko guhuza amajwi avugwa n'ibimenyetso bikoreshwa mu kuyandika. Ihuzamajwi kandi ni ishingiro ryo gutangira gusoma no kwandika.

Gusoma ni uguhindura inyuguti n'amagambo byanditse mo amajwi. Gusoma bishingira ku bushobozi

bw'abanyeshuri bwo guhuza amajwi bagakora amagambo. Kwandika byo ni uguhindura amajwi mo inyuguti n'amagambo mu nyandiko. Kwandika no kuvuga inyuguti zigize ijambo bishingira ku bushobozi bw'abanyeshuri bwo kugabanya amagambo mo imigemo. Guhuza amajwi n'inyandiko rero ni umusingi wo gutangira gusoma no kwandika.

Uko hagenda hakorwa imyitoto myinshi, gusoma no kwandika bigenda biba akamenyero, noneho abanyeshuri bagasigara bita ku bisobanuro by'amagambo gusa. Bakora imyitoto yo gutahura no kuvuga inyuguti, gusoma imigemo, gucurukura imigemo bagakora ijambo, kumva amajwi bakayandika n'ibindi.

c) Intambwe zo kwigisha ihuzamajwi

- Umwarimu yandika ku kibaho ikimenyetso mu nyuguti nto gihagarariye ijwi ryatahuwe,
- akagibasomera.
- Umwarimu arongera akandika cya kimenyetso mu nyuguti nto hanyuma akagisomera hamwe n'abanyeshuri.
- Umwarimu asaba abanyeshuri kwerekana ku giti cyabo, ahari ikimenyetso k'ijwi bize kigizwe n'inyuguti nto mu gitabo cyabo hanyuma bakanagisomera mu matsinda ya babiri babiri buri wese agisomera mugenziwe.
- Ibyakozwe mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nto, ni na ko
- bikorwa mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nkuru/ gitangiwe n'inyuguti nkuru iyo ari igihekanane.
- Nyuma yo gutahura no gusoma ikimenyetso, bakora imigemo na yo igasomwa hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Iyo barangije gusoma imigemo basoma amagambo hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Nyuma yo gusoma amagambo basomainteruro hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.

d) Aho ihuzamajwi ryigishwa

Ihuzamajwi ryigishwa kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa gatatu w'amashuri abanza.

Mu gihe umwarimu yigisha inyajwi, ingombajwi n'ibihokane, akoresha abanyeshuri ibikorwa binyuranye byo guhuza amajwi n'inyandiko.

Amasomo y'icyumweru ihuzamajwi ryigishwamo

Umwaka wa mbere,	Umwaka wa kabiri	Umwaka wa gatatu
Isomo rya 3 mu gihe ingombajwi yigishwa ari imwe mu cyumweru.	Isomo rya 2 n'irya 5 kuko higwa ibihokane bibiri mu cyumweru.	Isomo rya 3 n'irya 5 kuko higwa ibihokane bibiri mu cyumweru mu mutwe wa 1 n'uwa 2.
Isomo rya 3 no mu isomo rya 5 mu gihe mu gihe higishwa ingombajwi cyangwa ibihokane bibiri mu cyumweru.	Ihuzamajwi ryigishwa mu isomo rya 2 gusa, kuko igihekanane "nw" n'igihokane "py" byigishwa ari kimwe mu cyumweru.	Ihuzamajwi ryigishwa mu isomo rya 2,4,6 guhera ku mutwe wa 3 kuko ibihokane byigishwa ari bitatu mu cyumweru

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

1. Ni izihe ntambwe zikurikizwa higishwa ihuzamajwi?

- Umwarimu yandika ku kibaho ikimenyetso mu nyuguti nto gihagarariye ijwi ryatahuwe, akagibasomera.
- Umwarimu arongera akandika cya kimenyetso mu nyuguti nto hanyuma akagisomera hamwe n'abanyeshuri.

- Umwarimu asaba abanyeshuri kwerekana ku giti cyabo, ahari ikimenyetso k'ijwi bize kigizwe n'inyuguti nto mu gitabo cyabo hanyuma bakanagisomera mu matsinda ya babiri babiri buri wese agisomera mugenziwe.
- Ibyakozwe mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nto, ni na ko
- bikorwa mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nkuru/ gitangiwe n'inyuguti nkuru iyo ari igihekanane.
- Nyuma yo gutahura no gusoma ikimenyetso, bakora imigemo na yo igasomwa hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Iyo barangije gusoma imigemo basoma amagambo hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Nyuma yo gusoma amagambo basomainteruro hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.

2. Ihuzamajwi ryigishwa mu yahe masomo yo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza?

Ihuzamajwi ryigishwa:

- Mu mwaka wa mbere ryigishwa mu isomo rya 3 ry'icyumweru iyo higwa inyuguti imwe mu cyumweru no mu isomo rya 3 n'irya 5 iyo higwa inyuguti ebyiri mu cyumweru.
- Mu mwaka wa kabiri itahuramajwi ryigishwa mu isomo rya 2 n'irya 5.
- Mu mwaka wa gatatu itahuramajwi mu mitwe imwe ryigisha mu isomo rya 2 n'irya 5 mu yindi mitwe rikigishwa mu isomo rya 2, irya4 n'irya 6.

V.5.5. Isomo rya gatanu: Gutegura igice k'isomo k'ihuzamajwi

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura igice k'isomo k'ihuzamajwi - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none"> - Igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

- Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ihuzamajwi rikorwamo iyihe myitozo?

Ihuzamajwi rikorwamo imyitozo ikurikira:

- Gusoma ikimenyetso gihagarariye ijwi mu nyuguti nto n'inkuru;
- Gusoma imigemo;
- Gusoma amagambo;
- Gusoma interuro.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bategure agace k'isomo k'ihuzamajwi bakurikiza amabwiriza ari mu gikorwa cya 5, umutwe wa gatanu mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Basabe gukoresha imbonerahamwe y'inkingi eshatu zihagarariye buri gice cy'uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Ndatanga urugero	Dukorane twese	Buri wese akore

Igikorwa cya 5

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, utegure w'igice k'isomo k'ihuzamajwi ugendeye ku ntambwe zacyo. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo.

- Gendagenda mu matsinda ugenzurako abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

Ikitonderwa

- Mbere yo gutandukana n'abanyeshuri babwire ko mu isomo rizakurikiraho bazigishanya

Bakaba rero bagomba gukomeza kwitegura na nyuma y'amasomo, bagashaka imfashanyigisho kandi bakitoza mu matsinda yabo bigishanya isomo bateguye banahana ubujyanama ngarukirane.

V.5.6. Isomo rya gatandatu: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
- Kwigisha agace k'isomo k'ihuzamajwi. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
- Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu n'uwa kane, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu mu mwaka wa gatatu n'uwa kane.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenzeiminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa gatanu.

Igikorwa

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikinamico rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo

wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu. Hanyuma ubahe umukoro wo mu mwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

V.5.7. Isomo rya karindwi: Kwigisha kwandika

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ibikorwa bibanziriza kwandika - Gutahura intambwe zo kwigisha imisharabiko - Gutahura intambwe zo kwigisha kwandika inyajwi, ingombajwi n'ibihekane.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none"> - Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere cy'amashuri abanza - Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda. - Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo ryabanje.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Itahuramajwi n'ihuzamajwi byigishwa mu kihe kicro cy'amashuri abanza? Byigishwa mu yahe masomo?

Itahuramajwi n'ihuzamajwi byigishwa mu kicro cya mbere cy'amashuri abanza, bikigishwa mu masomo akurikira:

- Mu mwaka wa mbere ryigishwa mu isomo rya 3 ry'icyumweru iyo higwa inyuguti imwe mu cyumweru no mu isomo rya 3 n'irya 5 iyo higwa inyuguti ebyiri mu cyumweru.
- Mu mwaka wa kabiri itahuramajwi ryigishwa mu isomo rya 2 n'irya 5.
- Mu mwaka wa gatatu itahuramajwi mu mitwe imwe ryigisha mu isomo rya 2 n'irya 5 mu yindi mitwe rikigishwa mu isomo rya 2, irya4 n'irya 6.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo yo kwigisha kwandika, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 7 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 7

Itegereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'itahuramajwi, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure igisobanuro cyo kwandika, ibikorwa bibanziriza kwandika, intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha imisharabiko/ kwandika inyajwi, ingombajwi, ibihekane n'amagambo; anagaragaze aho amasomo y'icyumweru yo kwigisha kwandika yigishwa mu kicro cya mbere cy'amashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibibazo kuri videwo

Kwandika byigishijwe hifashishijwe iki?

Kwandika byigishijwe hifashishijwe imirongo yo kwandikamo iri ku kibaho, amakaramu y'igiti, amakayi y'abanyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

Ni iki cyakozwe bwa mbere mu gutangira kwigisha?

Umwarimu yatanze amabwiriza, hanyuma atanga urugero yandika ku kibaho inyuguti nto mu cyapa mu

miringo yo kwandikamo, abanyeshuri bamwitegereza, abereka aho batangirira n’aho barangiriza.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero.

Nyuma yo kwereka abanyeshuri uko bandika ingombajwi ku kibaho hakozwe iki?

Umwarimu yafatanyije n’abanyeshuri kwandika bigana ukobandika iyo nyuguti.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni Dukorane twese.

Nyuma yo kwandika ingombajwi mu makaye yabo barebeye mu gitabo hakozwe iki?

Hakozwe umwitozo wo kuzurisha ingombajwi bize hanyuma bakayandika.

Uburyo bwo kwigisha bwakoreshejwe ni ubuhe?

Uburyo bwakoreshejwe ni ubwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Ibikorwa bibanziriza kwandika

Kumenyereza abanyeshuri ubuzima bw’ishuri

Iyo abanyeshuri batangiye kwiga Ikinyarwanda mu mashuri abanza, bahabwa umwanya wo kumenyera ubuzima bw’ishuri. Umwarimu afasha abanyeshuri ibi bikurikira mbere yo kubigisha gusoma no kwandika:

Uko bafata ikaye cyangwa igitabo.

Uko bafata ikaramu.

Kumenya uko bicara iyo basoma cyangwa bandika.

Uko bitwara mu gihe bari kwiga bari kumwe n’umwarimu cyangwa ari bonyine mu ishuri.

Amabwiriza abagenga mu ishuri.

Aho berekeza basoma cyangwa bandika (Gusoma/ kwandika uva ibumoso ugana iburyo).

Ibi byose binyuzwa mu nkuru umwarimu abasomera akanabafasha kuyumva no kuyisesengura ari na ko agenda atsindagira ku ngingo yifuza ko bamenya cyane.

Itonde ry’inyuguti z’Ikinyarwanda

Mu masomo y’icyumeru cya mbere, umwarimu yigisha abanyeshuri idirimbo y’itonde ry’inyuguti z’Ikinyarwanda. Umwarimu agenda abarimbisha itsinda ry’inyuguti nke nyuma akageraho akazihuza.

Ukuboko kubanguka

Ni byiza kureka umwana agakoresha ukuboko kumubangukira. Kwandikisha ukuboko kubanguka, biroroha kuruta kwandikisha ukuboko kutabanguka. Umwarimu agomba gufasha umunyeshuri gukoresha ukuboko kubanguka. Ntabwo agomba guhatira abanyeshuri kwandikisha imoso cyangwa indyo kuko bituma umunyeshuri abona ko kwandika bikomeye. Bikaba byabaviramo kudakunda gukora ibikorwa byo kwandika. Kugira ngo umwarimu amenye neza ukuboko kubangukira umunyeshuri, yakwitegereza ukuboko umunyeshuri akunze gufatisha, yamusaba kumuterera agapira akareba ukuboko akoresha mu buryo bwihuse...

Imisharabiko

Imisharabiko ni imirongo ifite ibyerekezo binyuranye. Iyo mirongo ni yo isanzwe iherwaho mu kwandika inyuguti zose. Ibi ni bimwe mu bikorwa by’ingenzi bibanziriza gusoma no kwandika aho umwarimu afasha abanyeshuri gusoma no kwandika imisharabiko. Muri iyi mirongo harimo:

Umurongo ugororotse uhagaze (ucibwa umuntu aturutse hejuru agana hasi)

Umurongo ugororotse utambitse (ucibwa umuntu aturutse ibumoso agana iburyo)

Umurongo uvunaguye

Umurongo uberamye ucibwa umuntu aturutse ibumoso agana iburyo

Umurongo uberamye ucibwa umuntu aturutse iburyo agana ibumoso

Umurongo uhese ureba hasi

Umurongo uhese ureba hejuru
Umurongo uhese ureba iburyo
Umurongo uhese ureba ibumoso
Umurongo ufunze (uruziga).

Iyo umunyeshuri azi kuyisoma no kuyandika rero aba ashobora no kwandika inyuguti mu buryo bworoshye. Mbere yo kwigisha kwandika, umunyeshuri utangiye kwandika ni ngombwa kubanza kumwigisha imisharabiko, ibi bimufasha:

Gufata ibikoresho byo kwandika mu buryo bwiza,
Kuyiheraho yiga kwandika inyuguti n'uko zandikwa,
Kumenya uko akoresha akaboko yandikisha,
Gutsinda neza andi masomo nk'imibare ndetse n'izindi siyansi,
Kwiga guhanga ndetse n'ubugeni.

c) Intambwe zo kwigisha kwandika imisharabiko

Mu gihe umwarimu yigisha imisharabiko afasha abanyeshuri:

Kwitegereza no gutahura ubwoko bw'umusharabiko: muri iki gice, umwarimu yereka abanyeshuri im-fashanyigisho zinyuranye zirimo amashusho, ibishushanyo, ibintu bigaragara bijyanye n'uko murongo akanababaza ibibazo bike byo gutahura ubumenyi basanzwe bafite kuri uwo murongo.

Guca imirongo

Muri iki gice hakorwa ibi bikorwa bikurikira:

Gusaba abanyeshuri gukurikira no kwitegereza uko umwarimu atanga urugero rw'uko baca bakanasoma umurongo. Ashobora kandi gusubiramo anyuza urutoki mu murongo kugira ngo abereke uko bawuca neza.

Gufatanya n'abanyeshuri kwerekana imirongo imeze nk'uko aberetse bakananyuza urutoki mu yo yacyiye ku kibaho.

Gusaba buri wese ku giti ke kwigana uko baca umurongo bandikisha intoki zabo ku meza cyangwa mu kirere, nyuma akabasaba kuyica mu makaye yabo inshuro nyinshi zishoboka agenda abafasha aho batabikora neza.

d) Intambwe zo kwigisha kwandika injajwi, ingombajwi, ibihekane, amagambo n'interuro

Mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza, abanyeshuri bigishwa kwandika injajwi, ingombajwi/ igihekane mu cyapa inyuguti nto n'inkuru. Mu mwaka wa kabiri, abanyeshuri babanza kwitoza kwandika itonde ry'inyuguti z'lkinyarwanda mu mukono bagakomeza bandika mu mukono ibihekane byose byigwa. Mu mwaka wa gatatu, naho bandika ibihekane byigwa mu mukono.

a) Kwandika injajwi

- Mu gihe umwarimu yigisha kwandika injajwi akurikiza intambwe zikurikira
- Kwereka abanyeshuri uko bandika injajwi mu nyuguti nto akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwereka abanyeshuri uko bandika injajwi mu nyuguti nkuru akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Kwandika ingombajwi n'ibihekane

Iyo umwarimu yigisha kwandika ingombajwi cyangwa igihekane akurikiza izi ntambwe:

- Kwandika ingombajwi cyangwa igihekane mu nyuguti nto akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika ingombajwi mu nyuguti nkuru cyangwa igihekane gitangiwe n'inyuguti nkuru akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

- Kwandika imigemo irimo ingombajwi/igihekane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika amagambo arimo ingombajwi/igihekane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika interuro zirimo ingombajwi/igihekane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

e) Aho wasanga amasomo yo kwigisha kwandika mu mashuri abanza

Amasomo yo kwandika inyajwi, ingombajwi, ibihekane, imigemo, amagambo n'interuro yigishwa guhera mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. By'umwihariko, abanyeshuri bo mu mwaka wa kane bafite ubushobozi bwo guhanga no kwandika imyandiko inyuranye.

Umwaka wa mbere	Umwaka wa kabiri	Umwaka wa gatatu
- Kwandika mu cyapa byigishwa mu isomo rya 5 igihe inyajwi/ingombajwi yigishwa ari imwimwe mu cyumweru.	- Mu mutwe wa 1, habanza ibikorwa byo kwandika mu mukono itonde ry'inyuguti z'lkinyarwanda. - Mu yindi mitwe, kwandika byigishwa mu isomo rya 4 n'irya 7 kuko higwa ibihekane bibiri mu cyumweru.	- Kwandika mu mukono byigwa mu isomo rya 4 n'irya 6 kuko higwa ibihekane bibiri mu cyumweru mu mutwe wa 1 n'uwa 2.
- Kwandika mu cyapa byigishwa mu isomo ry 4 n'irya 6 igihe ingombajwi cyangwa igihekane byigishwa ari bibiribibiri mu cyumweru.	Mu mutwe wa 4 n'uwa 7 kwandika byigishwa mu isomo rya 4 gusa, kuko igihekane "nw" n'igihekane "py" byigishwa ari kimwe mu cyumweru.	Kwandika mu mukono ryigishwa mu isomo rya 3, 5, 7 mu mutwe wa 3 kuko ibihekane byigishwa ari bitatu mu cyumweru.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

1. Sobanura ibikorwa mbere yo kwandika.

Mu bikorwa mbere yo kwandika harimo kwerekana no kuvuga amazina y'ibikoresho bifashisha mu kwandika (amakaramu, ikayi n'ibindi).

Kwerekera abanyeshuri uko bakoresha ibyo bikoresho neza (uko babumbura ikayi, aho bahera bandika ku rupapuro, uko batwara akaboko, uko bafata neza ikaramu).

Gukoresha imyitozo ituma abanyeshuri babasha gushushanya (gushushanya ibyo bishakiye no guca imirongo).

b) Vuga ibikorwa bine byo kumenyereza abanyeshuri ubuzima bw'ishuri.

Uko bafata ikaye cyangwa igitabo.

Uko bafata ikaramu.

Kumenya uko bicara iyo basoma cyangwa bandika.

Uko bitwara mu gihe bari kwiga bari kumwe n'umwarimu cyangwa ari bonyine mu ishuri.

Amabwiriza abagenga mu ishuri.

Aho berekeza basoma cyangwa bandika (Gusoma/ kwandika uva ibumoso ugana iburyo).

c) Garagaza intambwe zo kwigisha imisharabiko.

- Kwitegereza no gutahura ubwoko bw'umusharabiko: muri iki gice, umwarimu yereka
- Guca imirongo

d) Ni ayahe masomo yigishwamo kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza?

Mu mwaka wa mbere kwandika byigishwa mu isomo rya 5 iyo higishwa inyuguti imwe mu cyumweru, bikigishwa mu isomo rya 4 n'irya 6 iyo higishwa inyuguti/ibihekane bibiri mu cyumweru.

Mu mwaka wa kabiri kwandika byigishwa mu isomo rya 4 n'irya 7.

Mu mwaka wa gatatu, kwandika byigishwa mu isomo rya 4 n'irya 6 mu mutwe wa mbere n'uwa kabiri no mu isomo rya 3, irya 5 n'irya karindwi mu mutwe wa gatatu.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 8 cy'umutwe wa gatanu.

Ikibazo k'igikorwa cya 8

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, igice k'isomo ryo kwandika inyajwi/ingombajwi/ igihekane ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo.

V.5.8. Isomo rya munani: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ryo kwandika.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri n'icy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 9 cyo mu mutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 9

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umiteguro w'igice k'isomo ryo kwandika, wigishe bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikiganiro mpaka rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

4. Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo mu mwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

V. 5.9. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri umwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu w'amashuri abanza, tegura isomo ry'ibikorwa bibanziriza kwandika/ imisharabiko; gutahura no gusoma inyajwi, ingombajwi/ ibihekanze; iryo kwandika inyajwi, ingombajwi, amagambo cyangwa interuro mu cyapa/ mu mukono wuzuza neza ibice byose by'imbata y'isomo yatanze na REB hanyuma uzaryigishe bagenzi bawe.

V. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye ibikorwa bibanziriza kwandika, tuboma intambwe zo kwigisha imisharabiko n'izo kwigisha kwandika inyajwi, ingombajwi n'ibihokane. Twabonye amasomo yo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza yigishwamo kwandika, dutegura amasomo yo kwandika, tanakora imyitozo yo kwigishanya amasomo yo kwandika.

V.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'umyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ibibazo bikurikira maze ubisubize

1. Sobanura intambwe umwarimu akurikiza mu kwigisha itahuramajwi, ihuzamajwi no kwandika mu cyapa/ mu mukono.

a) Intambwe umwarimu akurikiza mu kwigisha itahuramajwi

- Umwarimu asomera abanyeshuri igika k'inkuru isomerwa abanyeshuri baheruka kwiga akabaza banyeshuri ibibazo biganisha ku magambo y'ifatizo arimo ijwi ryigishwa, cyangwa akifashisha amashusho ari mu gitabo cy'umunyeshuri, akavuga izina ry'ishusho ya mbere, yaba ririmo ijwi ryigishwa, akazamura ibikumwe abirebesha hejuru. Iyo izina ry'ishusho ritarimo ijwi ryigishwa, arebesha ibikumwe hasi.
- Umwarimu n'abanyeshuri bavugira hamwe izina ry'ishusho ya kabiri, ryaba ririmo ijwi ryigishwa bakarebesha ibikumwe hejuru, ryaba ritarimo bakabirebesha hasi.
- Abanyeshuri bavuga izina ry'ishusho ya gatatu ku giti cyabo bigana urugero bahawe n'umwarimu. Iyo izina ry'ishusho ririmo ijwi ryigishwa, bazamura ibikumwe babirebesha hejuru ryaba ritarimo bakabirebesha hasi. Umwarimu abaza abanyeshuri andi magambo yumvikanamo ijwi ryigishwa.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ihuzamajwi

- Umwarimu yandika ku kibaho ikimenyetso mu nyuguti nto gihagarariye ijwi ryatahuwe, akagibasomera.
- Umwarimu arongerera akandika cya kimenyetso mu nyuguti nto hanyuma akagisomera hamwe n'abanyeshuri.
- Umwarimu asaba abanyeshuri kwerekana ku giti cyabo, ahari ikimenyetso k'ijwi bize kigizwe n'inyuguti nto mu gitabo cyabo hanyuma bakanagisomera mu matsinda ya babiri babiri buri wese agisomera mugenziwe.
- Ibyakozwe mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nto, ni na ko bikorwa mu kwerekana no gusoma ikimenyetso k'ijwi rishya mu nyuguti nkuru/ gitangiwe n'inyuguti nkuru iyo ari igihekanane.
- Nyuma yo gutahura no gusoma ikimenyetso, bakora imigemo na yo igasomwa hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Iyo barangije gusoma imigemo basoma amagambo hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.
- Nyuma yo gusoma amagambo basomainteruro hakoreshejwe uburyo bwa ndatanga urugero gukorane twese buri wese akore.

c) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha kwandika ingombajwi n'ibihokane

Iyo umwarimu yigisha kwandika ingombajwi cyangwa igihekanane akurikiza izi ntambwe:

- Kwandika ingombajwi cyangwa igihekanane mu nyuguti nto akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika ingombajwi mu nyuguti nkuru cyangwa igihekanane gitangiwe n'inyuguti nkuru akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika imigemo irimo ingombajwi/igihokane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika amagambo arimo ingombajwi/igihokane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.
- Kwandika interuro zirimo ingombajwi/igihokane kigishwa akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

2.Ifashishije umuteguro w'isomo ryo gutahura no gusoma inyajwi/ingombajwi/ibihokane cyangwa iryo kwandika mu cyapa no mu mukono wateguye mu mwitoto w'ubushobozi ngiro; igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu mu mashuri abanza, imfashanyigisho zinyuranye; wigishe iryo somo rirambuye. Mu gihe wigisha, ibuka kwita ku ngingo nsanganyamasomo zikwiye.

V.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

V.8.1 Imyitozo nzamura bushobozi

1. Tekereza wibuke ibyo umwarimu yagufashaga mu ishuri mu cyumweru cya mbere ugeze ku ishuri maze ubibwire mugenzi wawe.
2. Wifashishije amagambo akurikira: “gutahura, gusobanukirwa, gushushanya, gutanga ubutumwa,” tanga inshoza yo gusoma no kwandika unagaragaze isano iri hagati yo gusoma no kwandika.
3. Ni irihe sano riri hagati yo gusoma no kwandika?

V.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Mu gitabo cyawe soma intambwe z'ingenzi zikurikizwa ku yandi masomo y'icyumweru atari ayo “Gutahura no gusoma” n'ayo “Kwandika ingombajwi cyangwa igihekanze”. Hanyuma uzazimbwire bagenzi bawe mu ishuri.

V.9. Amakuru y'inyongera

Ibitabo by'amahugurwa y'abarimu ku myigishirize y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza byateguwe n'Ikigo k'Igihugu Gishizwe Uburezi(REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye, umwarimu na byo ashobora kubyifashisha kuko yabibonamo andi makuru arambuye ndetse n'imyitozo yafasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa. Yasangamo ibijyanye n'imyigishirize y'ingombajwi n'ibihokane, imikoresheze y'ibitabo no kubifata neza n'andi makuru anyuranye yamufasha kwagura ubumenyi n'ubushobozi by'abanyeshuri.

VI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura amasomo yo kwigisha umwandiko no kuyigisha.

VI.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yararangije amashuri abanza n'ikigero rusange kandi muri ibyo byiciro byombi yarize imyandiko itandukanye n'ingeri zayo. Aba rero afite ubushobozi bw'ibanze mu gusoma imyandiko yanditse mu Kinyarwanda n'ubwo gusobanura amagambo yo mu myandiko yo ku rwego rw'amashuri abanza. Ibijyanye no gutegura amasomo amaze kubimenyera kuko yabikoze mu mitwe wa gatanu ndetse mu mutwe wa gatanu yatangiye no kwimenyereza kwigisha, akoresha imfashanyigisho kandi yibanda no ku ngingo nsanganyamasomo. Amaze kumenyera gukoresha igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu gutegura amasomo ye. Ubu bushobozi bwose afite buzamufasha gusobanukirwa no gukora uko bikwiye imyitozo yose ikubiye muri uyu mutwe.

VI.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatandatu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Uherye ku bumenyi ufite, tahura zimwe mu nkingi zo kwigisha gusoma no kwandika zifashishwa mu kwigisha kumva, gusesengura no gusoma imyandiko ugaragaze n'intambwe zikurikizwa mu kwigisha umwandiko.

- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

VI.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatandatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Kwigisha inyunguramagambo - Ibibazo bijyanye na videwo - Kwiyibutsa igisobanuro k'inyunguramagambo - Uburyo abanyeshuri bunguka amagambo - Ibyiciro by'inyunguramagambo - Uburyo bwo guhitamba amagambo yigishwa - Intambwe zo kwigisha inyunguramagambo	- Kuguragaza uburyo abanyeshuri bunguka inyunguramagambo. - Gusobanura uburyo bwo gutoranya amagambo yo kwigisha - Gusobanura ibyiciro by'inyunguramagambo - Kurondora no gusobanura intambwe zo kwigisha inyunguramagambo	Iminota 80
2	Gutegura igice k'isomo k'inyunguramagambo	- Gutegura igice k'isomo k'inyunguramagambo - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.	Iminota 40
3	Imyitozo nyiganasomo	- Kwigisha agace k'isomo k'inyunguramagambo - Gukoresha imfashanyigisho zikwiye.	Iminota 40

4	<p>Kwigisha gusoma udategwa</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibibazo bijyanye na videwo - Kwiyibutsa igisobanuro n'akamaro byo gusoma udategwa - Uburyo bushobora gukoreshwa mu gutoza abanyeshuri gusoma badategwa. - Uburyo bwo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu gusoma udategwa - Intambwe zubahirizwa zo kwigisha gusoma udategwa inkuru isomerwa abanyeshuri - Intambwe zubahirizwa mu kwigisha gusoma udategwa agakuru abanyeshuri bisomera: - Itandukaniro riri hagati y'intambwe zo kwigisha gusoma agakuru umunyeshuri yisomera n'inkuru isomerwa abanyeshuri. - Ibipimo byo gusoma Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza - Amasomo agaragaramo inkingi y'inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura uburyo bukoreshwa mu gutoza abanyeshuri gusoma no gufasha abafite imbogamizi. - Gutahura intambwe zo kwigisha zo kwigisha gusoma udategwa inkuru isomerwa abanyeshuri n'iy abanyeshuri bisomera. - Gusobanura ibipimo byo gusoma mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Kugaragaza amasomo yigishwamo inkingi y'inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. 	Iminota 80
5	<p>Imyitozo nyiganasomo</p>	Kwigisha agace k'isomo ko gusoma udategwa.	Iminota 40
6	<p>Kwigisha kumva umwandiko</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibibazo bijyanye na videwo - Kwiyibutsa igisobanuro cyo kumva umwandiko - Ubwoko bw'ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisobanuro byabyo - Imbonerahamwe yerekana ibipimo byo kumva umwandiko ku banyeshuri kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu. - Inzego z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'intego rwa Bulumu - Intambwe zubahirizwa mu isomo ryo kwigisha kumva umwandiko. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya ubwoko bw'ibibazo byo kumva umwandiko. - Kubaza ibibazo ku mwandiko hagendewe ku rwego rw'intego rwa Bloom 	Iminota 80
7	<p>Imyitozo nyiganasomo</p>	Kwisha agace k'isomo ko kumva umwandiko.	Iminota 40
8	<p>Imyigishirize y'imyandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura intambwe zikurikizwa higishwa imyandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. - Kugaragaza amasomo atandukanye yigishwa ku mwandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. 	
9	<p>Gutegura isomo ku mwandiko</p>	Gutegura isomo ku mwandiko no gutegura imfashanyigisho zijyanye na ryo.	Iminota 40

10	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha isomo ku mwandiko ryo mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.	Iminota 40
10	Umwitozo w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		
11	Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu		Iminota 40

VI.5. Imbonezamasomo

VI.5.1 Isomo rya mbere: Kwigisha inyunguramagambo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Kuguragaza uburyo abanyeshuri bunguka inyunguramagambo. - Gusobanura uburyo bwo gutoranya amagambo yo kwigisha - Gusobanura ibyiciro by'inyunguramagambo - Kurondora no gusobanura intambwe zo kwigisha inyunguramagambo
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none"> - Videwo yo kwigisha inyunguramagambo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza - Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo y'itahuramajwi, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Itgereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'myandiko, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure inkingi zo kwigisha gusoma no kwandika zifashishwa mu kwigisha umwandiko, intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha inyunguramagambo n'amasomo y'icyumweru inyunguramagambo yigishwamo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibibazo bijyanye na videwo

- Isomo ry'inyunguramagambo ni iki?
- Ni iki cyakozwe bwa mbere mu gutangira kwigisha inyunguramagambo?
- Ni ubuhe bwoko bw'umwandiko bwigishwaga?
- Ni ayahe magambo yasobanuwe? Yatoranyijwe ate?
- Ni ubuhe buryo bwo gusobanura amagambo bwakoreshejwe?

b) Kwiyibutsa igisobanuro k'inyunguramagambo

Inyunguramagambo

Inyunguramagambo ni urwunge rw'amagambo umuntu akenera kugira ngo abashe gushyikirana n'abandi mu mvugo no munyandiko. Abanyeshuri biga amagambo mashya menshi iyo bakiri bato. Iyo higishwa inyunguramagambo, haba hagamijwe kwigisha amagambo abanyeshuri badakunda guhura na yo mu buzima bwa buri muni bakamenya kuyakoresha. Iyo umuntu atazi igisobanuro k'ijambo rivuzwe cyangwa risomwe, kumva biragorana. Akenshi mu byo abanyeshuri basoma haba harimo amagambo badakunda kumva cyane mu biganiri bya buri muni; ayo magambo mashya rero aba agomba kwigishwa bikabafasha gusobanukirwa n'ibyo basoma kandi bagatangira kuyakoresha mubuzima bwa buri muni.

Kugirango umunyeshuri yunguke igisobanuro k'ijambo rishya, akwiye guhura n'iryo jambo kenshi gashoboka. Byagaragaye kandi ko iyo abanyeshuri basoma nibura iminota 20 ku muni, bashobora kwiyungura amagambo agera ku 1000 mu mwaka. Dukurikije uko umunyeshuri agenda yunguka amagambo mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika.

c) Uburyo abanyeshuri bunguka amagambo

Abana bato bunguka amagambo menshi bakiri bato. Abana bamenya amagambo uko bagenda bumva abantu bavuga bayakoresha. Abana bato batangira kuvuga amagambo amwe n'amwe. Urugero: Data, Mama, ... Amagambo menshi akwiye kwigishwa mu buryo buziguye, binyuze mu gusoma inyandiko nyinshi no mu gukoresha ibiganiri byinshi, mu kumva no kuganira n'abandi no kwisomera ku giti cyabo ibitabo.


Uburyo bubangutse abanyeshuri biyigisha inyunguramagambo ubwabo.	Uburyo buziguye abanyeshuri bigishwa inyunguramagambo zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Mu kumva no kubona amagambo yakoreshejwe mu buryo butandukanye, mu buzima busanzwe). - Mu biganiri umunyeshuri agirana na bagenzi be n'abantu bakuru, - Mu kumva inkuru zinyuranye. - Mu kwisomera inkuru zinyuranye ku giti ke. 	<p>Mu gihe umwarimu yigisha inyunguramagambo zihariye n'uburyo abanyeshuri biyungura amagambo ubwabo.</p> <p>Mu kugira uruhare mu masomo y'ibiganiri mpaka, inkuru basomerwa, inyunguramagambo bigishirizwa mu itsinda rigari ry'ishuri no mu matsinda mato.</p>

d) Ibyiciro by'inyunguramagambo

Mu guhitamo amagambo y'ingenzi yo kwigisha, umwarimu azitondera guhitamo amagambo fatizo atuma umwandiko wumvikana neza; guhitamo amagambo umunyeshuri azajya ahura na yo kenshi mu yindi myaka mu gihe asoma cyangwa avuga no gusobanura inyunguramagambo hakoreshejwe amagambo yumvikana umunyeshuri asanzwe azi.

Iyo usobanura amagambo utanga igisobanuro ukoresheje amagambo umunyeshuri asanzwe azi. Ntukoreshamo irindi jambo rigoranye kumva. Bitewe n'uko ijambo rishobora kugira ibisobanuro byinshi, iyo usobanura utanga igisobanuro kijyanye n'uko iryo jambo usobanura ryakoreshejwe mu mwandiko. (Urugero: ijambo inka rishobora gusobanura itungo borora cyangwa ikarita bakina mu mukino w'amakarita ...)

Ibyiciro by'inyunguramagambo
Uburyo bwo guhitamo amagambo
asobanurwa



Ni ngombwa ko umwarimu yitondera guhitamo inyunguramagambo ikwiye kwigishwa. Umwarimu agomba guha abanyeshuri umwanya wo gukoresha amagambo bungutse.

Mu guhitamo amagambo yigishwa nk'inyunguramagambo umwarimu yashingira ku nzego z'inyunguramagambo:


- Ku kiciro cya mbere hari amagambo abanyeshuri basanzwe bamenyereye kumva mu buzima bwabo bwa buri munsu kandi amenshi baba bayazi. Hari igihe bishobora kuba ngombwa ko amwe muri ayo magambo yigishwa mu gihe bigaragara ko abanyeshuri benshi badafite inyunguramagambo zihagije.
- Amagambo yo ku kiciro cya kabiri yo, ni amagambo aboneka kenshi kandi akunze gukoreshwa. Ni amagambo rero aba agomba gutoranywa akigishwa nk'inyunguramagambo mu ishuri.
- Ku kiciro cya gatatu hari amagambo yihariye akoreshwa mu nzego zinyuranye nko mu iyigandimi, mu buhinzi, mu mibare... Akenshi ayo magambo yigishwa mu byigwa by'andi masomo.

Ku banyeshuri batashoboye gukora interuro zikwiye umwarimu ashobora kubafasha agatangira interuro irimo rya jambo agasaba umunyeshuri gukomeza iyo nteruro.

Urugero: Umwana ufite ikinyabupfura afasha ababyeyi _____.

Mu gusobanura amagambo umwarimu ashobora no gukoresha ubundi buryo nko gushyiramu ngiro yigana igikorwa kijyanye n'ijambo, kubereka imfashanyigisho zifatika cyangwa kubaha andi magambo bifitanye isano n'ijambo usobanura nk'uko bigaragazwa n'iki gishushanyo. Nyuma yo kubasobanurira ijambo, umwarimu ashobora no kubereka uko iryo jambo rishobora gukomokaho andi magambo. Urugero: Gukina, umukinnyi, umukino, abakinnyi... Ashobora no kuvuga andi magambo afite ibisobanuro bimwe cyangwa se byegeranye n'iby'ijambo risobanurwa.

Urugero:



e) Intambwe zo kwigisha inyunguramagambo

- Umwarimu avuga amagambo abiri ashobora gutuma abanyeshuri batumva inkuru. Kuri buri jambo abanza kubaza abanyeshuri niba hari abazi igisobanuro cyaryo bakakivuga hanyuma akakinoza avuga igisobanuro kiri cyo kandi cyoroshye kurusha ibindi. Umwarimu akoresha mu nteruro ijambo amaze gusobanura.
- Umwarimu akoresha uburyo bunyuranye bwo gusobanura ijambo nko kwigana igikorwa kigaragaza igisobanuro k'ijambo, kwerekana imfashanyigisho igaragara, gukoresha igishushanyo, gukoresha ijambo mu nteruro...
- Umwarimu avugira hamwe n'abanyeshuri ijambo yasobanuye n'igisobanuro cyaryo bakanasubiramo interuro umwarimu yakoreshejemo iryo jambo.
- Abanyeshuri bajya mu matsinda ya babiribabiri bagakora ku giti cyabo interuro irimo ijambo umwarimu yasobanuye hanyuma bagasangiza bagenzi babo interuro bakoze.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Umwitozo:

Wifashishije ibimaze kwigwa mu gice cyo kwigisha inyunguramagambo, subiza ibibazo bikurikira:

a) Iyibutse uruhererekane rw'amoko y'inyunguramagambo ruri mu mutwe wa gatatu, hanyuma ugende utanga urugero kuri buri bwoko bw'inyunguramagambo.

Reba 3.4 mu gitabo cy'umunyeshuri.

b) Vuga uburyo butandukanye umunyeshuri yungukiramo inyunguramagambo?

Abanyeshuri bunguka amagambo:

- Mu kumva no kubona amagambo yakoreshejwe mu buryo butandukanye, mu buzima busanzwe).
- Mu biganiriro umunyeshuri agirana na bagenzi be n'abantu bakuru,
- Mu kumva inkuru zinyuranye.
- Mu kwisomera inkuru zinyuranye ku giti ke
- Mu gihe umwarimu yigisha inyunguramagambo yihariye n'uburyo abanyeshuri biyungura amagambo ubwabo.
- Mu kugira uruhare mu masomo y'ibiganiriro mpaka, inkuru basomerwa, inyunguramagambo bigishirizwa mu itsinda rigari ry'ishuri no mu matsinda mato.

c) Ni gute umwarimu agomba gutoranya inyunguramagambo?

Umwarimu agomba gutoranya amagambo agendeye ku byiciro by'inyunguramagambo.

d) Ni ubuhe buryo umwarimu ashobora gukoresha yigisha ijambo "inkende"?

Yabwira abanyeshuri ijambo "inkende" akababaza niba bazi igisobanuro cyaryo, akakira ibisobanuro by'abanyeshuri bashobora gutanga mu buryo bunyuranye, berekana ishusho, bakora ibikorwa nk'ibyo ikora n'ibindi; hanyuma akababwira igisobanuro k'ijambo "inkende", yarangiza akarikoresha mu nteruro, akayisubiramo afatanyije n'abanyeshuri, abanyeshuri nab o bakarikoresha mu nteruro zabo.

e) Vuga intambwe z'ingenzi umwarimu akoresha yigisha inkingi y'inyunguramagambo?

- Umwarimu avuga amagambo abiri ashobora gutuma abanyeshuri batumva inkuru. Kuri buri jambo abanza kubaza abanyeshuri niba hari abazi igisobanuro cyaryo bakakivuga hanyuma akakinoza avuga igisobanuro kiri cyo kandi cyoroshye kurusha ibindi. Umwarimu akoresha mu nteruro ijambo amaze gusobanura.
- Umwarimu akoresha uburyo bunyuranye bwo gusobanura ijambo nko kwigana igikorwa kigaragaza igisobanuro k'ijambo, kwerekana infashanyigisho igaragara, gukoresha igishushanyo, gukoresha ijambo mu nteruro...
- Umwarimu avugira hamwe n'abanyeshuri ijambo yasobanuye n'igisobanuro cyaryo bakanasubiramo interuro umwarimu yakoreshejemo iryo jambo.
- Abanyeshuri bajya mu matsinda ya babiribabiri bagakora ku giti cyabo interuro irimo ijambo umwarimu yasobanuye hanyuma bagasangiza bagenzi babo interuro bakoze.

VI.5.2. Isomo rya kabiri: Gutegura igice k'isomo k'inyunguramagambo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gutegura igice k'isomo k'inyunguramagambo- Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
Igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

- Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Mu kwigisha inyunguramagambo uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore" bukoreshwa he?

Bukoreshwa mu gusubiramo igisobanuro k'ijambo no kurikoresha mu nteruro.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bategure agace k'isomo k'itahuramajwi bakurikiza amabwiriza ari mu gikorwa cya 2, umutwe wa gatandatu mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Basabe gukoresha imbonerahamwe y'inkingi eshatu zihagarariye buri gice cy'uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

Ndatanga urugero	Dukorane twese	Buri wese akore

Igikorwa cya 2

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, utegure igice k'isomo k'inyunguramagambo ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyama-somo mu gice k'isomo ryawe.

- Gendagenda mu matsinda ugenzurako abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

Ikitonderwa

- Mbere yo gutandukana n'abanyeshuri babwire ko mu isomo rizakurikiraho bazigishanya Bakaba rero bagomba gukomeza kwitegura na nyuma y'amasomo, bagashaka imfashanyigisho kandi bakitoza mu matsinda yabo bigishanya isomo bateguye banahana ubujyanama ngarukirane.

VI.5.3. Isomo rya gatatu: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
- Kwigisha agace k'isomo k'inyunguramagambo - Gukoresha imfashanyigisho zikwiye.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri n'iby'umwarimu by'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, imfashanyigisho zateguwe n'abanyeshuri.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa gatandatu.

Igikorwa cya 3

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, koresha igitabo cy'umwaka wa mbere, ahari igice k'inyunguramagambo mu isomo ryo kwigisha agakuru abanyeshuri bisomera, maze ukoreshe uburyo twabonye bwo guhitamo inyunguramagambo zo ku kiciro cya 2, uzigishe abanyeshuri. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko igice k'isomo k'itahuramajwi kigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

VI.5.4 Isomo rya kane: Kwigisha gusoma udategwa

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gusobanura uburyo bukoreshwa mu gutoza abanyeshuri gusoma no gufasha abafite imbogamizi.- Gutahura intambwe zo kwigisha zo kwigisha gusoma udategwa inkuru isomerwa abanyeshuri n'iyi abanyeshuri bisomera.- Gusobanura ibipimo byo gusoma mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.- Kugaragaza amasomo yigishwamo inkingi y'inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu by'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda.- Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda n'iby'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Kuki abanyeshuri bagomba kwiga inyunguramagambo mbere yo gusoma?

Abanyeshuri bagomba kwiga inyunguramagambo mbere yo gusoma kugira ngo zibafashe gusobanukirwa ibivugwa mu mwandiko.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo y'itahuramajwi, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatandatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Itegereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'inkingi yo gusoma udategwa, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure uburyo bwakoreshejwe mu kwigisha inkingi yo gusoma udategwa, intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha gusoma udategwa n'amasomo y'icyumweru gusoma udategwa byigishwamo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibibazo bijyanye na videwo

- Gusoma udategwa ni iki?

Ni ubushobozi bwo gusoma neza, ku muvuduko ukwiye, wubahiriza iyitsa n'isesekaza.

- Ni iki cyakozwe bwa mbere mu gutangira kwigisha gusoma udategwa?

Umwarimu ya someye umutwe w'inkuru akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

- Ni ubuhe bwoko bw'umwandiko bwigishwaga?

Umwandiko wigishwaga ni inkuru abanyeshuri bisomera.

- Ni ryari abanyeshuri basomye bo ubwabo agakuru?

Bamaze gusoma umutwe, basomye ubwabo mu ijwi rituje. Umwarimu amaze kubasora by'intangarugero na bo bagasomera hamwe n'umwarimu bongeye basoma bonyine.

- Ni ubuhe buryo umwarimu yakoresheje asomera abanyeshuri agakuru?

Uburyo bwakoreshejwe mu gusoma inkuru, ni uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Kwiyibutsa igisobanuro n'akamaro byo gusoma udategwa

Gusoma udategwa ni ubushobozi bwo gusoma amagambo neza kandi vuba, hakoreshejwe isesekaza rikwiye. Gusoma vuba si ko gusoma udategwa. Gusoma udategwa bisaba gusoma neza ukoresheje isesekaza kandi ukumva ibyo usoma. Abasomyi badategwa bumva ibyo basoma. Hari abanyeshuri basoma vuba amagambo ariko ntibabashe gusobanukirwa n'igisobanuro cy'amagambo bityo ntibumve ibyo basomye.

Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, isomo ryo gusoma udategwa ntiryigishwa ryonyine.

Ubusanzwe, gusoma udategwa ni imwe mu nkingi zishobora kwigishwa mu isomo ryuzuye. Urugero:

Gusoma udategwa byigishwa mu isomo ryo kwigisha gusoma agakuru abanyeshuri bisomera ubwabo.


Abanyeshuri basoma badategwa mu gihe umwandiko cyangwa inkuru basoma bigizwe n'inyuguti zizwe.

Akamaro ko gusoma udategwa:

- Gusoma udategwa bituma usoma yumva neza ibyo asoma.
- Gusoma udategwa bituma usoma akoresha igihe gito n'imbaraga nke.
- Gusoma udategwa bituma usoma yibuka ibyo yasomye bitagoranye.
- Gusoma udategwa bituma usoma agenda yikosora aho asomye nabi.
- Umwarimu usomera abanyeshuri adategwa aba abaha urugero rwiza rwo gusoma badategwa.

Inzego enye zo gusoma udategwa

Kugira ngo harebwe uko abanyeshuri bagenda batera imbere mu gusoma, abanyeshuri bakenera kwiga, kwitwaza ndetse no gukora isuzuma ryo gusoma udategwa rijyanye na buri rwego rugaragara mu gishushanyo gikurikira:



c) Uburyo bushobora gukoreshwa mu gutoza abanyeshuri gusoma badategwa


Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, ni ngombwa gutoza abanyeshuri gusoma berekanisha urutoki ibyo bagenda basoma mu bitabo byabo. Ibi bifasha abanyeshuri bakiri abatangizi kwitegereza neza amagambo basoma, bikabarinda gufata mu mutwe ibyo badashobora gusoma. Dore kandi ubundi buryo bunyuranye bwo gutoza abanyeshuri gusoma badategwa:

- **Gusoma by'intangarugero kwa mwarimu mu ijwi riranguruye:** Umwarimu asomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye, abanyeshuri bakurikiye, bitegereza amagambo n'interuro umwarimu abasomera.
- **Gusoma abanyeshuri basoma basubiramo ibyo umwarimu asomye:** Umwarimu agenda asoma umwandiko by'intangarugero, interuro ku nteruro, abanyeshuri na bo bagasoma basubiramo ibyo umwarimu amaze gusoma.
- **Gusomera hamwe, icyarimwe, umwarimu n'abanyeshuri:** Abanyeshuri batangirira hamwe n'umwarimu bakagenda basomera icyarimwe umwandiko umwe, ijambo ku ijambo, interuro ku nteruro. Umwarimu ashobora no kugenda asimburana n'abanyeshuri gusoma.
- **Gusomera mu matsinda ya babiri babiri:** Umwarimu asaba abanyeshuri babiri babiri kugenda basoma basimburana, bagasoma inkuru inshuro nyinshi bityo ntihagire usoma igice gito cyangwa kimwe cy'agakuru. Ubundi buryo ni ubwo gufasha abanyeshuri gukora amatsinda ya babiri babiri, agerageza gushyira hamwe abagerageza gusoma neza n'abagifite imbogamizi, hanyuma bagafatanyaga gusoma inkuru cyangwa umwandiko umwe bagenda basimburana. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri barimo basoma cyangwa basomye ababaza bimwe mu bibazo bitanu by'ingenzi: Ni nde? Ni ryari, Ni hehe? Ni iki? Ni ukubera iki?
- **Gusoma buri wese ku giti ke:** Umunyeshuri asoma ku giti ke inkuru cyangwa umwandiko ku giti ke. Umwarimu ashobora gusaba abanyeshuri, umwe umwe gusoma mu ijwi riranguruye.

d) Uburyo bwo gufasha abanyeshuri bafite imbogamizi mu gusoma udategwa

Ku banyeshuri bagaragaza intege nke mu gusoma badategwa, bashobora:

- Guhabwa imyitozo y'inyogera yo gusoma badategwa,
- Gusubiramo imyitozozo ku itahuramajwi no ku ihuzamajwi ry'amajwi amwe n'amwe abagora gutahura
- Gusubiramo imyitozo yo guhuza imigemo no gukora amagambo cyangwa indi myitozo yo kwiyibutsa utwatuzo ndetse n'indi myitozo inyuranye nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:



e) Intambwe zubahirizwa zo kwigisha gusoma udategwa inkuru isomerwa abanyeshuri

- Umwarimu asomera abanyeshuri inkuru yose akoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.
- Mu gihe asoma agenda yereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru, akabasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Mu gihe ageze ku ijamba ryasobanuwe agenzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cyaryo.
- Umwarimu yongera gusomera abanyeshuri inkuru bwa kabiri akoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye nta kibazo na kimwe abaza abanyeshuri.

f) Intambwe zubahirizwa mu kwigisha gusoma udategwa agakuru abanyeshuri bisomera:

- Gusomera abanyeshuri umutwe w'agakuru.
- Gusomera hamwe n'abanyeshuri umutwe w'agakuru, abanyeshuri basoma basubiramo umutwe umwarimu yasomye.
- Gusomera abanyeshuri gusoma, ku giti cyabo, umutwe w'agakuru mu ijwi riranguruye.
- Kwerekana amashusho y'agakuru no gusomera abanyeshuri gutahura icyo inkuru iri buvugaho.
- Gusobanurira abanyeshuri amagambo 2 ashobora gutuma batumva inkuru.
- Gusomera abanyeshuri agakuru kose mu ijwi riranguruye.
- Gusomera hamwe n' abanyeshuri agakuru kose.
- Gusomera abanyeshuri kugereranya ibyo batahuye n'ibyo bamaze gusoma.
- Gusomera abanyeshuri gusoma, ku giti cyabo, agakuru kose mu ijwi riranguruye.
- Gusomera bamwe mu banyeshuri gusomera abandi agakuru mu ijwi riranguruye.
- Kubaza abanyeshuri ibibazo byo kumva agakuru.

g) Itandukaniro riri hagati y'intambwe zo kwigisha gusoma agakuru umunyeshuri yisomera n'inkuru isomerwa abanyeshuri.

Intambwe zikurikizwa mu kwigisha aya masomo zijya gusa, zitandukira aha hakurikira:

Intambwe	Inkuru isomerwa abanyeshuri	Agakuru abanyeshuri bisomera
Gutahura icyo agakuru kaza/inkuru iza kuvugaho	Umwari mu yereka abanyeshuri ishusho ya mbere ijyanye n'inkuru akabasaba kuyitegereza bakavuga ibyo babona bagatahura icyo inkuru iza uvugaho.	Umwari mu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'agakuru akabasaba kuyitegereza bakavuga ibyo babona bagatahura icyo inkuru iza uvugaho.

Gusoma inkuru isomerwa abanyeshuri/ agakuru abanyeshuri bisomera mu ijwi riranguruye.	Umwarimu asomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye adategwa abanyeshuri bakurikiye.	Abanyeshuri basoma agakuru ku giti cyabo agakuru.
Kumva inkuru isomerwa abanyeshuri/ agakuru abanyeshuri bisomera	Umwarimu ni we gusa usoma ibibazo	Muri Dukorane Twese, umwarimu n'abanyeshuri basomera hamwe kibazo cya kabiri. Kuri Buri wese akore, abanyeshuri basoma ku giti cyabo ikibazo cya gatatu.

h) Iyipimo byo gusoma Ikiyariwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza

Mu mwaka wa 2019, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) cyashyizeho ibipimo¹ byo gusoma kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza. Ibyo bipimo bizafasha gusuzuma ubushobozi bwo gusoma udategwa (ubushobozi bw'umunyeshuri bwo gusoma neza kandi ku muvuduko ukwiye) no kumva umwandiko (Ubushobozi bw'umunyeshuri mu kumva ibyo asoma). Ibi bipimo bizatuma umwarimu w'Ikiyariwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ashobora gushyira abanyeshuri mu byiciro akurikije imitsindire yabo, yifashishije amanota babonye mu gusoma udategwa no kumva umwandiko.

Imbonerahamwe yerekana ibipimo byo gusoma udategwa ku banyeshuri kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu (ibi bipimo bipimwa hifashishwa umubare w'amagambo umunyeshuri asoma ku munota)

Umwaka	Ababonye zero	Abari mu rwego rw'ibanze	Abari mu rwego ruciriritse	Abari mu rwego rukwiye	Abari mu rwego rw'ikirenga
wa mbere	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni 0	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 1 kugeza kuri 6	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 7 kugeza kuri 9	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 10 kugeza kuri 20	20+
wa kabiri	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni 0	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 1 kugeza kuri 9	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 10 kugeza kuri 24	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 25 kugeza kuri 35	36 +
wa gatatu	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni 0	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 1 kugeza kuri 17	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 18 kugeza kuri 39	Umubare w'amagambo asoma ku munota ni kuva kuri 40 kugeza kuri 50	51+

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

1. Wifashishije igitabo cy'umwarimu k'Ikiyariwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, tanga ingero z'amasomo y'icyumweru yigishwamo inkingi yo gusoma udategwa.

Ingero mu mwaka wa mbere isomo rya mbere n'irya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko, Gusoma no gusesengura umwandiko.....

2. Tandukanya umwandiko umwandiko usomerwa abanyeshuri n'uwo abanyeshuri bisomera.

Umwandiko abanyeshuri bisomera uba ugizwe n'inyuguti bamaze kwiga naho uwo basomerwa uba urimo n'inyuguti batariga.

¹ Benchmarks, cut scores

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa cumi.

Ikibazo k'igikorwa

Igikorwa cya 5

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, utegure isomo ryo kwigisha abanyeshuri gusoma udategwa mu matsinda ya babiribabiri, ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo mu gice k'isomo ryawe.

VI.5.5. Isomo rya gatanu: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha agace k'isomo ko gusoma udategwa.
Imfashanyigisho
Igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenzeiminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa gatandatu.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, koresha igitabo cy'umwaka wa mbere, ahari igice cyo gusoma udategwa mu isomo ryo kwigisha agakuru abanyeshuri bisomera, maze ukoreshe uburyo twabonye bwo gutwaza abanyeshuri gusoma badategwa. Greageza kubara umubare w'amagambo bamwe mu banyeshuri bashobora gusoma ku munota maze ubashyire mu kiciro cyo gusoma ukurikije imbonerahamwe y'ibipimo byo gusoma udategwa. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikinamico rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu. Hanyuma ubahe umukoro wo mu mwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

VI.5.6. Isomo rya gatandatu: Kwigisha kumva umwandiko

Intego zihariye
- Gutandukanya ubwoko bw'ibibazo byo kumva umwandiko. - Kubaza ibibazo ku mwandiko hagendewe ku rwego rw'intego rwa Bloom
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere cy'amashuri abanza. - Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda. - Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo ryabanje.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni izihe nkingi ebyiri zibanziriza kumva umwandiko?

Ni inkingi y'inyunguramagambo no gusoma udategwa.

b) Gusoma udategwani iki?

Ni ugusoma neza kandi vuba ukoresha isesekaza kandi wumvaibyo usoma.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo yo kwigisha kwandika, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 7 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 7

Itegereze videwo yateguwe igaragaza imyigishirize y'inkingi yo kumva umwandiko, usubize ibibazo byayibajijweho, utahure amoko y'ibibazo byo kumva umwandiko byabajijwe, uburyo bwakoreshejwe mu kwigisha icyo gice k'isomo n'intambwe umwarimu akurikiza iyo yigisha kumva umwandiko, n'amasomo y'icyumweru kumva umwandiko byigishwamo mu kicro cya mbere cy'amashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibibazo bijyanye na videwo

- Kumva umwandiko ni iki?

Ni ugusobanukirwa n'ubutumwa buwukubiyemo.

- Ni iki cyakozwe bwa mbere mu gutangira kwigisha kumva umwandiko?

Nyuma yo kumva niba ibyo abanyeshuri bari baketse ariko byagenze koko, umwarimu yabajije ikibazo cya mbere, hanyuma aragisubiza asobanurira abanyeshuri uko yabonye igisubizo agikuye mu mwandiko.

- Ni ubuhe bwoko bw'umwandiko wigishwaga?

Ni umwandiko abanyeshuri bisomera.

- Ni ibihe bibazo byo kumva umwandiko umwarimu yabajije abanyeshuri?

Ni ibibazo bifite ibisubizo mu mwandiko. Ni ibibazo bifunze.

- Ni ubuhe buryo umwarimu yakoresheje yigisha kumva umwandiko? Kubera iki?

Yakoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore kubera ko yasubje ikibazo cya mbere, icya kabiri agifatanya n'abanyeshuri naho icya gatatu gisubizwa n'abanyeshuri bonyine.

b) Kwiyibutsa igisobanuro cyo kumva umwandiko

Twibuke ko kumva umwandiko ari ugusobanukirwa ubutumwa bukubiye mu byo usoma cyangwa usomerwa. Kumva ubutumwa bukubiye mu nyandiko ni yo mpamvu nyamukuru ituma dusoma kuko dusoma kugira ngo dusobanukirwe n'ibyo dusoma. Abanyeshuri bagomba gutozwa gutahura ibivugwa mu mwandiko igihe bari gusoma cyangwa bateze amatwi umwandiko basomerwa.

Kumva umwandiko rero ni ubushobozi bwo gusobanukirwa n'ibivugwa mu mwandiko cyangwa kumva ubutumwa bukubiye mu byo umuntu yasomye cyangwa yasomewe.

Akamaro ko kumva umwandiko:

- Kumenya niba abanyeshuri bumvise umwandiko.
- Kongerera abanyeshuri ubushobozi bwo gutega amatwi no kumva ibivugwa mu mwandiko.
- Gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare no gukurikira mu gihe bateze amatwi umwandiko basomerwa.
- Gutuma abanyeshuri bashimishwa n'inkuru basomerwa cyangwa bisomera.
- Gufasha abanyeshuri guhuza inkuru n'ubuzima bwabo bwa buri muni.
- Gushishikariza abanyeshuri gutekereza banasesengura.

c) Ubwoko bw'ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisobanuro byabyo

- Ibibazo bifunze ni ibibazo:

Bisubizwa hakoreshejwe “yego”, “oya”,
Byibutsa igikorwa cyangwa ukuri bitagirwaho impaka
Ntibisaba gutekereza cyane.

Ingero:

Ese gusoma mu ijwi riranguruye biteza imbere umuco wo gusoma mu bana?
Itonde ry'Ikinyarwanda rigizwe n'inyuguti zingahe?
Umurwa mukuru w'u Rwanda ni uwuhe?

- Ibibazo bifunguye ni ibibazo

Bigira ibisubizo binyuranye,
Bidahita bigusha ku gisubizo,
Bifasha abanyeshuri kumenya gutekereza no gusesengura cyane,
Bifasha umuntu gusobanura ibitekerezo bye no kuvuga uko abona ibintu.

Ingero

Ni gute imyitozo yo gusoma ifasha mu guteza imbere umuco wo gusoma?
Kuki ari ngombwa gutegura amasomo yawe?
Ni iki tugomba gukora mu gihe tubonye abana batazi gusoma?

Impamvu umwarimu agomba kubaza ibibazo bifunze:

Umwarimu agomba kubaza ibibazo bifunze kugira ngo abanyeshuri babashe:

- Kuvuga abanyarubuga
- Kugaragaza uko ibikorwa bikurikirana
- Gusubiza ibibazo nka ryari, hehe, iki, nde...

Umwarimu agomba kubaza ibibazo bifunguye kugira ngo abanyeshuri babashe:

- Gutekereza byimbitse ku bisobanuro by'ibikubiye mu nkuru
- Gutekereza ku buryo inkuru ifitanye isano n'ubuzima bwabo
- Kwagura ubushobozi bwabo bwo kumva inkuru n'ubwo gutekereza.

d) Imbonerahamwe yerekana ibipimo byo kumva umwandiko ku banyeshuri kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatatu.

Mu rwego rwo gufasha abanyeshuri kugira ubushobozi bukwiye bwo gusubiza ibibazo ku mwandiko, hashyizweho ibipimo ngenderwaho bigaragaza igipimo fatizo (benchmark) gikwiye umunyeshuri ugeze ku ku mpera y'umwaka runaka akwiye kuba agezeho. Iyo umunyeshuri ageze kuri ibi bipimo, bigaragara ko azashobora no gutsinda neza mu mwaka ukurikiraho.

Umwaka	Ababonye zeru	Abari mu rwego rw'ibanze	Abari mu rwego ruciriritse	Abari mu rwego rukwiye	Abari mu rwego rw'ikirenga
wa mbere	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 0	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 1	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 2	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 3,4	Ibibazo 5
wa kabiri	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 0	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 1	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 2	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 3,4	Ibibazo 5
wa gatatu	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 0	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 1 cyangwa 2	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 3	Umubare w'ibibazo byo kumva umwandiko yasubije neza ni 4 cyangwa 5	Ibibazo 5

Inshamake y'ibipimo fatizo buri munyeshuri agomba kugeraho haba mu gusoma udategwa cyangwa kumva umwandiko kuri buri mwaka igaragarira mu mbonerahamwe ikurikira:

Umwaka	Gusoma udategwa	Kumva umwandiko
wa mbere	Gusoma neza amagambo 10 ku munota	Gusubiza neza ibibazo 3 kuri 5 (60%)
wa kabiri	Gusoma neza amagambo 25 ku munota	Gusubiza neza ibibazo 3 kuri 5 (60%)
wa gatatu	Gusoma neza amagambo 40 ku munota	Gusubiza neza ibibazo 4 kuri 5 (80%)

e) Inzego z'ibibazo hagendewe ku rwego rw'itege rwa Bulumu

Kubaza ibibazo no kubisubiza mbere, mu gihe na nyuma yo gusoma umwandiko, bifasha mu gusobanukirwa no kwibuka ibyasomwe. Mu mashuri abanza, hari ibibazo bishyirwa mu rwego rwo hasi rw'ibibazo. Ibyo bibazo biba bifite ibisubizo biaragara mu mwandiko ku buryo bworoshye. Hari n'ibibazo bisaba bisaba abanyeshuri kubisubiza bakoresheje ubundi bumenyi bafite bwerekeye insanganyamatsiko kuko bidafite ibisubizo bigaragara mu mwandiko.

Hari kandi n'ibindi bibazo bishobora kubazwa abanyeshuri bigamije kubaka ubumenyi bwabo ku buryo

bwimbitse. Twibuke ko bumwe mu buryo bwiza bwo guhitamo ibibazo bikwiye kubazwa byo kumva umwandiko ni ugukoresha ibyiciro bitandukanye by'ibibazo byashyizwe ahagaragara n'umuhanga Bulumu (Bloom).

Urugero: Ni byiza gutoza abanyeshuri gusubiza ibibazo binyuranye biri mu nzego zinyuranye bisaba gusuzuma, gusesengura no gukomatanya.


f) Intambwe zubahirizwa mu isomo ryo kwigisha kumva agakuru

- Gusaba abanyeshuri kugereranya ibyo basomye mu gakuru n'ibyo bari batahuye mbere, kubabaza niba bihuye no kubisobanura.
- Kubaza abanyeshuri ikibazo cya mbere cyo kumva agakuru no gusaba abanyeshuri kugerageza kugisubiza no gusobanura uko babonye igisubizo.
- Gusubiza ikibazo cya mbere, kwereka abanyeshuri uko igisubizo kiri cyo no kugisoma aho kiri mu gakuru.
- Gufatanywa n'abanyeshuri gusoma ikibazo cya mbere, gushaka igisubizo mu mwandiko no kugisomera hamwe.

Gusaba abanyeshuri gusoma ku giti cyabo ikibazo cya gatatu no, kongera gusoma agakuru bashaka igisubizo kugeza bakibonye. Kuvuga igisubizo babonye, kukinoza no gusaba abanyeshuri bese kugisubiramo.

g) Amasomo agaragaramo inkingi y'inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko mu mashuri abanza

Inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko, ni inkingi z'indatana zishingira ku mwandiko. Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza izi nkingi zigagaririra mu nkuru zisomerwa abanyeshuri no mu nkuru n'imyandiko abanyeshuri bisomera.



Mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, abanyeshuri biga inyunguramagambo mu gihe umwarimu abasomera umwandiko. Muri uyu mwandiko kandi, basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Mu gihe abanyeshuri bisomera umwandiko, biga inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko. Iyo abanyeshuri bamenyereye gusoma imyandiko inyuranye, barushaho kugira ubumenyi kuri izi nkingi uko ari eshatu. Ibi bituma baba abasomyi beza kuko kumva umwandiko ari cyo umwarimu aba agamije iyo yigisha imyandiko.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Sobanura isano iri hagati y'inkingi y'inyunguramagambo, gusoma udategwa no kumva umwandiko.

Iyo umunyeshuri asobanukiwe n'amagambo asoma bituma ayasoma adategwa, uko ayasoma adategwa ni byo bimuha gusobanukirwa ibyo asoma.

Inyunguramagambo + gusoma udategwa = kumva umwandiko

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 8 cy'umutwe wa gatandatu.

Ikibazo k'igikorwa cya 8

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu, utegure w'igice k'isomo ry'ihuzamajwi ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo mu gice k'isomo ryawe.

VI.5.7. Isomo rya karindwi: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha agace k'isomo ko kumva umwandiko.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri n'icy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 9 cyo mu mutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 9

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'igice k'isomo ryo kumva umwandiko, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo bikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikiganiro mpaka rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.
- Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakoze umukoro uri mu gitabo cyabo.

4. Umukoro

Wifashishije igitabo cy'umwarimu mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza, garagaza intambwe zikurikizwa higishwa isomo ryo gusoma no gusesengura inkuru isomerwa abanyeshuri.

VI.5.8. Isomo rya munani: Imyigishirize y'imyandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza

Intego zihariye
- Gusobanura intambwe zikurikizwa higishwa imyandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. - Kugaragaza amasomo atandukanye yigishwa ku mwandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza. - Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda. - Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo ryabanje.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Vuga amoko abiri y'imyandiko yigishwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.** Hari imyandiko isomerwa abanyeshuri n'imyandiko abanyeshuri bisomera.

b) **Garagaza intambwe zikurikizwa higishwa isomo ryo gusesengura inkuru isomerwa abanyeshuri mu mwaka wa kabiri.**

- Habanza gutahura icyo inkuru iza kugaho
- Gusobanura inyunguramagambo
- Gusoma udategwa
- Kumva umwandiko
- Gusesengura umwandiko.

2. Isomo rishya

- Saba abanyeshuri kwitegereza videwo yo kwigisha kwandika, hanyuma ubashyire mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya **10** kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 10

Wifashishije igitabo cy'umwarimu mu mwaka wa kane, uwa gatanu cyangwa uwa gatandatu w'amashuri abanza, itegereze amasomo anyuranye atangwa ku mwandiko uvuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

Amasomo yigishwa ku myandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza

Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza umwandiko wigishwa mu bice bitatu ari byo gusoma no gusobanura umwandiko, gusoma no kumva umwandiko no gusoma no gusesengura umwandiko.

a) Gusoma no gusobanura umwandiko

Muri iri somo ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo. Umwarimu abinyuza mu ntambwe eshatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko bucece, gusoma baranguruye no gusomera mu matsinda bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Intambwe zo kwigisha gusoma no gusobanura umwandiko

- Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashisha imfashanyigisho zifatika abanyeshuri basanzwe bazi cyangwa akifashisha amashusho yaba ayo mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa se andi yateguye, akabaza ibibazo byinjiza abanyeshuri mu isomo rishya.

- Gusoma

Mu gusoma habamo ibice bikurikira: gusoma bucece, kubaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye, gusoma mu ijwi riranguruye.

Gusoma bucece

Abanyeshuri iyo basoma bucece bagomba kubikora badahwihwisa, badakomanya iminwa kandi badashyira urutokimu mwandiko. Ahubwo bakandika ku ruhande amagambo akomeye bahuye na yo umwarimu akagenzurako basoma koko.

Kubaza ibibazo byo gusuzuma ko abanyeshuri basomye

Nyuma yo gusoma bucece umwarimu abaza ibibazo bimufasha kumenya niba abanyeshuri basomye koko.

Gusoma mu ijwi riranguruye

Umunyeshuri usoma agomba kumenya amagambo, akayavuga neza akurikije iyitsa ryayo; agasoma n'ijwi riranguruye kandi ry'imberabyombi, amatsinda y'amagambo agaragaza igitekerezo kimwe akamenya kuyahuza; agomba kwita ku bo asomera, akamenya niba bitaye ku byo abasomera, agasoma udasobwa, utagemura, neza ibitekerezo biri mu mwandiko kandi yubahiriza utwatuzo.

Muri iki gice umwarimu ni we ubanza gusoma aranguruye umwandiko wose hanyuma abanyeshuri na bo bagasoma.

- Gusobanura umwandiko

Mu gusobanura umwandiko abanyeshuri basobanura amagambo akomeye bari mu matsinda, bakanakora umwitozo w'inyunguramagambo.

Gusobanura amagambo akomeye (Inyunguramagambo)

Abanyeshuri, bari mu matsinda, basoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye ari mu mwandiko. Basobanura amagambo bahereye ku bivugwa mu mwandiko, ayo badashoboye gusobanura bakifashisha inkoranyamagambo cyangwa urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cya "Twiungure amagambo. Umwarimu akurikirana ibikorera mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama.

Iyo bamaze gusobanura amagambo, abanyeshuri bamurika ibyo bakoze. Amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje agakorerwa ubugororangingo abanyeshuri bayandika mu makayi yabo kandi andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atasobanuwe n'itsinda ryabanje.

- Umwitozo w'inyunguramagambo Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by'amagambo akomeye, basubira mu matsinda kugira ngo bakore imyitozo y'inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Hanyuma bakaza buhuriza hamwe ibisubizo babonye bayobowe n'umwarimu.

b) Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye, amatsinda nk'abirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Hanyuma bakaza kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanywa n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa.

c) Gusesengura umwandiko

Mu gusesengura umwandiko abanyeshuri bibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Bashobora kandi gusesengura imiterere y'umwandiko bagaragaza ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Ni ayahe masomo yigishwa ku mwandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza

- Gusoma no gusobanura umwandiko
- Gusoma no kumva umwandiko
- Gusesengura umwandiko

b) Sobanura ibikorwa mu gice cyo gusoma mu gihe umwarimu yigisha umwandiko mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza.

Hanza gusoma bucece, hagakurikiraho kubaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye hanyuma bagasoma mu ijwi riranguruye.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 11 cy'umutwe wa gatandatu.

Ikibazo k'igikorwa cya 11

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, utegure isomo rirambuye ryo kumva umwandiko ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo mu gice k'isomo ryawe.

VI.5.10. Isomo rya cumi: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ku mwandiko ryo mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya **12** cyo mu mutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 12

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitoto nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo rirambuye ryo kumva umwandiko, wigishe bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'icyo gice k'isomo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikiganiro mpaka rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

4. Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo mu mwitotozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri. Ubashyire mu matsinda ubagabanye buri tsinda urihe icyo rizakora.

VI. 5.11. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitotozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Ugendeye ku ntambwe zikurikira, ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu kiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, utegure isomo ryo kumva umwandiko/gusesengura umwandiko/ gusoma agakuru karimo ingombajwi cyangwa igihekanane bigishijwe, wuzuze neza ibice byose by'imbata y'isomo yatanzwe na REB hanyuma uzaryigishe bagenzi bawe.

VI. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye uko bigisha umwandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, twabonye amasomo yigishwamo umwandiko, tubona n'intambwezikurikizwa muri buri somo; twateguye amasomo, taranayigishanya kandi dutanga n'ubujyanama ngarukirane.

VI.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitotozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ibibazo bikurikira maze ubisubize

1. Sobanura intambwe umwarimu akurikiza mu kwigisha:

a) Inkuru isomerwa abanyeshuri mu mwaka mbere w'amashuri abanza.

- Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho bahereye ku mutwe wayo no ku ishusho ibanjirije inkuru
- Gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro.
- Gusomera abanyeshuri inkuru yose, wagera ku ijamba ryasobanuwe ukareba niba abanyeshuri bakiryibuka, kandi ukagenda ubabaza uko bakeka inkuru iri bukomeze.
- Kongera gusoma inkuru yose utabazaho ibibazo.
- Kugenzura niba ibyo abanyeshuri bari batekereje ari byo byabaye mu nkuru.
- Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru hakoreshejwe uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore.

b) Gusoma no gusobanura umwandiko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

- Ivumburamatsiko: Umwarimu yifashisha imfashanyigisho zifatika abanyeshuri basanzwe bazi cyangwa akifashisha amashusho yaba ayo mu gitabo cy'umunyeshuri cyangwa se andi yateguye, akabaza ibibazo byinjiza abanyeshuri mu isomo rishya.
- Gusoma: mu gusoma habanza gusoma bucece, hakaza kubaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye hanyuma bagasoma mu ijwi riranguruye.
- Gusobanura umwandiko: mu gusobanura umwandiko abanyeshuri basobanura amagambo akomeye bari mu matsinda, barangiza bakamurika ibyo bakoze hanyuma bagakora umwitozo w'inyunguramagambo n'ubundi barimu matsinda.

2. Ifashisha umuteguro w'isomo wateguye mu mwitozo w'ubushobozi ngiro, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'imfashanyigisho zinyuranye maze wigisha mugenzi wawe. Mu gihe wigisha ibuka kwita ku bushobozi n'ingingo nsanganyamasomo zikwiye kandi ukoreshe neza imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

VI.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

VI.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

1. Shaka mu gitabo k'inkinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, imyitozo ijyanye n'inyunguramagambo zimaze kwigwa urebe n'uko ikoreshe.
2. Tegura isomo ryo **gusoma no gusobanura umwandiko** hanyuma uryigishe bagenzi bawe. Wibuke kwigishanya mwinjizamo ingingo nsanganyamasomo ku buryo buboneye. Bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha.

VI.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Sobanurira bagenzi bawe muri make uko bategura isomo ryo kumva inkuru abanyeshuri bisomerwa n'uko bategura isomo ryo gusoma inkuru abanyeshuri bisomera.

VI.8.3. Imyitozo y'inyongera

1. Intambwe zikurikizwa mu gice k'isomo rishya mu mwandiko abanyeshuri bisomera n'uwo basomerwa wazikubira mu ngingo enye. Izo ngingo ni izihe?
Intambwe zikurikizwa mu kwigisha umwandiko abanyeshuri bisomera: Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho, inyunguramagambo, gusoma mu ijwi riranguruye, kumva umwandiko.
2. Tegura isomo ryo kwigisha **umwandiko abanyeshuri bisomera** hanyuma uryigishe bagenzi bawe. Wibuke kwigisha winjizamo ingingo nsanganyamasomo ku buryo buboneye. Bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha.

VI.9. Amakuru y'inyongera

Imyigishirize y'imyandiko n'akamaro ko kwigisha imyandiko

Iyigamwandiko ryiga kandi rigasesengura imyandiko. Iyigamwandiko ryungura imvugo n'imyandikire by'umunyeshuri kuko umunyeshuri asoma, agasesengura, akavuga, akanandika. Mu iyigamwandiko umunyeshuri ntapfa gusoma gusa, ahubwo asoma buri gihe agusha ku iyungurabumenyi.

Iyigamwandiko rishobora kwigishwa mu buryo bunyuranye bitewe n'ikigamijwe, ikigero cy'umunyeshuri, ubwoko bw'umwandiko n'ibindi. Imyandiko rero igira amasomo ihuza, ikagira n'andi yiharira bitewe n'ubwoko bwayo.

Nk'umwandiko usanzwe w'intekerezo hashobora kwigishwaho isomo ryo "Gusoma no gusobanura umwandiko", iryo gusoma hagakorwaho n'icyandikwa. Nk'umwandiko w'inkuru hashobora gutangwaho isomo ryo kuyumva, iryo kuyisoma n'iryo kuyivuga muri make; nko ku muvugo hakabaho umwihariko wo kuwufata mu mutwe ndetse no kuwuvuga muri make; nk'indirimo ikagira umwihariko wo kuriramba naho ikinamico igakinwa.

Ikitonderwa: Ibitabo by'amahugurwa y'abarimu ku myigishirize y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza byateguwe n'Ikigo k'Igihugu Gishizwe Uburezi(REB) ku bufatanye n'Umushinga USAID Soma Umenye, bikubiyemo amakuru arambuye ku myigishirize ya buri ntambwe. Umwarimu ashobora kubiyafashisha cyangwa akabirangira abanyeshuri. Mu bitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda mu mashuri yose na byo haba harimo byinshi, ku buryo burambuye. Umwarimu wigisha isomo ry'iyigayigisha ndetse n'umunyeshuri witoza kuba umurezi baba bagomba gufata umwanya uhagije wo kubisoma no kubisesengura bakamenya amakuru atandukanye n'umwihariko ushobora gusangana amasomo amwe n'amwe.

VII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigishanya isomo ry'icyandikwa

VII.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba avuye mu kiciro rusange yarize isomo ry'Ikinyarwanda. Bimwe mu bijyanye n'ibyo azi mu isomo ry'imyigishirize y'icyandikwa biboneka aha hakurikira:

VII. 2.1 Isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

Kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza, umunyeshuri ugiye kwiga uyu mutwe yagiye akora ibikorwa binyuranye b'icyandikwa. Uyu munyeshuri asanzwe azi amwe mu mabwiriza agenga ibikorwa by'icyandikwa. Mu masomo y'icyumweru, hagenda hakorwa imyitoto inyuranye yo kwandika. Muri iyi myitoto, umunyeshuri yahungukiye ubumenyi bwinshi bujyanye n'ibyo agiye kwiga.

VII. 2.2. Isomo ry'Ikinyarwanda mu kiciro cya rusange

Mu kiciro rusange umunyeshuri yakomeje kwiga Ikinyarwanda. Rimwe na rimwe, mu bikorwa binyuranye, umunyeshuri yagiye akora inyitoto y'icyandikwa. Uyu munyeshuri ugiye kwiga uyu mutwe rero azi ibikorwa by'ingenzi biba muri iri somo.

VII.2.3. Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

Guhera mu mutwe wa kane umunyeshuri yasobanukiwe imbata y'umuteguro n'uko yuzuzwa, mu mutwe wa gatanu n'uwagatandatu yakoze imyitoto nyiganasomo yinjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

VII. 2.4. Iyigayigisha ry'icyongereza

Mu mwaka wa kane, umutwe wa kenda¹ mu isomo ry'iyigayigisha ry'icyongereza, umunyeshuri azahungukira ubushobozi bwo gusobanura uburyo bunyuranye bwo kwigisha icyandikwa.²

VII. 2.5. Iyigayigisha ry'igifaransa

Mu mwaka wa gatanu, mu mutwe wa kane³, umunyeshuri azahungukira ubushobozi bwo gusobanura uko bayobora ibikorwa by'icyandikwa ku magambo magambo yizwe⁴.

VII.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa karindwi maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**1. Isomo ry'Ikinyarwanda rikorwamo ibi bikorwa ryitwa ngo iki?**

Isomo ry'Ikinyarwanda rikorwamo ibi bikorwa ryitwa isomo ryo kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Rikitwa icyandikwa mu kiciro cya kabiri cyangwa abanyeshuri bamaze kwiga inyuguti n'ibihekane byose by'Ikinyarwanda.

1 Unit 9: Observation of model lessons related to English

2 Explain how teaching and learning materials, techniques and strategies used in teaching English (Dictation)

3 Unité 4: Mécanismes de la langue

4 Définir les différentes étapes de l'activité de phonétique (Faire faire une dictée des mots contenant la graphie étudiée).

2. Vuga muri make ibyo ubona umwarimu cyangwa abanyeshuri bakora uhereye ku bigaragara mu mashusho yose uko ari ane?

Kuri iyi shusho ya mbere (a) hari umwarimu uri kwigisha kwandika ingombajwi “v” mu cyapa ku kibaho mu mwaka wa mbere w’amashuri abanza. Ishusho ya kabiri (b), iragaragaza umunyeshuri uri kwandika ingombajwi “v” mu ikayi. Uyu munyeshuri afite ikayi y’imirono n’ikaramu y’igiti. Mu ishusho ya gatatu (c), umwarimu ari guha amabwiriza abanyeshuri mu bikorwa byo kwandika. Ishusho ya kane (d), iragaragaza ibikorwa byo gusoma no kwandika ingombajwi “v” bigenewe umunyeshuri wo mu mwaka wa mbere w’amashuri abanza.

VII.4. Imbonerahamwe y’amasomo ari mu mutwe wa gatatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Gukoresha icyandikwa - Isomo ntangarugero - Inshoza n’akamaro k’icyandikwa - Intambwe zikurikizwa mu gukoresha icyandikwa - Uburyo bwo gukosora icyandikwa	- Gusobanura icyandikwa icyo ari cyo. - Kugaragaza intambwe zikurikizwa mu gutanga icyandikwa.	Iminota 80
2	Gutegura isomo ry’icyandikwa	- Gutegura yubahiriza intambwe z’isomo ry’icyandikwa kandi yinjizamo ingingo n’ubushobozi nsanganyamasomo. - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n’isomo ryateguwe.	Iminota 40
3	Imyitozo nyiganasomo	- Kwigisha bagenzibe isomo ry’icyandikwa. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ry’icyandikwa	Iminota 40
Umwitozo w’ubumenyingiro bw’umunyeshuri			Iminota 40
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi.			Iminota 40

VII.5. Imbonezamasomo

V.II.5.1 Isomo rya mbere: Gukoresha icyandikwa

Intego zihariye
- Gusobanura icyandikwa icyo ari cyo no gutanga impugukirwa yacyo. - Kugaragaza intambwe zikurikizwa mu gutanga icyandikwa.
Imfashanyigisho - Iyigayigisha ry’Ikinyarwanda: Igitabo cy’umwarimu - Iyigayigisha ry’Ikinyarwanda: Igitabo cy’umunyeshuri

1. Intangiriro:

Harakorwamo igikorwa cy’umwinjizo.

2. Isomo rishya:

- Igisha isomo ntangarugero ry’icyandikwa hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k’ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy’umunyeshuri, mu mutwe wa karindwi.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n’abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, sobanura icyo icyandikwa ari cyo, ugaragaze intambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'icyandikwa, uburyo ikosora ry'icyandikwa rikorwa, unagaragaze amasomo agaragaramo icyandikwa.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza n'akamaro k'icyandikwa

Icyandikwa ni umwitozo wo gutahura no kwandika amajwi avuzwe. Utanga icyandikwa abwira uwandika amuteze amatwi neza nyuma akamusaba kwandika ibyo amubwira akurikije uko yabyumvise. Icyandikwa gishobora gukorwa ku mwandiko wose, kuri kimwe mu bika byawo, cyangwa ku wundi usa n'uwizwe cyangwa no ku muhimbano.

Icyandikwa ni umwitozo ugamije gufasha abanyeshuri kwitoza kwandika neza, vuba nta makosa mu cyapa cyangwa mu mukono, amagambo cyangwa interuro byavuye mu mwandiko.; ubatoza kwimenyereza gufata vuba ibyo babwiwe no gutege amatwi; ubafasha kumenyera gukoresha utwatozo dutuma ibyo bandika bigira igisobanuro cyuzuye kandi ukabafasha gucengera amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

b) Intambwe zikurikizwa mu gukora umwitozo w' icyandikwa

Gutahura imiterere y'icyandikwa

Kwitegereza interuro fatizo zirimo ingingo zigishwa mu cyandikwa no kuzisoma. (Gukoresha inyuguti nkuru no gukata amagambo.)

Urugero:

Kayitare na Mukamana baramesa imyenda y'ishuri.

Twakoze umukoro w'imibare n'uw'Ikinyarwanda.

Gusesengura ingorane z'imyandikire yerekeranye n'ingingo zigishwa mu cyandikwa hakoreshejwe ibibazo.

Urugero:

Ni ayahe magambo atangijwe n'inyuguti nkuru? Kubera iki?

Ni ayahe magambo yakaswe muri izi nteruro? Kubera iki?

Kugaragaza ingorane z'icyandikwa no kwitegereza (Gukoresha inyuguti nkuru no gukata amagambo.)

Kayitare na Mukamana baramesa imyenda y'ishuri.

Twakoze umukoro w'imibare n'uw'Ikinyarwanda.

Gukora imyitozo yo kwandika amagambo n'interuro birimo ingingo z'icyandikwa kigishwa, hakoreshejwe uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore" (Gukoresha inyuguti nkuru no gukata amagambo.)

Gukora umwitozo w'icyandikwa .

Mu gukora umwitozo w'icyandikwa umwarimu akurikiza intambwe zikurikira:

Umwarimu asoma icyandikwa cyose abanyeshuri bateze amatwi

Ku nshuro ya kabiri, umwarimu asoma interuro imwimwe abanyeshuri bateze amatwi byaba ngombwa bakayisubiramo.

Umwarimu atanga ikimenyetso abanyeshuri bagatangire kwandika.

Bagakomeza batyo kugeza icyandikwa cyose kirangiye.

Iyo icyandikwa cyose kirangiye umwarimu arongerera agasoma icyandikwa cyose, abanyeshuri bakurikiye mu makayi yabo, bashobora kwikosora aho babonye amakosa.

Umwarimu atanga ikimenyetso, abanyeshuri bakareba ko ntacyo bibagiwe akabasomera umwandiko wose.

- Umwarimu yirinda kubwira abanyeshuri utwato (keretse ku banyeshuri bakiri bato), bagomba kutwishyiramo bityo bikabafasha kumva neza imikoreshereze yatwo. icyakora agomba kubafasha kwitahurira ubwoko bwa buri katuzo gakenewe n'aho kagomba gukoreshwa. Umunyeshuri umwe ashobora gukorera umwitozo w'icyandikwa ku kibaho, abandi bagakorera ku mbaho cyangwa mu makaye byabo, umwarimu agakora ku buryo abanyeshuri batarangara cyangwa ngo bakopere.

c) Uburyo bwo gukosora icyandikwa

Ikosora rishobora gukorwa mu buryo bubiri:

a) Umwarimu ubwe

Umwarimu akosora buri munyeshuri wese. Ibi birakenewe cyane mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Nyuma yo gukosora buri munyeshuri, hakorwa ikosora rusange ku kibaho, abanyeshuri bakandika mu makayi yabo umwitozo ukosoye.

b) Abanyeshuri ubwabo

Mu kiciro cya kabiri, umwarimu ashobora kwandika ku kibaho umwitozo ukosoye, abanyeshuri bakikosora ubwabo bashyira utumenyetso ku makosa bakoze. Umwarimu akagenzura ko batibera kuko intego y'icyandikwa atari imitego ituma bakora amakosa menshi. Kwikosora kw'abanyeshuri bifasha buri wese kwivumburira cyangwa kwitahurira ikosa bikamufasha kutazongera kurikora.

Ikitonderwa:

Mugihe umunyeshuri umwe yakoreye umwitozo ku kibaho, ni wo ukorewaho ikosora rusange. Hanyuma abandi banyeshuri bagakosora mu makaye yabo umwarimu na we akagenzura ko bikosora.

d) Amasomo abonekemo ibikorwa by'icyandikwa

Mu kicyiro cya mbere cy'amashuri abanza icyandikwa giteganyijwe mu bikorwa umunyeshuri agomba gukorera. Umwarimu akoresha ibikorwa by'icyandikwa agirango arebe ingorane abanyeshuri bafite mu kwandika maze bityo abashe kuzikemura.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Soma umwandiko ukurikira hanyuma usubize ibibazo biwukurikira:

Umwarimu yashyize abanyeshuri mu matsinda mato, buri tsinda rikihitiramo umwanditsi waryo. Uyu mwarimu kandi yari yateguye amagambo yayamanitse ku rukuta hanze y'ishuri. Buri tsinda ryatoranyije umunyeshuri. Abanyeshuri batoranyijwe bagenda biruka bagana aho amagambo amanitse. Basoma ya magambo mu mwanya muto bakanagerageza kuyafata mu mutwe. Bakagaruka mu ishuri biruka bagana itsinda ryabo, bakabwira umwanditsi wabo ibyo bamaze gusoma. Nyuma buri munyeshuri amaze kuva hanze, umwarimu akusanya inyandiko zivuye mu matsinda arazikosora.

a) Uyu mwarimu yari ari kwigisha irihe somo?

Uyu mwarimu ari gukoresha umwitozo w'icyandikwa bita "Isiganwa ry'icyandikwa"

b) Ni ubuhe bushobozi abanyeshuri bungutse muri iri somo?

Abanyeshuri bungutse ubushobozi bwo gufata mu mutwe no kwibuka ibyo basomye.

b) Iryo somo rifite akahe kamaro?

Iri somo rifasha abanyeshuri:

- Kwitoza kwandika neza, vuba nta makosa mu cyapa cyangwa mu mukono, amagambo cyangwa interuro byavuye mu mwandiko.

- Kwimenyereza gufata vuba ibyo babwiwe no gutega amatwi.
- Kumenyera gukoresha utwatuzo dutuma ibyo bandika bigira igisobanuro cyuzuye.
- Gucengera amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

d) Ese iri somo ritangwa kimwe mu kiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza? Sobanura.

Irisomo rishobora guhuza ibice bimwe, ibindi bigatandukana.

VII.5.2 Isomo rya kabiri: Gutegura isomo ry'icyandikwa

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura yubahiriza intambwe z'isomo ry'icyandikwa kandi yinjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo. - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
Iyigayigisha ry'Ikinyarwanda, igitabo cy'umunyeshuri; Ikinyarwanda, igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Imbata y'umuteguro w'isomo

1. Intangiriro

- Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) icyandikwa gikosorwa gute?

Umwarimu ashobora gukosora buri munyeshuri hanyuma bagakora ikosora rusange ku kibaho. Cyangwa umwarimu agakosora ku kibaho abanyeshuri bakikosora.

b) Umwitozo w'icyandikwa ufasha iki abanyeshuri?

Uyu mwitozo ufasha abanyeshuri:

- Kwitoza kwandika neza, vuba nta makosa mu cyapa cyangwa mu mukono, amagambo cyangwa interuro byavuye mu mwandiko.
- Kwimenyereza gufata vuba ibyo babwiwe no gutega amatwi.
- Kumenyera gukoresha utwatuzo dutuma ibyo bandika bigira igisobanuro cyuzuye.
- Gucengera amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bategure isomo ry'icyandikwa bakurikiza amabwiriza ari mu gikorwa cya 2, umutwe wa karindwi mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa cya 2

Ugendeye ku ntambwe zo kwigisha icyandikwa tegura isomo ryo kwandika amagambo n'interuro mu mwaka wa mbere nyuma yo kwiga ingombajwi S. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ryawe.

- Gendagenda mu matsinda ugenzurako abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

Ikitonderwa

- Mbere yo gutandukana n'abanyeshuri babwire ko mu isomo rizakurikiraho bazigishanya

Bakaba rero bagomba gukomeza kwitegura na nyuma y'amasomo, bagashaka imfashanyigisho kandi baki-toza mu matsinda yabo bigishanya isomo bateguye, kandi iyo mugenzi wabo arangije kwigisha bagomba kumuha ubujyanama ngarukirane.

VII.5.3. Isomo rya gatatu: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
- Kwigisha bagenzibe isomo ry'icyandikwa. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ry'icyandikwa
Imfashanyigisho Imiteguro y'abanyeshuri, Ibitabo by'ikinyarwanda mu mwaka wa mbere, imfashanyigisho zateguwe n'abanyeshuri.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenzeiminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa karindwi.

Igikorwa

Igisha bagenzi bawe isomo ry'icyandikwa wifashishije umuteguro wakoze. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'icyandikwa rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

VII. 5.5. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho y'ikinyarwanda ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, tahura ibikorwa by'icyandikwa biri mu mwaka wa gatatu, usobanure akamaro ko kubyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kubigisha. Muri ayo masomo wabonye, Hitamo rimwe uritegure wuzuza neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishye bagenzi bawe nurangiza umwe muri bo aguhe ubujyanama ngarukirane.

VII. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa karindwi, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye uburyo bwo gukoresha icyandikwa, tubona akamaro k'icyandikwa, intambwe zikurikizwa mu gukoresha icyandikwa n'uburyo bwo gukosora icyandikwa. Twateguye kandi amasomo y'icyandikwa hanyuma turayigishanya, dutanga n'ubujyanama ngarukirane.

VII.7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 saba buritsinda ryitoremu umuntu rishaka urigisha ishuri ryose, hanyuma batombore uri bubanze.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Sobanura mu magambo make intambwe wakurikiza mu kwigisha icyandikwa.
2. Ifashisha umuteguro w'isomo ry'icyandikwa mwateguye wigishye ishuri ryose, ukurikije ubujyanama ngarukirane wahawe.

VII.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

VII.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu k'ikinyarwanda mu ishuri wihitiyemo tegura isomo ry'icyandikwa ukurikiza intambwe zose z'iryo somo.

VII.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Sobanu intambwe wakurikiza uri kwigisha "isiganwa ry'icyandikwa. Uvuge n'akamaro k'umwitozo nk'uyu. Ni ibiki wa kwitwararika utanze uyu mwitozo?

- Mu gutanga uyu mwitozo nabanzagutanga amabwiriza, ngaha abanyeshuri ikimenyetso bagatangira, kandi nkababwira ko abatanga abandi kurangiza kandi babikoze neza aribo baraba batsinze, hanyuma barangiza tugakosora umwitozo.
- Uyu mwitozo ukangura abanyeshuri, ubafasha gusoma no kwibuka ibyo basomye, ufasha uwandika nawe gutega amatwi no kwibuka ibyo bamubwiye, utera ishyaka mu banyeshuri bagaharanira kurushanwa no gukora neza.
- Nakwitwararika kugira ngo abanyeshuri badakora impanuka, ngakura mu nzira ibyabatera impanuka, nkabasaba kuba maso kugira ngo batagongana, kandi buri tsinda rikajya ryohereza umuntu ari uko uwari ugiyeyo agarutse, ibyo basoma nabigabanyamo interuro, nkazimanika ahantu hatandukanye kugira basomere ahantu hatandukanye boye kuba benshi ahantu hamwe.

VII.9. Amakuru y'inyongera

Umwitozo w'icyandikwa ushobora gukoreshwa nk'isomo ugakurikiza intambwe zose z'icyandikwa, ariko umwitozo ushobora no gutangwa mubice binyuranye by'isomo. icyo gihe haherwa ku gice cyogukora umwitozo gusa, umwarimu akabwira abanyeshuri icyandikwa, akakibasubiramo, bakacyandika hanyuma kigakosorwa.

VIII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigishanya ikibonezamvugo

VIII.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere w'amashuri nderabarezi, aba yararangije amashuri abanza n'ikiciro rusange kandi muri ibyo byiciro byombi yarize amasomo atandukanye y'ikibonezamvugo. Aba rero afite ubumenyi bw'ibanze kibonezamvugo k'Ikinyarwanda kigishwa ku rwego rw'amashuri abanza. Aba azi amazina rusange n'amazina bwite, ubumwe n'ubwinshi bw'amazina, inteko z'amazina, uturemajambo tw'izina, ibinyazina, ntera, izina ntera, igisantera, amagambo adahinduka n'ibindi byigishwa mu mashuri abanza. Aba agiyeye kandi gukomeza kongera ubwo bumenyi mu isomo ry'Ikinyarwanda. Naho ibijyanye no gutegura amasomo, muri uyu mutwe wa munani umunyeshuri aba amaze kubimenyera kuko yatangiye kubikora guhera ku wa kane ndatse yatangiye no kwimenyereza kwigisha mu matsinda mato no mu itsinda rigari, akoresha imfashanyigisho kandi yibanda no ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe. Amaze no kumenyera gukoresha igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu gutegura amasomo ye. Ubu bushobozi bwose afite rero buzamufasha gusobanukirwa no gukora uko bikwiye imyitozo yose ikubiye muri uyu mutwe.

VIII.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa munani maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Uhereye ku bumenyi ufite, soma interuro zikurikira, urebe ikibazo zifite hanyuma ugikemure: Izi nteruro nta bwo zubahirije amategeko y'isanisha, bigatuma ziba interuro nyobyamvugo, aho kuba interuro mbonezamvugo.

a) Ejo hashize ndabona impara n'imparage muri Pariki y'Akagera.

Ejo hashize nabonye impara n'imparage muri Pariki y'Akagera.

b) Inka agiye kurisha mu rwuri.

Inka igiye kurisha mu rwuri.

c) Kera nkunda gukina umupira w'amaguru.

Kera nakundaga gukina umupira w'amaguru.

d) Mu cyumweru gitaha nagiyeye kureba Pariki y'Ibirunga

Mu cyumweru gitaha nzajya kureba Pariki y'Ibirunga.

2. Ese ibibazo nk'ibi bikemurirwa murihe somo?

Bikemurira mu isomo ry'ikibonezamvugo.

3. Ni ibiki bindi biryigishwamo?

Higishwamo imiterere y'ururimi n'amategeko arugenga.

4. Amasomo yaryo yigishwa ate?

Amasomo y'ikibonezamvugo yigishwa bahereye ku ngero, abanyeshuri abanyeshuri bakazisesengura bikabageza ku mategeko.

- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

VIII.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y'ikibonezamvugo - Inshoza y'ikibonezamvugo - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ikibonezamvugo - Ikibonezamvugo kigishwa mu mashuri abanza	- Gusobanura icyo ikibonezamvugo ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha.	Iminota 80
2	Gutegura isomo ry'ikibonezamvugo	- Gutegura isomo ry'ikibonezamvugo yubahiriza intambwe z'isomo kandi yinjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo. - Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.	Iminota 40
3	Imyitozo nyiganasomo	- Kwigisha bagenzibe isomo ry'ikibonezamvugo. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.	Iminota 40
Umwitozo w'ubumenyingiro bw'umunyeshuri			Iminota 40
Isuzuma risoza umutwe wa munani.			Iminota 40

VIII.5. Imbonezamasomo

VIII.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y'ikibonezamvugo

Intego zihariye
Gusobanura icyo ikibonezamvugo ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha.
Imfashanyigisho - Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda ibyiciro byombi by'amashuri abanza - Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda. - Igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu. - Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda n'iby'umunyeshuri mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.

1. Intangiriro

Harakorwamo igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ikibonezamvugo hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa munani.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, sobanura icyo ikibonezamvugo ari cyo, intambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo, unagaragaze amasomo y'ikibonezamvugo anyuranye yigishwa mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo ni igice k'iyigandimi kigisha amategeko y'ururimi n'imiterere yarwo. Kigisha kubaka interuro mbonezamvugo mu mvugo no mu nyandiko, amoko y'interuro, imimaro y'amagambo mu nteruro, ubumwe n'ubwinshi by'amagambo, amoko y'amagambo n'ibindi. Ikibonezamvugo gisesengura ururimi kugeza ku binyabumwe fatizo.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ikibonezamvugo

Imyigishirize y'ikibonezamvugo ishingira ku mwandiko, hagakurwamo amagambo n'interuro biza gufasha kugera ku mategeko aya n'aya y'ikibonezamvugo akenewe. Iyi myigishirize ishobora no gushingira ku mfashanyigisho zifasha abanyeshuri kubona amagambo n'interuro byifashishwa.

Kwigisha amasomo y'ikibonezamvugo binyura mu ntambwe zikurikira:

Kwitegereza

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwitegereza interuro cyangwa amagambo fatizo yateguye cyangwa yashakiyeye hamwe n'abanyeshuri. Buri wese abikora ku giti ke, umwarimu akababaza kuvuga ibyo babonye ariko ku buryo budatinze. Hanyuma umwarimu akayobora ukwitegereza kwabo. Asomesha interuro cyangwa amagambo agiye kwifashishwa.

Urugero: Umwarimu agiye kwigisha amazina bwite n'amazina rusange (umwaka wa 4) yasaba abanyeshuri kwitegereza no gusoma interuro ikurikira:

Umunsi umwe, Mashira n'abapfumu be bagiyeye kuragura, baraguriza kureba niba Sekarongoro wari umwami w'u Rwanda icyo gihe, atazanyaga Mashira Nduga na Ndiza kuko yahatwaraga hombi.

Kuvangura

Umwarimu abaza ibibazo bituma abanyeshuri basubiza ingingo zigomba kwibandwaho zigashyirwa ukwazo cyangwa zikagaragazwa mu bundi buryo (zishobora gucibwaho akarongo).

Urugero: Umwarimu yasaba abanyeshuri guca akarongo ku mazina ari muri iyi nteruro, cyangwa bakayamubwira akayandika mu matsinda abiri atandukanye.

Umunsi umwe, Mashira n'abapfumu be bagiyeye kuragura, baraguriza kureba niba Sekarongoro wari umwami w'u Rwanda icyo gihe, atazanyaga Mashira Nduga na Ndiza kuko yahatwaraga hombi.

Umunsi	<u>Mashira</u>
abapfumu	<u>Sekarongoro</u>
Umwami	<u>Rwanda</u>
	<u>Mashira</u>
	<u>Nduga</u>
	<u>Ndiza</u>

Kugereranya

Umwarimu akomeza kuyobora abanyeshuri bakagereranya ingingo zabonetse bashaka isano zifitanye cyangwa itandukaniro ryazo.

Urugero:

Umwarimu asaba abanyeshuri gushaka isano amazina yashyize hamwe afitanye cyangwa se itandukaniro riri hagati y'amazina ari mu matsinda yombi.

Kuvuga inshoza no gutahura itegeko

Iyo abanyeshuri bamaze gucengera isano cyangwa itandukaniro riri hagati y'ingingo bagereranyaga bikabafasha kuvumbura itegeko no kuvuga inshoza nta cyo bibagiye; bibonera ubwabo inshoza yigwa

n'itegeko rikurikizwa. Umwarimu na we arushaho kwifata nk'umujyanama n'umuyobozi, yifashisha ibibazo kugira ngo yibutse ingingo z'ingenzi, maze abanyeshuri bakivumburira ubwabo, we akabafasha kubinoza, kandi akabibasubirishamo.

Urugero:

Bahereye kuturango babonye umwarimu ababaza uko bita amazina ari muri buri tsinda noneho bagatanga inshoza y'ayomagambo n'ubundi bahereye ku turango bari batahuye.

Itsindagirabumenyi /ihamyategeko

Kugira ngo abanyeshuri barusheho gusobanukirwa no kwerekana ko bumvise ibyo barimo kwiga batanga ingero zijyanye n'inshoza cyangwa itegeko ririmo kwigwa, bagakora imyitoto ihamya itegeko ryagezweho, umwarimu na we akareba uko babikora kandi afasha abafite ibibazo.

Urugero:

Umwarimu atanga imyitoto abanyeshuri bagatanga ingero z'amazina rusange n'amazina bwite, akabaha amazina avangavanze bakayavungura...

Ikitonderwa:

Mu kiciro cya mbere, nyuma yo gutanga interuro fatizo, ashobora guhita aca akarongo ku nshoza zigwa, agasaba abanyeshuri gushaka ibisobanuro no kugereranya kuku ishoza yigwa iba ari imwe. Hanyuma agafasha abanyeshuri gusubiramo igisobanuro akoresheje uburyo bwa Ndatanga urugero-Dukorane twese-Buri wese akore, hanyuma agaha abanyeshuri imyitoto.

c) I kibonezamvugo kigishwa mu mashuri abanza

Guhera mu mwaka wa gatatu kugeza mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, abanyeshuri bigishwa ikibonezamvugo. Mu mwaka wa gatatu harimo interuro mbonezamvugo na nyobya mvugo, imikoreshereze y'utwatuzo... Mu waka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu harimo, izina, ibinyazina, ntera, imigereka...

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Kwigisha ikibonezamvugo bimarira iki umunyeshuri?

Kwigisha ikibonezamvugo bifasha umunyeshuri gukoresha ururimi neza no gusobanukirwa imiterere n'amategeko yarwo.

b) Sobanura intambwe zikurikizwa mu kwigisha ikibonezamvugo?

- Kwitegereza: abanyeshuri bitegereza interuro cyangwa amagambo fatizo bibafasha gutahura inshoza yigwa.
- Kuvangura: umwarimu abaza ibibazo bifasha abanyeshuri kumubwira ibikenewe akabishyira hamwe.
- Kugereranya: umwarimu ayobora abanyeshuri akabasaba kugereranya bagatahura isano irihagati y'ibyashyizwe hamwe cyangwa itandukaniro hagati y'ibyavanguwe.
- Kuvuga inshoza no gutahura itegeko: umwarimu afasha abanyeshuri kuvuga inshoza/ ikigwa/itegeko bahereye ku turango babonye.
- Itsindagirabumenyi /ihamyategeko: umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ingero cyangwa gukora imyitoto igaragaza itegeko babonye.

VIII.5.2 Isomo rya kabiri: Gutegura isomo ry'ikibonezamvugo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gutegura isomo ry'ikibonezamvugo yubahiriza intambwe z'isomo kandi yinjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.- Gutegura imfashanyigisho zijyanye n'isomo ryateguwe.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho z'ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza.- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri.- Ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.- Igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Baza ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Ni izihe ntambwe zikurikizwa higishwa amasomo y'ikibonezamvugo?

- Kwitegereza
- Kuvangura
- Kugereranya
- Kuvuga inshoza no gutahura itegeko
- Itsindagirabumenyi /ihamyategeko

b) Mu gice k'itsindagirabumenyi hakorwamo iki?

Abanyeshuri bakora imyitozo itandukanye ishyira mu bikorwa ibyo bize.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bategure isomo ry'ikibonezamvugo bakurikiza amabwiriza ari mu gikorwa cya 2, umutwe wa munani mu gitabo cy'umunyeshuri.

Igikorwa cya 2

Ifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, utegure isomo ry'ikibonezamvugo ugendeye ku ntambwe zaryo. Kora kandi ushake imfashanyigisho zikwiye, zagufasha kwigisha neza iryo somo. Ntiwibagirwe kwinjiza ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo mu muteguro wawe.

- Gendagenda mu matsinda ugenzurako abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

Ikitonderwa

- Mbere yo gutandukana n'abanyeshuri babwire ko mu isomo rizakurikiraho bazigishanya Bakaba rero bagomba gukomeza kwitegura na nyuma y'amasomo, bagashaka imfashanyigisho kandi bakitoza mu matsinda yabo bigishanya isomo bateguye, kandi iyo mugenzi wabo arangije kwigisha bagomba kumuha ubujyanama ngarukirane.

VII.5.3. Isomo rya gatatu: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Kwigisha bagenzibe isomo ry'ikibonezamvugo.- Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa munani.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ikibonezamvugo, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikibonezamvugo rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

VII. 5.5. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, tahura amasomo y'ikibonezamvugo ari mu mwaka wa gatatu kugeza mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, Hitamo rimwe uritegurire wuzuzane neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishye bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane.

VIII. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa munani, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye intambwe zo kwigisha ikibonezamvugo, tubona ikibonezamvugo kigishwa mu mashuri abanza, dutegura kandi twigishanya amasomo y'ikibonezamvugo.

VIII.7. Isuzuma risoza umutwe wa munani

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Andika muri make uko wakwigisha ikibonezamvugo abanyeshuri bo mu mashuri abanza.

- Kwitegereza: abanyeshuri bitegereza interuro cyangwa amagambo fatizo bibafasha gutahura inshoza yigwa.
- Kuvangura: umwarimu abaza ibibazo bifasha abanyeshuri kumubwira ibikenewe akabishyira hamwe.
- Kugereranya: umwarimu ayobora abanyeshuri akabasaba kugereranya bagatahura isano irihagati y'ibyashyizwe hamwe cyangwa itandukaniro hagati y'ibavanguwe.
- Kuvuga inshoza no gutahura itegeko: umwarimu afasha abanyeshuri kuvuga inshoza/ ikigwa/itegeko bahereye ku turango babonye.
- Itsindagirabumenyi /ihamyategeko: umwarimu asaba abanyeshuri gutanga ingero cyangwa gukora imyitozo igaragaza itegeko babonye.

3. Wifashishije isomo ry'ikibonezamvugo wateguye mu mwitozo w'ubushobozi ngiro, igisha bagenzi bawe, winjizamo ingingo nsanganyamasomo kandi ukoresha imfashanyigisho wateguye.

VIII.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

VIII.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

1. Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza, tegura isomo ryo kwigisha ubumwe n'ubwinshi by'amazina rusange.
2. Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, vuga ikibonezamvugo kigishwa mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.

VIII.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri garagaza ikibonezamvugo kigishwa muri buri mwaka kuva mu wa gatatu kugeza mu wa gatandatu.

VIII.9. Amakuru y'inyongera

Mu masomo y'ikibonezamvugo, nta bwo umwarimu atangira yandika ku kibaho isomo ry'umunsi, kuko aryandika nyuma abanyeshuri bamaze gutahura inshoza iri kwigwa mbere y'uko bakora imyitozo.

IX.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigishanya amasomo y'uturingushyo, imivugo, amagorane, ibisakuzo n'imigani migufi.

IX.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yarumvise uturingushyo, imivugo n'amagorane kuko biba mu buzima bwa buri munsu. No ku ishuri kandi uyu munyeshuri yagiye yiga aya masomo. Bimwe mu bijyanye n'ibyo azi mu isomo ry'imyigishirize y'uturingushyo, imivugo n'amagorane biboneka aha hakurikira:

IX.2.1 Isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

Kuva mu myaka y'amashuri abanza, umunyeshuri ugiye kwiga ibiri muri uyu mutwe yakoze ibikorwa binyuranye by'uturingushyo, imivugo n'amagorane. Ibi bikorwa bigaragara mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere mu mwaka wa kabiri, umutwe wa gatanu, mu mwaka wa gatatu, mu mutwe wa gatandatu. Naho mu kicro cya kabiri bigaragara mu mwaka wa mutwe wa mbere, mu mwaka wa gatandatu mu mutwe wa gatandatu. Usibye muri iyi mitwe kandi, hari n'indi mitwe ibonekamo ibibikorwa. Mu myitozo inyuranye, umunyeshuri yakoze yungutse ubumenyi bwinshi bujyanye n'ibyo agiye kwiga.

IX.2.2 Iyigayigisha ry'icyongereza

Mu mwaka wa kane, umutwe wa kane n'uwa gatanu¹ mu isomo ry'iyigayigisha ry'icyongereza, umunyeshuri azahungukira ubushobozi bwo gusobanura no gukoresha uburyo bunyuranye bwo kwigisha gutega amatwi no kwimenyereza kuvuga adategwa.²

IX.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa kenda maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Soma interuro zikurikira wubahiriza isesekaza hanyuma usubize ibibazo byazibajijweho.

a) Umusatsi usutse umusereko urushya isokoza.

b) Iturange idusabe

Idutere ibineza

Ituneze dutuze

Ituvure agahinda

Ibe ingenzi mu bana.

c) Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo: Ukwezi

d) Igiti kigororwa kikiri gito.

e) Imfura ni iyo musangira ntigucure

Mwajya inama ntikuvemo

Waterwa ikakuburira

Wapfa ikakurerera

Kuba ukize ntusuzugure ukennye

Wasonza ntiwibe.

¹ Unit 4: Teaching lessons related to listening and Unit 5: Teaching lessons related to speaking.

² Apply appropriate strategies in teaching listening and apply appropriate strategies in teaching and learning speaking activities

1. Interuro iri kuri (a) ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ni igorane.
2. Interuro ziri kuri (b) ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ni umuvugo.
3. Interuro iri kuri (c) ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ni igisakuzo.
4. Interuro iri kuri (d) ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ni umugani mugufi.
5. Interuro ziri kuri (e) ni ubuhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ni akaringushyho k'abasizi.
6. Ese ni ngombwa ko umwarimu yigisha abanyeshuri bene ubwo buvanganzo?

Yego. Bituma abanyeshuri bunguka ubushobozi mu kumva, kuvuga, gusoma no gufata mu mutwe. Bituma kandi bishima, ganoza imivugire kandi bagakunda ubuhanga buri mu rurimi rwabo.

- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

IX.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa kenda

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y'uturingushyho, imivugo, amagorane - Inshoza y' uturingushyho, imivugo n'amagorane - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha uturingushyho, imivugo n'amagorane.	- Gusobanura icyo uturingushyho, imivugo, amagorane ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha.	Iminota 80
2	Imyitozo nyiganasomo	- Kwigisha bagenzibe isomo ry'uturingushyho, imivugo cyangwa amagorane . - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.	Iminota 40
3	Imyigishirize y'ibisakuzo n'imigani migufi - Inshoza y'ibisakuzo - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ibisakuzo - Inshoza y'imigani migufi/ imigenurano - Intambwe zo kwigisha imigani migufi - Ibisakuzo n'imigenurano yigishwa mu mashuri abanza	- Gusobanura icyo ibisakuzo n'imigani migufi ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha.	Iminota 80
4	Imyitozo nyiganasomo/ ry'imigenurano	- Kwigisha bagenzibe isomo ry'ikibonezamvugo. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.	Iminota 40
Umwitozo w'ubumenyigiro bw'umunyeshuri			Iminota 40
Isuzuma risoza umutwe wa kenda.			

IX.5. Imbonezamasomo

IX.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y'uturingushyho, imivugo, amagorane

Intego zihariye
- Gusobanura icyo uturingushyho, imivugo, amagorane ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha.

Imfashanyigisho

- Integanyanyigisho y'iyigayigisha ry'lkinyarwanda mu mashuri nderabarezi
- Integanyanyigisho y'lkinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'lkinyarwanda
- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'lkinyarwanda
- Ibitabo by'umwarimu by'lkinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.
- Ibitabo by'umunyeshuri by'lkinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.
- Integwamatwi y'umuvugo, akaringushyo n'amagorane.

1. Intangiriro

Harakorwamo igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'akaringushyo/ry'umuvugo/ry'amagorane hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa kenda.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

1. Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, tanga inshoza n'imiterere ya

- a) Akaringushyo
- b) Umuvugo
- c) Amagorane

2. Sobanura aho ayo masomo aboneka mu mashuri abanza

3. Garagaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'akaringushyo, umuvugo cyanga amagorane.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y' uturingushyo, imivugo n'amagorane

Uturingushyo

Akaringushyo ni akandiko gafasha umunyeshuri kumenya gusoma no gufata mu mutwe. Twigisha uturingushyo kugira ngo dutoze abanyeshuri kumenya kuvugira mu ruhamwe badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe no kuba bahanga uturingushyo.

Imivugo

Umuvugo ni umwandiko uryoheye amatwi ugizwe n'interuro ngufi zenda kureshya kandi zifite injyana. Twigisha umuvugo kugira ngo dutoze abanyeshuri kuvugira mu ruhamwe badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe, kwishimira kumva imivugo no kuba batangira guhanga imivugo bakiri bato.

Amagorane

Amagorane ni umwandiko mugufi ufite amajwi yenda gusa agaruka kenshi mu migemo y'amagambo agize interuro ku buryo kuyavuga utabimenyereye bigorana. Twigisha amagorane kugira ngo dutoze abanyeshuri kumenya kuvugira mu ruhamwe badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe no kuba bahanga amagorane.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha uturingushyo, imivugo n'amagorane

Gusoma umwandiko

Umwarimu asomera abanyeshuri agace k'umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo ashiramo isesekaza n'injyana yabyo hanyuma akababaza uko bumva imiterere y'ibyo basomewe. Akabinoza hanyuma akababwira ibiranga umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo.

Umwarimu ayobora abanyeshuri bagasomera hamwe agace k'umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo bashiramo isesekaza n'injyana yabyo. Hanyuma bagafatanyaga kuvugira hamwe ibiranga umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo.

Umwarimu ashira abanyeshuri mu matsinda agasaba buri munyeshuri gusomera mugenzi we agace k'umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo ashiramo isesekaza n'injyana yabyo, akanamubwira ibiranga umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo.

Umwarimu kandi abwira umunyeshuri umwumwe kuza imbere y'abandi akavugaga umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo.

Gufatisha mu mutwe umwandiko

Umwandiko ufatwa mu mutwe ugabanywamo uduce. Buri gace kakagira igisobanuro cyuzuye.

Umwarimu avugaga by'intangarugero agace k'umwandiko atakareba.

Umwarimu afatanyaga n'abanyeshuri bakavugaga agace k'umwandiko amaze kubabwira batakareba.

Umwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda mato gusubiramo inshuro nyinshi agace k'umwandiko batakareba. Umwarimu agenda abakosora anafasha abakeneye ubufasha.

Ibyo birangiye, umwarimu asaba umunyeshuri umwe kuvugira imbere y'abandi agace ka mbere k'umwandiko atakareba.

Igice cya kabiri n'ibikurikiyeho, hakorwa nk'ibyakozwe mbere. Umwarimu agenda ateranya uduce twose tw'umwandiko kugeza urangiye.

Umwitoto wo gufata mu mutwe ugomba gukomeza ugakorwa n'abanyeshuri benshi bashoboka kugira ngo umwarimu amenye neza ko abanyeshuri bashobora kuvugira umwandiko wose batawureba. Umwarimu kandi akomeza kugenda akosora abanyeshuri anabafasha aho bagaragaza intege nke.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Huza inshoza z'amagambo akurikira n'ibisobanuro byayo

Ijambo	Igisobanuro
1 Uturingushyo	a Umwandiko uryoheye amatwi ugizwe n'interuro ngufi zenda kureshya kandi zifite injyana.
2 Imivugo	b Ni umwandiko mugufi ufite amajwi yenda gusa agaruka kenshi mu migemo y'amagambo agize interuro ku buryo kuyavugaga utabimenyereye bigorana.
3 Amagorane	c Akandiko gafasha umunyeshuri kumenya gusoma no gufata mu mutwe.

1c, 2a, 3b

b) Sobanura impamvu twigisha imivugo, uturingushyo n'amagorane?

Twigisha uturingushyo kugira ngo dutoze abanyeshuri kumenya kuvugira mu ruhame badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe no kuba bahanga uturingushyo.

Twigisha umuvugo kugira ngo dutoze abanyeshuri kuvugira mu ruhame badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe, kwishimira kumva imivugo no kuba batangira guhanga imivugo bakiri bato.

Twigisha amagorane kugira ngo dutoze abanyeshuri kumenya kuvugira mu ruhamo badategwa mu ijwi ryumvikana neza, gufata mu mutwe no kuba bahanga amagorane.

c) Sobanura intambwe zikurikizwa mu kwigisha uturingushyo, imivugo n'amagorane mu mashuri abanza.

- Gusoma
- Gufatisha mu mutwe umwandiko

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa kenda. Bagenere buri tsinda ibyo rizategura hagati y'amagorane, uturingushyo n'umuvugo.

Ikibazo k'igikorwa

Igikorwa cya 2

Mwifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mutegure isomo ry'amagorane/uturingushyo/umuvugo mugendeye ku ntambwe zose twabonye. Mutegure imfashanyigisho zikenewe kandi mwinjizemo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikenewe.

IX.5.2. Isomo rya kabiri: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none"> - Kwigisha bagenzibe isomo ry'uturingushyo, imivugo cyangwa amagorane . - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
<p>Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.</p>

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa kenda.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'amagorane/uturingushyo/ umuvugo, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'amagorane, uturingushyho/umuvugho rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

IX.5.3 Isomo rya gatatu: Imyigishirize y'ibisakuzo n'imigani migufi

Intego zihariye
Gusobanura icyo ibisakuzo n'imigani migufi ari cyo no kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kukigisha
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda ibyiciro byombi by'amashuri abanza- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda.- Igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu.- Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda n'iby'umunyeshuri mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Vuga akamaro ko kwigisha abana amagorane, imivugho n'uturingushyho.

Kwigisha abanyeshuri imivugho, amagorane n'uturingushyho bitoza abanyeshuri gufata mu mutwe, kuvugira mu ruhamwe ndetse bakaba babihahira na bo bagahanga.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ibisakuzo/imigani migufi, hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ibibazo cyo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa kenda.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, tanga inshoza y'ibisakuzo n'iy'imigani migufi, ugaragaze intambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'ibisakuzo n'iry'imigani migufi uvuge n'aho amasomo y'ibisakuzo n'imigani migufi aboneka mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'ibisakuzo

Ibisakuzo ni umukino wo gufunda ibivugwa. Twigisha ibisakuzo kugira ngo dutoze abanyeshuri gutekereza vuba mu gihe bashakira igisubizo k'ibisakuzo. Bifasha abanyeshuri gusabana n'abandi, kwidagadurira no gukuzira imitekerereze.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ibisakuzo

Umwarimu ahera ku gika cy'umwandiko kirimo igisakuzo akayobora abanyeshuri mu bikorwa bikurikira:

Gutahura icyo ibisakuzo ari cyo

Gusomera abanyeshuri ibisakuzo, hanyuma ukababaza ibibazo bigamije gutahura imiterere y'ibisakuzo.

Kuyobora abanyeshuri mu gasubiramo inshoza n'ibiranga ibisakuzo.

Gusaba abanyeshuri (mu matsinda mato) bagasubiramo ku giti cyabo inshoza n'ibiranga ibisakuzo.

Umwitoto wo gusakuza

Gusakuza igisakuzo kimwe abanyeshuri bateze amatwi ukanakica.

Gusakuza igisakuzo kimwe ugasaba banyeshuri bakakica.

Guha abanyeshuri indi myitoto yo gusakuzanya ibisakuzo binyuranye ku giti cyabo.

Ikitonderwa: Iyo abanyeshuri bazi inshoza n'ibiranga ibisakuzo, si ngombwa kubisubiramo. Umwarimu ashobora kubaha ivumburamatsiko rifatiye ku mashusho, ku nsanganyamatsiko cyangwa ku bisakuzo byanditse hanyuma, agasaba abanyeshuri kubyica. icyo gihe hakurikiraho imyitoto yo gusakuzanya.

c) Inshoza y'imigani migufi/ imigenurano

Imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano ni interuro ngufi zikubiyemo inyigisho. Twigisha imigani migufi kugira ngo dutoze abanyeshuri gukoresha imvugo ngufi igenura. Imigani migufi igamije ahanini gutanga inyigisho, kuburira, kugira inama, gucyaha, guca amarenga cyangwa guhanura.

d) Intambwe zo kwigisha imigani migufi

Umwarimu ahera ku gika cy'umwandiko kirimo umugani mugufi akayobora abanyeshuri mu bikorwa bikurikira:

Gutahura icyo umugani mugufi ari cyo

Gusomera abanyeshuri umugani mugufi, hanyuma akababaza ibibazo biganisha ku gutahura inshoza n'ibiranga umugani mugufi.

Kuyobora abanyeshuri mugasubiramo inshoza n'ibiranga umugani mugufi.

Gusaba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo inshoza n'ibiranga umugani mugufi.

Umwitoto ku mugani mugufi

Gusaba abanyeshuri kuvuga imigani migufi bazi bahereye ku nsanganyamatsiko runaka banagerageza kuyisobanura.

Ikitonderwa: Ibisakuzo n'imigani migufi birigishwa ariko impamvu bifatwa mu mutwe ni uko bikoreshwa mu buzima bwa buri munsu kandi umunyeshuri akamenya igihe umugani runaka ukoreshwa, akamenya no kuba yakwica igisakuzo runaka.

e) Ibisakuzo n'imigenurano byigishwa mu mashuri abanza

Mu mwaka wa gatatu n'uwa kane, higishwa ibisakuzo n'imigani migufi. Urugero, mu mwaka wa gatatu mu mutwe wa gatandatu, higishwamo ibisakuzo. Naho mu mutwe wa munani hakigishwamo imigermurano. Mu mutwe wa kabiri mu mwaka wa kane harimo ibisakuzo n'imigani migufi.

3. Umwitoto

- Saba abanyeshuri gukora umwitoto uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Sobanura impamvu twigisha ibisakuzo n'imigani migufi mu mashuri abanza? Twigisha imigani migufi kugira ngo abanyeshuri bayikoreshe mu gutanga inyigisho, kuburira, kugira inama, gucyaha, guca amarenga cyangwa guhanura. Ibisakuzo na byo bifasha abanyeshuri gusabana n'abandi, kwidagadura no gukuza imitekerereze.

b) Sobanura ntambwe zikurikizwa mu kwigisha ibisakuzo n'imigani migufi?

Gutahura inshoza

Gusomera abanyeshuri ibisakuzo /umugani mugufi, hanyuma akababaza ibibazo biganisha ku gutahura inshoza n'ibiranga.

Umwitoto ku mugani mugufi

Gusaba abanyeshuri gusakuza /kuvuga imigani migufi bazi bahereye ku nsanganyamatsiko runaka banagerageza kuyisobanura.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 5 cy'umutwe wa kenda. Bagenere buri tsinda ibyo rizategura hagati y'ibisakuzo nimigani migufi.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 5

Ifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'ibisakuzo ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjizemo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

IX.5.4. Isomo rya kane: Imyitoto nyiganasomo ku bisakuzo no ku migenurano

Intego zihariye
Kwigisha bagenzibe isomo ry'ibisakuzo/imigenurano. Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu n'uwa kane, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu mu mwaka wa gatatu n'uwa kane.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenzeiminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa kenda.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitoto nyiganasomo, ifashishije umiteguro w'isomo ry'ibisakuzo/imigani migufi, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo bikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo. Nyuma yo kwigishanya mu matsinda mato, witegure kuryigisha ishuri ryose.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ibisakuzo/imigani migufi rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu. Hanyuma ubahe umukoro wo mu mwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

IX. 5.5. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, tahura amasomo y'imigani migufi n'ibisakuzo ari mu mwaka wa gatatu kugeza mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, hitamo rimwe uritegurire wuzuzane neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishe bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane.

IX. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kenda, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye intambwe zo kwigisha amagorane, uturingushyo n'imivugo; tubona n'intambwe zokwigisha imigani migufi n'ibisakuzo. Ndetse tubona n'akamamaro ko kwigisha izi ngeri z'ubuvanganzo. Muri uyu mutwe twateguye kandi twigishanya amasomo y'uturingushyo, imivugo n'amagorane n'amasomo y'imiganimigufi n'ibisakuzo, duhabwa n'ubujyanama ngarukirane.

IX.7. Isuzuma risoza umutwe wa kenda

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Andika muri make uko wakwigisha umuvugo, uturingushyo, imigani migufi, ibisakuzo n'amagorane abanyeshuri bo mu mashuri abanza.

Mu kwigisha umuvugo, uturingushyo, imigani migufi, ibisakuzo n'amagorane bahera ku mwitozo wo gusoma umwandiko (umuvugo, amagorane cyangwa akaringushyo) cyangwa igika cy'umwandiko kirimo umugani mugufi/igisakuzo agafasha abanyeshuri gutahura inshoza n'uturango hanyuma bagakora imyitozo yo gufata mu mutwe, gusakuza, gukoresha mu mvugo n'ibindi.

2. Wifashishije isomo ry'umuvugo/ uturingushyo/ imigani migufi/ ibisakuzo/ amagorane wateguye mu mwitozo w'ubushobozi ngiro, igisha bagenzi bawe, winjizamo ingingo nsanganyamasomo kandi ukoresha imfashanyigisho wateguye.

IX.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

IX.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

Wifashishije integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, tegura kandi wigishe bagenzi bawe isomo ryo kwigisha amagorane ugendeye ku ntambwe zose kuyigisha. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjizemo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

IX.8.2 Imyitoto nyagurabushobozi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, reba aho amasomo yo kwigisha uturingushyho, imivugo n'amagorane aherereye, uhitemo isomo rimwe urihereho utegura imfashanyigisho umwarimu yakenera mu kwigisha aya masomo, ugaragaze ingingo nsanganyamasomo umwarimu yavugaho n'ubushobozi nsanganyamasomo bwatezwa imbere mu bikorwaby'imyigire n'imyigishirize kandi ugaragaze uko isuzumabushobozi ryakorwa.

8.3 Imyitoto y'inyongera

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, reba aho amasomo yo kwigisha ibisakuzo n'imigani migufi aherereye, uhitemo isomo rimwe urihereho utegura imfashanyigisho umwarimu yakenera mu kwigisha aya masomo, ugaragaze ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo umwarimu yavugaho kandi ugaragaze uko isuzumabushobozi ryakorwa.

IX.9. Amakuru y'inyongera

Mu gihe cyo gutanga ubujyanama ngarukirane, umwarimu yasaba umunyeshuri wigishije n'undi umwe wakurikiranye isomo kwicara imbere bakabaterera intebe bagakina bigana umuyobozi n'umwarimu wasuwe. Abanyeshuri bashobora gutegura amasomo yabo bifashishije mudasobwa mu rwego rwo kwimakaza ikoranabuhanga. Umwarimu kandi yabashishikariza gushaka ibindi bitabo n'izindi mfashanyigisho bakenera babikuye ku mbuga nkoranyambaga zinyuranye.

UMUTWE WA CUMI:

IMYIGISHIRIZE Y' INDIRIMBO N'IKINAMICO

X.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gutegura no kwigishanya isomo ryo gufatisha mu mutwe indirimbo no kuyiririmba.
- Gutegura no kwigishanya isomo ryo gufatisha mu mutwe ikinamico no kuyikina.

X.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba asanzwe yiga indirimbo kuva mu mashuri abanza kandi abanyeshuri banshi usanga ari abaririmbyi mu makorari atandukanye. Uyu munyeshuri aba azi indirimbo zitandukanye ku nsanganyamatsiko zinyuranye, bikazamufasha kubona indirimbo ziri ku kigero cy'abanyeshuri yabigisha. Ku bijyanye n'uburyo bukoreshwa mu kwigishwa indirimbo asanzwe abona uko bazigisha. Ibi byose azabiheraho bimufashe kumva neza ibikubiye mu masomo ari muri uyu mutwe.

X.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa cumi maze basubize ibibazo bihari.
- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Soma agakuru gakurikira hanyuma usubize ibibazo byakabajijweho

Itoero ry'abana b'i Muhumuro ryiga indirimbo kabiri mu cyumweru. Iyo bahageze umutoza wabo ahita abaririmbya indirimbo yateguye, na bo bakayisubiramo nka gatatu cyangwa kane bagataha. Umunsi umwe uyu mutoza yashatse guhitamo abaririmbyi cumi na batanu azajyana mu marushanwa. Umutoza yasabaga buri muririmbyi kuvuga amagambo y'indirimbo mbere yo kuyiririmba hanyuma akayiririmba

wenyine abandi bamuteze amatwi. icyo yabonye ni uko kuvuga amagambo y'indirimbo, abaririmbyi bose byarabananiye naho kuririmba, abaririmbyi babiri ni bo bonyine babishoboye.

1. Uratekereza ko ari iyihe mpamvu abaririmbyi batazi amagambo y'indirimbo?
2. Ni ukubera iki se kuririmba indirimbo yose buri wese ku giti ke byabananiye kandi iyo bari mu kivunge bayiririmba?
3. Uyu mutoza yafata izihe ngamba zatuma abaririmbyi be bakora umwitozo nk'uyu ubutaha?

Urugero rw'ibisubizo

a) Uratekereza ko ari iyihe mpamvu abaririmbyi batazi amagambo y'indirimbo?

Abaririmbyi ntibazi amagambo y'indirimbo kuko nta na rimwe bigeze bahabwa umwanya wo kuyamenya ahubwo batangiriraga ku majwi yayo.

b) Ni ukubera iki se kuririmba indirimbo yose buri wese ku giti ke byamunaniye kandi iyo bari mu kivunge bayiririmba?

Kuririmba mu kivunge barabishoboraga kuko bagenderaga ku bandi, bigaragara ko itsinda ryose ryagenderaga kuri bariya babiri.

c) Uyu mutoza yafata izihe ngamba zatuma abaririmbyi be bakora umwitozo nk'uyu ubutaha?

Uyu mutoza mbere yo kuririmba agomba kubanza kubwira abaririmbyi be amagambo y'indirimbo bagiye kwiga akabona kubabwira amajwi yayo, agomba kandi kujya aha abaririmbyi amahirwe yo gusubiramo buri wese ku giti ke, cyangwa itsinda rito kugira ngo amenye abafite ibibazo bafashwe na bo kubaka ubushobozi bukenewe.

Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

X.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa cumi

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y' indirimbo Inshoza y'indirimbo Intambwe zo kwigisha indirimbo	- Kurondora no gusobanura zo kwigisha indirimbo	Iminota 80
2	Imyitozo nyiganasomo	- Gutegura no kwigisha isomo ry'indirimbo.	Iminota 40
3	Imyigishirize y'ikinamico Inshoza y'ikinamico Intambwe zubahirizwa zo kwigisha ikinamico.	- Gutahura intambwe zo kwigisha ikinamico.	Iminota 80
4	Imyitozo nyiganasomo	- Gutegura no kwigisha ikinamico.	Iminota 40
5	Umwitozo w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		
6	Isuzuma risoza umutwe wa cumi		

X.5. Imbonezamasomo

X.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y' indirimbo

Intego zihariye
- Kurondora no gusobanura zo kwigisha indirimbo
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho y'iyigayigisha ry'lkinyarwanda mu mashuri nderabarezi
- Integanyanyigisho y'lkinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'lkinyarwanda
- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'lkinyarwanda

- Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza.
- Ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'mashuri abanza.
- Integwamatwi y'indirimo

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'indirimo hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, sobanura inshoza y'indirimo, ugaragaze n'intambwe zo kwigisha indirimo mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'indirimo

Indirimo ni igihangano cy'ubuvanganzo kigizwe n'amagambo anyuzwa mu majwi ya muzika ku buryo buryoheye amatwi, hagamijwe gutanga ubutumwa, kwidagadura no gushimisha abantu. Indirimo ishobora kuba igiye umujyo umwe cyangwa ikaba igizwe n'inyikirizo n'ibitero. Kwigisha indirimo bifite akamaro kuko bitoza abanyeshuri kugorora amajwi ku buryo bunogeye amatwi, gufata mu mutwe no guseruka imbere y'abandi. Mu ndirimbo kandi haba hakubiyemo ubutumwa bugera ku wiga indirimo ariko na we igihe ayiririmba akabugeza ku bamwumva. Amagambo y'indirimo akoze umwandiko na wo wigishwa nk'iyindi myandiko. Ariko uwo mwandiko wo ukaba ushobora kugira umwihariko wo kuririmbwa.

b) Intambwe zo kwigisha indirimo

Hari uburyo bubiri bwakoreshwa mu kwigisha indirimo: kuririmbira rimwe indirimo yose no kuririmba interururo imwimwe y'indirimo.

Kuririmbira rimwe indirimo yose

Ubu buryo bukoreshwa ku ndirimbo zoroshye kandi ngufi

Uko bikorwa:

Gusoma umwandiko w'indirimo cyangwa kuvuga indirimo mu magambo (ku bana bato bataramenya gusoma) no gusobanura amagambo akomeye.

Umwarimu aririmba indirimo yose abanyeshuri bateze amatwi.

Umwarimu afatanye n'abanyeshuri kuririmba indirimo yose.

Abanyeshuri baririmba bonyine indirimo yose.

Umwarimu agenda akosora aho baririmba nabi akabasubiramo aho biri ngombwa kandi afasha abafite ibibazo byihariye.

Kuririmba interuro imwimwe y'indirimo

Ubu buryo bukoreshwa cyane ku ndirimbo ndende ugereranije n'ikigero cy'abanyeshuri, aho umwarimu agenda yigisha agace ku gace kugeza igihe abanyeshuri bafatiye indirimo yose.

Uko bikorwa:

Gusoma umwandiko w'indirimo cyangwa kuvuga indirimbo mu magambo (ku bana bato bataramenya gusoma) no gusobanura amagambo akomeye.

Umwarimu abanza kuririmba indirimbo yose ku nshuro ya mbere.

Umwarimu agenda aririmba interuro imwe cyangwa agace kamwe abanyeshuri bagasubiramo.

Umwarimu aririmba agace gakurikiyeho abanyeshuri bagasubiramo.

Mbere yo kuririmba agace ka gatatu babanza gufatanya tubiri twa mbere, umwarimu akaturirimba abanyeshuri bagasubiramo.

Bikomeza bityo agace kamaze kwigwa gafatanywa n'uduce twarangiyeye kugeza indirimbo yose irangiye.

Umwarimu aririmba hamwe n'abanyeshuri indirimbo yose.

Abanyeshuri baririmba bonyine indirimbo yose umwarimu agenzura aho bagifite ingorane, akabakosora kandi agafasha abafite ibibazo byihariye.

c) Amasomo y'indirimo mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri abanza

Indirimbo zirakenerwa cyane mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize ku bana bato zifasha mu myanya y'induhura ariko zishobora no kwigishwa nk'ibyigwa mu biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Mu bitabo by'Ikinyarwanda by'umunyeshuri indirimbo zigaragaramo kuva mu mwaka wa kabiri kugera mu mwaka wa gatandatu.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Ni akahe kamaro ko kwigisha abanyeshuri indirimbo?

Kwigisha indirimbo bitoza abanyeshuri kugorora amajwi ku buryo bunogeye amatwi, gufata mu mutwe no guseruka imbere y'abandi. Bifasha abanyeshuri kwakira ubutumwa bukubiye mu ndirimbo bugera ku wiga indirimbo ariko na we igihe ayiririmba akabugeza ku bamwumva.

b) Tandukanya uburyo bubiri bwo kwigisha indirimbo ushingiyeye ku ntambwe zabwo.

- Kuririmba rimwe indirimbo yose: ubu buryo bukoreshwa ku ndirimbo zoroshye kandi ngufi. Umwarimu akaririmba indirimbo yose akayisubiranamo n'abanyeshuri, hanyuma bagasigara baririmba bonyine.
- Kuririmba interuro imwimwe y'indirimo: ubu buryo bukoreshwa cyane ku ndirimbo ndende ugereraniye n'ikigero cy'abanyeshuri, aho umwarimu agenda yigisha agace ku kandi kugeza igihe abanyeshuri bafatiye indirimbo yose.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa cumi.

Ikibazo k'igikorwa

Igikorwa cya 2

Ifashisha integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'indirimo ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikwiye. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjizemo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

X.5.2. Isomo rya kabiri: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gutegura no kwigisha isomo ry'indirimo- Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, mu mwaka wa gatatu, uwa kane n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa cumi.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'indirimo, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo. Nyuma yo kwigishanya mu matsinda matomato, witegure kuryigisha ishuri ryose.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'indirimo rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

X.5.3 Isomo rya gatatu: Imyigishirize y'ikinamico

Intego zihariye
<ul style="list-style-type: none">- Gutahura inshoza y'ikinamico n'intambwe zo kuyigisha.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda ibyiciro byombi by'amashuri abanza- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda.- Igitabo k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda cy'umwarimu.- Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda n'iby'umunyeshuri mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Sobanura intambwe zikurikizwa mu gihe higishwa indirimbo hakoreshejwe uburyo bwo kuririmba rimwe indirimbo yose.

Babanza gusoma umwandiko w'indirimbo cyangwa kuvuga indirimbo mu magambo (ku bana bato bataramenya gusoma) no gusobanura amagambo akomeye. Hanyuma umwarimu akaririmba indirimbo yose abanyeshuri bateze amatwi. Umwarimu agafatanya n'abanyeshuri kuririmba indirimbo yose. Noneho Abanyeshuri bakaririmba bonyine indirimbo yose. Umwarimu agenda mu ishuri abakosora aho baririmba nabi akabasubiramo aho biri ngombwa kandi agafasha abafite ibibazo byihariye

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ryikinamico, hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ibibazo cyo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi.
- Gendagenda mu ishuri ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, sobanura sobanura inshoza y'ikinamico, intambwe zo kwigisha ikinamico unagaragaze aho amasomo y'ikinamico n'indirimbo yigishwa mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'ikinamico

Ikinamico ni umwandiko ushingiyeye ku iyakuranwa ry'amagambo ku banyarubuga batandukanye. Ni umukino ugamije kwigisha no kwidagadura, higanwa imico, imyifatire n'imigirire y'abantu ya buri muni. Umwandiko w'ikinamico ukorwaho imyitozo itandukanye, harimo n'uko kuyifata mu mutwe no kuyikinira mu ruhame bahuza imvugo n'ingiro.

b) Intambwe zubahirizwa mu gufata mu mutwe no gukina ikinamico

Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza gufata ikinamico mu mutwe bishobora gukorerwa mu ishuri ku dukinamico tugufi kandi tugizwe n'abakinnyi bake. Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, abanyeshuri bashobora gusoma ikinamico ndende. Nyuma yo kuyisoma no kuyisesengura abanyeshuri bashyirwa mu matsinda buri wese agahabwa inshingano n'umunyarubuga agomba gukina, akajya asoma ibimureba wenyine ndetse akabifata mu mutwe nyuma akabikina afatanyije n'abandi.

Dore intambwe zakurikizwa:

- Kujya mu matsinda bagasoma kenshi buri nyishyu mu mvugiro yayo bakuranwa nk'uko bakurikirana.
- Kuvuga kenshi ntaho basoma kandi bagerageza guhuza imvugo n'ingiro ariko hari umuntu ufite inyandiko akurikirana imvugo ya buri mukinyi akamwibutsa igihe bimusobye.
- Gusimburanya amatsinda agenda akinira imbere y'abandi.

c) Amasomo y'ikinamico n'indirimbo byigishwa mu mashuri abanza

Mu mashuri abanza guhera mu mwaka wa mbere abanyeshuri bakora ibikorwa byo gukina bigana ibivugwa mu nkuru ariko n'imyandiko y'ikinamico na irateganyijwe kuva kuva mu mwaka wa gatatu kugeza mu mwaka wa gatandatu.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

1. Ni akahe kamaro ko kwigisha abanyeshuri ikinamico?

Ikinamico ifasha abantu kwidagadura, higanwa imico, imyifatire n'imigirire y'abantu ya buri muni ariko ikaba ifite inyigisho itanga. Ikinamico ifasha abanyeshuri gufata mu mutwano gukinira mu ruhame bahuza imvugo n'ingiro.

2. Garagaza intambwe zo gufatisha mu mutwe ikinamico.

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda bagasoma kenshi buri nyishyu mu mvugiro yayo bakuranwa nk'uko bakurikirana. Basubiramo kenshi ntaho badasoma kandi bagera guhuza imvugo n'ingiro ariko hari umuntu ufite inyandiko akurikirana imvugo ya buri mukinyi akamwibutsa igihe bimusobye. Hanyuma bagatangira gukinira mu ruhame basimburana itsinda ku rindi.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 5 cy'umutwe wa cumi.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 5

Ifashisha integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'ikinamico ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikwiye. Tegura imfashanyigisho zikenewe zagufasha kwigisha neza isomo ryawe.

X.5.4. Isomo rya kane: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
- Gutegura no kwigisha ikinamico - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo ryigishijwe.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu n'uwa kane, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu mu mwaka wa gatatu n'uwa kane.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuko ikigamijwe ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buzeguha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa kenda.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ikinamico, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ingingo nsanganyamasomo zikenewe

muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo. Nyuma yo kwigishanya mu matsinda matomato, witegure kuryigisha ishuri ryose.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikinamico rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu. Hanyuma ubahe umukoro wo mu mwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

X. 5.5. Umwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitoto wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitoto awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitoto:

Wifashishije integanyanyigisho n'ibitabo by'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, tahura amasomo y'ikinamico n'indirimbo ari mu mwaka wa kabiri kugeza ku mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, hitamo rimwe uritegurire wuzuza neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishe bagenzi bawe nurangiza umwe muri bo aguhe ubujyanama ngarukirane.

X. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye intambwe zo kwigisha indirimbo n'ikinamico. Ndetse tubona n'akamamaro ko kwigisha izi ngeri z'ubuvanganzo. Muri uyu mutwe twateguye kandi twigishanya amasomo y'indirimbo n'ikinamico, duhabwa n'ubujyanama ngarukirane.

X.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumi

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitoto nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Sobanura intambwe zikurikizwa mu gufatisha mu mutwe ikinamico.

Umwarimu ashya abanyeshuri mu matsinda bagasoma kenshi buri nyishyu mu mvugiro yayo bakuranwa nk'uko bakurikirana. Basubiramo kenshi ntaho badasoma kandi bagerageza guhuza imvugo n'ingiro ariko hari umuntu ufite inyandiko akurikirana imvugo ya buri mukinyi akamwibutsa igihe bimusobye. Hanyuma bagatangira gukinira mu ruhame basimburana itsinda ku rindi.

2. Wifashishije isomo ry'indirimbo cyangwa ikinamico wateguye mu mwitoto w'ubushobozi ngiro, igisha bagenzi bawe, winjizamo ingingo nsanganyamasomo kandi ukoresha imfashanyigisho wateguye.

X.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

X.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

Himba indirimbo yoroshye wakwigisha abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza ku nsanganyamatsiko y'ikinyabupfura, utegure isomo ryo kuyigisha hanyuma uzayigishe bagenzi bawe.

X.8.2 Imyitozo nyagurabushobozi

Himba ikinamico yoroshye wakwigisha abanyeshuri bo mu mwaka wa kane w'amashuri abanza ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, utegure isomo ryo kuyigisha hanyuma uzayigishe bagenzi bawe.

X.9. Amakuru y'inyongera

Ibindi byakenerwa ku myigishirize y'indirimbo, hashobora no kwifashishwa lyigayigisha rya muzika mu ishami ry'imbenezamubano habonekamo amakuru yisumbuye kuri aya. Naho ku bijyanye n'ikinamico bishobora kuboneka mu bitabo bitandukanye by'Ikinyarwanda byo mu mashuri yisumbuye mu mashami y'indimi.

**UMUTWE WA CUMI
NA RIMWE:**

IMYIGISHIRIZE Y'INYANDIKO ZITANDUKANYE

XI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigishanya amasomo ku nyandiko zitandukanye

XI.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yarasomye inyandiko zitandukanye mu bikorwa binyuranye byo kwiga ururimi.

Kuva mu mashuri abanza, umunyeshuri ugiye kwiga ibiri muri uyu mutwe yakoze ibikorwa binyuranye byo kwandika inyandiko zitandukanye. Ibi bikorwa bigaragara mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere mu mwaka wa gatatu, umutwe wa karindwi, aho umunyeshuri akura ubushobozi bwo kwandika ibarwa isanzwe yubahiriza imiterere yayo. Mu mwaka wa gatandatu, mu mutwe wa gatandatu naho habamo ibikorwa nk'ibi. Kwandika umwirondoro n'amatangazo na byo tubisanga mu ri uyu mwaka wa gatandatu mu mutwe wa gatanu. Mu myitozo inyuranye, umunyeshuri yakoze yungutse ubumenyi bwinshi bujyanye n'ibyo agiye kwiga. Ndetse no mu kiciro rusange yize kwandika ibaruwa no gukora umwirondoro.

XI.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na rimwe maze basubize ibibazo bihari.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Nimungire inama

Nataye ibyangombwa birimo indangamuntu ngiye kuri banki kubikuzza amafaranga yo kwishyura serivisi z'Irembo ngo nge gusaba akazi. Nakora iki ngo mbone indangamuntu yange?

- 1. Ugisha inama ni inshuti yawe. Mubwire icyo yakora ngo abibone.*
- 2. Ni gute wakwigisha umunyeshuri wo mu mashuri abanza kwandika itangazo, umwirondoro, inyandikomvugo n'ibaruwa.*
 - Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
 - Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XI.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa cumi na rimwe

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y'inyandiko zitandukanye - Inyandiko zigishwa mu mashuri abanza - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ibaruwa, umwirondoro n'amatangazo	- Kurondora no gusobanura imiterere y'inyandiko zinyuranye zigishwa mashuri abanza. - Kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa inyandiko zinyuranye.	Iminota 80
2	Imyitozo nyiganasomo	- Kwigisha isomo ry'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro.	Iminota 40
3	Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri		Iminota 40
4	Isuzuma risoza umutwe wa cumi na rimwe		Iminota 40

XI.5. Imbonezamasomo

XI.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y'inyandiko zitandukanye

Intego zihariye
- Kurondora no gusobanura imiterere y'inyandiko zinyuranye zigishwa mashuri abanza. - Kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa inyandiko zinyuranye.
Imfashanyigisho
- Integanyanyigisho y'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda mu mashuri nderabarezi - Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza - Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. - Amabaruwa, amatangazo n'umwirondoro.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ibaruwa/itangazo/umwirondoro hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na rimwe.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku isomo ntangarugero witegereje, tanga inshoza y'ibaruwa, umwirondoro n'itangazo ugaragaze n'intambwe zikurikizwa mu kubyigisha.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inyandiko zigishwa mu mashuri abanza

Mu mashuri abanza kuva mu mwaka wa gatatu kugeza mu mwaka wa gatandatu higwamo amasomo ajyanye n'inyandiko zitandukanye zirimo ibaruwa, amatangazo, inyandikomvugo n'umwirondoro.

Ibaruwa

Ibaruwa ni urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yoherereza undi batari kumwe. Hari ibaruwa isanzwe n'ibaruwa y'ubuyobozi. Ibaruwa y'ubuyobozi igira ibice biyigize n'imiterere yihariye. Aho bitandukanira n'ibaruwa isanzwe, ya gicuti ni uko ibaruwa y'ubuyobozi iba ngufi kandi ikavuga iby'ingenzi ntirongore cyangwa ngo ishyirwemo ingingo zidakenewe.

Kwigisha kwandika ibaruwa bifite akamaro kubera ko bizamura ubushobozi bw'abanyeshuri bwo kwandika ibaruwa bubahiriza ibiyiranga, bityo bakabasha gutanga ubutumwa mu buryo bunoze no kubugeza ku bandi batari kumwe.

Umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko igaragaza amakuru yose yerekeye ku muntu. Umwirondoro ushobora guherekeza ibaruwa isaba akazi, isaba amashuri, amahugurwa n'ibindi. Umwirondoro ufasha kumenya amakuru y'ingenzi n'ubushobozi uwanditse afite.

Amatangazo

Amatangazo ni inyandiko ngufi ziba zigamije kugira ubutumwa zitanga ku bo zandikiwe cyangwa zitangarizwa. Ubu butumwa butandukana bitewe n'ubwoko bw'itangazo ni ukuvuga impamvu ituma uwandika aryandika. Ni yo mpamvu amoko y'amatangazo ashingira ku mpamvu zayo. Hari amatangazo abika, amatangazo amenyeshya, amatangazo arangisha n'amatangazo yamamaza.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ibaruwa, umwirondoro, inyandikomvugo n'amatangazo

Mu kwigisha ibaruwa, umwirondoro, amatangazo hakurikizwa intambwe zikurikira:

Gutahura inshoza n'uturango

Gusoma umwandiko fatizo no kubaza ibibazo biganisha ku gutahura iyo nyandiko n'ibiyiranga.

Kwakira ibisubizo akabinoza, akabwira abanyeshuri igisobanuro k'inyandiko n'ibiyiranga.

Kuvugira hamwe n'abanyeshuri igisobanuro k'inyandiko n'ibiyiranga.

Gusaba abanyeshuri gusubiramo ku giti cyabo igisobanuro k'iyonyandiko n'ibiyiranga.

Kwandika

Kwibukiranya ibice bigize inyandiko yigwa.

Kwandika inyandiko bubahiriza imbata yayo n'amategeko y'imyandikire.

Gukosora

Mu gukosora, umwarimu yibanda ku bice by'ingenzi by'inyandiko, ireme ry'ibitekerezo, amategeko y'imyandikire, isuku n'imigaragarire.

Iyo umwarimu amaze gukosora, agomba kugaragariza abanyeshuri ibyo bagomba kunoza, akabaha n'inama z'uko babinoza. Abagaragaje ubushobozi buke, agomba kubategurira indi mikoro. Gukosora bishobora gukorwa nyuma y'isomo.

XI.2.3. Ahagaragara amasomo y'inyandiko zitandukanye mu mashuri abanza

Inyandiko zitandukanye zigishwa mu mashuri abanzi zitangirira mu mwaka wa gatatu, aho dusanga ibaruwa n'umwirondoro, mu mwaka wa gatanu bakiga ibaruwa no mu mwaka wa gatandatu bakiga ibaruwa, umwirondoro n'amatangazo.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Soma neza ibiri mu mbonerahamwe, uhuze ijambo, igisobanuro n'akamaro

Ijambo		Igisobanuro		Akamaro	
1	Ibaruwa	a	Ni inyandiko ngufi ziba zigamije kugira ubutumwa zitanga ku bo zandikiwe cyangwa zitangarizwa. Ubu butumwa butandukana bitewe n'ubwoko bwabwo ni ukuvuga impamvu ituma uwandika abwandika	i	Ufasha kumenya amakuru y'ingenzi, ubushobozi afite n'imyitwarire ye.
2	Itangazo	b	Ni inyandiko igaragaza amakuru yose yerekeye ku muntu. Ishobora guherekeza ibaruwa isaba akazi, isaba amashuri, amahugurwa n'ibindi.	ii	Bizamura ubushobozi bw'abanyeshuri bwo kuyandika bubahiriza ibiyiranga, bityo bakabasha gutanga ubutumwa mu buryo bunoze no kubugeza ku bandi batari kumwe.
3	Umwirondoro	c	Ni urupapuro rwanditseho ubutumwa umuntu yoherereza undi batari kumwe. Hari urusanzwe n'urw'ubuyobozi.	iii	Bituma abantu barangisha, bamenyesha, batanga ubutumwa, baranga, bamamaza.

1=c=ii, 2=a=iii, 3=b=i

2. Sobanura ibikorwa mu kwigisha inyandiko zitandukanye mu mashuri abanza mu gice cyo kwandika n'icyo gukosora.

Mu kwandika

- Kwibukiranya ibice bigize inyandiko yigwa.
- Kwandika inyandiko bubahiriza imbata yayo n'amategeko y'imyandikire.

Mu gukosora

- Umwarimu yibanda ku bice by'ingenzi by'inyandiko, ireme ry'ibitekerezo, amategeko y'imyandikire, isuku n'imigaragarire.
- Iyo umwarimu amaze gukosora, agomba kugaragariza abanyeshuri ibyo bagomba kunoza, akabaha n'inama z'uko babinoza. Abagaragaje ubushobozi buke, agomba kubategurira indi mikoro. Gukosora bishobora gukorwa nyuma y'isomo.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa cumi na rimwe.

Ikibazo k'igikorwa

Igikorwa cya 2

Ifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'ibaruwa, amatangazo, inyandikomvugo cyangwa umwirondoro ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjizemo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

XI.5.2. Isomo rya kabiri: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ry'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, ibitabo by'umunyeshuri by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu, uwa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, mu mwaka wa gatatu, uwa kane n'uwa gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya **3** cyo mu mutwe wa cumi na rimwe.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo. Nyuma yo kwigishanya mu matsinda matomato, witegure kuryigisha ishuri ryose.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

XI. 5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho n'ibitabo by'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, tahura amasomo y'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro ari mu mwaka wa kabiri kugeza ku mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, hitamo rimwe uritegurire wuzuza neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishe bagenzi bawe nurangiza umwe muri bo aguhe ubujyanama ngarukirane.

XI. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi na rimwe

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi na rimwe, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye intambwe zo kwigisha ibaruwa, amatangazo n'umwirondoro. Muri uyu mutwe twateguye kandi twigishanya amasomo y'ibaruwa, amatangazo n'umwirondoro, duhabwa n'ubujyanama ngarukirane.

XI.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumi na rimwe

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

1. Sobanura uko wakwigisha abanyeshuri bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza amasomo y'ibaruwa, amatangazo cyangwa umwirondoro.

Babanza gutahura inshoza n'uturango, bagakurikizaho kwandika hanyuma bagakosora.

2. Wifashishije isomo ry'ibaruwa, umwirondoro cyangwa itangazo wateguye mu mwitozo w'ubushobozi ngiro, igisha bagenzi bawe, winjizamo ingingo nsanganyamasomo kandi ukoresha imfashanyigisho wateguye.

XI.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XI.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

Mwifashishe, integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, igisha bagenzi bawe isomo ryo kwandika amatangazo, winjizamo ingingo nsanganyamasomo kandi utegure n'imfashanyigisho zikwiye.

XI.8.2 Imyitozo nyagurabushobozi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, reba aho amasomo yo kwigisha ibaruwa, itangazo n'umwirondoro ari, uhitemo isomo rimwe urihereho utegura imfashanyigisho umwarimu yakenera mu kwigisha aya masomo, ugaragaze ingingo nsanganyamasomo umwarimu yavugaho n'ubushobozi bwatezwa imbere mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize, ugaragaze n'uko isuzumabushobozi ryakorwa.

XI.8.3 Imyitozo y'inyongera

Wifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, igisha bagenzi bawe isomo ryo kwandika umwirondoro, winjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo kandi mutegure n'imfashanyigisho zikwiye.

Wifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, igisha bagenzi bawe isomo ryo kwandika ibaruwa, winjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo kandi mutegure n'imfashanyigisho zikwiye.

XI.9. Amakuru y'inyongera

Ibindi bisobanuro byimbitse ku myigishirize y'imyandiko itandukanye, umwarimu yakwibutsa abanyeshuri ko hakoresha ikoranabuhanga cyane kuri izi nyandiko. Bityo ni ngombwa kubashishikariza gusura imbuga zinyuranye zivuga ku nyandiko zitandukanye. Urugero serivise z'irembo abantu benshi barazikenera kandi bisaba kuba umuntu azi ikorana buhanga. Kubijyane n'ibaruwa n'umwirondoro nawo, akenshi byandikwa hifashishijwe mudasoby. Byaba byiza buri wese afite umwirondoro ubitse kuri murandasi kugirango age awubonera igihe awushakiye cyose.

XII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gutegura no kwigishanya isomo ry'ikiganiro mpaka n'iryo kungurana ibitekerezo.

XII.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, asanzwe yiga Ikiyariwanda kandi yagiye ahura n'insanganyamatsiko zimusaba gukora ibiganiro mpaka na bagenzi be mu kiciro rusange ndetse imyitozo y'ibiganiro mpaka no gutanga ibitekerezo yarayikoze mu mashuri abanza. Asanzwe kandi yitabira ibiganiro mpaka bibera mu mashuri ku nsanganyamatsiko zitandukanye. Ubu bumenyi afite buzamufasha kurushaho gusobanukirwa ibijyanye n'ibiganiro mpaka ndetse n'uburyo buboneye bwo gutanga ibitekerezo kandi amenye n'uburyo bwo kwigisha amasomo ajyanye na byo.

XII.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kabiri maze basubize ibibazo bihari.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Igikorwa cy'umwinjizo

Itegereze iyi shusho iragaragaza abantu bari mu kiganiro mpaka.



1. Vuga uko wakwita buri tsinda muri aya matsinda ari mu kiganiro mpaka, uvuge n'inshingano za buri tsinda.
2. Sobanura intambwe wakurikiza ugiye kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka cyangwa iryo kungurana ibitekerezo mu mashuri abanza.
 - Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
 - Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XII.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa cumi na kabiri

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y' ikiganiro mpaka <ul style="list-style-type: none">- Inshoza y'ikiganiro mpaka- Intambwe zo kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka- Amasomo yigishwamo ikiganiro mpaka mu mashuri abanza	Gutanga ishoza y'ikiganiro mpaka no kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa ikiganiro mpaka.	Iminota 80
2	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka.	
3	Imyigishirize y'amasomo yo kungurana ibitekerezo <ul style="list-style-type: none">- Igisobanuro k'isomo ryo kungurana ibitekerezo- Intambwe zikurikizwa mu isomo ryo gutanga ibitekerezo- Amasomo yigishwamo kungurana ibitekerezo mu mashuri abanza	Gutanga inshoza yo kungurana ibitekerezo no kugaragaza intambwe zakurikizwa higishwa isomo ryo kungurana ibitekerezo.	Iminota 80
4	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha isomo ryo kungurana ibitekerezo.	Iminota 40
5	Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri		Iminota 40
6	Isuzuma risoza umutwe wa cumi na kabiri		Iminota 40

XII.5. Imbonezamasomo

XII.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y' ikiganiro mpaka

Intego zihariye
Gutanga ishoza y'ikiganiro mpaka no kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa ikiganiro mpaka.
Imfashanyigisho <ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri.- Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ikiganiro mpaka hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kabiri.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uhereye ku isomo ryo witegereje ryo kwigisha ikiganiro mpaka, sobanura icyo ikiganiro mpaka ari cyo kandi ugaragaze n'intambwe zikurikizwa mu kuryigisha.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro gihuza impande ebyiri zihanganye ku nsanganyamatsiko runaka. Uruhande rumwe rushyigikira ingingo yatanzwe, urundi ruhande rukayivuguruzwa.

Bene icyo kiganiro kiba kiyobowe n'umwarimukandi buri ruhande ruba ruhatanira guhiga urundi mu gutanga ibitekerezo neza. Ibyo bigatuma buri ruhande rutsimbarara ku murongo w'ibitekerezo rwahisemo. Mu biganiro mpaka abantu birinda kujya impaka za ngo turwane, iyo uvuguruzwa igitekerezo cya mugenzi wawe ubikora mu kinyabupfura haba mu mvugo ndetse no mu bimenyetso ukora.

b) Intambwe zo kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka

Mu kwigisha ikiganiro mpaka hakurikizwa izi intambwe:

Mbere y'ikiganiro

Umwarimu ashaka insanganyamatsiko igibwaho impaka akayibwira abanyashuri. Areba abayishyigikiye akabashyira mu ruhande rumwe n'abatayishyigikiye bakajya ku rundi ruhande. Nyuma yo kubona amatsinda abiri, umwarimu aha ayo matsinda umwanya wo kungurana ibitekerezo byubakiye ku ruhande barimo.

Mu gihe k'ikiganiro

Iyo igihe cyahawe amatsinda cyo gutegura kirangiye hatangira umwanya wo gutanga ibitekerezo. Umwarimu abanza kubibutsa mu buryo bwihuse indangagaciro bagenderaho mu gutanga ibitekerezo ari zo: kubaha abandi, gutega amatwi, kwiyubaha no gushyigikira bagenzi be, kudasakuza, kuvuga ari uko ahawe ijambo, kureka n'abandi basangiye itsinda bagatanga ibitekerezo nta kwiharira ijambo, kwirinda imvugo nyandagazi, kuvuga mu ijwi riranguruye kandi ntahuzagurike mu mvugo, akanigirira ikizere mu byo avuga.

Umwarimu agenda atanga ijambo ku matsinda y'abayishyigikiye insanganyamatsiko basimburana n'abatayishyigikiye umwumwe kuri buri ruhande, kandi asimburanya abahungu n'abakobwa, bagatanga ibitekerezo byabo cyangwa bakajora ibyo bagenzi babo bahanganye batanze.

Umwarimu abafasha gusozza ikiganiro aha buri ruhande umwanya wo gutanga umwanzuro warwo, rwibutsa ibitekerezo rwatanze.

Nyuma y'ikiganiro

Umwarimu ashimira buri wese uruhare yagize, kandi agatanga umwanzuro ku by'ingenzi basigarana kuri icyo nsanganyamatsiko.

c) Aho amasomo y'ikiganiro mpaka aboneka mu mashuri abanza

Integanyanyigisho y'ikinyarwanda iteganya ibiganiro mpaka mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza mumwaka wa gatandatu.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

1. Tanga igisobanuro k'ikiganiro mpaka.

Ni ikiganiro gihuza impande ebyiri zihanganye ku nsanganyamatsiko runaka. Uruhande rumwe rushyigikira ingingo yatanzwe, urundi ruhande rukayivuguruzwa.

2. Sobanura intambwe zikurikizwa mu kwigisha ikiganiro mpaka mu mashuri

abanza.

Mbere y'ikiganiro: abanyeshuri babwirwa insanganyamatsiko, bagashyirwa mu matsinda bitewe n'uko bayishyigikiye cyangwa batayishyigikiye, bakajya gukorera mu matsinda bashaka ibitekerezo bitewe n'uruhande bahagazeho.

Mu gihe k'ikiganiro: Umwarimu yibutsa indangagaciro bagenderaho mu gutanga ibitekerezo, akagenda atanga ijamba kuri buri ruhande bagatanga ibitekerezo byabo akanafasha mu gusoza ikiganiro aha buri ruhandeumwanya wo kwanzuro ku bitekerezo batanze.

Nyuma y'ikiganiro: Umwarimu ashimira buri wese uruhare yagize, anatanga umwanzuro ku by'ingenzi basigarana kuri icyo nsanganyamatsiko.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo k'igikorwa cya 2

Ifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa gatandatu, utegure isomo ry'ikiganiro mpaka ugendeye ku ntambwe zo kuryigisha. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikenewe.

XII.5.2. Isomo rya kabiri: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri cy'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa cumi na rimwe.

Igikorwa

Ugandeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ikiganiro mpaka, wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikiganiro mpaka rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

XII.5.3 Isomo rya gatatu: Imyigishirize y'amasomo yo kungurana ibitekerezo

Intego zihariye
Gutanga inshoza yo kungurana ibitekerezo no kugaragaza intambwe zakurikizwa higishwa isomo ryo kungurana ibitekerezo.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri.- Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu myaka yakane, gatanu na gatandatu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo ryabanje.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) ikiganiro mpaka ni iki?

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro gihuza impande ebyiri zihanganye ku nsanganyamatsiko runaka. Uruhande rumwe rushyigikira ingingo yatanzwe, urundi ruhande rukayivuguruzwa.

b) Ni izihe ntambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka?

Mbere y'ikiganiro: abanyeshuri babwirwa insanganyamatsiko, bagashyirwa mu matsinda bitewe n'uko bayishyigikiye cyangwa batayishyigikiye, bakajya gukorera mu matsinda bashaka ibitekerezo bitewe n'uruhande bahagazeho.

Mu gihe k'ikiganiro: Umwarimu yibutsa indangagaciro bagenderaho mu gutanga ibitekerezo, akagenda atanga ijamba kuri buri ruhande bagatanga ibitekerezo byabo akanafasha mu gusoza ikiganiro aha buri ruhande umwanya wo kwanzuro ku bitekerezo batanze.

Nyuma y'ikiganiro: Umwarimu ashimira buri wese uruhare yagize, anatanga umwanzuro ku by'ingenzi basigarana kuri icyo nsanganyamatsiko.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ryo kungurana ibitekerezo hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kabiri.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Uhereye ku isomo ryo gutanga ibitekerezo witegereje, vuga icyo gutanga ibitekerezo ari cyo, intambwe zikurikizwa mu kwigisha ayo masomo mu masahuri abanza, ugaragaze n'aho amasomo yogutanga ibitekerezo yigishwa mumashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Igisobanuro k'isomo ryo kungurana ibitekerezo

Kungurana cyangwa gutanga ibitekerezo ni igikorwa gishingira ku nsanganyamatsiko runaka cyangwa se ku bitekerezo byatanzwe n'abandi maze namwe mukavuga uko mubyumwa n'uko mubibona hatagamijwe guhangana no gutsimbarara ahubwo hagamijwe kuzuzanya no kunganirana.

b) Intambwe zikurikizwa mu isomo ryo gutanga ibitekerezo

Isomo ryo gutanga ibitekerezo ritangwa ku nsanganyamatsiko ifatiye ku mwandiko uba wasomwe kandi wanasesenguwe hanyuma rigakurikiza izi ntambwe:

Gusoma umwandiko: abanyeshuri bongera gusoma umwumwe mu ijwi riranguruye umwandiko wose.

Kujya impaka ku nsanganyamatsiko no kungurana ibitekerezo

Gusaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye mu bitabo byabo cyangwa ahandi yanditse.

Gusomera abanyeshuri insanganyamatsiko, kubasaba kuyitekerezaho ndetse no kuyibazaho ibibazo bituma barushaho kuyisobanukirwa neza.

Gushyira abanyeshuri mu matsinda kugira ngo bakusanye ibitekerezo kuri iyo nsanganyamatsiko.

Kubibutsa zimwe mu ngingo zavuzwe mu mwandiko na bo bagashaka izindi zijyanye n'insanganyamatsiko.

Kumurikira itsinda rigari ibitekerezo bayakusanyijwe, bikagibwaho impaka, bakabishungura, bakareba ibifite ireme n'ibitanozze.

Mu gihe abanyeshuri bamurika ibitekerezo byabo, umwarimu yita ku kureba uko abanyeshuri batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge.

c) Amasomo yigishwamo kungurana ibitekerezo mu mashuri abanza

Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza amwe mu masomo yigishwa ku mwandiko harimo isomo ryo kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zifatiye ku mwandiko wizwe. Ni isomo riha abanyeshuri urubuga bagatanga ibitekerezo byabo, bakavuga uko bumva ibintu n'uko babona byagenda.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

a) Vuga itandukaniro riri hagati yo gutanga ibitekerezo no kujya impaka.

Abatanga ibitekerezo baba bagamije kuvuga uko babona ibintu mu buryo bwo kunganirana no gufashanya naho kujya impaka buri wese aba ashaka kwemeza abandi ko ibitekerezo bye ari byo bifite ishingiro.

b) Garagaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ryo gutanga ibitekerezo mu mashuri abanza.

Kongera gusoma umwandiko hanyuma baja kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatazwe bahereye ku mwandiko.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 5 cy'umutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo k'igikorwa cya 5

Ifashisha integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ryo kungurana ibitekerezo ugendeye ku ntambwe zo kuryigisha. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

XII.5.2. Isomo rya kane: Imyitoto nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ry'ikiganiro mpaka.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri cy'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu, igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu k'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa cumi na kabiri.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 6

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitoto nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ryo kungurana ibitekerezo, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ikiganiro mpaka rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

4. Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo mu mwitoto w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

XII. 5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitoto awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho n'ibitabo by'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, tahura amasomo y'ibiganiriro mpaka n'ayo kungurana ibitekerezo ari mu mwaka wa kane kugeza ku mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, hitamo rimwe uritegurire wuzuza neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigisha bagenzi bawe.

XII. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi na kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi na kabiri, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, icyo ari ikiganiro mpaka ari cyo no kungurana ibitekerezo, twabonye intambwe zo kwigisha ibiganiro mpaka n'amasomo yo kungurana ibitekerezo, tunitoza kuyigisha duhana n'ubujyanama ngarukirane.

XII.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumi na kabiri

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro, ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ibibazo bikurika maze ubisubize.

1. Sobanura uko isomo ryo kungurana ibitekerezo ryigishwa.

Abanyeshuri barabanza bakongera gusoma umwandiko hanyuma bajya kungurana ibitekerezo mu matsinda ku nsanganyamatsiko yatazwe bahereye ku mwandiko.

2. Ifashishije umuteguro w'isomo wo kwigisha ikiganiro mpaka/ kungurana ibitekerezo wateguye mu mwitozo w'ubushobozi ngiro maze wigishe bagenzi bawe wita ku ngingo nsanganyamasomo kandi wifashishije imfashanyigisho zijyanye n'iryo isomo.

XII.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XII.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

Mwifashishije igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri by'umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, tegura kandi wigishe bagenzi bawe isomo ry'ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko wihitiyemo. Wibuke kwinjizamo ingingo n'ubushobozinsanganyamasomo no gutegura imfashanyigisho zikwiye.

XII.8.2 Imyitozo nyagurabushobozi

Ni izihe imfashanyigisho wakwifashisha ugiye kwigisha isomo ryo kujya impaka cyangwa kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ivuga ku buzima bw'imyorokere.

XII.8.3 Imyitozo y'inyongera

Shaka ingingo eshanu zishyigikira cyangwa zivuguruza iyi nsanganyamatsiko ikurikira.

“Gukoresha mudasobwa kuri buri munyeshuri birahagije ngo bizamure ireme ry'uburezi mu mashuri abanza.”

Wifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda Ikicro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri, igisha bagenzi bawe isomo ryo kwandika ibaruwa, winjizamo ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo kandi mutegure n'imfashanyigisho zikwiye.

XII.9. Amakuru y'inyongera

Andi makuru yakunganira inyigisho zatanzwe muri uyu mutwe ku biganiro mpaka yaboneka mu isomo

ry'Ikinyarwanda mu bitabo bigenewe amashami y'indimi mu mashuri yisumbuye. Mu gihe cyo gutanga ibitekerezo kandi si ngombwa gukoresha amatsinda buri gihe umwarimu ashobora no gukoresha uburyo by'isukiranyabitekerezo, hanyuma bakagira umwanya wo kubishungura bareba ibifite ireme kurusha ibindi. Ku rwego rw'ishuri abarimu n'abayobozi bakwiye kujya bateganya umwanya, abanyeshuri bakoramo ibiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko zateguwe. Abanyeshuri bakwiye kumenyerezwa no kugira uruhare mu biganiro nyunguranabitekerezo kugira ngo bazamure ubushobozi bwabo bwo gushishoza no gushakira ibibazo ibisubizo. Bikazabafasha nabo mu gihe bazaba bari kwigisha amasomo nk'aya y'ibiganiro mpaka no gutanga ibitekerezo mu mashuri abanza.

UMUTWE WA CUMI NA GATATU

IMYIGISHIRIZE Y'IHINAMWANDIKO N'IHANGAMWANDIKO

XIII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigishanya amasomo yo guhina no guhanga umwandiko

XIII.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yararangije amashuri abanza n'ikiciro rusange yarize isomo ry'Ikinyarwanda. Muri aya mashuri yose yanyuzemo yakoraga imyitozo itandukanye y'ihinamwandiko n'ihangamwandiko. Yagiye rero abona uko abarimu batandukanye bagiyeye bamukoresha uwo mwitozo. Ibindi bijyanye n'ibyo agiyeye kwiga muri uyu mutwe aba yarabyigiyeye mu mashuri abanza.

XIII.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy' umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kabiri maze basubize ibibazo bihari.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Igikorwa cy'umwinjizo

Itegereze iyi shusho usome n'amagambo ajyanye na yo maze usubize ibibazo byayibajijweho.



1. Inyandiko igaragara kuri iyi shusho iravuga ku ki?
2. Ni uwuhe muco uvugwa bagamije guteza imbere?
3. Ese uwo muco uteye ute mu muryango nyarwanda?
4. Hakorwa iki kugira ngo abana b'Abanyarwanda babyirukane uwo muco?
 - Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
 - Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XIII.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa cumi na gatatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Imyigishirize y'ihinamwandiko <ul style="list-style-type: none"> - Ihinamwandiko - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ihinamwandiko - Amasomo yo kwigisha ihinamwandiko mu mashuri abanza mu nteganyanyigisho y'amashuri abanza. 	Gutanga ishoza y'ihinamwandiko no kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa ihinamwandiko.	Iminota 80
2	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha isomo ry'ihinamwandiko.	
3	Imyigishirize y'ihangamwandiko <ul style="list-style-type: none"> - Inshoza y'ihangamwandiko - Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ihangamwandiko - Amasomo yo kwigisha ihangamwandiko mu mashuri abanza - Ingingo zikwiye kwitabwaho mu gihe abanyeshuri bandika interuro, umwandiko cyangwa inkuru 	Gutanga inshoza y'ihangamwandiko no kugaragaza intambwe zakurikizwa higishwa isomo ry'ihangamwandiko.	Iminota 80
4	Imyitozo nyiganasomo	Kwigisha isomo ry'ihangamwandiko.	Iminota 40
5	Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri		Iminota 40
6	Isuzuma risoza umutwe wa cumi na kabiri		Iminota 40

XIII.5. Imbonezamasomo

XIII.5.1 Isomo rya mbere: Imyigishirize y'ihinamwandiko

Intego zihariye
Gutanga ishoza y'ihinamwandiko no kugaragaza intambwe zikurikizwa higishwa ihinamwandiko.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none"> - Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikicro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri. - Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa gatatu, uwa kane n'uwa gatanu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ihinamwandiko hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumwise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Uherye ku isomo witegereje ryo kwigisha ihinamwandiko sobanura icyo ihinamwandiko ari cyo kandi ugagaraze n'intambwe zikurikizwa mu kuryigisha.

Uruger

a) Ihinamwandiko

Guhina umwandiko ni ukuvuga mu magambo make ibitekerezo cyangwa ingingo z'ingenzi ziri kuvugwa muri uwo mwandiko.

Umwandiko wigishwa mu mashuri abanza ushobora gukorwaho umwitozo wo kuvuga muri make ibivugwamo. Uyu mwitozo ubanzirizwa no gusesengura umwandiko ndetse no gushaka ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo; nyuma abanyeshuri bakawuvuga muri make bashingiye kuri za ngingo. Iyo nshamake ishobora gutangwa mu mvugo, mu nyandiko cyangwa se bigakorwa byombi. Nyuma yo kuvuga inshamake y'umwandiko buri munyeshuri ashobora gusabwa kuyandika mu mubare wimirongo yasabwe.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ihinamwandiko

Gusoma umwandiko: mbere yo guhina umwandiko abanyeshuri bongera bakawusoma umwumwe mu ijwi riranguruye.

Gushaka ingingo z'ingenzi

Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagahabwa ibibazo bibafasha gutahura ingingo z'ingenzi.

Kumurika ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho.

Kuvuga cyangwa kwandika inkuru muri make

Abanyeshuri bashobora guhina umwandiko bavuga cyangwa bandika muri make uwo mwandiko.

Iyo ari ukuvuga muri make umwandiko umwarimu aha abanyeshuri umwanya wo kuvuga inkuru muri make bashingiye kuri za ingingo z'ingenzi zatahuwe, bakayivuga nta ho bayisoma. Mu gihe abanyeshuri bavuga muri make, umwarimu agenda akosora imvugo yabo.

Iyo ari ukwandika muri make umwandiko, abanyeshuri bandika inshamake y'umwandiko mu makayi y'imyitozo maze umwarimu akabakosora yita ku ngingo z'ingenzi z'umwandiko, ireme ry'ibitekerezo, amategeko y'imyandikire, isuku n'imigaragarire.

c) Amasomo yo kwigisha ihinamwandiko mu mashuri abanza

Mu mwaka wa gatatu, uwa kane n'uwa gatanu higishwa amasomo y'ihinamwandiko.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo

Umwitoto

a) Vuga ibikorwa bibanziriza igikorwa cyo guhina umwandiko.

Mbere yo guhina umwandiko abanyeshuri babanza kuwusoma mu ijwi riranguruye hanyuma bagashaka ingingo zingenzi ziwugize arizo baheraho bakora inshamake yawo.

b) Ni ibihe bintu bine umwarimu agomba kwibandaho mu gihe akosora inshamake y'umwandiko wanditswe n'abanyeshuri?

Iyo umwarimu akosora inshamake z'abanyeshuri yibanda ku ngingo z'ingenzi z'umwandiko, ireme ry'ibitekerezo, amategeko y'imyandikire, isuku n'imigaragarire.

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 2 cy'umutwe wa cumi na gatatu.

Ikibazo k'igikorwa cya 2

Ifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'ihinamwandiko ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo.

XIII.5.2. Isomo rya kabiri: Imyitoto nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ry'ihinamwandiko.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri cy'Ikinyarwanda n'iby'umwarimu mu mwaka wa gatatu, uwa kane n'uwa gatanu y'amashuri abanza.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 3 cyo mu mutwe wa cumi na gatatu.

Igikorwa

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitoto nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ihinamwandiko, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ihinamwandiko rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.

XIII.5.3 Isomo rya gatatu: Imyigishirize y'ihangamwandiko

Intego zihariye
Gutanga inshoza y'ihangamwandiko no kugaragaza intambwe zakurikizwa higishwa isomo ry'ihangamwandiko.
Imfashanyigisho
<ul style="list-style-type: none">- Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda ikiciro cya kabiri cy'amashuri abanza- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri.- Igitabo cy'umwarimu k'Ikinyarwanda n'icy'umunyeshuri byo mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza.

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku isomo ryabanje.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) Iyo bavuze ihinamwandiko wumva iki?

Ihinamwandiko ni ukuvuga umwandiko mu magambo make ugaragaza ibitekerezo by'ingenzi cyangwa ingingo z'ingenzi ziwuvugwamo.

b) Ni izihe ntambwe zikurikizwa mu kwigisha isomo ry'ihinamwandiko?

Intambwe zikurikizwa mu isomo ry'ihinamwandiko ni izi:

- Gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye
- Gushaka ingingo z'ingenzi
- Guhina umwandiko

2. Isomo rishya

- Igisha isomo ntangarugero ry'ihangamwandiko hanyuma usabe abanyeshuri kuganirira mu matsinda bashakire hamwe igisubizo k'ikibazo cyo mu gikorwa cya 4 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 4

Uhereye ku isomo witegereje ryo kwigisha ihangamwandiko, sobanura icyo ihangamwandiko ari cyo kandi ugaragaze, intambwe zikurikizwa mu kuryigisha unagaragaze aho amasomo y'ihangamwandiko n'ihinamwandiko yigishwa mu mashuri abanza.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Inshoza y'ihangamwandiko

Umwandiko ni urukurikirane rw'interuro zikubiyemo ibitekerezo cyangwa ubutumwa umuntu atanga yandika. Ihangamwandiko cyangwa ihimbamwandiko ni uburyo bwo guhanga umwandiko mushya. Ushobora guhera ku byo wasomye, ibyo wumvise, ibyo watekereje cyangwa se ugahera ku nsanganyamatsiko iyi n'iyi wihitanyemo cyangwa wahawe.

Uyu mwitoto mu mashuri abanza, ubanza gukorwa mu mvugo, bakandika nyuma. Bashobora guhimba umwandiko wigana uwo basomye, bigahuzwa ingeri n'intêgo. Bashobora no guhimba uwo binyuranye ku ngingo ariko bigahuzwa ingeri n'imbata. Bashobora rero no guhimba ku nsanganyamatsiko zatekerejweho. Uburebure bw'umwandiko buterwa n'ikigero cy'abanyeshuri; bagomba gutozwa guhimba no gutondeka ibitekerezo neza bakiri bato, bakamenyera gukoresha imvugo yemewe kandi iboneye. Ibiganiro, udukuru n'imigani ni yo ywandiko ishimisha abana bato cyane, ni yo rero umwarimu agomba kwibandaho, bakayigiraho guhimba mu matsinda.

b) Intambwe zikurikizwa mu kwigisha ihangamwandiko

Mu kwigisha ihangamwandiko hakurikizwa intambwe zikurikira:

- Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko no kwitegereza ibice biwugize.
- Gutanga insanganyamatsiko abanyeshuri bakayisoma bakanayitekerezaho.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagakusanya ibitekerezo kuri icyo nsanganyamatsiko.
- Guhuriza hamwe ibitekerezo bikandikwa ku kibaho.
- Gusaba buri munyeshuri gutegura umwandiko ashingiyeye ku ngingo zanditswe ku kibaho.
- Kwibutsa abanyeshuri ibice bigize umwandiko ari byo umutwe, intangiriro, igihimba, n'umwanzuro.

Umutwe: Umutwe w'umwandiko ugomba kuba mugufi kandi ufite isano n'ibivugwa mu mwandiko.

Intangiriro: Intangiriro y'umwandiko igaragaza igisobanuro rusange k'insanganyamatsiko, ikagaragaza n'inshamake iraramburwa mu gihimba.

Igihimba: Ni igice kivuga ku buryo burambuye, ingingo zagaragajwe mu ntangiriro.

Umwanzuro: Ukubiyemo inshamake y'ibyavuzwe ndetse ukaba ushobora no gutanga inama.

Mu gukosora, umwarimu yita ku bice by'umwandiko, ireme ry'ibitekerezo, amategeko y'imyandikire, isuku n'imigaragarire.

Ikitonderwa

Umunyeshuri wiga kwigisha Ikinyarwanda agomba kwibuka uko intambwe z'igikorwa cyo kwandika umwandiko zikurikirana.

Intambwe zo kwandika umwandiko

Iyo abanyeshuri biga kwandika interuro no guhuza interuro bandika ibika, bibafasha kugenda bunguka ubumenyi bwo kwandika. Abanditsi beza, bagira intambwe banyuramo kuva batangiye kugeza barangije kwandika. Abarimu baha abanyeshuri umwanya wo kwitegereza imyandiko yuzuye, ikosoye, yanditse ikurikije intambwe n'amabwiriza yo kwandika. Bifasha abanyeshuri kumva neza intambwe zikwiye gukurikizwa kuva batangiye kugeza barangiza kwandika.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana intambwe z'ingenzi zo kwandika umwandiko.

Intambwe	Ibisobanuro	Ibikorwa n'uko bikorwa
Mbere yo gutangira kwandika	Umwanditsi atekereza ku nsanganyamatsiko ari bwandikeho no ku bitekerezo by'ingezi ashiramo. Uwandika akora urutonde rw'ibitekerezo aza kwandikaho.	Guhitamo insanganyamatsiko Gukusanya ibitekerezo Gutekereza ku byo asanzwe azi n'ibyo agomba gukorera ubushakashatsi. Kugaragaza intego y'ibyo agiye kwandika.
Gutangira kwandika	Umwanditsi afata igitekerezo akakirambura acyandika mu gika gisobanutse. Umwanditsi yandika mu buryo butaranzwe ibitekerezo bigusha ku nsanganyamatsiko yihaye.	- Kwandika umwandiko. Ashobora kubikora inshuro zirenze imwe mu gihe akitoza kubinoza. - Kugenda asimbuka umurongo kugira ngo abone aho aza kwandika ibyo agenda akosoramo. - Si ngombwa kwibanda ku myandikire cyangwa ku kibonezamvugo.
Gusubiramo ibyo wanditse	Umwanditsi yongera gusoma ibyo yanditse mbere cyangwa se agasaba abandi kubimusomera (umunyeshuri mugenzi we cyangwa se umwarimu)	- Gusubiramo ibyo yanditse bwa mbere. - Kumva icyo abandi babisomye babivuzeho. - Kugira ibyo yongeramo cyangwa se asiba no gukurikiranya neza ibitekerezo ku buryo busobanutse.

Gukosora ibyo wanditse	Umwanditsi yandika akurikiza amabwiriza y’imyandikire; ikibonezamvugo n’imikoreshereze y’utwatuzo.	<ul style="list-style-type: none"> - Kongera gusoma areba ahari amakosa. - Gukosora amakoza y’imyandikire arimo. - Kugira ibyo agenda ahuza cyangwa yongeramo ibindi bisobanuro.
Gutangaza ibyo wanditse	Umwanditsi asangiza abandi ibyo yanditse.	Kwemeza ibyo yanditse agomba gusangiza abandi. (bagenzi be cyangwa abavandimwe cyangwa se yamanika mu ishuri.)

Reba urugero rw’iki gikorwa ku mugereka

c) Amasomo yo kwigisha ihinamwandiko n’ihangamwandiko mu mashuri abanza

Guhera mu mwaka wa gatatu abanyeshuri batangira gukora imyitoto yoroheje ibategurira guhanga umwandiko nko kubaha agakururu bakavuga irindi herezo ryayo, kubatangirira agakuru bagakomerezaho ndatse no kubaha interuro zivangavanze bakazitondeka bakazikoramo agakuru. Ihangamwandiko nyirizina integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu mashuri abanza iriteganywa mu mwaka wa gatandatu.

d) Ingingo zikwiye kwitabwaho n’umwarimu mu gihe abanyeshuri bandika umwandiko cyangwa inkuru

1. Ese abanyeshuri babashije kumva no kubona insanganyamatsiko bagiye kwandikaho?
2. Ese ibitekerezo by’ingenzi byarobanuwe bitondekwa neza mbere yo kwandika?
3. Ese interuro zanditswe zirumvikana ku muntu wese wazisoma?
4. Ese interuro zanditswe zifitanye isano n’insanganyamatsiko?
5. Ese ibitekerezo bikubiye mu mwandiko birimo inyigisho ikwiye?
6. Ese umwandiko wanditswe hakurikijwe amategeko y’ikibonezamvugo n’imyandikire y’ururimi rw’Ikinyarwanda?

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw’ibibazo n’urugero rw’ibisubizo

a) Ni izihe ntambwe zikurikizwa mu kwigisha ihangamwandiko ?

Mu kwigisha ihangamwandiko hakurikizwa intambwe zikurikira:

- Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko no kwitegereza ibice biwugize.
- Gutanga insanganyamatsiko abanyeshuri bakayisoma bakanayitekerezaho.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagakusanya ibitekerezo kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Guhuriza hamwe ibitekerezo bikandikwa ku kibaho.
- Gusaba buri munyeshuri gutegura umwandiko ashingiyeye ku ngingo zanditswe ku kibaho.
- Kwibutsa abanyeshuri ibice bigize umwandiko ari byo umutwe, intangiriro, igihimba, n’umwanzuro.

b) Ni iyihe myitoto ikorwa mu kiciro cya mbere cy’amashuri abanza ibategurira kuzakora ihangamwandiko ?

Hakorwa imyitoto yo kuvuga irindi herezo ry’inkuru, gukomereza ku gakuru katangiye akongeraho ize nteruro, gutondeka interuro akazikoramo agakuru.

c) Garagaza intambwe zigaragara mu gikorwa cyo kwandika.

Intambwe z’igikorwa cyo kwandika ni izi:

- Gutangira kwandika
- Gusubiramo ibyo wanditse
- Gukosora ibyo wanditse
- Gutangaza ibyo wanditse

4. Umukoro

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kuzagaruka mu ishuri bakoze ibisabwa mu gikorwa cya 5 cy'umutwe wa cumi na gatatu.

Ikibazo k'igikorwa cya 5

Ifashishe integanyanyigisho y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere n'icya kabiri by'amashuri abanza, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri utegure isomo ry'ihangamwandiko ugendeye ku ntambwe zose twabonye. Tegura imfashanyigisho zikenewe kandi winjize mu muteguro wawe ingingo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikwiye.

XIII.5.2. Isomo rya kane: Imyitozo nyiganasomo

Intego zihariye
Kwigisha isomo ry'ihangamwandiko.
Imfashanyigisho
Imiteguro y'abanyeshuri, igitabo by'umunyeshuri n'icy'umwarimu by'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, imfashanyigisho zateguwe n'abanyeshuri.

1. Intangiriro

- Genzura ko amatsinda yose yarangije gutegura no gushaka imfashanyigisho.
- Saba buri tsinda kujya ukwaryo bigishanye isomo bateguye basimburana, kandi urangije kwigisha bamuhe ubujyanama ngarukirane.
- Basabe gukoresha igihe gito kitarenze iminota 15 kuri buri muntu kuko ikigamijwe cyane ari ugukurikiza intambwe zose ziteganyijwe (ni igikorwa cyo kwigana).
- Saba abanyeshuri kwitwara nk'abanyeshuri bo mu mashuri abanza igihe mugenzi wabo ari kubigisha.
- Saba abanyeshuri kwibuka ko bari buze guha mugenzi wabo ubujyanama ngarukirane nyuma yo kwigisha, bityo ko bagomba kwandika iby'ingenzi babona ku migendekere y'isomo.

2. Isomo rishya

- Saba uwigisha gukora ibisabwa mu gikorwa cya 6 cyo mu mutwe wa cumi na gatatu.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 6

Ugendeye ku nshamake wabonye ijyane n'imyitozo nyiganasomo, ifashishije umuteguro w'isomo ry'ihangamwandiko, wigisha bagenzi bawe. Uko wigisha genda ugaruka ku ngingo nsanganyamasomo zikenewe muri iryo somo. Ibuka gukoresha kandi imfashanyigisho zijyanye n'iryo somo.

- Kurikirana ibikorwa bibera mu matsinda kandi ukusanye amakuru ku byo abanyeshuri bashoboye gukora n'ibyo bakongeramo ingufu.

3. Umusozo

- Tanga umwanzuro rusange, mwibukiranye uko isomo ry'ihangamwandiko rigomba kwigishwa, ubabwire n'ibyo wabonye bakoze neza ndetse n'ibyo bakongeramo ingufu.
- Tanga umukoro ku gikorwa cy'umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

4. Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo mu mwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.

XII. 5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa karindwi, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije integanyanyigisho n'ibitabo by'Ikinyarwanda ikiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza, tahura amasomo y'ihangamwandiko/ ihinamwandiko ari mu mwaka wa gatatu kugeza ku mu wa gatandatu, usobanure akamaro ko kuyigisha, unavuge intambwe zikurikizwa mu kuyigisha. Muri ayo masomo wabonye, hitamo rimwe uritegurire wuzuza neza imbata y'isomo, ushake imfashanyigisho zatuma ryigishwa neza nyuma uzaryigishe bagenzi bawe nurangiza umwe muri bo aguhe ubujyanama ngarukirane.

XIII. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi na gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi na kabiri, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, icyo ari ihinamwandiko n'ihangamwandiko ari cyo, twabonye intambwe zo kwigisha ihinamwandiko n'ihangamwandiko, dutegura kandi twigishanya amasomo y'ihinamwandiko n'ihangamwandiko, tunahana n'ubujyanama ngarukirane.

XIII.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumi na gatatu

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro, ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.
- Ku kibazo cya 2 fata umuteguro umwe utomboje maze nyirawo yigishe abandi isomo yateguye.
- Genera uwigisha igihe agomba gukoresha.
- Kurikirana ibikorwa byose by'imyigishirize wuzuze ifishi yo gukurikirana imyitozo nyiganasomo ku munyeshuri wigishije.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ibibazo bikurika maze ubisubize.

1. Tandukanya intambwe z'isomo ry'ihinamwandiko n'iry'ihangamwandiko.

Intambwe z'isomo ry'ihinamwandiko	Intambwe z'isomo ry'ihangamwandiko
Gusoma umwandiko: mbere yo guhina umwandiko abanyeshuri bongera bakawusoma umwumwe mu ijwi riranguruye.	- Gusaba abanyeshuri gusoma umwandiko no kwitegereza ibice biwugize.
Gushaka ingingo z'ingenzi	- Gutanga insanganyamatsiko abanyeshuri bakayisoma bakanayitekerezaho.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagahabwa ibibazo bibafasha gutahura ingingo z'ingenzi.	- Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagakusanya ibitekerezo kuri iyo nsanganyamatsiko.
- Kumurika ibyavuye mu matsinda maze bikandikwa ku kibaho.	- Guhuriza hamwe ibitekerezo bikandikwa ku kibaho.
Kuvuga cyangwa kwandika inkuru muri make	- Gusaba buri munyeshuri gutegura umwandiko ashingiye ku ngingo zanditswe ku kibaho.
Abanyeshuri bashobora guhina umwandiko bavuga cyangwa bandika muri make uwo mwandiko.	- Kwibutsa abanyeshuri ibice bigize umwandiko ari byo umutwe, intangiriro, igihimba, n'umwanzuro.

2. Ifashishije umuteguro w'isomo wo kwigisha ihangamwandiko/ ihinamwandiko wateguye mu mwitoto w'ubushobozi ngiro maze wigishe bagenzi bawe wita ku ngingo nsanganyamasomo kandi wifashishije imfashanyigisho zijyanye n'iryo isomo.

XIII.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XIII.8.1 Imyitoto nzamurabushobozi

1. Ni izihe ntambwe wakurikiza kugira ngo wigishe abanyeshuri ihinamwandiko?
2. Ni izihe ntambwe wakurikiza kugira ngo wigishe abanyeshuri ihangamwandiko?

XIII.8.2 Imyitoto nyagurabushobozi

Ni iki wakora kugira ngo abanyeshuri wigisha ubakundishe guhanga imyandiko/inkuru.

XIII.8.3 Imyitoto y'inyongera

1. Soma umwandiko wa mbere mu mutwe wa mbere mu gitabo cy'umunyeshuri cy'umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, ugaragaze ingingo z'ingenzi wubakiyeho hanyuma ukore inshamake itarengeje imirongo icumi.
2. Hanga umwandiko utarengeje imirongo makumyabiri ku nsanganyamatsiko ikurikira "Ubunyangamugayo ni indangagaciro ibereye Umunyarwanda uwo ari we wese".

XIII.9. Amakuru y'inyongera

Umunyeshuri wiga mu ishuri nderabarezi uzajya kwigisha Ikiyariwanda agomba guhabwa imyitoto inyuranye imufasha gushaka ingingo z'ingenzi mu mwandiko kugira ngo azamure ubushobozi bwe azashobore gufasha abanyeshuri gukora umwitoto w'ihinamwandiko. Ndetse agakora n'imyitoto ihagije yo gushaka ingingo yasobanura ahereye ku nsanganyamatsiko runaka kuko bizamufasha mu kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri mu guhanga imyangiko.

**UMUTWE WA CUMI
NA KANE**

KWITEGEREZA AMASOMO NO KWIGANA KWIGISHA

XIV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusobanukirwa no kuzuza ifishi yifashishwa bakurikirana isomo.
- Gukurikirana isomo no gutanga ubujyanama ngarukirane.

XIV.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa mbere mu ishuri nderabarezi, aba yaritegereje abarimu banyuranye bigisha amasomo nyuranye. Yakoze imyitoto nyiganasomo inyuranye, yahawe kandi yatanze ubujyanama ngarukirane ku masomo anyuranye. Ibi bimuha ubushobozi bwo gusesengura no kumva ifishi yifashishwa akurikirana isomo no gutanga ubujyanama ngarukirane yubahiriza uko butangwa.

XIV.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kane.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Kampire aritoya kuba umwarimu w'umwuga. Amaze kwitegereza uko umwarimu Gakwaya yigishaga kwandika ingombajwi "r", yahawe kwigana kwigisha iryo somo. Bamuhaye no kwigisha kwandika ingombajwi "k". Yashatse imfashanyigisho zihagije zirimo amashusho n'izifatika. Mu gihe yigishaga, yibagiwe intambwe zikurikizwa yandika wenyine ntiyita ku banyeshuri. Amaze kwigisha kwandika ingombajwi "k" yarigenzuye asanga intego z'isomo ntizagezweho. Umwarimu Gakwaya yamugiriye inama yo gusubiramo iryo somo akaryigisha bagenzi be batanu agenda akosora ibyo atari yakoze neza. Nyuma y'iminsi mike Kampire yasubiye ku ishuri yimenyererezagaho kwigisha, ahabwa isomo ryo kwigisha kwandika ingombajwi "m" yigenzuye asanga intego z'isomo zagezweho neza cyane.

Uhereye kuri iyinkuru subiza ibibazo bikurikira:

1. Ukeka ko ari iki cyatumye intego z'isomo ryo kwandika ingombajwi "r" Kampire yigishije zitagerwaho?
2. Ni iyihe nama wagira umuntu ugiye kwigisha bwa mbere isomo ry'Ikinyarwanda?

- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.

- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XIV.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatanu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo nyiganasomo Ibice by'ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo nyiganasomo Uburyo bwo kuzura ifishi mu gihe cyo kwitegereza isomo	- Kugaragaza ibice bigize ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo no gusobanura uburyo byuzuzwa.	Iminota 40
2	Kwitegereza isomo no gutanga ubujyanama ngarukirane	- Gukurikirana isomo no kuzura ifishi yifashishwa. - Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo yakurikiranye	Iminota 40
3	Umwitoto w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		Iminota 40
4	Isuzuma risoza umutwe wa cumi		Iminota 40

XIV.5. Imbonezamasomo

XIV.5.1 Isomo rya mbere: Ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo nyiganasomo

Intego zihariye
Kugaragaza ibice bigize ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo no gusobanura uburyo byuzuzwa.
Imfashanyigisho
- Amafishi yifashishwa mu kugenzura isomo
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda
- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na kane.

- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa cya 1

Itegereze ifishi yo kugenzura no gukurikirana isomo iboneka ku mugereka wa mbere muri iki gitabo hanyuma utekereze ku bice byose biyigize n'uko byakuzuzwa. Nyuma ubibwire bagenzi bawe utabireba.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ifishi yo gukurikirana isomo ry'umunyeshuri wimenyereza kwigisha

Ifishi yifashishwa mu gukurikirana isomo ry'umunyeshuri wimenyereza kwigisha igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi ari byo:

- Igice cy'umutwe cyuzuzwamo umwirondoro;
- Igice k'ibikorwa by'imyigishirize n'isuzuma;
- Igice cy'umwanzuro n'inama.

Buri gice kigenda cyuzuzwamo neza amakuru y'ingenzi akenewe.

IFISHI YIFASHISHWA MU KUGENZURA ISOMO MU GIHE CYO KWIMENYEREZAMWUGA

Izina ry'ishuri ryimenererewaho: Amazina y'uwigisha:

Ishami: Ishuri yigamo:

Ishuri ryigishamo: Umubare w'abanyeshuri baje:kuriUmubare w'abafite ibyo bagenerwa byihariye:

Inyigisho:

Inomero n'izina by'umutwe:

Isomo:

Isomo rya:..... kuri Igihe kuva:kugeza: Itariki:

*Ikiciro	4	3	2	1
Igisobanuro	Arabizi cyane	Ni byiza	Aragerageza	Ntibiragerwaho

Ibikorwa by'imyigishirize bisuzumwa	*Ikiciro	*Impuzandengo	Impugukirwa
1. Umuteguro			
a. Kuba wujujwe neza	 /4	
b. Intego ngenamukoro			
c. Ibyo ateganyiriza abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye			
d. Imfashanyigisho zihagije kandi ziyanye n'isomo			
2. Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo bitawehe			
a. Hari ibigaragaza ko umwarimu ashoboye kwigisha kandi yumva ibyo yigisha	 /4	

b. Umwarimu ahuza isomo n'ikigero cy'abanyeshuri ngo abafashe kugera ku ntego ngenamukoro			
c. Hari ibigaragaza ko umwarimu yinjiza mu isomo ingingo nsanganya masomo n'ibikorwa byo guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo.			
3. Ibigaragaza ko abanyeshuri bashishikariye kandi bumva isomo	 /4	
a. Abanyeshuri bose bagize uruhare mu bikorwa binyuranye by'isomo			
b. Uburyo akoresha butuma abanyeshuri bose basobanukirwa ibyo yigisha.			
c. Intego, ibyigwa n'ibikorwa mu ishuri bifasha umunyeshuri gutera imbere mu myigire ye			
d. Ibyigwa bikurikirana mu buryo bunoze kandi mu gihe gikwiye.			
4. Inzira n'uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bufasha abanyeshuri bose kwiga uko bikwiye.	 /4	
a. Uburyo bukoresha bworohereza abanyeshuri kunguka ubumenyi, ubumenyiringir n'ubukeshya.			
b. Uburyo umwarimu akoresha bufasha abanyeshuri kurushaho gusobanukirwa			
c. Uburyo akoresha yigisha bworohereza abanyeshuri bose kugera ku ntego ngenamukoro.			
5. Kugenzura imyitwarire y'abanyeshuri	 /4	
a. Umwarimu yigishiriza ahabereye buri munyeshuri.			
b. Abanyeshuri bashishikarizwa gufatanya mu bikorwa byose			
c. Umwarimu akoresha amazina y'abanyeshuri akanashimira uruhare rwabo.			
d. Imfashanyigisho ziboneye kandi zikwiye zirakoreshwa neza kandi zigashirwa ahagaragara.			
6. Gusuzuma uko abanyeshuri bagera ku bushobozi	 /4	
a. Umwarimu agenda agenzura ubushobozi bw'abanyeshuri			
b. Umwarimu atanga ubufasha bukwiye kandi akagenzura uko intego y'isomo igerwaho.			
c. Umwarimu agira inama abanyeshuri abereka uko barushaho kunoza imyigire.			
d. Abanyeshuri bashishikarizwa kwigirira ikizere mu byo biga no kubishyira mu bikorwa bafatanyaga na bagenzi babo.			
e. Ibikorwa by'isuzuma bigaragaza ko abanyeshuri bose bitaweho.			

7. Imikoreshereze y'ururimi rwigishwamo a. Umwarimu akoresha uko bikwiye ururimi kandi agafasha abanyeshuri kongera ubushobozi bw'ibanze mu rurimi.	 /4	
b. Akoresha imvugo isobanutse ku banyeshuri bose agakuraho imbogamizi zabuza abanyeshuri gusobanukirwa.			
c. Abanyeshuri bashishikarizwa kugira uruhare mu isomo no kungurana ibitekerezo bakoresheje imvugo iboneye.			
Igiteranyo (impuzandengo zose uko ari zirindwi)	 / 28	
Amanota yose kuri 40	 /40 (x*40/28)	

Umwanzuro n'inama

Ibyo yakozwe neza:

Ibyakongerwamo imbaraga:

.....

Uko umunyeshuri abyakiriye:

.....

Umukono w'umunyeshuri

.....

Amazina n'umukono

by'uwakurikiye isomo:

.....

b) Uburyo bwo kuzuza ifishi mu gihe cyo kwitegereza isomo

Ifishi yo kwitegereza isomo yuzuzwa mu buryo bukurikira:

- Kuzuza amakuru y'ibanze mu mirongo ya mbere (Izina ry'ishuri ryimenyerezwaho, amazina y'uwigisha, umubare w'abanyeshuri baje n'abasibye, umubare w'abafite ibyo bagenerwa byihariye, inyigisho, inomeru y'izina ry'umutwe, isomo, igihe isomo ritangirira n'igihe rirangirira, itariki).
- Kuzuza ifishi yose kuva ku gice cya mbere kugeza ku gice cya nyuma cyuzuzwa. Mu gihe ari umwarimu usanzwe, reba amakuru ajyanye n'ibyo ari gukora gusa.
- Ahagenewe umwanzuro n'inama, uhandika ibintu ibibiri yangwa bitatu ubona ko yakoze neza.
- Mu mwanya w'ibyakongerwamo imbaraga andika ikintu kimwe wifuza ko umwarimu azatunganya mu rinnda somo nk'iryo witegereje.
- Gereranya ibyakozwe mu isomo hagendewe ku ntego z'isomo utange umwanzuro w'uko isomo ryagenze ushimire umwarimu wigishije.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo Umwitozo

Vuga ibice bigize ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo nyiganasomo.

Ikitonderwa

Uzasabe amasomo ntagarugero ku ishuri ribanza abanyeshuri bitorezaho hanyuma bazajye kwitegereza abarimu bigisha, buzuze ifishi yifashishwa bakurikirana isomo.

XIV.5.2. Isomo rya kabiri: Kwitegereza isomo no gutanga ubujyanama ngarukirane

Intego zihariye
- Gukurikirana isomo no kuzuza ifishi yifashishwa.
- Gutanga ubujyanama ngarukirane ku isomo yakurikiranye
Imfashanyigisho
Ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo

Amabwiriza

- Ha abanyeshuri amafishi, ubahe n'amabwiriza y'uko bari bukore, n'amashuri baza kujyamo, hanyuma mujye ku ishuri ribanza bakurikirane isomo buzuza n'ifishi. Isomo nirangira bagirane ikiganiro n'umwarimu wigishije, ariko nimugaruka mu ishuri muzagaruke kuri ayo masomo.
- Saba abanyeshuri kuzakora umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri uri mu bitabo byabo.

Umwitozo

Wifashishije ifishi witegerejeho isomo, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka witegerejemo isomo, tegura isomo rinoze, risa n'iryo witegereje igihe umwarimu yigishaga, uzaryigishe bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane.

V. 5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

Urugero rw'umwitozo:

Wifashishije ifishi witegererejeho isomo, igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka witegererejemo isomo, tegura isomo rinoze, risa n'iryo witegereje igihe umwarimu yigishaga, uzaryigishe bagenzi bawe baguhe ubujyanama ngarukirane.

XIV. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumi, bityo bikabafasha gukora inshamake.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mutwe, twabonye ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo ryigishijwe, tubona uko yuzuzwa; twitegereje isomo mu mashuri abanza kandi twuzuzwa ifishi yo gukurikirana isomo.

XIV.7. Isuzuma rizoza umutwe wa cumi a kane

- Mbere yo gutanga isuzuma, banza ugenzure ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate imiteguro yabo uzayikosore.
- Saba abanyeshuri kwitegura maze ubahe ibibazo by'isuzuma n'andi mabwiriza. Buri wese arasubiza ikibazo cya mbere ku giti ke kandi mu nyandiko.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma

Soma ikibazo gikurika maze ugisubize.

Sobanura uko buzuzwa ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo.

V.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XIV.8.1 Imyitozo nzamurabushobozi

Wifashishije igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri mu mwaka wa kane w'amashuri abanza, reba aho amasomo yo kwigisha ikinamico ari, uhitemo isomo rimwe uryigishe mugenzi wawe aryitegereze yuzuzwa ifishi yo kwitegereza isomo, nurangiza urimuhe na we aryigishe, nawe ukoreshe iyo fishi umugenzure. Mwibuke gutanga ubujyanama ngarukirane.

XIV.8.2 Imyitozo nyagurabushobozi

Umunyeshuri umwe niyigishe ishuri ryose isomo rirambuye ry'ihinamwandiko. Abandi bakurikire isomo arimo yigisha maze buzuzwe ifishi yo kwitegereza isomo kandi bamuhe ubujyanama ngarukirane.

V.9. Amakuru y'inyongera

Kugira ngo iki gikorwa kirusheho kugenda neza, umwarimu yakorana n'ubuyobozi bw'ishuri ndetse n'abandi barimu bategura abarimu bagashyiraho gahunda y'ibikorwa byo kwitegereza. Byarushaho kugenda neza kandi, umwarimu uzatanga isomo ntangarugero ategujwe mbere.

Mu gihe bidakunze ko umwarimu aboneka, hakwifashishwa imfashanyigisho z'iyumvabona abanyeshuri bakitegereze uko umwarimu wo mu mashuri abanza yigisha bakuzuzwa ifishi yifashishwa mu kugenzura isomo mu gihe cyo kwimenyereza.

Mu gihe kandi huzuzwa aya mafishi, aya makuru agomba kubikwaneza kugirango umunyeshuri agende areba iterambere rye mu myigishirize. Byaba byiza abitse hamwe ku buryo buri munyeshuri agira ahakusanyirizwa amafishi ye kuva atangiye kwigisha.

Imbumbanyigisho ya gatatu: Iyimenyerezamwuga

UMUTWE WA CUMI
NA GATANU

AMASOMO MENYEREZAMWUGA KU MASHURI ABANZA

XV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gutegura no kwigisha amasomo menyerezamwuga ku mashuri abanza.

XV.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa kabiri mu ishuri nderabarezi, aba yaritegereje abarimu banyuranye bigisha amasomo nyuranye. Yakoze imyitozo nyiganasomo inyuranye, yahawe kandi yatanze ubujyanama ngarukirane ku masomo anyuranye. Yasuye abarimu mu mashuri abanza bigisha, ibi bizamufasha gutegura uko bikwiye amasomo yigishwa mu mashuri abanza, bizamufasha gukurikirana amasomo ya bagenzi be no kubaha ubujyanama ngarukirane.

XV.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

- Saba abanyeshuri gusoma no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatanu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Uherye ku bumenyi ufite mu iyigayigisha, sobanura muri make uko umunyeshuri yategura neza ibikorwa bye byo kwimenyereza kwigisha, unavuge icyo yakora kugira ngo arusheho kubikora neza.

- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XV.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatanu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Gutegura no kwigisha amasomo y'iyimenyerezamwuga rikorerwa ku mashuri abanza	- Gusobanura ibyo umunyeshuri wimenyereza umwuga wo kwigisha agomba kwitaho mu gihe k'iyimenyerezamwuga. - Gusobanura imiterere y'ibikorwa by'iyimenyerezamwuga.	Iminota 40
2	Umwitozo w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		
3	Isuzuma risoza umutwe wa cumi cumi na gatanu.		

XV.5. Imbonezamasomo

XV.5.1 Isomo rya mbere: Gutegura no kwigisha amasomo y'iyimenyerezamwuga rikorerwa ku mashuri abanza

Intego zihariye
- Gusobanura ibyo umunyeshuri wimenyereza umwuga wo kwigisha agomba kwitaho mu gihe k'iyimenyerezamwuga. - Gusobanura imiterere y'ibikorwa by'iyimenyerezamwuga.
Imfashanyigisho
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Amafishi yifashishwa mu kugenzura isomo

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatanu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa

Itegereze iyi mbonerahamwe usobanure imikoranire y'umwarimu wo ku ishuri nderabarezi, uwo ku ishuri ryimenyerezawaho umwuga n'umunyeshuri wimenyereza kwigisha mu gikorwa k'iyimenyerezamwuga.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe

a) Ibyo umunyeshuri wimenyereza umwuga agomba kwitaho

Umunyeshuri wimenyereza umwuga agomba:

- Kujya kwigisha yateguye neza amasomo yose,
- Gutegura amasomo ye agendeye ku mboneza masomo yo kwigisha yize,
- Kwigisha akurikije intambwe zo kwigisha zijyanye n'isomo,
- Kwigisha yifashishije imfashanyigisho zose zikenewe,
- Kuzuza uko bikwiye amafishi akenewe,
- Gukora no gushaka imfashanyigisho,
- Kubahiriza inama agirwa nyuma yo kwigisha.

b) Ibikorwa byo kwimenyereza umwuga

- Imiterere y'ibikorwa by'iyimenyerezamwuga

Kwitegereza: Mbere yo gutangira kwimenyereza ku mashuri abanza, umunyeshuri wo mu mwaka wa kabiri w'inderabarezi, abanza gusura ishuri ribanza ryimenyerezawaho umwuga. Agomba kumenya buri cyumba k'ishuri n'umwaka ukigiramo, ibiro by'abayobozi, ibibuga abanyeshuri bakiniraho, aho ibijyanye n'isuku biherereye n'ibindi. Umunyeshuri witoza kwigisha yitegereza kandi umwarimu mu ishuri yigisha, akamenya amakuru ahagije, ku bikorwa bibara mu ishuri, akareba ibikorwa bibera mu ishuri, uko umwarimu yinjiza

ingingo nsanganyamasomo mu masomo yigisha, uko afasha abafite ibibazo byihariye, uko ahamagara abanyeshuri mu mazina yabo, mbese akita ku micungire y'icyumba k'ishuri muri rusange. Bimufasha na we kumenya uko azitwara atangiye kwigisha kuko imyito nyiganasomo aba yarayikoreye kuri bagenzi be Atari mu ishuri ry'abana nyirizina. Uku kwitegereza gufasha umunyeshuri wimenyereza guhitamo uburyo azakoresha yigisha, ndetse agatangira no gutekereza mbere y'igihe anakora ubushakatsi ku buryoazafasha abanyeshuri bafite ibibazo byihariye.

Gusaba amasomo: nyuma yo kwitegereza, abanyeshuri bimenyereza umwuga wo kwigisha basabirwa amasomo bagatangira kwigisha. Umwarimu ushinzwe iyigayigisha ni we utgura gahunda y'amasomo asabwa buri cyumweru agendeye ku ngengabihe y'amasomo yo mu ishuri nderabarezi n'iyi ku ishuri ryimenyerezwaho umwuga. Umwarimu w'iyigayigisha, agomba gukorana n'abarimu bo mu mashuri abanza yimenyerezwaho, agashaka amasomo anyuranye kandi mu mashuri anyuranye akayaha abanyeshuri bazayigisha nibura icyumweru mbere y'uko bayigisha kugira ngo bitegure neza.

Gutegura no gukosoza: umunyeshuri wimenyereza kwigisha iyo ahawe isomo azigisha ashakisha ibitabo azifashisha ategura ndetse anigisha hanyuma agatangira gutegura. Iyo hari ibyo yumva adasobanukiwe abaza umwarimu w'iyigayigisha cyangwa abandi bari mu mu ishuri nderabarezi, byaba ngombwa akajya gusaba amakuru umwarimu wo ku ishuri ribanza wamuhaye isomo. Iyo umunyeshuri amaze gukora umuteguro w'ibanze awereka umwarimu w'iyigayigisha akamurebera ko wujuje ibisabwa, haba hari ibyo kunoza akamusaba kubinoza, na we akawunoza akurikije inama yagiriwe. Umunyeshuri iyo amaze kunoza umuteguro w'isomo, ashaka n'imfashanyigisho zizamufasha kwigisha. Imfashanyigisho zishakirwa mu bikikije ishuri, ariko n'ibindi bikoresho bikerwa umunyeshuri ahabwa n'ishuri nderabarezi nk'impapuro zabugenewe zo gushushanyaho, marikeri n'ibindi.

Kwigisha: iyo umunsi wo kwigisha ugeze, abanyeshuri bajya ku ishuri ribanza baherekejwe n'umwarimu ushinzwe iyigayigisha. Buri munyeshuri agomba kugira agakayi yandikamo ingingo zamufasha gutanga ubujyanama ngarukirane aha mugenzi we wigishije isomo rirangiye ndesste n'umunyeshuri wigishije na we arakajyana akagaha umwarimu ukurikirana isomo rye akamwandikiramo inama, amaubwira ibyo yakoze neza n'ibyo yakongeramo ingufu. Buri munyeshuri ajya mu ishuri ku isaha yahawe akigisha, bagenzibe bitegereza uko yigisha.

Gutanga ubujyanama ngarukirane: nyuma yo kwigisha, abanyeshuri basubira kwishuri nderabarezi bagatanga kandi bagahabwa ubujyanama ngarukirane. Abigishije bavuga imbogamizi bahuye na zo bagashakira hamwe uko bashobora kuzikemura bigafasha abandi bazakurikiraho.

Ikitonderwa:

Umunyeshuri wahawe isomo, aba agomba kuryigisha, iyo habonetse impamvu itunguranye ituma ataryigisha, rihabwa mugenzi we, byaba bidashoboka biewe n'igihe gito bigahita bimenyeshwa umwarimu waritanze kugira ngo ariyigishirize.

3. Umwitozo

- Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'urugero rw'ibisubizo Umwitozo

Sobanura muri make uko wategura amasomo yawe yo kwimenyereza kwigisha akarushaho kugenda neza.

- Gutegura amasomo ku gihe
- Gukosoza imiteguro
- Gushaka imfashanyigisho ziboneye
- Gukurikiza inama ngirwa
- Gukurikiza amabwiriza ari mu bitabo by'umwarimu.

Ikitonderwa

Reba ingengabihe yo ku mashuri abanza, urebe amasaha y'Ikinyarwanda ahura n'amasaha yo kwimenyereza kwigisha ari ku ngengabihe y'ishuri nderabarezi, hanyuma buri cyumweru uge usabira abanyeshuri amasomo yo kwigisha. Jya uyasaba ku gihe kugirango abanyeshuri bitegure neza nawe ubone akanya ko kureba mu miteguro yabo.

Dore ibyo uzitaho mu gikorwa cyo kwimenyereza kwigisha ku mashuri abanza

a) Gutegura

- Ugomba gukorana n'abarimu bo mu mashuri abanza yimenyerezawaho, ugashaka amasomo anyuranye kandi mu mashuri anyuranye ukayaha abanyeshuri bazayigisha bakayategura nibura icyumweru mbere y'uko bayigisha.
- Ugomba gukurikirana ko buri munyeshuri agenda ahinduranya amasomo ndetse n'amashuri yigishamo kugira ngo hatazagira uhora yigisha amasomo amwe kandi mu ishuri rimwe.
- Mu gihe umunyeshuri ategura, ashobora kukugisha inama cyangwa akayigisha abandi barimu bamwigisha cyangwa abo mu mashuri abanza mu rwego rwo gutanga inyigisho zifite ireme.
- Ugomba kureba imiteguro y'abanyeshuri mbere y'uko bajya kwigisha, kugira ngo niba hari ibikeneye kunozwa bibinozwe mbere yo gutangira kwigisha.
- Ugomba guha abanyeshuri amabwiriza n'umurongo ngenderwaho mu gihe bagiye kwimenyereza kwigisha ku mashuri abanza.
- Ugomba gushishikariza abanyeshuri gushaka imfashanyigisho ziboneye, kandi bakagira n'ingamba zihamye zo gucunga ishuri mu gihe barikwigisha.
- Ugomba kuvugana n'umuyobozi w'ishuri n'ushinzwe amasomo mu ishuri nderabarezi ukoreramo, hakabaho ubufatanye mu gukurikirana abanyeshuri bimenyereza kwigisha.

b) Kwigisha

- Mu bufatanye bw'ubuyobozi bw'ishuri nderabarezi n'ab'ishuri ribanza abanyeshuri bitorezaho, abarimu bo mu mashuri abanza bagomba kumva ko biri munshingano zabo gukurikirana ibikorwa by'abanyeshuri bahaye amasomo, bakuzuza amafishi yabugenewe kandi bagatanga ubujyanama bufasha abanyeshuri kurushaho kunoza imyigishirize yabo.
- Abanyeshuri batigishije bagomba gukurikirana amasomo ya bagenzi babo, bakandika mu makayi yabugenewe uko amasomo bakurikiranye yagenze, bikabafasha mu gihe cyo gutanga ubujyanama ngarukirane basubiye ku ishuri kandi bikabafasha kunoza ibitagenze neza igihe na bo bazigisha amasomo yabo. Bashobora no guhabwa amafishi yo gukurikirana isomo na bo bakitoza gutanga amanota.
- Abarimu bose bashinzwe guherekeza abanyeshuri mu kwimenyereza kwigisha, bagomba gukorera hamwe no kungurana inama ku buryo iki gikorwa gitanga umusaruro kandi buri munyeshuri akacyungukiramo ibyo akeneye kugira ngo abashe kuba umwarimu uhamye igihugu kifuzwa.

c) Nyuma yo kwigisha

- Umunyeshuri umaze kwigisha ahabwa ubujyanama n'umwarimu wamukurikiranye kugira ngo amenye ibyo azanoza ubutaha, bagenzi be bakurikiranye isomo rye na bo bagomba kuba bahari, by'akarusho n'umwarimu w'iyigayigisha iyo ahari birushaho kuba byiza. Ariko kuko nawe aba afite andi masomo, ni mgombwa no kwandika mu gakayi k'umunyeshuri, gashyirwamo imigendekere y'isomo, akaba yabyisomera nyuma yo kwigisha.
- Iyo bagarutse mu ishuri umwarimu n'abanyeshuri bongera kuvuga muri make ku masomo yigishijwe bagafata n'ingamba zizatuma amasomo y'ubutaha agenda neza kurushaho.
- Amafishi yujijwe n'abarimu bakurikiranye imigendekere y'isomo aregeranywa akabikwa n'umwarimu ubishizwe akaba yakwifashishwa mu gukurikirana iterambere rya buri munyeshuri mu myigishirize ye kuva atangiye kugeza arangije, anifashishwa mu gutanga amanota y'iyigayigisha ku ndangamanota y'umunyeshuri hakorwa impuzandengo y'ayo yabonye igihembwe cyose.
- Abanyeshuri bakurikiye isomo rya mugenzi wabo iyo batanze iyo bujuje amafishi atangirwaho amanota,

umwarimu na yo arayeranya akareba niba bayujuje uko bigomba, niba nta marangamutima bagenderaho, bityo bagatozwa hakirikare kumenya gukorera mu mucyo.

XV. 5.2. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Ubushobozi ngiro bw'abanyeshuri buzagenzurwa igihe cyose umunyeshuri ategura kandi yimenyereza kwigisha mu mashuri abanza.

XV. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo mu mpera z'umwaka bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa cumin a gatanu, bityo bikabafasha gukora inshamake y'ibyo bakoze umwaka wose, bitegura kuzajya gukora iyimenyerezamwuga ry'igihembwe cyose mu mashuri abanza ari aho batuye.

Urugero rw'inshamake yakorwa:

Muri uyu mwaka, twateguye kandi twigisha amasomo y'Ikinyarwanda mu myaka itandukanye yo mu mashuri abanza tunahabwa n'ubujyanama ngarukirane. Twitegereje amasomo yabagenzi bacu tubaha n'ubujyanama ngarukirane.

XV.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumin na gatanu

Isuzuma ry'uyu mutwe rigenda rikorwa uko umunyeshuri yimenyereza kwigisha. Ariko mu mpera z'umwaka ntibyabuzwa umwarimu kubategurira ibibazo basubiza bandika, birebana n'imyigishirize y'amasomo atandukanye, birebana n'uburyo bwo gukemura ibibazo binyuranye abanyeshuri bo mu mashuri abanza baba bafite n'ibindi.

XV.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XV.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

Kubanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu kwigisha isomo iri n'iri, bahabwa gusubiramo irindi bisa ku nshuro ikurikiraho kugira ngo bazamure ubushobozi bwabo byaba byiza abarimu bashinzwe kubaherekeza bakamwikurikiranira.

XV.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi bukwiye mu iyimenyereza mwuga, umwarimu yajya abaha imikoro yo gushakisha udushya twakongerwa mu bikorwa by'imyigire n'imyigishirize kugira ngo amasomo yo mu mashuri abanza arushaho gutangwa ku buryo buboneye kandi abanyeshuri barushaho kuyagiramo uruhare. Bashobora no gufasha bagenzi babo bagaragaza intege nke, babagira inama mu gihe bategura amasomo yabo.

XV.9. Amakuru y'inyongera

Kugira ngo iki gikorwa kirusheho kugenda neza, umwarimu yakorana n'ubuyobozi bw'ishuri ndetse n'abandi barimu bategura abarimu, bagashyiraho gahunda y'ibikorwa byo kwitegereza. Iyo hari amasomo bigaragara ko agora abanyeshuri bimenyereza umwuga, bashobora kongera kuyitegerezaho isomo ry'intangarugero cyangwa haba hari videwo z'ayo masomo bakazitegereza kugira ngo bibafashe kurushaho kunoza imyigishirize yabo.

XVI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gutegura no kwigisha amasomo menyerezamwuga ku mashuri abanza y'aho baturuka n'isomo risoza.
- Gutegura ibidanago by'isomo ry'Ikinyarwanda.

XVI.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Umunyeshuri wimenyereza umwuga mu mwaka wa gatatu mu ishuri nderabarezi, aba yaritegereje abarimu banyuranye bigisha amasomo nyuranye. Yakoze imyitozo nyiganasomo inyuranye, yigishije amasomo anyuranye y'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, yahawe kandi yatanze ubujyanama ngarukirane ku masomo anyuranye. Ubumenyi afite buzamufasha kwigisha umunsi ku wundi amasomo y'Ikinyarwanda yo mu mashuri abanza.

XVI.3. Ibikorwa mu gice cy'umwinjizo

Mbere y'uko abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu bajya mu iyimenyereza mwuga mu mashuri yegereye aho baturuka babanza ku nyura ku mashuri nderabarezi yabo guahabwa amabwiriza azabafasha kurangiza neza igikorwa k'iyimenyerezamwuga kimara igihembwe cyose.

- Saba abanyeshuri gusoma no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatandatu.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ugendeye ku bumenyi usanzwe ufite mu iyigayigisha, vuga muri make uko ibikorwa bikurikira bigenda mu gihe k'iyimenyereza mwuga:

- Gutegura no kwigisha amasomo y'Ikinyarwanda ku mashuri abanza y'aho uturuka.
- Kwigisha isomo risoza ry'Ikinyarwanda ku mashuri abanza hafi y'ishuri nderabarezi yigaho.
- Gutanga no kwakira ubujyanama ngarukirane.

- Akira ibisubizo by'abanyeshuri.
- Bwira abanyeshuri ko niba hari ibyo badasobanukiwe bazagenda babisobanukirwa uko muzakomeza kwiga.

XVI.4. Imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe wa gatandatu

Isomo rya	Isomo	Intego zihariye	Igihe
1	Inshamake ku bikorwa by'iyimenyerezamwuga rikorerwa aho abanyeshuri baturuka - Ikigamijwe mu myitozo yo kujya kwigisha mu mashuri abanza - Ibyitabwaho mu gikorwa cyo kwimenyereza kwigisha ku mashuri abanza	- Gusobanura intego z'iyimenyerezamwuga rikorerwa ku mashuri abanyeshuri bo mu ishuri nderabarezi baturuye. - Gusobanura ibyitabwaho mu iyimenyerezamwuga abanyeshuri bakorera iwabo.	Iminota 40
2	Kwigisha isomo risoza ry'Ikinyarwanda ku mashuri abanza	Gusobanura ibikorwa n'imyitwarire by'umunyeshuri wimenyereza kwigisha mu gihe k'isomo risoza.	
3	Umwitoto w'ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri		
4	Isuzuma risoza umutwe wa cumi na gatandatu		

XVI.5. Imbonezamasomo

XVI.5.1 Isomo rya mbere: Inshamake ku bikorwa by'iyimenyerezamwuga rikorerwa aho abanyeshuri baturuka

Intego zihariye
- Gusobanura intego z'iyimenyerezamwuga rikorerwa ku mashuri abanyeshuri bo mu ishuri nderabarezi baturuye. - Gusobanura ibyitabwaho mu iyimenyerezamwuga abanyeshuri bakorera iwabo.
Imfashanyigisho
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda - Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

1. Intangiriro

Koresha igikorwa cy'umwinjizo.

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 1 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatandatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.
- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa 1

Ugendeye ku bumenyi ufite sobanura akamaro ko kujya gukorera iyigayisha ku shuri ry'aho uturuka? Ni ibiki uzitaho igihe uzaba uri kwimenyereza umwuga wo kwigisha hafi y'iwanyu?

Ibisubizo byanogejwe

a) Ikigamijwe mu myitozo yo kujya kwigisha mu mashuri abanza

- Iyi myitozo ifasha umunyeshuri wimenyereza umwuga wo kwigisha kugira imyumvire iboneye ku buzima bw'ishuri n'abanyeshuri, kandi bikamufasha kwigiramo ubunyamwuga uko akomeza gukora imyitozoyi kwigisha.
- Gukora iyi myitozo bifasha uwimenyereza kurushaho gushyikirana n'abanyeshuri, abarimu n'abandi bafatanyabikorwa muburezi.
- Bifasha uwimenyereza gutahura ubushobozi yifitemo nk'umwarimu kandi akarushahokubuteza imbere.
- Bituma uwimenyereza kwigisha arushaho gusabana n'abanyeshuri no kubona itandukaniro ryabo mu myigire, akamenya n'uburyo butandukanye bwo kubafasha.
- Bituma kandi agira ubunararibonye mu micungire y'ishuri, akaboneraho n'umwanya wogushyira mubikorwa amahame n'amahange aba yarize mu ishuri.
- Ni akanya kandi ko kwiyubakamo indangagaciro z'umwarimu, nko kwicishabugufi, gukorana n'abandi, kwaguka mu bitekerezo n'izindi.

b) Ibyitabwaho mu gikorwa cyo kwimenyereza kwigisha ku mashuri abanza

- Kwimenyereza ubuzima bw'ishuri

Mu guhitamo ikigo k'ishuri, umunyeshuri wimenyereza umwuga agomba kereba ikigo gihereye hafi y'aho atuye. Mbere na mbere agomba kumenya ubuyobozi bw'ikigo. Ubuyobozi bw'ikigo bumuha umurongo azagenderaho ndetse bukanamuhuza n'umwarimu bazakorana mu gihe ari kwimenyereza umwuga wo kwigisha.

Umunyeshuri wimenyereza amaze kumenyana n'abayobozi n'abarimu, agomba kumenyana n'abanyeshuri agashingira kubyo asanze bazi agatangira gutegura amasomo ye.

- Gutegura

Mu gihe umunyeshuri ategura, ashobora kugisha inama abarimu bamwigisha cyangwa abo mu mashuri abanza mu rwego rwo gutanga inyigisho zifite ireme.

Umwarimu wo kumashuri abanza areba umuteguro w'umunyeshuri mbere y'uko ajya kwigisha, kugira ngo niba hari ibikeneye kunozwa babinoze mbere yo gutangira kwigisha.

Umunyeshuri agomba guhabwa amabwiriza n'umurongo ngenderwaho mu gihe agiye kwimenyereza kwigisha ku mashuri abanza.

Umunyeshuri ashishikarizwa gushaka imfashanyigisho ziboneye, kandi akagira n'ingamba zihamye zo gucunga ishuri mu gihe arikwigisha.

- Kwigisha

Umwarimu wo ku ishuri ribanza akurikirana ibikorwa by'umunyeshuri wimenyereza kwigisha. Yuzuza amafishi yabugenewe umunyeshuri amuhaye kandi agatanga ubujyanama bufasha umunyeshuri kurushaho kunoza imyigishirize ye.

- Nyuma yo kwigisha

Umunyeshuri umaze kwigisha ahabwa ubujyanama n'umwarimu wamukurikiranye kugira ngo amenye ibyo azanaza ubutaha. Amafishi yujujweho imigendekere y'amasomo aregeranywa akabikwa neza kugeza igihe umunyeshuri agarutse ku ishuri nderabarezi akayashyikiriza umwarimu/ umuyobozi ubishizwe.

Ikitonderwa:

Abanyeshuri bize ibidanago mu mu isomo ry'imisinge y'uburezi, kandi bagiye kubikenera mu masomo y'iyimenyereza mwuga. Ongera ubitutse uko buzuzwa ibidanago batamenyereye cyane cyane ingengabyigwan'ikidanago cya buri munsu.

Isomo rikurikiyeho rizigishwa abanyeshuri baravuye mu iyimenyerezamwuga bazakorera iwabo.

XVI.5.2. Isomo rya kabiri: Kwigisha isomo risoza ry'Ikinyarwanda ku mashuri abanza

Intego zihariye
Gusobanura ibikorwa n'imyitwarire by'umunyeshuri wimenyereza kwigisha mu gihe k'isomo risoza.
Imfashanyigisho
- Igitabo cy'umunyeshuri k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda
- Igitabo cy'umwarimu k'iyigayigisha ry'Ikinyarwanda

1. Intangiriro

Baza ibibazo ku iyimenyereza mwuga abanyeshuri bakoreye iwabo.

Urugero rw'ibibazo

- Niki cagushimishije mu iyimenyerezamwuga wakoze?
- Ni izihe mbogamizi wahuye na zo? Wazikemuye ute?

2. Isomo rishya

- Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore ibisabwa mu gikorwa cya 2 kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, mu mutwe wa cumi na gatandatu.
- Gendagenda mu matsinda ugenzura niba abanyeshuri bumvise neza ibyo bagomba gukora unatanga ubufasha aho bukenewe.

- Saba abanyeshuri kumurika ibyo bagezeho.
- Fatanya n'abanyeshuri kunoza ibisubizo.

Ikibazo cyo mu gikorwa 1

Uhereye ku bumenyi ufite vuga kandi usobanure ibikorwa wumva uzakora mu gihe k'isomo risoza.

Ibisubizo byanogejwe

Mu gihe cyo kwigisha isomo risoza, umunyeshuri wimeyereza umwuga agomba gukora ibikorwa bitatu by'ingenzi:

b) Gutegura

Mu gihe umunyeshuri ategura, ashaka imfashanyigisho zikwiye zijyanye n'insanganyamatsiko yahaweho gutegura isomo.

Mbere yo kwigisha, umunyeshuri ahabwa amabwiriza n'umurongo ngenderwaho akayakurikiza.

c) Kwigisha

Umwarimu wo kumashuri abanza n'uwo ku ishuri nderabarezi, bafatanya kureba umuteguro w'umunyeshuri mu gihe yigisha, buri wese akamuha amanota, nyuma isomo rirangiye bakaza kuyahuzza bagakora impuzandengo yayo.

d) Nyuma yo kwigisha

Amanota yahawe umunyeshuri abikwa neza agashyikirizwa umwarimu/ umuyobozi ubishizwe ku ishuri nderabarezi.

V. 5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Ubushobozi ngiro bw'abanyeshuri buzagenzurwa igihe cyose umunyeshuri ategura kandi yigisha isomo risoza mu mashuri abanza.

XVI. 6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa cumi na gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo mu mpera z'umwaka bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mitwe yose bize mu iyigayigisha ry'Ikinyarwanda. Bibategurira kuzakora neza ikizamini cya Leta k'iyigayigisha. Ni byiza kubaha imyitozo myinshi basubiza bandika, igakosorwa bakabona ibisubizo biboneye.

XVI.7. Isuzuma risoza umutwe wa cumi na gatandatu

Uyu mutwe nta suzuma ryihariye ufite, ahubwo abanyeshuri bahabwa ibibazo rusange ku iyigayigisha ry'Ikinyarwanda.

XVI.8. Ibindi bikorwa by'ingenzi

XVI.8.1. Imyitozo nzamurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi buke umwarimu ashobora kongera kubaha imyitozo yo gutegura amasomo cyangwa akabaha imikoro yo kugaragaza intambwe zikurikizwa mu kwigisha amasomo anyuranye.

XVI.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

Ku banyeshuri bagaragaje ubushobozi bukwiye mu myigishirize y'Ikinyarwanda, umwarimu gusoma ibitabo by'umwarimu by'Ikinyarwanda byo mu mashuri abanza, bakareba amasomo amwe na mwe batigishije bakagaragaza intambwe zikurikizwa mu kuyigisha.

XVI.9. Amakuru y'inyongera

Abanyeshuri bashishikarizwa kuzajya baho bajyana n'igihe, bagakurikiza impinduka zishobora kubaho, kuko amasomo y'iyigayigisha agenda ahuzwan'impinduka ziba mu burezi uko ibihe bigenda biha ibindi.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kabiri w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatatu w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda: Ikicro cya Mbere cy'Amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda: Ikicro cya Kabiri cy'Amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa kane w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatanu w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2018). Ikinyarwanda: Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa gatandatu w'amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda: Ikicro cya Mbere cy'Amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- REB/MINEDUC (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda: Ikicro cya Kabiri cy'Amashuri Abanza, REB/MINEDUC, Kigali.
- USAID Soma umenye, (2018). Amahugurwa y'Abarimu ku Kwigisha Gusoma no Kwandika: Igitabo cy'uhugura, Ikicro cya I, USAID Soma Umenye, Kigali.
- KIE, (2011). Integanyanyigisho yo kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri ya TTC, KIE, Kigali.
- USAID Soma umenye, (2018). Amahugurwa y'Abarimu ku Kwigisha Gusoma no Kwandika: Igitabo cy'uhugurwa, Ikicro cya I, USAID Soma Umenye, Kigali.
- USAID Soma umenye, (2018). Amahugurwa y'Abarimu ku Kwigisha Gusoma no Kwandika: Igitabo cy'uhugura, Ikicro cya II, USAID Soma Umenye, Kigali.
- USAID Soma umenye, (2018). Amahugurwa y'Abarimu ku Kwigisha Gusoma no Kwandika: Igitabo cy'uhugurwa, Ikicro cya II, USAID Soma Umenye, Kigali.
- REB/MINEDUC (2015). Teacher Training Manual: Roll out of the Competence-Based Curriculum, AZ MEDIA PLUS Ltd, Kigali.
- Rosemary Ngalande et Al (2008). Discovering language structure: Learning to read and write Chichewa,GTZ and CIDA, Lilongwe, Malawi.
- Armbruster, B. B. (2010). *Put reading first: The research building blocks for teaching children to read: Kindergarten through grade 3*. Diane Publishing.
- Burns, M. S., Griffin, P., & Snow, C. E. (1999). *Starting Out Right: A Guide to Promoting Children's Reading Success. Specific Recommendations from America's Leading Researchers on How To Help Children Become Successful Readers*. National Academy Press, 2101 Constitution Avenue, NW, Lockbox 285, Washington, DC 20055.
- National Association for the Education of Young Children (1998). Learning to read and write: Developmentally appropriate practices for young children. *Young Children*, 52(4), 30-46.
- Archer, A. L., & Hughes, C. A. (2010). *Explicit instruction: Effective and efficient teaching*. Guilford Press.
- Beck, I. L., McKeown, M. G., & Kucan, L. (2013). *Bringing words to life: Robust vocabulary instruction*. Guilford Press.
- Chard, D. J. Vaughn. S. & Tyler, B. (2002). A synthesis of research on effective interventions for building reading fluency with elementary students with learning disabilities. *Journal of Learning Disabilities*, 35, 386-406.

Gunning, T. G. (2013). *Creating literacy instruction for all children in grades pre-k to 4*. NY: Pearson Education Inc.

Honig, B, Diamond, L., & Guthlohn. L. (2006). *Teaching reading sourcebook*. Novato, CA: Arena Press.

Piazza, C. L. (2003). *The teaching of writing in elementary classroom*. Upper Saddle River, NJ: Pearson.

Thompkins, G. E. (2003). *Literacy in the early grades*. NY: Pearson.

Torgesen, J. K., & Hudson, R. F. (2006). Reading fluency: Critical issues for struggling readers. *What research has to say about fluency instruction*, 130-158.

REB/MINEDUC (2015). *Teacher Training Manual: Roll out of the Competence-Based Curriculum*, AZ MEDIA PLUS Ltd, Kigali.

USAID/Soma Umenye, (2019). *Classroom Library Guidelines Manual*

<https://www.oclc.org/content/dam/oclc/dewey/resources/summaries/deweysummaries.pdf>

<http://mr-ahmedrabie.blogspot.com/2011/12/steps-of-micro-teaching.html>

<http://mr-ahmedrabie.blogspot.com/2011/12/steps-of-micro-teaching.html>. consulted on September 28

IMIGEREKA

Umugereka wa 1. Amafishi agaragaza turango tw'ibitabo byanditse birimo ingingo nsanganyamasomo zinyuranye

1.1. Urutonde rukubiyemo ibyitabwaho mu kugenzura niba igitabo cy'umunyeshuri cyubahirije ihame ry'uburinganire n'ubwuzanyane n'uburezi budaheza

Urutonde rukurikira rukubiyemo ibyakagombye kubahirizwa mu gihe bandika igitabo kugira ngo kibe cyujuje ihame ry'uburinganire n'ubwuzanyane bw'ibitsina byombi n'uburezi budaheza. Ibikubiyemo bituma hashobora kugaragazwa niba igitabo kibubahirije koko cyangwa kitabyubahirije. Iyo ikinyuranyo hagati y'ibitsina byombi ari 0 cyangwa 1 igitabo kiba cyubahirije ihame ry'uburinganire n'ubwuzanyane iyo bitabaye bityo kiba kigomba kongera kunozwa.

1. Ibyitabwaho mu kugenzura umwandiko n'amashusho

N0	Ibyitabwaho	Umubare w'igitsina gabo	Umubare w'igitsina gore	Ikinyuranyo
1.1.	Umubare w'abanyarubuga b'igitsina gabo cyangwa igitsina gore bagaragara mu mutwe w'umwandiko			
1.2.	Abanyarubuga b'igitsina gabo cyangwa igitsina gore bagaragara mu mwandiko			
1.3.	Abanyarubuga bavugwa mu ntangiriro y'umwandiko			
1.4.	Umubare w'abanyarubuga bagaragara mu mashusho			
1.5.	Umubare w'abanyarubuga b'igitsina gore n'igitsina gabo batandukanye n'abandi mu gikuriro no mu migaragarire ku mashusho runaka			
1.6.	Umubare w'abanyarubuga b'igitsina gore cyangwa igitsina gabo bambaye imyenda gakondo			
1.7.	Umubare w'abanyarubuga b'igitsina gore cyangwa igitsina gabo bambaye imyenda yo muri iki gihe			
1.8.	Umubare w'abanyarubuga b'igitsina gore cyangwa igitsina gabo bagaragaza umuhate mu mirimo bakora			
1.9.	Umubare w'abanyarubuga bapfobejwe bagaragara mu gitabo			
1.10.	Umunyarubuga utagenda ahindagurika nk'abandi			
1.11.	Ingero z'abanyarubuga bigaragara ko bakora imirimo ubusanzwe yitwaga ko igenewe igitsina runaka (urugero: nk'umugore utwara ikamyi cyangwa umugabo w'umunyamabanga mu biro)			

2. Ibijyanye n'imyitwarire y'abanyarubuga

N0	Ibyitabwaho	Umubare w'igitsina gabo	Umubare w'igitsina gore	Ikinyuranyo
2.1.	Umunyarubuga ugaragara cyane mu mirimo yo ku rwego rwo hejuru (myiza).			
2.2.	Umunyarubuga bigaragara ko ari we ufata ibyemezo mu muryango runaka			

2.3.	Umunyarubuga ukora imirimo yo mu rugo (guteka, gusukura mu rugo, kuvoma, gusenya,...)			
2.4.	Umunyarubuga ugaragara mu mikino ngororangingo inyuranye			
2.5.	Umunyarubuga ugaragaza ubumenyi n'ubushobozi mu byo akora			
2.6.	Umunyarubuga uvuga rikijyana mu bandi			

3. Ibijyanye n'amakimbirane no kurwanya ihohotera

N0	Ibyitabwaho	Umubare w'igitsina gabo	Umubare w'igitsina gore	Ikinyuranyo
3.1.	Ni uwuhe munyarubuga wahuye n'ibibazo cyangwa wahohotewe mu bandi?			
3.2.	Ni uwuhe munyarubuga watangije amakimbirane?			
3.4.	Ni uwuhe munyarubuga ugaragara cyane mu gukemura amakimbirane?			

4. Abafite ibyo bagenerwa byihariye

N0	Ibyitabwaho	Yego	Oya	Inyongera
4.1.	Hari umubare w'abafite ubumuga ungana ku bagore n'abagabo:			
	a) Mu bavugwa mu mwandiko?			
	b) Ku mashusho?			
	c) Mu ngero zitangwa?			
4.2.	Abanyarubuga bafite ubumuga hari aho bagaragazwa nk'abanyarubuga b'ikitegerereze?			
4.3.	Mu gitabo haba haba hari ahakoreshejwe imvugo ikomeretsa/ ipfobya abafite ubumuga?			
4.4.	Amabwiriza atangwa mu myitozo iri mu gitabo aheza abafite ubumuga?			

Kimwe n'igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu na cyo cyakagombye kuba kereka umwarimu uko yita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse n'uburezi budaheza abafite ibyo bagenerwa byihariye. Bimwe mu byitabwaho mu gihe handikwa igitabo cy'umwarimu byagaragaye mu mbonerahamwe yatanze hejuru.

5. Amabwiriza atangwa ku bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye n'uburezi budaheza

N0	Ibyitabwaho	Yego	Oya	Inyongera
5.1.	Imvugo yakoreshejwe mu gitabo cy'umwarimu yubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye?			
5.2.	Mu gutanga amabwiriza hakoreshwa interuro zijyanye n'uburinganire bw'ibitsina byombi?			
5.3.	Amabwiriza atangwa mu gitabo cy'umwarimu yibutsa umwarimu uko yita ku banyeshuri bafite ubumuga?			


5.4.	Mu gitabo cy'umwarimu bamugira inama yo kudakoresha mu ishuri amagambo agira abo akomeretsa cyangwa apfobya?			
5.5.	Mu gitabo cy'umwarimu hagaragaramo ibikorwa bishyigikira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?			
5.6.	Mu gitabo cy'umwarimu harimo amabwiriza agaragaza uko umwarimu yimakaza mu ishuri uburinganire n'ubwuzuzanye?			
5.7.	Mu gitabo cy'umwarimu harimo amabwiriza abwira umwarimu uko yita kubafite ibyo bagenerwa byihariye?			
5.8.	Mu gitabo cy'umwarimu hari aho bamugira inama yo gukora imiteguro y'amasomo agaragaza uko yita ku bafite ibyo bagenerwa byihariye?			
5.9.	Mu gitabo cy'umwarimu hari aho bamugira inama yo gukora imiteguro y'amasomo batekereza ku bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye?			
5.10.	Imfashanyigisho zikoreshwa mu ishuri zijyanye n'uburezi budaheza?			
5.11.	Mu gitabo cy'umwarimu hari aho bamugira inama yo gukoresha uburyo bunyuranye mu gutanga amabwiriza no mu gihe k'isuzuma?			
5.12.	Mu gitabo cy'umwarimu hari aho bamugira inama ko agomba kumenya ko abanyeshuri bakenera ubufasha bunyuranye mu myigire yabo?			

Umugereka wa 2. Intambwe zo kwandika umwandiko

a) Mbere yo kwandika, umwanditsi:

Umwarimu:

1. Ahitamo insanganyamatsiko yandikaho. Urugero: Twite ku nzuki.
2. Yiha umurongo w'ibyo agomba kwandika. Urugero: Impamvu dukwiye kurengera inzuki.
3. Guhitamo ubwoko bw'umwandiko ugiye kwandikwa. Urugero: Umwandiko ntekerezo, utanga amakuru ku kintu runaka.
4. Gurobanura ibitekerezo no kubaha umurongo. Umwanditsi ashobora gukoresha igishushanyo mbumbabitekerezo.



b) Gutangira kwandika: Umwarimu yandika agenda ashya ku murongo ibitekerezo, akandika umwandiko ubanza, wa mbere.

<p>Ibitekerezo by'ingenzi</p> <ul style="list-style-type: none"> - Inzuki zidufitiye akamaro. - Zikora ubuki - Kurya ubuki bifitiye umubiri wacu akamaro. - Inzuki zibangurira ibimera, bikera bikaduha ibiribwa. - Inzuki ziragenda zishira. - Kubungabunga inzuki. - Gutera ibiti inzuki zikunda - Nta gushyira ku bimera imiti ibyangiza. 	<p>Gutangira kwandika</p> <p>Inzuki ni inshuti zacu</p> <p>Inzuki zikora ubuki. Kurya ubuki bituma tugira ubuzima bwiza. Inzuki kandi zigira uruhare mu kubangurira ibimera. Ibyo bigirira akamaro ibimera n'ibiti maze bikera imbuto n'imboga. Inzuki ziragenda zicika. Ese hari icyo twakora? Dushobora gutera indabo zikunda n'inzuki. Ikindi kandi, dukwiye kwirinda gushyira ku bimera ibinyabutabire bibyanga. Ibyo bishobora kwangiza inzuki.</p>
---	--

c) Gusubiramo ibyo wanditse: Uwanditse, ashobora gusomera undi muntu umwandiko yanditse. Awusubiramo, akongeraho cyangwa agakuraho bimwe ku makuru yari yanditse. Umwanditsi ashobora guhitamo inshuro zirenze imwe.

<p>Inzuki zikora ubuki. Kurya ubuki bituma tugira ubuzima bwiza. Inzuki kandi zigira mu kujyana ifu yo mu ndabo zimwe zikayijyana mu ndabo z'ibindi bimera. Ibyo bigirira akamaro ibimera n'ibiti maze bikera imbuto n'imboga. Inzuki ziragenda zicika. Ese hari icyo twakora?</p> <p>Dushobora gutera indabo zikunda n'inzuki. Ikindi kandi, dukwiye kwirinda gushyira ku bimera imiti ibyangaza. Ibyo bishobora kwangiza inzuki.</p>	<p>Gusubiramo ibyo wanditse</p> <p>Inzuki ni inshuti zacu</p> <p>Inzuki zidufitiye akamaro kanini cyane. Inzuki zikora ubuki kandi kurya ubuki bituma tugira ubuzima bwiza. Inzuki kandi zivana ifu yo mu ndabo z'ibimera bimwe zikayijyana mu ndabo z'ibindi bimera, ni byo byitwa ibangurira. Ibi bituma ibimera bibasha kwera neza maze bigatanga ibiribwa.</p> <p>Dushobora gufasha inzuki. Dushobora gutera indabo zikundwa n'inzuki. Dukwiye kandi kwirinda gushyira ku bimera imiti ibyangiza. Iyi miti ishobora kwangiza inzuki.</p> <p>Twite ku nzuki kuko zituma ibimera byera neza bikaduha ibiribwa</p>
--	--

Gukosora ibyo wanditse: Umwanditsi arongera agasoma, akareba ko utwatuzo, ikibonezamvugo n'inyuguti nkuru byakoreshejwe neza.

Gutangaza ibyo wanditse: Umwanditsi arangiza kwandika umwandiko wo gutangaza. Uyu mwandiko ushobora guhabwa umwarimu, gusangizwa ishuri ryose cyangwa gushyirwa ku rukuta rw'ishuri ahagenewe imyandiko yahimbwe n'abanyeshuri.

<p>Gukosora ibyo wanditse</p> <p>Inzuki ni inshuti zacu</p> <p>Inzuki zidufitiye akamaro kanini cyane. Inzuki zikora ubuki kandi kurya ubuki bituma tugira ubuzima bwiza. Inzuki kandi zivana ifu yo mu ndabo z'ibimera bimwe zikayijyana mu ndabo z'ibindi bimera, ni byo byitwa ibangurira. Ibi bituma ibimera bibasha kwera neza maze bigatanga ibiribwa Dushobora gufasha inzuki. Dushobora gutera indabo zikundwa n'inzuki. Dukwiye kandi kwirinda gushyira ku bimera imiti ibyangiza. Iyi miti ishobora kwangiza inzuki. Dukeneye inzuki kuko zituma ibimera byera neza bikaduha ibiribwa,</p>	<p>Gutangaza ibyo wanditse</p> <p>Inzuki ni inshuti zacu</p> <p>Inzuki zidufitiye akamaro kanini cyane. Inzuki zikora ubuki kandi kurya ubuki bituma tugira ubuzima bwiza. Inzuki kandi zivana ifu yo mu ndabo z'ibimera bimwe zikayijyana mu ndabo z'ibindi bimera, ni byo byitwa ibangurira. Ibi bituma ibimera bibasha kwera neza maze bigatanga ibiribwa. Dushobora gufasha inzuki. Dushobora gutera indabo zikundwa n'inzuki. Dukwiye kandi kwirinda gushyira ku bimera imiti ibyangiza. Iyi miti ishobora kwangiza inzuki. Dukeneye inzuki kuko zituma ibimera byera neza bikaduha ibiribwa.</p>
---	---

Umugereka wa 3. Ibyiciro byo kwandika

Kwandika no gusoma ni ibikorwa bibiri bifitanye isano kandi bigendana. Abanyeshuri bagenda batera intambwe mu byiciro bitandukanye byo kwandika. Abarimu bakwiye guhora bahuza ibyandikwa n'ibisomwa. Kugirango abanyeshuri babe abanditsi beza, bakeneye kubanza kwimenyereza neza gufata ikaramu, guca imisharabiko, guca amoko anyuranye y'imirongo, kwandika inyuguti nto n'inkuru, mu cyapa no mu mukono, gukurikiza ibyerekezo n'uburebure by'imirongo igize inyuguti...

Kwandika bifasha abasomyi b'abatangizi guhuza amajwi n'ibimenyetso byayo, bakitoza itahuramajwi n'ihuzamajwi zo nkingi z'ibanze zo gusoma no kwandika. Iyo twitegereje ibyiciro byose byo kwandika umwana anyuramo kuva akiri muto kugeza amenye kwandika nyabyo, dusanga anyura mu byiciro by'ingenzi bitandukanye.

Ibyiciro by'ingenzi byo kwandika birimo ikiciro kibanziriza kwandika, ikiciro k'ibanze cyo kwandika, ikiciro kisumbuye cyo kwandika n'ikiciro cyo hejuru cyo kwandika buri wese ku giti ke. Muri uyu mutwe, turareba uburyo bwo kwigisha kwandika burebana n'ibi byiciro bibiri gusa bibanza ari byo: ikiciro kibanziriza kwandika n'ikiciro k'ibanze cyo kwandika.

1. Ikiciro kibanziriza kwandika

Muri iki kiciro, abanyeshuri bashobora gukora ibi bikurikira:

- a) Abanyeshuri babanza kumva no kuvuga amagambo avuzwe mu rurimi kavukire rwabo. Nyuma, batangira kwitegereza no kubona ibimenyetso, inyuguti n'ibyapa byanditse aho baherereye, bamwe bakamenya n'inyuguti zigize amazina yabo.
- b) Abanyeshuri batangira gusa n'abandika bashushanya imisharabiko, kandi bakayihira igisobanuro batekereza. Urugero: Ushobora kumubaza igisobanuro k'imisharabiko yacye akakubwira ko yashushanyije umugati cyangwa imodoka.
- c) Abanyeshuri bato bagera aho bagatangira gutahura zimwe mu nyuguti zanditse bize. Batangira kumva ko inyuguti zanditse zifite igisobanuro n'icyo zivuga.

2. Ikiciro k'ibanze cyo kwandika

Muri iki kiciro, abanyeshuri biga ibi bikurikira:

- a) Abanyeshuri batangira guca imisharabiko, igatangira kuba imirongo ishobora kwifashishwa bandika inyuguti.
- b) Abanyeshuri biga inyuguti, imigemo, bakiga kwandika bava ibumoso bajya iburyo, bava hejuru bananuka hasi, bakitoza kwandika inyuguti, imigemo, amagambo n'interuro bashobora kwandika.
- c) Abanyeshuri bakomeza kwiga amagambo binyuze mu nyandiko bumva cyangwa basomerwa, bityo bakongera inyunguramagambo izabafasha mu kwandika.
- d) Abanyeshuri bakora imyitozo yo kuvuga ibafasha no mu kwandika. Uko bakora imyitozo yo kuvuga, gusubiza ibibazo ku byo bumvise, gutanga ibitekerezo, kuvuga muri make, ni ko bitegura gukurikiranya neza no kwandika mu magambo arambuye ibitekerezo batanze.
- e) Abanyeshuri biga itahuramajwi n'ihuzamajwi, bakiga kumva, gutahura, gutandukanya no gusimburanya amajwi, bakita no kuyahuza n'ibimenyetso biyahagarariye. Ubumenyi bwo gutahura no guhuza amajwi, bifasha abanyeshuri gutahura, gutandukanya no guteranya ibimenyetso bikenerwa mu kwandika.
- d) Abanyeshuri bashobora gutondeka imigemo bagakora amagambo cyangwa bagatondeka amagambo bagakora interuro.
- e) Abanyeshuri bashobora kwandukura inyuguti, imigemo n'amagambo, bagatahura umugemo ubura kugirango bakore ijamba.
- f) Abanyeshuri bashobora kwandika amagambo n'interuro babwiwe.
- g) Abanyeshuri bashobora gushushanya amashusho ajyanye n'inkuru basomewe cyangwa ajyanye n'ibyababayeho cyangwa bakuzuzamwe mu magambo asobanura igishushanyo

Umugereka wa 4. Umukino w'imigemo iri mu tuzu

Intego y'inyigisho: Nyuma y'iyi nyigisho abahugurwa baraba bashobora gukoresha imikino itandukanye mu rwego rwo gufasha abanyeshuri kwitoza gusoma no kwandika.

Igihe: Iminota 10

Imfashanyigisho:

- Inyoborabarezi muri gahunda nzamurabushobozi
- Umukeka cyangwa umusambi
- Imifuniko y'amacupa / imifuka babikamo imifuniko y'amacupa
- Uduce tw'impapuro dushushanyijeho utuzu
- Utubuye duto

Imyiteguro:

1. Shushanya utuzu tune tungana ku gace k'urupapuro.
2. Tegura ibikoresho bikurikira: Imifuniko ine y'amacupa kuri buri uhugurwa, uduce tw'impapuro zishushanyijeho utuzu tune, amakarita ariho amashusho, utubuye duto tune (igihe ari two wahisemo gukoresha), urutonde rw'amagambo ari bushakirwe imigemo

Intambwe zubahirizwa: (Reba mu nyoborabarezi muri gahunda nzamurabushobozi ku rupapuro rwa 41 kugera ku rwa 42)

Intambwe ya 1: Gushyira abanyeshuri ku gice cy'uruziga ukabaha amabwiriza y'umukino n'urugero rw'uko ukinwa.

Urugero:

- Umwarimu: Iyi ni ishusho y'uburiri. (Ereka abanyeshuri ishusho). Ni iyihe migemo igize ijamba uburiri?
- Abanyeshuri bose: Imigemo igize ijamba uburiri ni: u bu ri ri
- Umwarimu asubiramo iyo migemo ari na ko agenda ashyira umufuniko muri buri kazu yashushanyije ku gace k'urupapuro ahereye ibumoso ajya iburyo, nk'uko bimeze ku gishushanyo gikurikira:



Intambwe ya 2: Guha buri munyeshuri imifuniko ine cyangwa utubuye n'agace k'urupapuro kariho utuzu tw'imigemo.

Intambwe ya 3: Kwereka abanyeshuri indi shusho bakavuga izina ryayo, bakanavuga imigemo igize iryo zina/jamba. Gusaba abanyeshuri gushyira buri mufuniko uhagarariye umugemo mu kazu kawo bahereye ibumoso baja iburyo.

Intambwe ya 4: Kugendagenda mu ishuri usaba buri munyeshuri gukoresha urutoki avuga uko yakurikiranyije imigemo mu tuzu akoresheje imifuniko/utubuye yahawe.

Ibibazo byo kumva akamaro k'umukino

Amabwiriza: Kuri buri mukino dusanga mu nguni z'imikino zitandukanye, mwungurane ibitekerezo mu matsinda maze musubize ibibazo bikurikira mu minota 5:

1. Uyu mukino wabonye ukinwa ute? Murabona uyu mukino twawuha irihe zina? Ni ubuhe bushobozi bwo gusoma ushimangira?
2. Uyu mukino ujyanye n'ikihe kigero cyo kwitoza gusoma? (Gutahura amajwi, gusoma imigemo, amagambo, interuro n'agakuru)
3. Ese uyu mukino wakoreshwa hifashishijwe igitabo cy'umunyeshuri? Cyagufasha mu buhe buryo?
4. Ni ryari uyu mukino wakoreshwa mu kwigisha Ikinyarwanda? Mu itsinda rigari? Mu matsinda mato?

Umugereka wa 5. Amafishi y'isuzuma, biri ku mugereka

Amasuzumabushobozi yo gusoma no kwandika yateguwe azahabwa buri munyeshuri, akaba ateganyijwe ku buryo bukurikira:

- a. Mu mwaka wa mbere ayo masuzuma ntagaragara mu gitabo cy'umwarimu. Abarimu bazayahabwa mu gitabo cy'uhugurwa.
- b. Muri ayo masuzuma hakorwamo ibikorwa bikurikira:
- c. Mu mwaka wa mbere hakorwamo gusoma inyuguti, gusoma amagambo n'interuro
- d. Mu mwaka wa kabiri, hakorwamo: Gusoma amagambo n'interuro, kwandika amagambo n'interuro, gusoma agakuru, kumva agakuru no gukora icyandikwa.
- e. Mu mwaka wa gatatu, iryo suzuma ryibanda ku gusoma amagambo, icyandikwa, gusoma udategwa no kumva umwandiko.
- f. Uburyo bwo gukoresha isuzumabushobozi ryo gusoma no kwandika:
- g. Isuzumabushobozi ryo gusoma inyuguti, imigemo, amagambo n'interuro
- h. Umwarimu atanga amabwiriza kuri buri mwitoto wo gusoma (inyuguti, imigemo, amagambo cyangwa interuro) ndetse agasoma urugero kuri buri mwitoto atsindagiye.
- i. Mu gusoma niba umunyeshuri atinze gusoma inyuguti, imigemo, ijamba cyangwa interuro mubwire asubiremo rimwe nibimunanira akomeze ku bikurikiyeho kugeza igihe arangirije gusoma. Bara amasegonda atatu mbere yuko umubwira ngo akomeze ku yindi nyuguti, imigemo, amagambo cyangwa interuro.
- j. Isuzumabushobozi ryo gusoma agakuru:
- k. Umwarimu atanga amabwiriza ajyanye no gusoma ndetse no kubaza ibibazo byo kumva umwandiko mbere y'uko umunyeshuri atangira gusoma.
- l. Umwarimu aha buri munyeshuri agakuru asoma. Umunota iyo urangiye ashya akamenyetso aho yari ageze asoma, akabasha gukora igiteranyo cy'amagambo yasomye neza mu gihe cy'umunota umwe. Areka umunyeshuri agakomeza gusoma kugira ngo aze kubasha gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, ariko ntarenze iminota itatu akiri gusoma
- m. Isuzumabushobozi ryo kwandika:

Umwarimu aha abanyeshuri icyandikwa kandi bakagikorera rimwe bandika mu makayi

Gusoma amagambo			
Ikiciro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
9-10			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
8			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, mwatanga imyitoto nshimangirabushobozi myinshi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
6-7			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kiciro, cyangwa hasi yacyo wareba niba wasubiriramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugatanga imyitoto nzamurabushobozi ihagije.
1-5			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Jya ubasaba gusubiza kenshi. Bahe indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitoto myinshi kuri iri somo.
0			

Gusoma umwandiko			
Ikicro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
50 +			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
40-50			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, mwatanga imyitoto nshimangirabushobozi myinshi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
18-39			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, cyangwa hasi yacyo wareba niba wasubiramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugitanga imyitoto nzamurabushobozi ihagije.
1-17			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Jya ubasaba gusubiza kenshi. Bahe indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitoto myinshi kuri iri somo.
0			

Kumva umwandiko			
Ikicro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
4-5			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
3			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, cyangwa hasi yacyo wareba niba wasubiramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugitanga imyitoto nzamurabushobozi ihagije.
0-2			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Jya ubasaba gusubiza kenshi. Bahe indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitoto myinshi kuri iri somo.

Icyandikwa			
Ikicro cy'amanota	Umubare w'abanyeshuri		Ibyakorwa mu kunoza imyigire
	Abahungu	Abakobwa	
4-5			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, ubwo umubare munini w'abanyeshuri bari mu ishuri bakurikira iri somo neza. Umwarimu agomba gukurikirana abanyeshuri bagiye mu byiciro byo hasi kugira ngo bagere ku bushobozi bwifuzwa.
3			Niba abenshi mu banyeshuri bari muri iki kicro, cyangwa hasi yacyo wareba niba wasubiramo iri somo ishuri ryose cyangwa ugitanga imyitoto nzamurabushobozi ihagije.
0-2			Aba banyeshuri baba barasigaye inyuma kandi bisaba ko buri wese yitabwaho ku giti ke. Jya ubasaba gusubiza kenshi. Bahe indi mikoro ihagije yo mu rugo kugira ngo bakore imyitoto myinshi kuri iri somo.

1. Ibyiciro byo kwandika

Kwandika no gusoma ni ibikorwa bibiri bifitanye isano kandi bigendana. Abanyeshuri bagenda batera intambwe mu byiciro bitandukanye byo kwandika. Abarimu bakwiye guhora bahuza ibyandikwa n'ibisomwa. Kugirango abanyeshuri babe abanditsi beza, bakeneye kubanza kwimenyereza neza gufata ikaramu, guca imisharabiko, guca amoko anyuranye y'imirongo, kwandika inyuguti nto n'inkuru, mu cyapa no mu mukono, gukurikiza ibyerekezo n'uburebure by'imirongo igize inyuguti...

Kwandika bifasha abasomyi b'abatangizi guhuza amajwi n'ibimenyetso byayo, bakitoza itahuramajwi n'ihuzamajwi zo nkingi z'ibanze zo gusoma no kwandika. Iyo twitegereje ibyiciro byose byo kwandika umwana anyuramo kuva akiri muto kugeza amenye kwandika nyabyo, dusanga anyura mu byiciro by'ingenzi bitandukanye.

Ibyiciro by'ingenzi byo kwandika birimo ikicro kibanziriza kwandika, ikicro k'ibanze cyo kwandika, ikicro kisumbuye cyo kwandika n'ikicro cyo hejuru cyo kwandika buri wese ku giti ke. Muri uyu mutwe, turareba uburyo bwo kwigisha kwandika burebana n'ibi byiciro bibiri gusa bibanza ari byo: ikicro kibanziriza kwandika n'ikicro k'ibanze cyo kwandika.

1.1. Ikicro kibanziriza kwandika

Muri iki kicro, abanyeshuri bashobora gukora ibi bikurikira:

- a) Abanyeshuri babanza kumva no kuvuga amagambo avuzwe mu rurimi kavukire rwabo. Nyuma, batangira kwitegereza no kubona ibimenyetso, inyuguti n'ibyapa byanditse aho baherereye, bamwe bakamenya n'inyuguti zigize amazina yabo.
- b) Abanyeshuri batangira gusa n'abandika bashushanya imisharabiko, kandi bakayihira igisobanuro batekereza. Urugero: Ushobora kumubaza igisobanuro k'imisharabiko yacye akakubwira ko yashushanyije umugati cyangwa imodoka.
- c) Abanyeshuri bato bagera aho bagatangira gutahura zimwe mu nyuguti zanditse bize. Batangira kumva ko inyuguti zanditse zifite igisobanuro n'icyo zivuga.

1.2. Ikicro k'ibanze cyo kwandika

Muri iki kicro, abanyeshuri biga ibi bikurikira:

- a) Abanyeshuri batangira guca imisharabiko, igatangira kuba imirongo ishobora kwifashishwa bandika inyuguti.
- b) Abanyeshuri biga inyuguti, imigemo, bakiga kwandika bava ibumoso baja iburyo, bava hejuru bananuka hasi, bakitoza kwandika inyuguti, imigemo, amagambo n'interuro bashobora kwandika.
- c) Abanyeshuri bakomeza kwiga amagambo binyuze mu nyandiko bumva cyangwa basomerwa, bityo bakongera inyunguramagambo izabafasha mu kwandika.
- d) Abanyeshuri bakora imyitozo yo kuvuga ibafasha no mu kwandika. Uko bakora imyitozo yo kuvuga, gusubiza ibibazo ku byo bumvise, gutanga ibitekerezo, kuvuga muri make, ni ko bitegura gukurikiranya neza no kwandika mu magambo arambuye ibitekerezo batanze.
- e) Abanyeshuri biga itahuramajwi n'ihuzamajwi, bakiga kumva, gutahura, gutandukanya no gusimburanya amajwi, bakita no kuyahuza n'ibimenyetso biyahagarariye. Ubumenyi bwo gutahura no guhuza amajwi, bifasha abanyeshuri gutahura, gutandukanya no guteranya ibimenyetso bikenerwa mu kwandika.
- d) Abanyeshuri bashobora gutondeka imigemo bagakora amagambo cyangwa bagatondeka amagambo bagakora interuro.
- e) Abanyeshuri bashobora kwandukura inyuguti, imigemo n'amagambo, bagatahura umugemo ubura kugirango bakore ijamba.
- f) Abanyeshuri bashobora kwandika amagambo n'interuro babwiwe.
- g) Abanyeshuri bashobora gushushanya amashusho ajyanye n'inkuru basomewe cyangwa ajyanye n'ibyababayeho cyangwa bakuzuzamwe mu magambo asobanura igishushanyo

Umugereka wa 6. Ifishi yo gukurikirana ibikorwa byo gusoma mu isomero

Itariki	Izina ry'ikigo k'ishuri	Akarere/Intara			
Umwaka	Izina ry'umwarimu	Izina ry'umwunganizi			
GUSOMERA MU ITSINDA RYA BABIRIBABIRI & GUSOMA BURI MUNTU KU GITI KE					
IGIPIMO	Ikihutirwa	Yego	Oya	Yagerageje	Ibisobanuro
Mbere yo gusoma					
1. Umwarimu yatanze amabwiriza yumvikana	1				
Mu gihe cyo gusoma					
2. Umwarimu akurikira uko abanyeshuri basoma hanyuma akababaza ibibazo	2				
Nyuma yo gusoma					
3. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha gusangiza abandi ibyo basomye	3				
4. Nibura abanyeshuri bamwe na bamwe bahabwa umwanya wo gutirura ibitabo iyo bari mu isomero.	1				

Guha umwarimu ubujyanama ngarukirane

Ni ikihe kintu kimwe cyangwa bibiri umwarimu yakoze neza?

Ni ikihe gipimo kimwe cyangwa bibiri umwarimu akwiriye kongeramo imbaraga?

Umugereka wa 7. Ifishi yo gukurikirana imicungire y'isomero

Ifishi yo gukurikirana imicungire y'isomero

Itariki	Izina ry'ikigo k'ishuri	Akarere/Intara
Umwaka	Amazina y'umwarimu	Amazina y'ushinzwe uburezi ku murenge/Amazina y'umuyobozi w'ikigo k'ishuri

IGIPIMO	Ikihutirwa	Yego	Oya	Ibisobanuro
1. Icyumba giteguye ku buryo bubereye isomero: a. Umutekano w'isomero ry'ishuri urizewe ku buryo bukumira abajura. b. Icyumba k'ishuri ntikiva mu gihe k'imvura	1			
1. Akabati kabikwamo ibitabo kujuje ubuziranenge a. Mu cyumba k'isomero hari umwanya uhagije ufasha abanyeshuri kugera ku buryo bworoshye ku kabati karimo ibitabo byo gusoma b. Etageri iriho ibitabo iri ahantu heza hatagera imirasire y'izuba cyangwa imvura. c. Akabati kabikwamo ibitamo gashobora kwimurwa mu buryo bworoshye kandi ntikegereye ibindi bintu byatuma kangirika.	1			
2. Ikaye yandikwamo amakuru y'ibitabo irahari kandi yandikwamo ibitabo bishya byakiriwe.	1			
3. Uburyo ibitabo bipanzwemo bukuriye amabwiriza: a. Ibitabo biri mu kiciro kimwe bipanzwe hamwe ku buryo bworoshye kubona igitabo kiri mu kiciro ushaka b. Ibyiciro by'ibitabo biragaragara neza ku buryo umunyeshuri abona igitabo ashaka bitamugoye	2			
4. Abanyeshuri b'abakorerabushake barahari a. Abanyeshuri b'abakorerabushake bashyizweho kandi bahabwa umurongo ngenderwaho b. Abanyeshuri b'abakorerabushake bagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa bibera mu isomero.				
Gutanga "Yego" ku bipimo kuva kuri 1-5 bigaragaza zimwe mu ntego y'ishyirwaho ry'isomero -"Kuba isomero rikora"				
5. Uburyo bwo kungenzura ibitabo buriho kandi burakora a. Ikayi y'ibitabo igaragaza umunsi ku wundi ibitabo byatiriwe cyangwa byatirwe n'abanyeshuri. b. Abanyeshuri nibura 5 muri buri mwaka batiruye ibitabo mu kwezi gushize.	1			

IGIIMO	Ikihutirwa	Yego	Oya	Ibisobanuro
6. Ingengabihe y'isomero yashyizweho a. Abanyeshuri bafite umwanya wo gusoma no gutira ibitabo mbere/nyuma y'amasomo no mu gihe cy'akaruhuko b. Buri cyumweru hateganyijwe nibura isaha yo gusoma.	1			
7. Buri cyumweru, abarimu cyangwa abakozi bo mu isomero bayobora ibikorwa by'abanyeshuri byo gusomera mu isomero.	2			
8. Ikigo cyakoresheje inama y'ababyeyi hagamijwe guteza imbere ubushobozi bw'abanyeshuri bwo gusoma ndetse n'isomero nibura rimwe mu mezi atandatu.				
9. Nibura rimwe mu mwaka ikigo k'ishuri cyakoresheje amarushanwa yo gusoma ku kigo k'ishuri hatumirwa ababyeyi n'umuryango mugari muri rusange.				
Gutanga "Yego" ku bipimo kuva kuri 6-10 bigaragaza zimwe mu ntego y'ishyirwaho ry'isomero "Kuba isomero rikora"				

Guha umwarimu ubujyanama ngarukirane
Ni ibihe bintu bibiri cyangwa bitatu byagenze neza mu isomero:
Ni ikihe kihutirwa kimwe cyangwa bibiri bikwiriye kongerwamo imbaraga:
<p>Uburyo bwo gutanga ubujyanama ngarukirane</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kubanza kureba umusaruro wavuye mu isurwa ry'ubushize. Ese hari impinduka zabayeho? Ibyagombaga kongerwamo imbaraga byarakozwe? 2. Baza umukozi wo mu isomero ibyo abona cyagenze neza 3. Sangiza umukozi wo mu isomero ibindi bibiri cyangwa bitatu wabonye byagenze neza. 4. Saba umwarimu cyangwa umukozi wo mu isomero kugusangiza ibyo abona ko bikwiriye kongerwamo imbaraga. 5. Mubwire ikintu kimwe cyangwa bibiri ubona gikwiriye kongerwamo imbaraga. 6. Andika mu mwanya wabugenewe ukurikira ibyo mwumvikanyeho bizitabwaho ubutaha n'ibikwiriye kongerwamo imbaraga. <p>Ikitonderwa:</p>

Umugereka wa 8. Urugero rw'ifishi yifashishwa mu gusoma mu ijwi riranguruye no gusomera hamwe

Itariki	Izina ry'ikigo cy'ishuri	Akarere/Intara				
Umwaka bigamo	Izina rya mwarimu	Izina rya SEO/HT				
IGIPIMO		Ubwihutirwe	Yego	Oya	Igice	Ibisobanuro
MBERE yo gusoma						
1. Mwarimu yereka abanyeshuri igifuniko, akavuga ku mutwe w'igitabo n'uwacyanditse, maze akabaza abanyeshuri kuvumbura ibibazo byerekeye igitabo kijyanye n'ubuzima bwabo.	1					
2. Mwarimu abigisha ijamba 1 cyangwa amagambo 2 asomye mu gitabo.	1					
MU GIHE cyo gusoma						
3. Mwarimu asoma akora ibimenyetso bigaragarira ku bice by'umubiri.	1					
4. Mwarimu abaza ibibazo 2 cyangwa 3 byo kuvumbura.	2					
NYUMA yo gusoma						
5. Mwarimu agenzura ibyo abanyeshuri bumvishe abaza ibibazo: ni nde? ni iki?, ni hehe?, ni ryari?	3					
6. Nibura bamwe mu banyeshuri babona umwanya wo gutahana ibitabo mu isaha yagenewe isomero.	1					

Kubwira mwarimu ibyo mwakuye mwumvise

Ni ikihe kintu 1 cyangwa 2 mwarimu yakoze neza?

Ni ikihe gipimo 1 cyangwa 2 mwarimu agomba kwibandaho kugira ngo abinoze?

Umugereka wa 9. Urugero rw'ifishi yo gukurikirana iyo abana basoma babiri babiri n'iyi basoma buri wese ukwe

Itariki	Izina ry'ikigo cy'ishuri	Akarere/Intara				
Umwaka bigamo	Izina rya mwarimu	Izina ry'umutoza				
IGIPIMO		Ubwihutirwe	Yego	Oya	Igice	Ibisobanuro
MBERE yo gusoma						
1. Mwarimu atanga amabwiriza asobanutse yerekeye umwitozo.		1				
MU GIHE cyo gusoma						
2. Mwarimu atega amatwi uko abana basoma akababaza ibibazo.		2				
NYUMA yo gusoma						
3. Mwarimu abaza ibibazo byo gufasha abanyeshuri gusangira ibitabo bafite		3				
4. Nibura bamwe mu banyeshuri babona umwanya wo gutahana ibitabo mu isaha yagenewe isomero.		1				

Kubwira mwarimu ibyo bumvise

Ni ikihe kintu 1 cyangwa 2 mwarimu yakoze neza?

Ni ikihe gipimo 1 cyangwa 2 mwarimu yagombye kurushaho kunoza?

Umugereka wa 10. Ikayi y'ibitabo (Iba ari kimwe ku kigo k'ishuri)

#	Amazina y'umunyeshuri	Izina ry'igitabo	Nimero y'igitabo	Itariki agitiriyeho	Itariki akigaruriyeho

Umugereka wa I. Umuteguro w'isomo ryo ryohutahura no gusoma inyajwi

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
I	29/1/2019	Ikinyarwanda	Mbere	Mbere	18 muri 48	40	36
<p>Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo</p> <p>- Umunyeshuri ufite ubumuga bwo kutumva neza: 1 - Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona ibiri kure: 2</p>							
Umutwe							
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe							
Gusoma no kwandika inyajwi i na u no kuzitahura mu magambo no mu nteruro ndetse no mu twandiko tuvuga ku muco n'indangagaciro.							
Isomo							
Gutahura no gusoma inyajwi i							
Intego ngenamukoro							
Hifashishijwe amashusho n'infashanyigisho zifatika, buri munyeshuri araba ashobora gutahura mu magambo no mu nteruro nogusoma neza inyajwi I / I							
Imiterere y'aho isomo ribera							
Abanyeshuri baricara mu ishuri mu gice cy'uruziga, 2 batumva neza bicare hafi y'aho umwarimu ahagaze abasomera, naho 1 utabona neza yicare imbere yerekwe amashusho agaragara cyane kandi, ku buryo ashobora kubona ibyo umwarimu amwerekana.							
Imfashanyigisho							
Imfashanyigisho zifatika zirimo isuka, urukweto n'isaha cyangwa amashusho yo mu gitabo cy'umunyeshuri aiyanye n'ibi bikoresho, impapuro zanditseho inyajwi i/ n'amagambo bifite ingano nini.							
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe							
Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri ku rupapuro rwa 5 nurwa 6, igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 6 igitabo cy'umwarimu umwaka wa mbere, urupapuro rwa 23, integanyanyigisho y'ikinyarwanda ikiciro cya 1, umwaka wa mbere, urupapuro rwa 15-17.							
Ibice by'isomo + igihe		Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora			Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (ubushobozi + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho)		
		Umwarimu akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", arereka abanyeshuri amashusho, abereke ikimenyetso k'inyajwi i nto n'inkuru, bayisome inshuro nyinshi zishoboka. Arasaba abanyeshuri gushaka inyajwi i/ n'amagambo bayisome. Abanyeshuri batabona ibiri kure, barahabwa impapuro zanditseho inyajwi i/ n'amagambo bifite ingano nini bibafasha gusoma no kwerekana icyo nyajwi. Utumva neza abwirwe mu ijwi riranguruye, amubiriramo ibyo abandi bavuze, avuye amureba kandi hakoresheye ibimenyetso by'umubiri n'amashusho agaragara neza.			Ibikorwa by'umunyeshuri		
		Ibikorwa by'umwarimu			Ibikorwa by'umunyeshuri		

<p>Intangiriro: Iminota 5</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, kubakosora no gufasha abafite ibibazo byihariye. - Gusaba abanyeshuri kuriramba itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda bagenda bazikoraho aho ziri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 3. - Gusaba abanyeshuri kwitegereza imisharabiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 5, no kudasaba kwerekana umurongo uhagaze, utambitse n'ishusho y'akadomo bakoresheje urutoki. - Kuyobora abanyeshuri mu gihe berekana mirongo no gufasha abafite ibibazo byihariye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana aho bakoreye umukoro cyangwa kuvuga uko bakoze umukoro. - Gufungura ibitabo ku rupapuro rwa 3 no kuriramba itonde ry'inyuguti z'ikinyarwanda bagenda bazikoraho. - Kwitegereza imisharabiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 5, no kudasaba kwerekana umurongo uhagaze, utambitse n'ishusho y'akadomo bakoresheje urutoki. 	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: <p>Uko umwarimu akosora umukoro afasha abanyeshuri kunguka ubumenyi.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: <p>Buragararira mu kwitegereza imisharabiko no kwerekana imirongo ihagaze n'itambitse.</p>
<p>Isomo nyirizina: Iminota 25 I. Itahuramajwi</p>	<p>Gutahura no kwitoza kuvuga ijwi rishya “j”</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusomera abanyeshuri igika cya gatatu k'inkuru “Tugire ikinyabupfura.” - Kubaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku magambo y'ifatizo arimo ijwi rishya i. <p>Urugero: Iyo Marebe yasabaga se kumusomera inkuru yamusubizaga iki?</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusubiramo amagambo inkuru, imyitwarire hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gufatany n'abanyeshuri gusubiramo amagambo hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gusaba abanyeshuri gusubiramo amagambo arimo ijwi i ku giti cyabo, batsindagira ijwi i, bigana urugero bahawe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi igika k'inkuru basomerwa n'umwarimu. - Gusbiza ibibazo umwarimu ababajije. <p>Se yamusubizaga ko atasomera inkuru umwana ufite imyitwarire mibi.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi uko umwarimu asubiramo amagambo inkuru, imyitwarire atsindagira ijwi rishya i. - Gufatany n'umwarimu gusubiramo amagambo hatsindagirwa ijwi rishya i. - Gusubiramo amagambo arimo ijwi i ku giti cyabo, batsindagira ijwi i, bigana urugero bahawe. 	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umuco w'amahoro: Uragagarira mu ngingo z'umwandiko “Tugire ikinyabupfura.” - Uburinganire n'ubwuzuzanye: Buragarira mu kubaza ibibazo abahungu n'abakobwa no mu bikorwa bahabwa. - Uburezi budahaheza: Buragarira mu gufasha abanyeshuri bafite ibibazo byihariye <p>Ubushobozi nsanganyamasomo:</p>

	<p>Gutahura ijwi rishya “i” bahereye ku mashusho</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho no kuvuga amazina yayo. - Kwakira no kwemeza ibisubizo by’abanyeshuri babiri cyangwa batatu. - Guha abanyeshuri urugero rw’uko batahura ijwi ry’ishusho ya mbere “isuka” ubara imigemo barebesha ibikumwe hejuru nyuma yo gutahura ko mu izina ry’ishusho y’isuka wumvisemo ijwi ribanza rya /i/. - Gufatanyaga n’abanyeshuri bagatahura ijwi /i/ bahereye ku ishusho ya kabiri “urukweto”. Barebesha ibikumwe hasi kuko ijwi /i/ ritarimo. - Gusabanyeshuri kuvuga izina ry’ishusho ya gatatu “isaha” ku giti cyabo bigana urugero bahawe. - Gusaba abanyeshuri gutanga andi magambo arimo ijwi /i/. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amashusho ari mu bitabo byabo no kuvuga amazina yayo. Ishusho ya mbere ni iy’isuka, iya kabiri ni iy’urukweto naho iya gatatu ni iy’isaha. - Gukurikira urugero bahawe n’umwarimu no gutega amatwi neza amabwiriza. - Gufatanyaga n’umwarimu gutahura ijwi bahereye ku ishusho ya kabiri “urukweto”. - Kuvuga izina ry’ishusho ya gatatu “isaha” ku giti cyabo bigana urugero bahawe. - Gutanga andi magambo arimo ijwi /i/. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ubufatanye, imibanire ikwiye: Bigaragarira mu gutanga ibitekerezo mu matsinda ya babiribabiri ndetse no mu gufasha bagenzi babo bakeneye ubufasha bwihariye. - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: Bigaragarira mu kwitegereza amashusho no gusubiza ibibazo.
<p>2. Ihuzamajwi</p>		<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikira uko umwarimu yandika ku kibaho inyajwi i mu nyuguti nto n’uko ayisoma. - Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi i mu nyuguti nto ku kibaho no kuyisomera hamwe n’umwarimu. - Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi i mu nyuguti nto ku kibaho no gusoma ku giti cyabo inyajwi aberetse. - Kwerekana inyajwi i nto mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6 no kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana. 	

		<p>- Gukurikira uko umwarimu yandika ku kibaho inyajwi “I” mu nyuguti nkuru n’uko ayisoma.</p> <p>- Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi “I” mu nyuguti nkuru ku kibaho no kuyisomera hamwe n’umwarimu.</p> <p>- Gukurikira uko umwarimu yandika inyajwi “I” mu nyuguti nkuru ku kibaho no gusoma ku giti cyabo inyajwi aberetse.</p>	
	<p>- Gusaba abanyeshuri kwerekana inyajwi “I” nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6, kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p> <p>- Kugendagenda mu ishuri atega amatwi uko abanyeshuri basoma, afasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Kwerekana aho inyajwi i/I yanditse mu ijambo</p> <p>- Gusobanurira abanyeshuri ko mugaye kwerekana ahanditse inyajwi i/I mu magambo abirabiri ateganye mu nkingi ebyiri zatanzwe mu gitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3. Niba ijambo rifite inyajwi i/I, uyikoreho ukayibereka.</p> <p>- Kwandika ku kibaho amagambo Iribagiza, urugo, kwerekana buri nyajwi i/I iri mu ijambo no kubabwira ko ijambo Iribagiza rifite inyajwi i/I eshatu.</p> <p>- Kwerekana ko mu ijambo rya kabiri urugo nta nyajwi i/I irimo.</p> <p>- Gufatany n’abanyeshuri gushaka no kwerekana inyajwi i/I mu ijambo amata, kubwira abanyeshuri ko mushyira ukuboko hejuru nimuyibonamo. Kuvugira hamwe n’abanyeshuri ko mu ijambo amata nta nyajwi i irimo.</p>	<p>- Kwerekana inyajwi “I” nkuru mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 6 no kuyisomera bagenzi babo bayikozaho urutoki basimburana.</p> <p>- Gutega amatwi amabwiriza.</p> <p>- Kwitegereza urugero rw’umwarimu.</p> <p>- Gufatany n’umwarimu gushaka no kwerekana inyajwi i/I mu ijambo amata, gushyira ukuboko hejuru nibonekamo. Kuvugira hamwe n’umwarimu ko mu ijambo amata nta nyajwi i irimo.</p>	

	<p>- Gufatanya n'abanyeshuri gushaka no kwerekana inyajwi i/I mu ijamba ino, kubwira abanyeshuri ko mushyira ukuboko hejuru nimuyibonamo. Kuvugira hamwe n'abanyeshuri ko mu ijamba ino harimo inyajwi i.</p>		
<p>Inshamake: Iminota 2</p>	<p>- Gusaba abanyeshuri ku giti cyabo kwerekana inyajwi i/I mu magambo ari mu bitabo byabo, urupapuro rwa 6, igikorwa cya 3.</p> <p>- Gufatanya n'abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bize.</p>	<p>- Gufatanya n'umwarimu gushaka no kwerekana inyajwi i/I mu ijamba ino, gushyira ukuboko hejuru nibonekamo Kuvugira hamwe n'umwarimu ko mu ijamba ino harimo inyajwi i.</p> <p>- Kwerekana ku giti cyabo inyajwi i/I mu magambo ari mu bitabo byabo, urupapuro rwa 6, igikorwa cya 3.</p> <p>- Gufatanya n'umwarimu ku vuga muri make ibyo bibuka.</p>	
<p>-Isuzuma Iminota 8</p> <p>Umukoro</p>	<p>- Gusaba abanyeshuri gusoma nyajwi i/I bayikoraho mu bitabo byabo, ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3 bayikoreho kandi banayisoma.</p> <p>- Kugendagenda areba uko abanyeshuri basoma afasha abafite ibibazo byihariye.</p> <p>Gusaba abanyeshuri kuza kubaza abo babana izindi ngero z'amagambo arimo inyajwi i/I no kuzazibwira bagenzi babo mu ishuri.</p>	<p>- Gusoma nyajwi i/I bayikoraho mu bitabo byabo, ku rupapuro rwa 6, igikorwa cya 3 bayikoraho kandi banayisoma.</p> <p>- Gusomera abo babana inyajwi i/I, kubabaza izindi ngero z'amagambo irimo no kuzazibwira bagenzi babo mu ishuri.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo: Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: bigaragarira mu mukoro mu gihe basomera abo babana inyajwi i/I. Ubushakashatsi: Bugaragara mu gihe babaza abo babana amagambo arimo inyajwi i/I.</p>
<p>Kwisuzuma (umwarimu)</p>	<p>Hakurikijwe intego ngenamukoro, abanyeshuri batahuye kandi basoma inyajwi neza ariko kuko ari umbwa mbere, byagoranye kumenya urupapuro bagezeho biga, igikorwa tugezeho ndetse no gufata ibitabo uko bikwiye. Mu isomo rikurikiraho abanyeshuri bazabwirwa ibara ry'aho bageze baryerekwe ku buryo buzabafasha gutahura neza aho bageze.</p>		

Umugereka wa 12. Urugero rw'isomo ryo kumva no gusesengura inkuru

Izina ry'ishuri: Amazina y'umwarimu:

Igihembwe:	Itariki:	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
I	18/02/2019	Ikinyarwanda	2	I	32 muri 48	Iminota 40	35
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo							
Umutwe Umuco w'amahoro							
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihakane ts, nz, rw, by, nt, mw no gusesengura utwandiko tugufi dushingiye ku nsan-ganyamatsiko y'umuco w'amahoro.						
Isomo	Kumva no gusesengura inkuru: "Dufashanye"						
Intego ngenamukoro	Hifashijwe inkuru yasomwe: "Dufashanye", buri munyeshuri araba ashobora gusobanura neza amagambo abiri mashya, kuyakoresha neza mu nteruro no gusubiza neza ibibazo bine ku nkuru yasomewe.						
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri baricara mu ishuri mu gice cy'uruziga, 2 batumva neza bicare hafi y'aho umwarimu ahagaze abasomera, naho 1 utabona neza yicare imbere yegereye ikibaho kandi akitegeye neza, ku buryo ashobora kubona ibyo umwarimu yandika.						
Imfashanyigisho	Amashusho yo mu gitabo aiyanye n'inkuru.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 4 n'urwa 5. Igitabo cy'umwarimu, umwaka wa kabiri, urupapuro rwa 46 n'urwa 47, Integanyanyigisho y'ikinyarwanda ikicro cya 1, umwaka wa kabiri, urupapuro rwa 55 kugera ku rwa 59.						

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (andika ubushobozi + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho)
	Umwarimu akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", arasomera abanyeshuri umutwe w'inkuru, abereke amashusho, ababaze icyo babona hanyuma abasabe gutahura icyo inkuru iri buvugeho. Akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore" arafatany n'abanyeshuri gusobanura amagambo aza gutuma bumva neza inkuru. Umwarimu arasomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye nyuma bagenzure niba ibyo basomewe bihuye n'ibyo bari batahuye mbere, hanyuma basubize ibibazo byo kumva inkuru.	Ibikorwa by'umwarimu	
		Ibikorwa by'umunyeshuri	

<p>Intangiriro: Iminota 5</p>	<p>Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, kubakosora no gufasha abafite ibibazo byihariye. Kubaza abanyeshuri ibibazo ku nkuru baheruka kwiga “Nzobe yisubiyeho” no kwakira ibisubizo abanyeshuri batanga.</p>	<p>Kwerekana aho bakoreye umukoro cyangwa kuvuga uko bakoze umukoro. Gusubiza ibibazo ku nkuru yizwe ubushize “Nzobe yisubiyeho.”</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo: Umuco w’amahoro: Kudasagarira abandi; gusaba imbabazi no kuzitanga. (Mu gihe basubiza ibibazo ku nkuru baheruka kwiga).</p>
<p>Isomo nyirizina: Iminota 25</p>	<p>1. Gutahura icyo inkuru iza kuvugaho Gusoma umutwe w’inkuru: “Dufashanye” (igitabo k’inkuru zisomerwa abanyeshuri urupapuro rwa 4 n’urwa 5). Kwerekana amashusho y’inkuru n’izindi mfashanyigisho (kwita ku munyeshuri utabona neza). Kubaza ibibazo binyuranye ku mashusho 2. Inyunguramagambo Kuvuga ijamba kumushungera no kubaza abanyeshuri igisobanuro k’ijamba kumushungera hakoreshejwe uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore. Kunozza igisobanuro k’iryo ijamba. Gukoresha ijamba kumushungera mu nteruro. Kuvuga jamba agahinda no kubaza abanyeshuri igisobanuro k’ijamba agahinda hakoreshejwe uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese na Buri wese akore. Kunozza igisobanuro k’ijamba agahinda. Gukoresha ijamba agahinda mu nteruro. Gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye Gusoma inkuru yose ku muvuduko ukwiye no kubahiriza utwatozo n’isekaza. Kwerekana abanyeshuri amashusho aiyanye n’inkuru, ubasaba gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza. Kugenzura niba abanyeshuri bibuka igisobanuro cy’amagambo yasobanuwe. Kubaza abanyeshuri niba ibyo bari batahuye mbere bitwaga n’ibyo bumvise mu nkuru.</p>	<p>Gutega amatwi umutwe w’inkuru. Kwitegereza amashusho y’inkuru n’izindi mfashanyigisho. Gusubiza ibibazo biyanye n’amashusho. Gutanga ibitekerezo by’uko bumva inkuru iri bugende. Kugerageza gutanga igisobanuro k’ijamba kumushungera. Gutega amatwi igisobanuro k’ijamba kumushungera. Gutega amatwi urugero rw’interuro umwarimu atanga. Kuvugira hamwe n’umwarimu ijamba kumushungera n’igisobanuro cyarwo. Kujya mu matsinda no gukora interuro irimo ijamba kumushungera. Kubwira bagenzi babo interuro bakoze. Gusobanura ijamba agahinda Gukoresha ijamba agahinda mu nteruro. - Gutega amatwi inkuru umwarimu asoma mu ijwi riranguruye. - Kwitegereza neza amashusho aiyanye n’inkuru, gutekereza no kuvuga uko inkuru ikomeza.</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo: 1. Uburinganire n’ubwuzuzanye: Bugagarira mbere na mbere mu mashusho agaragaza abahungu n’abakobwa ku rwego rumwe. - Gufatanya kw’ abakobwa n’ abahungu mu mirimo wabahaye. 2. Uburezi budaheza: Umunyeshuri utabona neza na we aragira uruhare, mu bikorwa afashijwe n’umwarimu cyangwa bagenzi be bigana. 3. Umuco w’amahoro Kudashungera umuntu uri mu bibazo, ahubwo ukamutabara. 4. Uburinganire n’ubwuzuzanye: bigaragarira mu buryo Hirwa (umuhungu) yafashije Byishimo (umukobwa), akamujyana iwabo, akamutiza imyenda ya mushiki we.</p>

<p>Inshamake</p>	<p>4. Kumva no gusesengura inkuru: Kubaza ibibazo byo kumva no gusesengura inkuru Dufatanye hakoreshejwe uburyo bwa Ndatanga urugero, Dukorane twese Buri wese akore.</p> <p>Kubaza ikibazo cyo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe.</p> <p>Gufatanya n'abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bize.</p>	<p>- Gutanga igisobanuro cy'amagambo yasobanuwe. - Gutanga ibitekerezo by'uko bumvaga inkuru iri bugende n'uko babyumvise mu nkuru. Gukurikira no gutega amatwi uko ikibazo cya mbere kibazwa.</p> <p>Abanyeshuri barasubiza. Gutega amatwi uko umwarimu asubiza ikibazo cya mbere n'ibisobanuro atanga. Gutega amatwi uko umwarimu abaza ikibazo cya kabiri no gufatanya na we kugisubiza. Gusubiza ikibazo cya gatatu ku giti cyabo. Gutega amatwi ikibazo cyo guhuza inkuru n'ubuzima busanzwe no kugisubiza. Gufatanya n'umwarimu kuvuga muri make ibyo bize mu isomo ryo kumva no gusesengura umwandiko.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo I. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo Bigaragazwa n'uko bashakaye ibisubizo ibibazo mugenzi wabo, bamutabara, batamuterarana mu bibazo. Abanyeshuri barabacengera mu gusesengura umwandiko, bakabona ko bakwiye kwigana urugero rwo gutabara bagenzi babo bagize ikibazo. 2. Gusabana mu Kinyarwanda Mu gihe bakorana bavuga, basobanura inyunguramagambo banabwirana interuro bahimbye.</p>
<p>Umusozo w'isomo: Iminota 10</p> <p>-Ikomatanya -Isuzuma</p>	<p>Kongerera gusomera abanyeshuri inkuru mu ijwi riranguruye hubahirizwa utwatumaze n'isesekaza rikwiye. Kubaza abanyeshuri ibibazo by'isuzuma. Gutega amatwi ibisubizo by'abanyeshuri, kubakosora no gushima abashubije neza. Gusaba abanyeshuri kuza kubwira abo babana ibyo bumvise mu nkuru "Dufashanye", baganire na bo ibyo bashimye muri iyi nkuru, bazabibwire bagenzi babo mu ishuri.</p>	<p>Gutega amatwi no gusubiza ibibazo by'isuzuma. Gusubiza ibibazo by'isuzuma. Gusubiza ibibazo ku nkuru. Gutega amatwi umukoro no kuza kuwukorerera mu rugo.</p>	<p>Ingingo nsanganyamasomo: Umuco w'amahoro Ni byiza gufasha no gutabara uri mu bibazo. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Kubashishikariza kubwira abo babana mu rugo inkuru basomewe mu ishuri.</p>
<p>Kwisuzuma (umurezi)</p>	<p>- Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye. - Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari).</p>		

Umugereka wa 13. Urugero rw'isomo ryo kwandika

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka wa	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
	30/11/2019	Ikinyarwanda	2	Mbere	6 muri 48	40	46
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		<p>- Umunyeshuri ufite ubumuga bwo kutabona ibiri kure: 1</p> <p>- Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza: 2</p>					
Umutwe	Umuco w'amahoro						
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<p>- Gusoma no kwandika anozza umukono inyuguti zigize itonde ry'ikinyarwanda.</p> <p>- Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihokane ts, nz, rw, by, nt, mw no gusesengura utwandiko tugufi dushin-giye ku nsanganyamatsiko y'umuco w'amahoro.</p>						
Isomo	Kwandika no gusoma igihokane nz/Nz						
Intego ngenamukoro	Hifashishijwe ikayi y'imirongo y'inozamukono, buri munyeshuri araba ashobora gusoma no kwandika anozza umukono amagambo n'interuro birimo igihokane nz/Nz .						
Imiterere y'aho isomo ribera	Abanyeshuri baricara mu ishuri mu gice cy'uruziga, 2 batumva neza bicare hafi y'aho umwarimu ahagaze abaha amabwiriza, naho 1 utabona neza yicare imbere yerekwe uko bandika icyo gihekane ku buryo ashobora kubona ibyo umwarimu amwerekana.						
Imfashanyigisho	Inzembe eshatu, urukweto n'amashusho yo mu gitabo aiyanye n'inkuru n'andi mashusho agaragara cyane.						
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Igitabo k'inkuru zisomerwa abanyeshuri, urupapuro rwa 19. Igitabo cy'umwarimu, umwaka wa kabiri, urupapuro rwa 61, Integanyanyigisho y'ikinyarwanda ikiciro cya 1, umwaka wa kabiri, urupapuro rwa 55-59						

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora	Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (ubushobozi + igisobanuro kigufi kigaragaza uko buzagerwaho)
	Umwarimu akoresheje uburyo bwa "Ndatanga urugero, Dukorane twese, Buri wese akore", arereka abanyeshuri ikimenyetso k'igihokane nz gitangijwe n'inyuguti nto n'inkuru cyanditse mu mukono, basome, banatondeke amagambo n'interuro birimo icyo gihekane. Abanyeshuri batabona ibiri kure, barahabwa ibikoreshe bibafasha kandika icyo gihekane naho utumva neza abwirwe mu ijwi riranguruye.	
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri

<p>Intangiriro: Iminota 5</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, kubakosora no gufasha abafite ibibazo byihariye. - Kubaza abanyeshuri ibibazo ku gakuru baherutse kwiga: “Tubane mu mahoro” - Ni akaha gakuru duheruka kwiga? - Ni irihe somo wagakuyemo? 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana aho bakoreye umukoro cyangwa kuvuga uko bakoze umukoro. - Gusubiza ibibazo ku mwandiko wizwe ubushize “Tubane mu mahoro” - Agakuru duheruka kwiga kitwa “Tubane mu mahoro” - Nakuyemo isomo ryo kudasagarira abandi 	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umuco w’amahoro: Kudasagarira abandi; gukina badahutazanya. (Mu gihe umwarimu abibutsa umwandiko bize) Ubushobozi nsanganyamasomo: Ubufatanye, imibanire ikwiye bigaragarira mu kugirana inama no mu gutanga ibitekerezo mu matsinda mato.
	<p>1. Kwimenyereza kwandika mu mukono igihe Kane “nz” kigizwe n’inyuguti nto.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Guha urugero abanyeshuri uko bandika mu mukono igihe Kane nz gitangiwe n’inyuguti nto. - Gusoma mu ijwi riranguruye igihe Kane nz. - Gufatanya n’abanyeshuri bakandika mu mukono igihe Kane nz. - Gusaba abanyeshuri kwandika mu mirongo y’inozamukono mu makayi yabo igihe Kane nz inshuro eshanu. - Kugendagenda mu ishuri yitegereza uko abanyeshuri bandika mu mukono igihe Kane nz no gufasha abafite ibibazo byihariye. <p>2. Kwimenyereza kwandika mu mukono igihe Kane “Nz” gitangiwe n’inyuguti nkuru.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora nk’ibyakoze afasha abanyeshuri gutahura igihe Kane nz. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikira urugero rw’umwarimu rw’uko bandika mu mukono igihe Kane nz gitangiwe n’inyuguti nto. - Gutege amatwi uko umwarimu abasomera igihe Kane nz. - Gufatanya n’umwarimu bakandika mu mukono igihe Kane nz. - Kwandika mu mirongo y’inozamukono mu makayi yabo igihe Kane nz inshuro eshanu. - Gusoma mu ijwi riranguruye igihe Kane nz. 	<p>Ingingo nsanganyamasomo:</p> <p>Uburiganire n’ubwuzuzanye: bugaragarira mu kuzuzanya no gufatanya hagati y’umuhungu n’umukobwa mu bikorwa bahabwa.</p>

	<p>3. Gusoma no kwandika mu mukono amagambo arimo igihekane “nz/Nz”</p> <ul style="list-style-type: none"> - Guha urugero abanyeshuri uko bandika bakanasoma ijambo ryanditse ku kibaho mu mirongo y’inozamukono. - Gusomere hamwe n’abanyeshuri ijambo ryanditse ku kibaho no kubafasha kuryandika. - Gusaba abanyeshuri bose, umwe ku giti ke gusoma no kwandika amagambo yanditse mu makayi yayo. - Kugenzura uko abanyeshuri bandika amagambo banoza umukono. <p>4. Gusoma no kwandika mu mukono interuro irimo igihekane “nz/Nz”.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwandika mu mukono ku kibaho interuro hanyuma akayisomera abanyeshuri no kugaragaza uko buri jambo ryandikwa mu mukono. - Kuyobora abanyeshuri mugasomera hamwe interuro. Mugihe uyandika ku kibaho, yobora abanyeshuri bayandike mu makayi yabo - Gusaba abanyeshuri bose umwe ku giti ke gusoma no kwandika interuro zirimo igihekane nz mu makayi ye. <p>5. Gutondeka amagambo bagakora interuro bakayandika mu mukono.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwandika ku kibaho amagambo no gutanga urugero uko acurukurwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora nk’ibyakozwe bafatany n’umwarimu batahura igihekane nz. - Gukurikira urugero bahabwa n’umwarimu rw’uko bandika mu mukono bakanasoma igihekane nz gitangiye ijambo. - Gusomera hamwe n’umwarimu ijambo aberetse ryanditse mu bitabo byabo no kuryandika mu mukono mu makayi yabo. - Gukorera mu matsinda ya babiribabiri n’umwe ku giti ke basoma amagambo banditse mu makayi yabo. - Gukurikira urugero rw’uko basoma kandi bandika mu mukono interuro irimo igihekane nz yanditse ku kibaho. - Gusomera hamwe n’umwarimu interuro no gukurikira uko umwarimu abayobora mu kuyandika mu makayi yabo. - Umwe ku gitike nk’uko babisabwe n’umwarimu basoma banandika mu mukono interuro zirimo igihekane nz. - Gukurikira uko umwarimu atondeka amagambo agakora interuro. 	
--	--	--	--

<p>Isomo nyirizina: Iminota 25</p> <p>Inshamake: Iminota 2</p>	<p>- Gufatanya n'abanyeshuri bagacurukura amagambo bakora interuro ziboneye zirimu igihokane nz, bakazandika mu mukono bakanazisoma buri wese ku giti ke.</p> <p>- Gusaba abanyeshuri gutondeka amagambo bakora interuro ziboneye zirimu igihokane nz, bakazandika mu mukono bakanazisoma.</p> <p>- Kureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa ufasha abafite ibibazo byihariye.</p>	<p>- Gufatanya n'umwarimu bagacurukura amagambo bakora interuro ziboneye zirimu igihokane nz, bakazandika mu mukono bakanazisoma.</p> <p>Gutondeka amagambo gukora interuro ziboneye zirimu igihokane nz, bakazandika mu mukono bakanazisoma buri wese ku giti ke.</p>	
<p>-Isuzuma Iminota 8</p>	<p>- Gufatanya n'abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bize.</p> <p>- Guha abanyeshuri amabwiriza y'icyandikwa.</p> <p>- Gusaba abanyeshuri kwandika amagambo abiri arimo igihokane nz.</p> <p>- Gusaba abanyeshuri kuza kwandika mu mukono amagambo n'interuro no kuzabisomera abandi.</p>	<p>- Gafatanya n'umwarimu kuvuga muri make ibyo bibuka.</p> <p>- Gutege amatwi amabwiriza y'icyandikwa umwarimu atanga.</p> <p>- Kwandika banoza umukono amagambo abiri arimo igihokane nz.</p> <p>- Kuza gusomera abo babana amagambo n'interuro no kuzabisomera abandi.</p>	<p>Ubushobozi nsanganyamasomo: Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: bigaragarira mu mukoro mu gihe basomera abo babana agakuru.</p>
<p>Kwisuzuma (umurezi)</p>			

Umugereka wa 14. Urugero rw'isaranganyamasomo

Umwaka w'amashuri: 2019 **Igihembwe:** cya mbere **Ikigo:** GS IMPARIRWAKURUSHA **Isomo:** Ikinyarwanda
 Izina ry'umwarimu: SEBATTLEWARE **Ishuri:** Umwaka wa 5 w'amashuri abanza

Itariki	Umutwe	Umutwe w'isomo + Isuzuma	Intego (bikurwa mu nteganyanyigisho hagendewe ku rutonde rw'amasomo) + Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe Ubumenyi:	Imbonazamasomo + Uburyo bwo gusuzuma	Imfasha nyigisho	Ikitorerwa
Icyumweru cya 1 Kuva 14 -18 Mutarama	Umutwe wa I: Kwimakaza indangagaciro nyarwanda	Umutwe w'isomo rya I: Umwandiko ku gukunda igihugu:gusoma no gusesengura umwandiko(Gusoma)	Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: -Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumuzo n'isesekaza, -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro mu mvugo n'inyandiko biboneye. Ubukeshya: Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatumuzo n'isesekaza. Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye	- Gusoma ku giti ke - Kungurana ibitekerezo mu matsinda Uburyo bwo gusuzuma: kuvuga no kwandika	Ibitabo, inkora-nyamagambo, amashusho... Ibitabo, ibibaho, impapuro, . Ibikoresho by'iyumva-bona (radiyo, CD, terefone, terevizyo.....), . Ibindi bintu bifatika (imyamba, ibikoresho byo mu biro n'ibyo mu rugo: icyansi, igisabo, inka, umuheha, injishi, ...) . Umuriro, inyubako zujuje ubuziranenge ibikoresho (in-tebe, ameza), murandasi. Imbonera y'iko-sora	Isomo ryumvikanyeye neza. . Gufasha abagize ibibazo byihariye byatumye na bo bumva neza isomo . Isomo rizasubirwamo . . Guhindura amatariki y'ingengabyigwa bitewe n'ibyo abanyeshuri basanzwe bazi (ubumenyi bw'ibanze). . Kutigisha isomo ku gihe cyateganyijwe kubera iminsi mikuru, inama, ibiza... . Kutagira ibikorwa remezo n'ikoranabuhanga. . Kutagira imfashanyigisho zimwe na zimwe nk'ibitabo. . Kudahura kw'ibitabo n'ingengabyigwa
	Umutwe w'isomo rya 2: Umwandiko ku gukunda igihugu:gusoma no gusesengura umwandiko (Inyunguramagambo)	Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; Ubukeshya: Gushishikarira gukoresha ururimi rw'ikinyarwanda ataruvangira izindi ndimi;		-Gukorerwa mu matsinda bashaka ibisobanuro by'amagambo -Gukoresha amagambo yungutse mu mwandiko buri muntu ku giti ke Uburyo bwo gusuzuma: kuvuga no kwandika -Kwifashisha uburyo bw'akaririmbo Gukorerwa mu matsinda bashaka basobanurirana amagambo bungutse mu nteruro Uburyo bwo gusuzuma: kwandika Umwana asoma ku giti ke Uburyo bwo gusuzuma: kuvuga		
	Umutwe w'isomo rya 3: Umwandiko ku gukunda igihugu:gusoma no gusesengura umwandiko (Inyunguramagambo)	Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: Kwizihirwa no gukoresha ururimi rw' ikinyarwanda. Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye				
	Umutwe w'isomo rya 4: Umwandiko ku butwari: gusoma no kumva umwandiko	Ubumenyi ngiro: Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: Gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko.				

<p>Icyumweru cya 2 Kuva 21-25 Mutarama</p>		<p>Umutwe w'isomo rya 5: Umwandiko ku butwari: gusoma no kumva umwandiko</p>	<p>Ubumenyi: Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; gusoma no kwandika umwandiko yubahiriza utwatumaze Ubukeshya:Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwazo n'isesekaza.</p>	<p>- Gusoma umuntu ku giti ke - Kungurana ibitekerezo mu matsinda - Gusubiza ibibazo bijyanye n'ibyo basomye Uburyo bwo gusuzuma:kuvuga no kwandika</p>		
<p>Umutwe w'isomo rya 6: Umwandiko ku butwari: gusesengura umwandiko</p>	<p>Ubumenyi: Gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza indangagaciro nyarwanda mu bikorwa by'ubutwari by'Abanyarwanda bigaragara mu mwandiko Ubumenyi ngiro:Kugaragaza ibikorwa by'ubutwari bimuranga n'ibyo yitegura gukora. Ubukeshya: Gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko; - Kugaragaza imyitwarire ya gitwari.</p>	<p>- Gusubiriza mu matsinda ibibazo bijyanye n'ibyo basomye - Gukina ibivugwa mu mwandiko</p>				
<p>Umutwe w'isomo rya 7: Umwandiko ku butwari: kugaragaza impuzashusho n'imvugwakimwe</p>	<p>Ubumenyi: Gusobanura amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe Ubumenyi ngiro:Gutandukanya amagambo y'impuzashusho no gutanga ingero. Ubukeshya: Kumenya kunenga imikorereze itaboneye y'amagambo y'impuzashusho.</p>	<p>Uburyo bwo gusuzuma: kuvuga no kwandika</p>				
<p>Umutwe w'isomo rya 8: Umwandiko ku butwari : Kugaragaza impuzashusho n'imvugwakimwe</p>	<p>Ubumenyi: Gusobanura amagambo avugwa kimwe ariko adasobanura kimwe. Ubumenyi ngiro:Gutanga ingero z'amagambo avugwa kimwe no kuyakoresha neza mu nteruro. Ubukeshya: Kugaragaza umuco wo gukoresha amagambo akwiriye mu mvugo no mu nyandiko.</p>	<p>Gusubiriza mu matsinda ibibazo bijyanye n'ibyo basomye -Gukina ibivugwa mu mwandiko</p>				

<p>Icyumweru cya 3 Kuva 28/01- 01/02</p>	<p>Umutwe w'isomo rya 9 n'irya 10 : Kurwanya ruswa no gushaka ingingo z'ingenzi zigize umwandiko</p>	<p>Ubumenyi: - Gusobanura amagambo akomeye; - Gutahura ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko; Ubumenyi ngiro: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwato; -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; - Gushyira mu bikorwa ibyo yize bi- jyanze n'ingingo zo kurwanya ruswa. Ubukeshya: -Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwato n'isesekaza; -Gushima no kunenga abavugwa cyan- gwa ibivugwa mu mwandiko; -Kugira imyitwarire iboneye ashingiye ku kwigana ibyiza yabonanye bamwe mu banyarubuga, no kwirinda ibibi yabo- nanye abandi;</p>	<p>-Gukina umwandiko was- omwe bigana abakinankuru -Kujya impaka ku ngingo yo kurwanya ruswa; -Gukoreza mu matsinda bavumbura ingingo ziri mu mwandiko; Uburyo bwo gusuzuma: Kuvuga, Kwandika ibisubizo ku mwandiko Gukina inkuru</p>	
	<p>Umutwe w'isomo rya 11 n'irya 12: Gukorerwa mu mucyo n'ihinamwandiko</p>	<p>Ubumenyi: - Gusobanura amagambo akomeye; -Gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza indangagaciro nyarwanda mu mibanire y'Abanyarwanda bigaragara mu mwandiko; Ubumenyi ngiro: - Gusoma no kwandika umwandiko yubahiriza utwato; -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; -Kuvuga ibyo atekereza ku byo yasomye. - Guhina umwandiko Ubukeshya: -Gushishikarira gusoma no kwandika yu- bahiriza utwato n'isesekaza bikwiye; -Gushima no kunenga abavugwa cyan- gwa ibivugwa mu mwandiko; -Kugira imyitwarire iboneye ashingiye ku kwigana ibyiza yabonanye bamwe mu banyarubuga, no kwirinda ibibi yabonanye abandi.</p>	<p>Imbonezamasomo: - Gusoma buri wese ku giti ke - Kungurana ibitekerezo mu matsinda -Gusomera umwandiko mu matsinda banashakishi- riza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza ibibazo byo kumva umwandiko; -Gukina umwandiko was- omwe bigana abakinankuru -Gutondeka ingingo zigize umwandiko mu buryo bw'inurabwenge no kuwu- korera inshamake; Uburyo bwo gusuzuma: Kuvuga, Kwandika Gukina inkuru</p>	

Icyumweru cya 4 Kuva 04 /2 – 08/2	Umutwe w'isomo rya 13 Igitekerezo cyo muri rubanda: Gusoma no kumva umwandiko	Ubumenyi: -Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'isesekaza, -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; Ubukeshya: -Gushishikarira gusoma no kwandika yubahiriza utwatumye n'isesekaza. Ubumenyi: -Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; Ubukeshya: - Gushima no kunenga abavugwa mu gitekerezo - Kwitabira gukoresha ururimi rw'ikinyarwanda ataruvanga n'izindi ndimi.	Ubumenyi: -Gusoma umuntu ku giti ke - Gusoma mu matsinda - Kungurana ibitekerezo mu matsinda - Gusubiza ibibazo biyanyane n'ibyo basomye Uburyo bwo gusuzuma:kuvuga no kwandika - Gukorerwa mu matsinda bashaka ibisobanuro by'amagambo -Gukoresha amagambo yungutse mu mwandiko buri muntu ku giti ke Uburyo bwo gusuzuma:kuvuga no kwandika		
Umutwe w'isomo rya 14: Gusoma no gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda	Ubumenyi: -Gusobanura amagambo akomeye Ubumenyi ngiro: -Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko; Ubukeshya: - Gushima no kunenga abavugwa mu gitekerezo - Kwitabira gukoresha ururimi rw'ikinyarwanda ataruvanga n'izindi ndimi.	Ubumenyi: -Gushushanya no guhuza amashusho n'ibiri mu gitekerezo; kugikina bigana abakinankuru bavugwamo Uburyo bwo gusuzuma: kwandika ibisubizo no kuvuga - Gutondeka ingingo zigize igitekerezo cyo muri rubanda mu buryo bw'inyurabwenge no kugikorerwa inshamake Uburyo bwo gusuzuma: kwandika no kuvuga			
Umutwe w'isomo rya 16: Ingingo z'ingenzi z'umwandiko no guhina umwandiko	Ubumenyi: -Gushushanya no guhuza amashusho n'ibiri mu gitekerezo; kugikina bigana abakinankuru bavugwamo Uburyo bwo gusuzuma: kwandika ibisubizo no kuvuga - Gutondeka ingingo zigize igitekerezo cyo muri rubanda mu buryo bw'inyurabwenge no kugikorerwa inshamake Uburyo bwo gusuzuma: kwandika no kuvuga	Ubumenyi: -Gushushanya no guhuza amashusho n'ibiri mu gitekerezo; kugikina bigana abakinankuru bavugwamo Uburyo bwo gusuzuma: kwandika ibisubizo no kuvuga - Gutondeka ingingo zigize igitekerezo cyo muri rubanda mu buryo bw'inyurabwenge no kugikorerwa inshamake Uburyo bwo gusuzuma: kwandika no kuvuga			

<p>Icyumweru cya 5 Kuva 11 -15 Gashyantare</p>		<p>Umutwe w'isomo rya 17 Amagambo yabugenewe ku nka</p> <p>Umutwe w'isomo rya 18 & 19 Amagambo yabugenewe ku nka</p> <p>Umutwe w'isomo rya 20 Amagambo yabugenewe ku mata (Iri somo rifatanye n'irya 21)</p> <p>Umutwe w'isomo rya 21 Amagambo yabugenewe ku mata</p> <p>Umutwe w'isomo rya 22: Amagambo yabugenewe ku gisabo</p> <p>Isuzuma rikomatanya Umutwe w'isomo rya 23 & 24: Isuzuma rikomatanya</p>	<p>Ubumenyi: Gutahura amagambo yabugenewe ku nka Ubumenyi ngiro: Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: Kugaragaza umuco wo gukoresha amagambo anoze n'ubuhanga mu kuvuga no kwandika Ubumenyi: Gutahura amagambo yabugenewe ku nka Ubumenyi ngiro: Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: Kugaragaza umuco wo gukoresha amagambo anoze n'ubuhanga mu kuvuga no kwandika Ubumenyi: gutahura amagambo yabugenewe ku mata Ubumenyi ngiro: gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: kugaragaza umuco wo gukoresha amagambo anoze n'ubuhanga mu kuvuga no kwandika Ubumenyi: gutahura amagambo yabugenewe ku gisabo Ubumenyi ngiro: gukoresha amagambo yungutse mu nteruro Ubukeshya: kugaragaza umuco wo gukoresha amagambo anoze n'ubuhanga mu kuvuga no kwandika Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe Ubumenyi: Kugenzura niba abanyeshuri bazi gusesengura umwandiko n'igitekerezo cyo muri rubanda Ubumenyi ngiro: Kureba ko abanyeshuri bashobora gukoresha uko bikwiye amagambo aiyanyeye n'ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo. Ubukeshya: Gusuzuma ko abanyeshuri bafite ubushobozi bwo gutunganya neza umurimo yahawe.</p>			
<p>Icyumweru cya 6 Kuva 18-22 Gashyantare</p>						

Ibisobanuro by'amagambo amwe n'amwe

1. **Abanyarubuga:** characters (personnages)
2. **Amahame:** principles
3. **Amahange:** theories
4. **Ikivugwaho:** referent
5. **Imbamutima :** emotions
6. **Imbata nkomatanyo:** web diagram
7. **Imbata y'ibikorwa bya buri muni:** daily plan activities
8. **Imbata y'isomo:** lesson plan tamplate/ format
9. **Imbonezamasomo rusange:** general methodology
10. **Imbonezamasomo:** methodology
11. **Imbumbanyigisho:** topic area
12. **Imimaro y'ururimi:** functions of language (fonctions du langage)
13. **Iminozanganzo:** figurative languages (figures de style)
14. **Imisharabiko:** scribes
15. **Imisingi y'uburezi:** Foundations of Education
16. **Imvugakimwe/impuzanyito:** synonym (icumu=umunega)
17. **Imvugiro:** context
18. **Imvugwakimwe:** homophone (imbata: inyoni, plan)
19. **Imyifatire mbonezabupfura (ubukasha):** attitude and values
20. **Imyigishirize ishingiyeye ku nsanganyamatsiko:** thematic approach (approche thématique)
21. **Imyitozo mpamyanyigisho:**
22. **Imyitozo nshimangirabushobozi:** close exercise
23. **Imyitozo nyiganasomo:** microteaching
24. **Indanguruzi y'ubwumvane:** channel of communication (canal de communication)
25. **Ingengabyigwa:** content distribution
26. **Ingingo nsanganyamasomo:** crosscutting issues
27. **Inkubirahamwe:** overview
28. **Inkurikizo/ umumaro nkurikizo:** metalinguistics (métalinguistique)
29. **Inshoza:** notion, basic knowledge, concept
30. **Inyigisho:** subtopic area
31. **Inyoborabarezi:** teacher's guide
32. **Inzego z'ururimi:** Level of language
33. **Inzira mbonezasomo:** steps for teaching (démarche méthodologique)
34. **Inzira z'imyigishirize:** ways / approaches of teaching
35. **Inzira/ umuyoboro:** chanal (canal)
36. **Isaranganyamasomo:** scheme of work
37. **Ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho:** print rich classroom
38. **Ishushanyabikorwa:** actantial model (schéma actantiel)
39. **Isomo ntangarugero:** model lesson
40. **Isukiranyabitekerezo:** brainstorming
41. **Isuzuma rikomatanya:** summative assessment

42. **Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize:** formative assessment
43. **Iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi:** psychosocial development
44. **Itonde Nyamajwi Mpuzamahanga:** International Phonetic Alphabet (Alphabet Phonétique International)
45. **Itonde Nyamajwi Nyafurika:** African Phonetic Alphabet (Alphabet Phonétique Africain)
46. **Iyigandimi nyamuryago :** Sociolinguistics
47. **Iyigayigisha:** teaching methodology
48. **Iyimenyerezamwuga:** school attachment/ Teaching practice
49. **Iyumvabona:** audiovisual
50. **Mpisho/ mboneshwabwenge:** abstract (abstrait)
51. **Murandasi :** internet
52. **Ubujuanama ngarukirane:** constructive feedback (rétroaction constructive)
53. **Uburere mbonezabukungu:** financial education
54. **Uburyo bwo kwigisha:** methods of teaching
55. **Ubushobozi bw'ibanze:** basic competences
56. **Ubushobozi bw'ingenzi:** key competences
57. **Ubushobozi nsanganyamasomo:** generic competences
58. **Ubutumwa/ ingambo:** message
59. **Ubwumvane:** communication
60. **Umubumbabusa:** ∅
61. **Umudandure:** prose
62. **Umumaro nyabusizi:** poetic function (fonction poétique)
63. **Umumaro nyakubwirwa:** connative function (fonction connative)
64. **Umumaro nyakuvuga:** expressive function (fonction expressive)
65. **Umumaro nyakuvugwa/ nyakuvugwaho:** referential function (fonction référentielle)
66. **Umunyeshuri wimenyereza umwuga:** student-teacher
67. **Umuteguro w'isomo:** lesson plan (préparation détaillée)
68. **Umwivugisho:** monologue
69. **Ururimi mbonera:** standard language
70. **Ururimi shami:** dialect
71. **Utumamo:** da, ma, re, nyaa!....(dore **re!** Reka **da!** Arabikoze **nyaa!** Ngwino **ma!**)
72. **Uturango:** characteristics / features



